

# RENGERA UBUZIMA

# RENGERA UBUZIMA

ELLEN G. WHITE

# Igitabo cya 1

ITORERO RY' ABADVANTISTI

B'UMUNSI WA KARINDWI

MU RWANDA

B.P.367 Kigali

**Cyasobanuwe gikuwe mu gitabo**

**cy'Ikingereza cyitwa**

**Ministry of Healing**

**10M/5/89**

## IBIRIMO

1 KRISTO NTANANIRWA KUNGANIRA ABANTU....................4

2 IGIHE YAKORAGA UMURIMO WE.......................................... 9

3 KWIBERA MU BYAREMWE NO KUBANA N'Imana............ 18

4 YAMUKOZEHO AFITE KWIZERA.......................................... 21

5 IGITANGAZA GIKOMEYE: KUVURA

UMUTIMA W'UMUNTU ........................................................... 29

6 GUKORANA NA KRISTO NI UMUNEZERO

UKOMEYE MU MIBEREHO Y'UMUNTU................................40

7 GUKORANA N'MBARAGA IKIZA Y'Imana.........................46

8 GUKIZA INDWARA Y'IBYAHA

Y'IMITIMA N'IYTMIBIRI.......................................................... 53

9 KWIGISHA NO KUVURA: UMURIMO UTUMA

UBUZIMA BUGIRA AKAMARO......... .......................................60

10 GUFASHA ABAGERAGEZWA................................................. 72

11 KUNGANIRA ABABASWE N'INZOGA

N'IBINDI BIYOBYABWENGE .................................................. 77

12 KUNGANIRA ABATAGIRA AKAZI

N'ABATAGIRA AHO BABA....................................................... 84

13 GUFASHA ABAKENE BATAGIRA KIVURIRA....................... 94

14 GUHESHA ABAKIRE IMIGISHA.............................................98

15 GUFASHA ABARWAYI............................................................. 103

16 GUSENGERA UMURWAYI.......................................................105

17 GUKORESHA IMITINEZA............................ ............................ 110

18 KUVURA IBITEKEREZO...........................................................115

19 KWITEGEREZA IBYAREMWE............................................... 124

20 ISUKU ITERA UBUZIMA KUMERERWA NEZA..................127

## IGICE CYA 1

## KRISTO NTANANIRWA KUNGANIRA ABANTU

Kusto yaje muri iyi si ameze nk'umugaragu utananirwa kwihaganira umuntu. "Yishyizeho ubumuga bwacu yigerekaho n'indwara zacu." Matayo 8:17. Yaje gukuraho imitwaro y'indwara n'icyaha. Yazanywe no guhesha abantu amagara mazima, amahoro, n'imico itunganye. Nta muntu n'umwe wigeze amusanga ngo asubireyo atamufashije. Muri we harimo isoko y'imbaraga zikiza, kandi yakizaga abantu indwara z'umubiri n'iz'ibitekerezo n'iz'umutima.

Umukiza yari afite impuhwe zitagira ingano. Umurimo yakoraga wo gukiza abarwayi no kwigisha wari wagutse cyane, ku buryo abantu benshi bazaga aho ari batari kubona inzu n'imwe bakwirwamo muri Palesitina. Bamuzaniraga abarwayi aho yabaga ari hose, akarambika ibiganza bye ku mbabare zigakira. Amanywa yose yakoreraga abaje aho ari, maze nijoro akita ku bananiwe kuza aho ari ku manywa babitewe no kunganira imiryango yabo.

Yesu yashengurwaga n'inshingano yo gukiza abantu. Yari azi yuko abantu bose babasha kurimbuka hatagize igihinduka mu mahame agenga abantu. Nta muntu n'umwe wari gushobora uwo murimo. Yesu akiri umwana yagendaga wenyine, akomeza kugenda wenyine ari n'umusore, yarinze ab'umugabo akiri nyamwigendaho. Buri munsi yahoraga asakirana n'ibigeragezo kandi agahangana n'imbaraga y'umwanzi, nyamara ntiyigeze acogora

Mu bintu byose byamugeragaho mu mibereho ye yose, yahoraga akora ibyo se wo mu ijuru ashaka. Ubwo yari akiri muto, igihe nyina yamusangaga mu ishuri ry'abigisha b'Abayuda akamubwira ati "Mwana wanjye watugenje ute?" Icyo yamushubije ni cyo cyerekana uko imirimo yakoze mu

mibereho ye yari iteye. Yaramubwiye ati "Mbese ntimwari muzi ko ngomba kuba mu nzu ya Data?" Luka 2:48,49.

## Imibereho Yo Kwitanga Ubudatezuka

Yesu ntiyagiraga urugo, ahubwo inshuti ni zo zamugiriraga neza zikamugoboka. Yaje mu isi, abaho nk'abahanya, agendana n'imbabare. Kandi usibye no kumwubaha habe ngo hari n'uwarushyaga amumenya. Yahoraga anezerewe kandi akihangana, ndetse abanyamubabaro bamuramutsaga nk'intumwa y'amahoro. Yararikaga abantu bose ababwira ati "Nimunsange."

Yesu yakoreshaga igihe kinini avura abarwayi kuruta icyo yamaraga yigisha. Ibitangaza yakoze byahamije ko atazanywe no kurimbura abantu ahubwo ko yaje kubakiza. Aho yanyuraga hose, ibikorwa by'impuhwe ze byaheshaga abantu ubuzima bushimishije. Abantu bateraniraga kumva abaririmba bashimira Umwami Yesu ibyo yabakoreye. Ijwi rye ni ryo rya mbere abantu benshi bategeye amatwi, izina rye ni ryo jambo rya mbere abantu bavuze kuruta andi, kandi ni we muntu wa mbere abantu barebye kuruta abandi. Yari nk'isoko y'ubuzima ihesha abantu ubugingo n'umunezero. Abantu bari baheze mu mwijima, babonye umucyo mwinshi." Matayo 4: 15,16.

Umukiza yatangaga imigisha yo ku isi ituma indwara zikira, kugira ngo abone uko ategurira abagabo n'abagore ubutumwa bwiza bw'ubuntu bwe. Ijwi rye ryumvikaniraga mu nyanja, mu mabanga y'imisozi, mu nzira, no mu nsengero, asobanura Ibyanditswe Byera. Ibihe byinshi yigishirizaga ku marembo y'ingoro y'Imana, kugira ngo n'abatari Abayuda bumve amagambo ye.

Inyigisho za Kristo zari zitandukanye n'ibyo Abanditsi n'Abalarisayo bahoraga bigisha abantu. Kenshi abigisha bakuru b'Abayuda bashyiraga ibyanditswe n'abantu mu mwanya w'Ibyanditswe Byera. Kristo we yigishaga Ijambo ry'Imana.

Yasubizaga neza abamubaza ibibazo agira ati “Byanditswe ngo". Yamamazaga ubutumwa bwiza kandi akabwumvikanisha neza afite ubushobozi. Ntabwo abantu bari barigeze bumva Ijambo ry'Imana risobanurwa neza bene ako kageni.

Kristo yari Igikomangoma cyo mu ijuru, ariko yicishije bugufi afata kamere yacu, kugira ngo asange abantu aho bari. Abarwayi bazaga kumutegerereza aho yashoboraga kunyura, kugira ngo abarembarembyeho intoke bakire indwara zabo. Kandi si abarwayi gusa, ahubwo n'abantu benshi bashakaga kumva amagambo ye bazaga aho ari. Umwami w'icyubahiro wari wifubitse umwambaro woroheje wa kameremuntu yavaga mu mudugudu ajya mu wundi abwiriza ubutumwa bwiza kandi akiza abarwayi.

Igikomangoma cy'abigisha, yigishije ukuri mu buryo n'abantu benshi babayeho hanyuma bagiye babwakiriza yombi, kandi babwishimiye. Yigishaga inyigisho zidaca iruhande, ngatanga ingero n'ibyitegererezo mbonera, ndetse akavuga amagambo ateye ubwuzu kandi ashimishije, maze abamuteze umatwi bakagarura ubuyanja. Amagambo yose yavugaga yabaga yoroshye kandi avugitse neza.

Mbega ukuntu yahoraga ahihibikana akora imirimo ye! Buri munsi yahoraga yinjira mu mazu y'abakene n'abashengurwa n'ishavu, insuzugurwa akazibwira amagambo y'ibyiringiro, n'abababaye akabahumuriza. Kandi Yesu yushnkaga no kubana n'abakire ndetse n'abantu b'impuguke.

Yemeraga ko bamurarika akajya mu birori byabo, akimenyereza ibyo bishimira kugira ngo abone uko abahishurira ubutunzi butangirika.

Kristo yazanywe no kwerekana ko iyo abantu bakiriye imbaraga y'Imana bashobora kugira imibereho itanduye. Yasanze abagabo n'abagore mu bukene bwabo, amenesha

guhagarika umutima no gushidikanya byari byarababujije amahoro. Aho urwangano rwari ruri ahasakaza urukundo, n'abatari bafite kwizera abatera ibyiringiro.

Yabashaga kubwira abo yishimiye bose ati "Nimunkurikire," maze ijwi rye rikirukana umururumba no guharanira icyubahiro byabase imitima, maze abantu bagahagurukana akanyamuneza bakamukurikira.

**Ubuvandimwe Bushyitse**

Kristo ntiyigeze yemera ibyo kuronda ubwenegihugu, amoko, cyangwa se imyizerere y'abantu. Yazanywe no gusenya insika zose za gatanyamiryango, ngo yerekane yuko impano y'impuhwe ze n'urukundo rwe ari nk'umucyo utagira urubibi, n'ibitonyanga bivomera isi igahembuka.

Kristo yashyizeho idini itarobanura amoko. Ab'imbata n'ab'umudendezo bahurijwe mu buvandimwe bushyitse. Bose barareshya imbere y'Imana. Ntiyatandukanije abaturanyi n'abanyamahanga, kuri we inshuti n'abanzi ni kimwe. Nta muntu yigeze acaho avuga ko adafite agaciro, ahubwo yakizaga abantu bose, akigisha icyigisho gihuje n'igihe n'ibyo abo yigishaga bakeneye. Yashatse gutera ibyiringiro abafite imitima inangiye n'abihebye, kugira ngo bagirc imico yabatera kwifata nk'abana b'Imana. Kenshi Kristo yahuraga n'abadafite imbaraga yo gucika imitego ya Satani. Bene abo babaga baraciwe intege n'ibigeragezo no kugwa, yababwiraga amagambo yo ku bakomeza. Abandi barwanaga intambara y'inkundura n'umwanzi w'abantu, yababwiraga yuko bazatsinda, kuko abamarayika b'Imana babari iruhande ngo babunganire.

Abagabo n'abagore bifuzaga ko ababera ibyiringiro. Amagambo ye yagwaga mu mitima yabo ifite inyota akabatera imbaraga. Byabasubizagamo imbaraga nshya. Ababaga

barahawe akato babonaga uburyo bwo kugira imibereho mishya.

Yesu yifatanyaga n'Abasamariya, agahindura ubusa imihango y'ubwoko bwe bw' Abayuda. Yemeraga kurarikwa n'abo bantu b'insuzugurwa, akarara mu mazu yabo, agasangira na bo kandi akabakirana ubugiraneza bw'ikirenga n'urugwiro. Ubuntu bwe bwabagejejeho agakiza, kamwe Abayuda basuzuguye.

Ntabwo Kristo yigeze yirengagiza uburyo bwo kwamamaza ubutumwa bw'agakiza. Ubwo yari yicaye ku iriba ryitiriwe Yakobo, yatangaje umugore w'i Samariya wari uje kuvoma, igihe yamubwiraga ati "Mpa amazi yo kunywa."

Yashakaga inzira yo- kumugezaho ikiganiro cyo kumuhesha amazi y'ubugingo. Uwo mugore yaramubajije ati "Ibyo ni ibiki? Ko uri Umuyuda nkaba ndi Umusamariyakazi, uhangaye ute kunsaba icyo kunywa?" Yesu aramusubiza ati "Unywa kuri aya mazi wese arongera akagira inyota, ... ariko amazi nzamuha, azamubamo isoko idudubiza, imuhesha ubugingo buhoraho." Yohana 4:7-14.

Umugore asiga ikibindi cye ajya mu mudugudu, abwira inshuti ze ati "Nimuze murebe umuntu wambwiye ibyo nakoze byose! Aho ntiyaba ari we Kristo?" Yohana 4:29. "Benshi mu Masamariya ... bemera Yesu." Yohana 4:39.

Ni nde wabasha kugenekereza akamenya akamaro k’ayo mugambo uhereye icyo gihe cyose kugeza magingo aya?

Abantu bose bakingurira imitima yabo kwakira ukuri, Kristo aba yiteguye kubigisha. Arababwira nk'uko yabwiriye umugore ku iriba ati "Ni jye, tuvugana."

## IGICE CYA 2

## IGIHE YAKORAGA UMURIMO WE

Nyirabukwe wa Petero yari arwaye indwara imuhindisha umuriro, maze "babwira Yesu iby'uwo murwayi." Yesu " amufata ukuboko aramwegura, nuko muri ako kanya umuriro urazima." Mariko 1:30,31.

Inkuru zakwiriye hose vuba. Igitangaza cyakozwe ku Isabato, maze ku bwo gutinya abigisha bakuru b'Abayuda, rubanda ntibatinyuka kumuzanira abarwayi babo izuba ritararenga. Nuko izuba rirenze bazanira Umukiza abarwayi bahetswe ku mariri, n'abacumbagurika basindagizwa n'inshuti zabo. Bamusangaga ari urujya n'uruza. Ntabwo ab'I Kaperinaumu bigeze babona igihe nk'icyo. Wasangaga abakijijwe indwara baririmba indirimbo z'ibyishimo.

Yesu yahagaritse Jumurimo we amaze gusezerera imbabare iheruka. Bumaze kwira ni bwo abantu bari bamaze gutaha, Yesu na we abona kuruhuka. Ariko "igihe abo mu mudugudu bari bagisinziriye, Umukiza yabyutse mu rukerera, ajya ahantu hiherereye, arasenga." Mariko 1:35.

Mu gitondo kare Petero na bagenzi be basanga Yesu, bamubwira ko abantu bamushaka. Batangajwe no kumva amagambo Yesu yababwiye agira ati "Ngomba kubwiriza iby'ubwami bw'Imana no mu yindi midugudu." Luka 4:43.

Ntiyari anyuzwe no kwikururiraho abantu gusa nk'umuganga uvura indwara zisanzwe, ahubwo yashakaga kwireherezaho abantu nk'Umukiza wabo. Gukora neza umurimo wo mu isi gusa byari guhugabanya umurimo we. Ntabwo kwiyamamaza byigeze bihinguka mu mibereho ye. Icyubahiro abo ku isi baha abari mu myanya yo hejuru cyangwa abakire, byari nk'ikintu cy'inzaduka ku Mwana w'Umuntu. Byari byarahanuwe kuri we ngo "Ntazatongana, ntazasakuza

kandi ntazumvikanisha ijwi rye mu nzira... Azazana gukiranuka by'ukuri." Yesaya 42:2,3.

Abafalisayo bashakaga kwishyira imbere babikoresheje kurata ko bazi gusenga no kugira ibyo batanga. Imibereho ya Yesu ntiyagiraga amahuriro n'ibyo. Mu mibereho ye ntacyo yigeze akora ngo bakunde bamukomere mu mashyi. Kristo yari ahishwe mu Mana, maze Imana yigaragariza mu mico ye. Ntabwo Zuba ryo gukiranuka yatungutse ku isi ngo abantu batangarire icyubahiro cye nk'abatangarira umurabyo. "Azatunguka nk'umuseke utambika." Hoseya 6:3. Umucyo umurikira isi buhoro, ugatamurura umwijima isi igakanguka ikabaho. Bityo Izuba ryo gukiranuka ryararashe, "rifite gukiza mu mababa yaryo." Malakiya 4:2.

> "Dore umugaragu wanjye ndamiye' Uwo natoranije umutima wanjye ukamwishimira." Yesaya 42:1. "Jyewe Uwiteka naguhamagariye gukiranuka. Nzagufata ukuboko; nzakurinda nguhe kuba isezerano ry'abantu, no kuba umucyo uvira abanyamahanga, no guhumura impumyi, ukabohora imbohe, ugakura n'ababa mu mwijima mu nzu y'imbohe." Yesaya 42:6,7.

### Yohana Mubatiza Ntiyasobanukiwe

Igihe Yohana Mubatiza yari mu nzu y'imbohe aho yabohewe na Herode, yarashobewe asa n'ubuze uko agira, maze atuma abigishwa be babiri kuri Yesu ngo bamubwire bati "Mbese ni wowe wa wundi ugomba kuza cyangwa se dutegereze undi?" Matayo 11:3.

Umukiza ntiyahise asubiza icyo kibazo. Igihe bari bahagaze aho batangajwe n'uko atagize icyo abasubiza, babonaga abafite intimba baza aho ari. Ijambo rye no kubakoraho byahumuye impumyi. Ababaga benda gupfa bahagurukaga bafite imbaraga n'ubuzima buzira umuze.

Ababaga bararemajwe n'abadayimoni bumviraga ijwi rye, ibisazi bikabaguruka, bakamuramya.

Byakomeje bityo burinda kwira, abigishwa ba Yohana bakireba no kumva ibyo byose. Hanyuma Yesu abategeka kugenda ngo babwire Yohana ibyo babonye. Yongeraho ati "Hahirwa umuntu ibyanjye bidaca intege." Matayo 11:6.

Ibyo byari bihagije. Yohana yibutse ubuhanuzi bwerekeye Mesiya buvuga ngo: "Umwuka w'Umwami ari-muri jye, kuko Uwiteka yansize amavuta ngo mbwirize abagwaneza ubutumwa bw-iza; yantumye kuvura abafite imvune mu mutima, no kumenyesha imbohe ko zibohowe, no gukingurira abari mu nzu y'imbohe .... no guhoza abarira bose." Yesaya 61:1,2. Yesu yari Uwasezeranywe! Ubumana bwe bwagaragariye mu byo yakoreye abantu b'imbabare.

Yohana yabonye ukuri nk'ukwaje kuri Eliya mu butayu, igihe Imana yavuganiraga n'umuhanuzi "mu ijwi ryoroheje ry'ituza." 1 Abami 19:11,12. Yesu yagombaga gukora. Umurimo we, atabikoresheje guhirika intebe z'ubwami na bene zo, ahubwo leu bwo kuvugana n'imitima y'abantu akoresheje impuhwe no kwitanga. Ubwami bw'Imana ntibuza nk'ibigaragarira hanze, ahubwo ni Umwuka w'Imana ukorera imbere. Imbaraga zawo zigaragarira muri kamere y'umuntu itunganywa n'imico ya Kristo.

Ubukire cyangwa imyanya yo hejuru, ibikoresho bihambaye, ubwubatsi buhambaye cyangwa kurimbisha amazu, si byo ngombwa mu byo gushyira mbere umurimo w’Imana. Nta kintu cyakozwe n'ubuhanga bw'abantu gishobora kugira ubwiza bwagereranywa n'imico myiza ari yo mbuto ya Mwuka ukorera mu mutima w’umuntu.

Igihe Imana yoherezaga Umwana wayo ku isi yacu, yahaye abantu ubutunzi budashira. Wasa n'ubisuzuma, wasanga ubutunzi bwose abantu barundanije uhereye aho isi

yabereyebo ari amacuho, ubugereranije n'ubwo butunzi. Yesu yazanye mu isi urukundo rutagira akagero rw'ibihe byose; urwo ni rwo rukundo tugomba kwakira, tukarugaragaza kandi tukarukwiriranya: Tugomba gutandukana n'ab'isi kubera ko Imana yadushyizeho ikimenyetso, ikerekanira muri twe imico yayo y'urukundo. Umucunguzi wacu atwambika gukiranuka kwe.

Igihe Imana itoranya abagabo n'abagore ngo bayikorere, ntibanza kubaza ko ari abakire mu by'isi, ko bafite amashuri ahambaye cyangwa se ko bazi kuvuga neza. Ahubwo irabaza iti "Mbese bagendana kwicisha bugufi kugira ngo mbigishe inzira zanjye? Mbese nashyira amagambo yanjye mu kanwa kabo? Mbese bazanyerekana nk'uko bikwiriye?" Imana ishobora gukoresha umuntu wese ubikwiriye, igihe cyose ibasha gushyira Umwuka wayo mu mutima we.

## Ahagatira Abana B'Intama

Iyo Yesu yakoreraga imirimo ye mu mayira yo mu midugudu, ababyeyi bafite abana bato b'indembe babyiganaga n’abantu, bashaka guhagarara aho abareba. Nk'aho bacitse intege barihanganaga bagashaka Umukiza Iyo basubizwaga inyuma n'ikivunge cy'abantu, Umukiza yateraga intambwe abasanga. Iyo babonaga abarebana amaso y'impuhwe n'urukundo, basukaga amarira y'ibyishimo.

Hariho umubyeyi wari uhagaze ukwe, yitegereza Umukiza afite ibyiringiro. Nuko Umukiza aramubaza ati "Wifuza ko nagukorera iki?" Uwo mubyeyi amubwira icyo yifuza. Kristo aherako aterura akana k'indembe k'uwo mubyeyi. Akigatengamatira gahita gakira. Imivu y'ubuzima yongera gutembera mu mitsi y'ako kana, imihore y'ingingo zako yongcra kugira imbaraga. Umukiza asezerera uwo mubyeyi amubwiye amagambo yo kumuhumuriza; nuko muri uwo mwanya hakurikiraho ikindi kintu.

Twibanda cyane ku mibereho ikomeye ya Kristo no ku bitangaza yakoze, nyamara ukuntu yitaga ku bintu byoroheje ni cyo gihamya gikomeye cyerekana gukomera kwe.

Ku Bayuda ababyeyi bari bafite akamenyero ko gushyira abana baba umwigisha runaka ukomeye, kugira ngo abahe umugisha abarambitseho ibiganza. Ariko abigishwa b'Umukiza bibwiye ko umurimo we ukomeye cyane ku buryo utagomba kurogowa na bene ibyo. Igihc ababyeyi bazaniraga Kristo impinja zabo bifuza ko aziha umugisha, abigishwa be batekereje ko bitaribumunezeze. Nyamara Umukiza yari asobanukiwe n'umutwaro ababyeyi bari bafite wo kwita ku bana babo. Ni we ubwe wabihamagariraga.

Umubyeyi umwe ufite umwana we yavuye imuhira ajya kufeba Yesu. Ageze mu nzira abibwira umuturanyi, uwo muturanyi ngo abyumve na we yifuza gushyira abana be Yesu ngo abahe umugisha. Bikomeza kuba uruhererekane kugeza ubwo ababyeyi basanze Yesu ari benshi. Abana baba bamwe bari barenze ubutambambuga, bamwe bari bagimbutse abanda bajya kuba abasore. Yesu yari yumvise ib.yifuzo byabo n'amarira yabo maze abagirira impuhwe, ariko yari ategereje kureba ukuntu abigishwa be baribubagenze. Maze abonye abigishwa bacunaguza abo babyeyi niko kuvuga ati "Nimureke abana bansange; mwibabuza, kuko ubwami bw'Imana ari ubw'abameze nka bo." Mariko 10:14. Aterura abo bana arabahagatira, abaha umugisha bari baje gushaka.

Ababyeyi basubiye imuhira bakomejwe n'amagambo ya Kristo, kandi batewe inkunga yo kongera kwikorera imitwaro yabo banezerewe, no gukorera abana baba bafite ibyiringiro. Tubaye nk’abashobora kubona imibereho yo hanyuma y'abo bana, twashora kubona ababyeyi batekerereza abana baba iby’amagambo y'urukundo y'Umukiza. Mbega ukuntu kwibuka amagambo nk'ayo byafashije abo bana kugira ngo badateshuka inzira y'ukuri!

Muri ibi bihe Kristo aracyafasha ababyeyi nk'uko yajyaga abigenza igihe yajyaga ahagatira abana muri Yudeya. Abana bacu dukunda na bo yabacunguje amaraso ye nk'uko yayacunguje abana bo mu gihe cyashize. Yesu azi umutwaro utsika umutima wa buri mubyeyi. Yari afite umubyeyi wamenyereye ubuhanya no kutagira ibyo kumwunganira. Yagenze urugendo rurerure ajya kunganira Umunyakananikazi; yagaruriye umupfakazi w'i Naini umuhungu we w'ikinege; igihe Yesu yashengurwaga n'intimba z'ibyaha byacu ari kumusaraba, yibutse umubyeyi we; na n'ubu agahinda k'umubyeyi wese kamushengura umutima.

Mureke ababyeyi bashyire Yesu ibibabangamiye. Aracyabararikira kumushyira abana babo ngo abahe umugisha.

Mu bana bashyiriye Yesu, yabonyemo abagabo n'abagore bazaragwa ubuntu bwe n'ubwami bwe. Yari azi yuko abo bana bazumva ibyo avuga kuruta abakuze benshi. Uwo Mukiza, igikomangoma cyo mu ijuru, yashubije ibibazo by'abo bana kandi abigisha ibyigisho byoroshye bihuje n'ikigero cyabo. Yababibyemo imbuto z'ukuri zaje gukura zera imbuto zibahesha ubugingo buhoraho.

Ubwo Yesu yabwiraga abigishwa be ngo be kubuza abana kumusanga, yabibwiraga n'abamukurikira bo mu bihe byose, abayobozi bakuru b'itorero, abapasteri, n'abafasha umurimo w'Imana n'abakristo bose.' Aradutegeka – ati "Mwibabuza kunsanga." Ni nk'aho yavuze ati, bazaza nimutababuza.

Ntimukabuze abakiri bato gusanga Yesu mubikoresheje gukonja kwanyu cyangwa se umwaga. Ntimukabahe urwitwazo rwo kwibwira yuko ijuru ritababera ahantu h'umunezero muramutse muhari. Ntimukavuge idini nk'ikintu abana badashobora gusobanukirwa cyangwa se ngo mukore ibigaragaza ko bo badashobora kwemera Kristo bakiri bato. Ntimukagire ubwo mutuma abantu bibwira ko idini ya

Kristo ari iy'umubabaro, kandi ko umuntu usanze Umukiza agomba kureka ibintu byose byamutera umunezero.

Iyo Mwuka Muziranenge akabakabye ku mitima y'abana, bafatanya na we imirimo ye. Mwigishe abana yuko Umukiza abahamagara. Abarebana urukundo rutarondoreka. Ntiyita ku bana bateye imbabazi gusa, ahubwo n'abafite ingeso mbi abitaho. Ababyeyi benshi'ntibasobanukiwe n'inshingano bafite ku ngeso. Ariko Yesu arebana impuhwe abo bana. Arabarondora akamenya uko bazamera.

Umukristo abasha gukorera Kristo agarara ku Mukiza abahabye. Abasha kubakomeza no kubatera ibyiringiro maze akabona barahindutse, kugeza ubwo bazavugwaho aya magambo ngo: '-'Ubwami bw'Imana ni ubw'abameze nka bene aba."

## Agaburira Abantu Benshi Udutsima Dutanu

Abantu bahingitse umunsi wose bateze amatwi amagambo meza ya Kristo. Yari amagambo yoroshye kandi asobanutse, ameze nk'umuti ubomora inguma. Ibiganza bye by'Imana byari byakijije abarwayi bihembura n'abendaga gupfa. Uwo munsi wari wabaye nkaho ijum ryimukiye ku isi, kandi abantu ntibamenya igihe gihise uko kingana n'ubwo bari biriwe ubusa.

Igihe izuba ryajyaga kurenga, abantu bari bagicaracara aho. Hanyuma abigishwa babona ko icyaba cyiza ari uko iyo mbaga y'abantu yasezererwa. Benshi bari batagize icyo basamura kuva mu gitondo. Bashatse kubasezerera kugira ngo bajye aho bashobora kubona ibyokurya. Ariko Yesu arababwira ati "Mube ari mwe mubagaburira." Matayo 14:16. Maze Yesu akebuka Filipo aramubaza ati 'Turagura he ibyokurya kugira ngo tugaburire aba bantu?" Yohana 6:5.

Filipo yitegereza iyo mbaga y'abantu badendeje aho maze aramubwira ati "Nubwo twatanga idenariyo maganabiri (idenariyo yari igiceri gifite. agaciro kangana n'igihembo cy'umubyizi w'umuntu ukoresha amaboko), ntitwabona imigati ibahagije bona nubwo umuntu wese yafataho agace gato.

Yesu yabajijie ko muri abo bantu bose hari uwaba afite ibyokurya. Andereya aramusubiza ati "Flari umuhungu ufite utugati dutanu n'udufi tubiri, ariko se ibyo byamarira iki abantu bangana batya?" Yohana 6:9. Yesu ategeka ko babimuzanira. Amaze kubyakira, "areba ku ijuru abisabifa umugisha, maze asatagura udutsima aduha abigishwa, nabo baduhereza abantu bari bateraniye aho. Nuko bose bararya barahaga, bateranya ibisagutse byuzura inkangara cumi n'ebyiri." Matayo 14:19,20.

Yesu yakoze icyo gitangaza yigisha abantu icyigisho cyo kwiyoroshya. Iyaba muri iyi minsi abantu bari bafite ingeso zo kwiyoroshya, habonetse ibintu bihagije byo kunganira abantu mu byo bakeneye. Nyamara kwihugiraho nobgutegekwa n'inda byateje bamwe umurengwe, abanda birababakenesha. Impamba yoroheje yahagije abo bantu benshi bari bananiwe kandi bashonje, yerekanye imbaraga z'Umukiza n'uburyo yita ku bantu mu bintu rusange bakenera muri ubu bugingo. Umukiza ntiyasezeraniye abamukurikira imibereho y'iraha; ahubwo ijambo rye ryasezeranye ko bazahabwa ibyo bakeneye. Kandi yanabasezeraniye ko azajya abahora bugufi kugira ngo abahumurize. Iyo mbaga y'abantu imaze kugaburirwa, hasagutse ibyokurya byinshi. Yesu ategeka abigishwa be ati ≪ Nimuteranye ibisagutse, kugira ngo hatagira ikintu gipfa ubusa. ≫ Yohana 6: 12. Yigishije ibintu bibiri: Nta gikwiriye gupfa ubusa; kandi ntawukwiriye kwirengagiza ikintu cyose cyakunganira " ikiremwamuntu. Mujye muterateranya ibyakunganira abashonji bo ku isi. Dukwiriye guterateranya twitonze umutsima uva mu ijuru; nta kintu na kimwe Imana yaguze gikwiriye gutakara; nta n'ijambo na rimwe yavuze dukwiriye gukerensa.

## Kristo Yahoraga Yisunga Se, Natwe Ni ko Dukwiriye Kubigenza

Igitangaza cy'imigati cyigisha abantu kwisunga Imana. Kristo yari mu butayu ari kumwe n'abagabo ibihumbi bitanu, abagore n'abana batabazwe. Kubera amatsiko, abantu benshi bazaga aho Yesu ari ntawubararitse; nyamara yari azi ko bashonje, ko bari kure y'iwabo, kandi ko bwije. Uwari waramaze iminsi mirongwine mu butayu atarya kubera bo, ntiyajyaga kubemerera gusubira iwabo bashonje.

Yesu yisungagaga se wo mu ijum kugira ngo amuhe ibyo kunganira abababaye. Igihe tugeze mu mpatanwa. Tugomba gusaba ubufasha Imana nyir'ubutunzi bwose. Muri iki gitangaza, icyo Kristo yahawe na se yagihaye abigishwa be, abigishwa bagiha abantu, abantu na bo bagishyira bagenzi babo. Bityo rero abantu bose bunze ubumwe na Kristo baba umuyoranirijwe kuba imiyoboro imuhuza n'abantu.

Igihe abigishwa bumvaga Umukiza ababwira ngo mube ari mwe mubagaburira," barumiwe. Baribazaga bati “ubu se turajya mu birorero guhaha ibyokurya?" Ariko Kristo arababwira ati "Mube ari mwe mubagaburira." Abigishwa bazaniye Yesu ibyo bari bafite byose; ariko ntiyababwira ngo bicare bafungure. Yabategetse guhereza abantu. Ibyokurya byakomeje kwiyongerera mu biganza bya Kristo. Abigishwa be ntibamutegeraga amashyi ngo abure kuyuzuza. Utuntu duke twarabahagije bose. Igihe imbaga y'abantu yari imaze guhaga, ni bwo abigishwa basangiye na Yesu ibyokurya bohererejwe n'abo mu ijuru.

Iyo tubonye abahanya n'imbabare bamerewe nabi, kenshi turashavura, tukibaza tuti "amikoro yacu make yamara iki ku bukene bungana butya? Mbese ntitwategereza umuntu ufite ubushobozi bukomeye ngo azabe ari we uyobora uyu murimo?" Kristo aravuga ati "Mube ari mwe mubagaburira."

Mukoreshe amikoro n'uburyo mufite. Muzanire Yesu "imigati yanyu."

Nubwo amikoro yanyu yaba ahagije kugaburira umuntu umwe gusa, ibiri mu biganza bya Kristo bibasha guhaza benshi. Mutange ibyo mufite, Kristo azongera izo mpano. Nitumwisunga tuzagororerwa-gukiranuka.

"Kandi rero Imana ishobora kubagirira ubuntu cyane, kugira ngo murusheho gukora ibyiza byose, mufite ibibahagije muri byose .... Iha umubibyi rmbuto n'imitsima yo kumugaburira, ni yo izabaha, ibongerere imbuto mwabibye." 2 Abakorinto 9:8,10.

## IGICE CYA 3

## KWIBERA MU BYAREMWE NO KUBANA N'IMANA

Umukiza ari ku isi yakundaga kwibera mu byaremwe no kugirana umushyikirano n'Imana. Muri uwo mushyikirano aduhishurira ibanga ry'ubushobozi bw'imibereho y'umuntu. Yesu yari umuntu ukorana umwete. Nta Wundi muntu wigeze yitangira kugira umuhati wo kuruhira abandi nka we. Nyamara yari afite amagara mazima. Yashushanywaga n'igitambo cy'umwana w'intama "utagira inenge cyangwa ibara." 1 Petero 1:19. Ku mutima no ku mubiri yabaye urugero rwiza mu byo kumvira amategeko, nk'uko Imana ishakira abantu bose.

Yesu yari umuntu uhora ashaka kwisunga Imana. Nubwo yari umuntu woroheje kandi ntiyibonekeze, ubushobozi bwe butabasha guhishwa bwatangaje abantu.

Igihe Kristo yakoraga umurimo we, abatasi bahoraga bamwoga runono ngo bashake uko babona ibyo bamurega. Ariko abanyabwenge bo muri icyo gihugu ntibabonye aho bamuturuka. Batangajwe n'inyigisho ze. Ndetse byababaye ngombwa ka n'abanzi be bavuga bati "Nta wigeze avuga nk'uwo muntu." Yohana 7:46.

Mu mibereho ya Yesu ya gikene igihe yari umwana, ntiyigeze yanduzwa ingeso mbi n'urungano rwo mu gihe cye. Ubwo yakoraga mu ibarizo, ahigira kumvira no kumenyera umuruho, yagaruraga ubuyanja igihe yabaga areba ibyaremwe. Amasaha yamunezezaga cyane ni ay'igihe yabaga akitse imirimo asengera Imana mu bibaya bituje cyangwa sc mu ishyamba. Mugitondo cya kare, ibihe byinshi yabaga ari ahantu hiherereye yiga Ibyanditswe Byera cyangwa se asenga. Mu gihe igitondo cyabaga gitangaje wamubwirwaga no kuririmba. Kuririmba byatumaga yishimira imirimo ye, kandi abarushye n'abafite imitima icogoye bagakomezwa n'umunezero uva mu ijuru.

Akenshi ibyo Yesu yakoraga yabikoreraga ahabona. Aho yajyaga hose yagenzaga amaguru, kandi ibihe byinshi yigishirizaga ku gasozi. Yahamagaye intumwa cumi n'ebyiri ari munsi y'ibiti mu micyamu y'imisozi, ndetse ni na ho habereye cya kibwirizwa cyo ku musozi.

Kristo yakundaga gukoraniriza abantu hanze iyo ikirere cyabaga ari cyiza. Kubera ko yabaga akikijwe n'ibyo yaremye, n'imirimo y'intoke ze, yavuvunuraga ibitekerezo by'abantu ku bihimbano by'amanjwe, akabyerekeza ku mahame rusange. Bigiraga ku byaremwe ibyigisho by'ukuri kw'Imana. Mu minsi izaza abantu bazongera kwigira ku byaremwe inyigisho z'Umwigisha wavuye ku Mana.

Ibihe byinshi Yesu yarekuraga abigishwa be igihe runaka kugira ngo bajye gusura ingo zabo banaruhuke; ariko ibyo ntibyamubuzaga gukora. Nimugoroba cyangwa mugitondo kare yajyaga ku misozi agasenga Se. Ibihe byinshi nyina na bene se batinyaga yuko imirimo imunaniza agira,. kimwe n'impaka ahora ajya n'abigisha b'Abayuda, bizamuhitana. Ariko igihe yabaga avuye mu masengesho ya nimugoroba asoza umunsi, babonaga afite amahoro

n'imbaraga. Amasaha yamaranaga n'Imana buri gitondo ni yo yamushobozaga kugeza ku bantu umucyo wo mu ijuru.

## Igihe Cyo Kuruhuka

Igihe abigishwa ba Yesu bari bavuye mu rugendo rwabo rwa mbere rwo kubwiriza ubutumwa, bari bafite umunezero ushyitse nk'uw'integuza z'ubutumwa bwiza. Ariko urupfu rwa Yohana Umubatiza rwarababababaje cyane rubaca intege. Yesu yari azi yuko kureka Umubatiza akagwa mu nzu y'imbohe ari nk'ikigeragezo gikomcye ku bigishwa. Yarebye ukuntu bashavujwe n'amarira, abagirira impuhwe arababwira ati "Muze tujye ahantu hadatuwe hiherereye, muruhuke ho gato." Mariko 6:31.

Mu majyaruguru y'inyanja y'i Galilaya hari akarere keza kari ukwako. Kari gafite ubwatsi butoshyc alio abantu bashobora kuruhukira bihereye. Abo niho abigishwa bishimiye kubonanira na shebuja. Yesu yamaranye n'abakunzi be akanya gato gusa, nyamara ibihe nk'ibyo byari ingirakamaro! Baganiriye ibyerekeye ubutumwa bwiza, kandi abagejejeho ubutunzi bw'ukuri burabakomeza bubatcra n'ibyiringiro.

Ariko bidatinze abantu baramukurikira. Yifuzaga kubona nibura isaha imwe yo kuruhuka. Nyamara umwungeri mwiza yakundaga abantu bamufitiye inyota, akabagirira

impuhwe. Yarangije uwo munsi wose abunganira mu byo bakeneye, maze bugorobye arabasezerera ngo batahe baruhuke.

Nubwo yari afite imibereho yo kwitangira gushakira abandi ibyiza, Umukiza yabonye ko ari ngombwa kugira igihe kidapfa cyo kugirana umushyikirano na Se. Igihe yabwiraga abigishwa be ko ibisarurwa ari byinshi ariko abasaruzi bakaba bake, "ntarakabategeka gukora ubudahumeka, ahubwo

yabategetse "gusaba nyir'imyaka ngo yohereze abasamzi mu murima we." Matayo 9:38. Muri iki gihe arabwira abakozi be baguye agacuho ati "Nimuze ahiherereye ... muruhuke ho gato."

Abantu bose bakeneye igihe runaka gituje ngo bagire icyo batekereza, bagire icyo bigira ku byaremwe, no kugirana umushyikirano n'Imana. Bakeneye imibereho y'inararibonye yo kumenya iby'Imana ishaka. Dukwiriye kureka Imana ikavugana natwe. Igihe nta rusaku ruriho tukagirira ituza imbere y'Imana, umutima utuje utuma ijwi ry'Imana ryumvikana. Mu mihati yose igora abantu, ababona igihe cyo kugarura ubuyanja bashobora kunguka imbaraga n'ibitekerezo bishya. Imibereho yabo irahembuka, maze ikagaragaza imbaraga y'Imana ishobora gukiza imitima.

## IGICE CYA 4

## YAMUKOZEHO AFITE KWIZERA

Umugore w'umukene yamaranye indwara imuremereye imyaka cumi n'ibiri. Utwe twose yatumariye ku baganga, bamubwira ko atazakira. Ariko yumvise iby'Umuganga ukomeye, aribwira ati "Icyampa ngo mbashe kuvugana na we byonyine, nashobora gukira."

Kristo yari mu nzira agana kwa Yayiro umwigisha mukuru w'Abayuda gukiza umukobwa we. Igihe yariho agenda anyura mu kivunge cy'abantu bamuniganaho impande zose, Umukiza yageze iruhande rw'umugore wari ufite umubabaro. Uwo mugore yari yagerageje uko ashoboye ngo agere aho Umukiza ari, ariko ntiyabishobora. Ubwo rero yari abonye akito ko kumugeraho. Ku bwo gutinya ko yava aho asubira iwe nta cyo amumariye, uwo mugore akomeza kwatanya yibwira ati "Ninkora ku mwitero we byonyine ndakira!" Matayo 9:21.

Kristo yari azi ibyo uwo mugore yibwira byose, maze bituma amufasha gusohoza ibyo kwizera kwe.

Uwo mugore wari unezerewe yifuje kubona uko yamushimira ariko aratinya. Maze agerageza kwiyufura ngo ave mu bantu. Ako kanya Yesu arahagarara, arahindukira areba abantu, arababaza ati "Ni nde unkozeho?"

Petero amubazu atangara ati "Urabona abantu bagukikije uko bangana kandi bakubyiga, nawe ukarushya ubaza ngo ni nde unkozeho?" Luka S:45.

Yesu arakomeza ati "Hari uwankozeho, kuko numvise imbaraga imvuyemo." Luka 8:46. Yabashaga gutandukanya umuntu umukozeho afite kwizera no kumukoraho gusanzwe kw'abantu babyigana.

Ntabwo Kristo yapfuye kubaza umukozeho gusa. Yifuzaga kwerekana ko kwizera ari insiriri y'imbaraga ishobora gukiza indwara. Imana yagombaga guheshwa ikuzo n'ubuhamya bw' uwo mugore wari unezerewe. Uwo mugore ntiyari akwiriye kuyoberwa ko Umukiza azi iby'umubabaro we cyangwa se ka yemeye kwizera kwe. Ni cyo cyatumye Umukiza akomeza kubaza umukozeho uwo ari we.

Uwo mugore abonye ko atagishoboye kwihisha, aza imbere atengurwa asuka amarira y'umunezero abwira Yesu ko akize uburwayi bwe rwose. Yatinyaga ahari ko gukora ku mwambaro wa Kristo ari ikizira; ariko Yesu amusubizanya urukundo ati "Mukobwa wanjye, kwizera kwawe kuragukijije, genda amahoro." Luka 3.48. Amaze kumenya ko nta futi yagize rikwiriye kumutera ubwoba, arushaho kunezerwa.

Mu by'iyobokamana, gupfa gukoraho bitandukanye no gukoraho umuntu afite kwizera. Kwizera ko Kristo ari Umukiza w'abo ku isi byonyine ntibishobora gukiza umuntu. Kwizera guhesha umuntu agakiza si ukwemera ukuri

kw'ubutumwa bwiza gusa. Kwizera nyakuri ni ugutuma umuntu yakira Kristo nk'Umukiza we koko. Imana yatanze umwana wayo, kugira ngo niba "mwizera ntarimbuka, ahubwo mpabwe ubugingo buhoraho." Yohana 3:16. Mbeshwaho "no kwizera umwana w'Imana wankunze, akanyitangira." Abagalatiya 2:20.

Abenshi bafata kwizera nk'ikintu cy'ukuri kiri aho gusa. Kwizera guhesha umuntu agakiza ni uburyo butuma abakiriye Kristo bifatanya n'isezerano rituma bagirana isano n'Imana. Kwizera gushyitse ni imbaraga y'ibyiringiro bihesha umuntu ubushobozi bwo gutsinda. Kandi ubwo bushobozi butangwa n'ubuntu bwa Kristo. Kwizera kurusha urupfu imbaraga. Abarwayi baramutse bizeye Umuvuzi ufite ubushobozi, twabona ingaruka zitangaje mu. Buzima bw'umuntu, haba ku mubiri cyangwa se ku mutima.

Igihe dufasha ababaswe n'ingeso mbi, aho kubereka aho birukira bajya kurimbuka, tujye tubereka Yesu. Ibyo byabunganira kunita inkeke y'iterabwoba ry'imva ihora imbere y'abatagira ibyiringiro.

## Kwizera Gutangaje K'Umutware W'Abasirikari W'Umuroma

Umugaragu w'umutware w'Abasirikari yari arwaye indwara yo guhinamirana. Mu Baroma, abagaragu bari inkoreragahato, bakagurwa ndetse bakanagurishwa mu masoko, akenshi bagafatwa nabi. Ariko uwo mukuru w'abasirikari yari yitaye ku mugaragu we cyane. Yizeraga ko Yesu ashobora kumukiza. Nk'uko yari yarabibariwe, yabonye ko hari icyo umutima we wari ukeneye mu byo Kristo yigishaga. Nyamara yatekereje ko bitamukwiriye kwegera Yesu, ahubwo ko yabaza abayobozi b' Abayuda gusaba Yesu kumukiriza umugaragu.

Abakuru bagejeje ikibazo cye kuri Yesu, Ariko igihe Yesu yari mu nzira ajya mu rugo rw'uwo mutware, uwo mutware yamutumyeho ati “Ntibinkwiriye ko winjira iwanjye." Luka 7:6. Umukiza akomeza kugenda. Ngo uwo mutware abibone atyo, ni ko kwiyizira ngo yuzuze ibyo yamutumagaho maze aramubwira ati "No kuza kukwishakira nasanze bitankwiriye.” "Ahubwo tegeka gusa, umugaragu wanjye arakira. Erega nanjye ndi umuntu utegekwa, kandi mfite abasirikari ntegeka. Iyo mbwiye umwe muri bo nti genda, aragenda; nabwira undi nti ngwino, akaza; nabwira umugaragu wanjye nti kora iki, akagikora." Luka 7:7; Matayo 8:30.

"Mpagarariye ubutegetsi bw'i Roma kandi abasirikari ntegeka baranyubaha. Nawe uhagarariye ubushobozi bw'Imana ikomeye. Ushobora kwirukana indwara, ikakumvira."

Kristo aramubwira ati "genda, bikubere nk'uko wizeye. Uwo mwanya umugaragu we arakira." Matayo 8: 13.

Umutware w'abasirikari yagize icyo yivugaho agira ati "Ntibinkwiriye." Nyamara kandi ntaragatinya gusaba Yesu ngo amufashe. Ntabwo yiringiye ubugiraneza bwe, ahubwo yiringiye imbabazi z'Umukiza. Umuntu wese ashobora gusanga Kristo nk'uko uwo mugabo yamusanze. Imana "iradukiza, itabitewe n'imirimo yo gukiranuka, ahubwo ibitewe n'imbabazi zayo." Tito 3:5. Mbese wibwira ko udashobora kubona imigisha y'Imana bitewe n'uko uri umunyabyaha? Kristo yazanywe mu isi no gukiza abanyabyaha. Reba ku musaraba w'i Kalvari. Icyo twaheraho dutakamba ni uko tutagira kivurira. "Niba ubasha kwizera, byose bishobokera uwizera Imana." Mariko 9:23. Kwizera kuduhuza, n'ijuru bigatuma tubona imbaraga zo guhangana n'imbaraga z'umwijima. Imana yaduhereye muri Kristo uburyo bwo gutsinda ikibi cyose n'ibigeragezo byose nubwo byaba bikomeye bite. Abenshi bibwira ko badafite kwizera bigatuma bagumya kuba kure ya Kristo. Ntimukirebe, ahubwo mujye

mureba Kristo, Umucunguzi ukomeye. Mufate amasezerano ye nk'ibibabi by'igiti cy'ubugingo: "Uza aho ndi sinzamwirukana na hato." Yohana 6:37. Mumusange mwiringiye ko abakira kuko yabisezeranye. Ntibishoboka ko warimbuka uramutse ubigenje utyo.

None se "ubwo Imana iri mu ruhande rwacu, umubisha wacu ni nde? Mbese ubwo itimanye umwana wayo, ikamutanga ku bwacu twese, izabura ite kumuduhana n'ibindi byose?" Abaroma 8:31,32.

## Umubembe Utari Ufite Kivurira Akagira Kwizera Gutangaje

Mu ndwara zose zo mu burasirazuba, ibibembe ni byo byarushaga indwara zose kuba indwara ishishanye. Ku bwo kuba indwara idakira kandi yanduza byateraga ubwoba ndetse n'abantu b'intwari. Abayuda bavugaga ka ibibembe ari igihano cy'ibyaha. Kuko ari indwara icengera mu mubiri ntibabone uko bayirwanya, kandi ikica abantu, byatumye igereranywa n'icyaha.

Kubera amategeko y'imihango, ikintu cyose umubembe yakoragaho cyabaga gihumanye. Byatumaga umubembe ahabwa akato akavanwa mu muryango we agacirwa mu bandi bafite uburwayi nk'ubwe. Ndetse n'abami bafatwaga n'iyo ndwara. byababaga ngombwa ko bashyira hasi inkoni y'ubwami bakava mu bantu.

Umubembe yavaga mu nshuti ze no muri bene wabo, akikorera umuvumo we, akagenda mu nzira avuga ko ari umuntu wagushije ishyano, kugira ngo abo bahura batamwegera akabanduza. Abantu bahawe akato bagendaga bavuga inzira yose ngo "ndahumanye, ndahumanye," byateraga abantu ubwoba maze bakanga ababembe.

Igihe inkum y'ibyo Kristo yakoraga yageraga kuri izo mbabare, hari umwe wabyumvise bimutera kwizera. Ariko se yajyaga kugera kuri uwo muganga ate? Yaribazaga ati aho Kristo we ntiyamvuma nk'uko Abafarisayo n'abaganga bandi babigenza?

Yatekereje Ibyo yumvise bavuga kuri Yesu byose. Ngo nta n'umwe wigeze ajya kumusaba ubufasha ngo amwirukane. Nuko uwo muntu w'impezamajyo yiyemeza gushaka Umukiza. Yibwiraga ko abagha guhurira na we mu mayira yo ku misozi, cyangwa se akamusanga mu cyaro. Ibyo ni byo byiringiro yari afite gusa,

Ubwo umubembe? yari ahagaze kure, yumvise amagambo Umukiza avuga. Yabonye ibirema, n'impumyi n'abahinamiranye bitera hejuru bashimira Imana ko bacunguwe, maze kwizera kwe kuriyongera. Akomeza kugenda bulipro yegera aho Umukiza ari. Yibagirwa ibyo yabujijwe gukpra ndetse ntiyibuka n'uko rubanda babasha kumugwa nabi.

Yari nka baringa iteye ubwoba, maze ngo abantu bamukubite amaso ubwoba burabataha batangira kuvungagurana bakandagirana biruka bahunga. Bamwe bageragezaga kumubuza kwegera Yesu, ariko ntiyarushyaga abareba cyangwa ngo yumve icyo bavuga. Yumvaga gusa ijwi risubiza ubugingo mu bo urupfu rugera amajanja. Nuko yatanya agana kuri Yesu, amupfukama imbere aramutakambira ati "Nyagasani, ubyemeye Wabasha kumpumanura.” Matayo 8:2.

Yesu aramusubiza ati "Ndabyemeye kira." Nuko Yesu amurambikaho ikiganza, muri ako kanya umubembe arahinduka. Amaso ye aba mazima, imitsi ye irumva, n'imihore ye irakomera, imvuvu z'ibibembe ziba akari aha kajya he!

Iyo ba batambyi bangaga Yesu bamenya ibyabaye, bajyaga kumuciraho urubanza rubi. Yesu yifuza ko hafatwa undi mugambi. Nuko ategeka pwo pipgabo guhita ajya mu ngoro y'Imana ngo atange ituro, impuha zerekeye icyo gitangaza zitarakwirakwizwa hose. Abatambyi bari bategetswe gusuzuma utuye iryo turo ngo bemeze ko yakize koko.

Abatambyi baciriyeho umubembe iteka ryo gucibwa mu bantu, ni bo bahamije ko akize. Uwo muntu amaze gukira asubira iwe, yongera kubana n'abo mu karere k'iwabo. Yishimiye gusubirana imbaraga za kigabo. Ibinezaneza byamwibagije ibyo yamutegetse, agenda yamamaza hose iby'imbaraga y'uwamukijije.

**Uburyo Natwe Dushobora Gukizwa Nonaha**

Igihe uwo muntu yasangaga Yesu, ibibembe byari byaramurangije umubiri wose. Ariko Yesu ntiyandujwe n'uko amurambitseho ikiganza. Ni ko bimera no ku bibembe by'ibyaha. "Uhereye mu bworo bw'ikirenge ukageza mu mutwe nta hazima; ahubwo ni inguma n'imibyimba n'ibisebe binuka." Yesaya 1:5,6. Ariko Yesu waje guturana n'abantu nta kimwanduza. Umupfukamira wese akamutakambira amwizeye avuga ati "Nyagasani ubyemeye wabasha kunkiza," yakumva amusubiza ati "Ndabyemeye, kira."

Umubembe ntiyatinze guhabwa icyo yasabye. Iyo dusaba imigisha yo kuri iyi si, habaho ubwo twatinda gusubizwa, cyangwa se Imana ikaduha icyo tudasabye. Ariko si ko bigenda iyo dusabye gukizwa ibyaha. Imana ishaka kutuboneza no kudushoboza kugira imibereho myiza. "Umwana w'Imana aratwumva, iyo dusabye nk'uko ashaka. Kandi ubwo tuzi ko yumva icyo dusabye cyose, tuzi n'uko duhawe ibyo tumusabye." 1 Yohana 5:14,15.

Yesu yarebye abafite imitima ishenguka kandi bashaka banezerewe icyo umutima wabo wifuza, abararikira bose

kumushakamo uburuhukiro agira ati "Mwemere kuba abagaragu banjye, munyigireho; kuko ndi umugwaneza wiyoroshya, namwe muzaruhuka." Matayo 11:29.

Kristo avuganira n'abantu bose muri ayo magambo. Nubwo baba babizi cyangwa se batabizi, bose barananiwe kandi baremerewe n'imitwaro bashobora guturwa na Kristo wenyine. Umutwaro urusha yose kuremera ni icyaha. Uwatureka ngo twiyikorerere uwo mutwaro, wadushenjagura. Ariko Umuziranenge yarawutwikorereye. “Uwiteka yamushyizeho gukiranirwa kwacu twese." Yesaya 53:6.

Azatuvana umutwaro ku ntugu. Azaturuhura. Aturarikira kumukorera imitwaro yacu yose n'intimba zacu, kuko aduhoza ku mutima.

Mukuru wacu yicaye ku ntebe y'ubwami budashira. Kuko ari inararibonye, azi intege nice z'umuntu no gukomera kw'ibigeragezo duhura na byo, kuko "yageragejwe uburyo bwose nkatwe, uretse yuko atigeze akora icyaha." Abaheburayo 4:15. Mbese ujya ugeragezwa? Azagucungura. Ufite intege nke? Azagukomeza. Uri injiji? Azaguhugura. Warakomeretse? Azakomora.

Ereka Uwiteka ibyawe byose. Umutima wawe uzakomezwa no kwihangana, uzakingurirwa inzira ubone aho uhungira ibyago no gukorwa n'isoni. Uko uzarushaho kumenya ko utagira kivurira, ni ko uzarushaho gukomezwa n'imbaraga ze.

Impamvu runaka zibasha gutandukanya inshuti; ariko nta mpamvu iyo ari yo yose cyangwa ku ba Kure, bishobora kudutandukanya n'Umukiza. Aduhora iruhande kugira ngo adushyigikire, adukomeze kandi atunezeze. Ni amahirwe yacu kuguma mu rukundo rwe tuvuga tuti "Nzamwiringira kuko yamfiriye." Urukundo rw'abantu rubasha guhinduka, ariko urukundo rwa Kristo ntirugajuka.

## IGICE CYA 5

## IGITANGAZA GIKOMEYE: KUVURA UMUTIMA W'UMUNTU

Abenshi mu bazaga gusaba Kristo ubufasha babaga barwaye, kandi ntiyangagaga kubakiza. Umwe mu bigeze kuza kumusaba ubufasha yari ikirema cy' i Kaperinaumu. Uwo muntu yari ameze nk'umubembe kuko atari afite ibyiringiro byo gukira ubwo bumuga. Bavugaga ko indwara ye ari ingaruka y'ibyaha, maze imibabaro ye ikiyongera bitewe no kwiheba. Abafarisayo n'abaganga bari baramushwishurije ko atabasha gukira, ahubwo ko agomba gupfa azize umujinya w'Imana.

Nuko ngo yumve ibya Yesu, yizera ko ashobora gukira aramutse abashije kugera aho ari. Nyamara yumvaga abuze ibyiringiro iyo yibukaga inkuruzi y'uburwayi bwe; ariko kandi. ntiyigeze avirira igitekerezo cy'uko ashobora gukira. Cyane cyane icyifuzo cye gikomeye cyari ugukunvaho umutwaro w’ibyaha, ngo abone uko yagiririrwa imbabazi kandi agirane amahoro n'abo mu ijuru; kuko ari bwo yabashaga kwishimira iby'Imana ishaka, byaba kubaho cyangwa se gupfa.

Inshuti ze ziyemeje kumuheka ku buriri bwe ngo zimushyire Yesu. Ariko abantu benshi bari bakikije Umukiza ku buryo abo bantu batashoboye kumugezaho umurwayi, nta nubwo bashoboraga kumva n'ibyo Umukiza yavugaga. "Abafarisayo n'abigisha b'amategeko bari baturutse mu midugudu yose yo muri Galilaya no muri Yudeya n'I Yerusalemu bari bicaye aho," Abenshi bari baje ari ba maneko. Hari abantu bo mu nzego zose. "Kandi ububasha bw'Uwiteka bwari kuri we ngo akize abantu indwara."- Luka 5:17. Abafarisayo n'abaganga ntibari bazi ko Mwuka w'Imana ahari. Bumvaga batamukeneye bigatuma badashobora kugira uwo bakiza. "Abashonji yabahagije ibyiza, naho abakire abasezerera amara masa." Luka 1:53.

Icyo kirema cyitegereje aho Yesu ari gifite agahinda katavugwa. Uwo muntu yahaye inshuti ze inama yo kumujyana hejuru y'inzu; ngo bace umwenge mu gisenge maze bamwururukirize imbere ya Yesu.

Ibyo byarogoye ikiganiro cya Yesu. Umukiza agize atya abona umuntu umuhanze amaso nk'ufite icyo amusaba. Yahise amenya icyifuzo cy'uwo muntu. Kristo ni we wemeje ibitekerezo by'uwo muntu akiri imuhira. Kristo yitegereje ukuntu kwizera k'uwo muntu kwakomeje gukura kugeza ubwo abana ko umufasha umwe rukumbi w'umunyabyaha ari Kristo gusa. Kristo yireherejeho iyo mbabare, kugeza ubwo yumvise amagambo y'Umukiza aryoshye nk'indirimbo nziza ubwo yamubwiraga ati "Mwana wanjye humura, ibyaha byawe urabibabariwe." Matayo 9:2.

Nuko uwo murwayi yumva umutwaro w'ibicumuro bye umukuweho. Ni nde wahakana ko Kristo afite ubushobozi bwo kubabarira ibyaha? Uwo muntu yumva uburibwe burakize, maze imibereho ye yose irahinduka. Yiryamira aho atuje, anejejewe cyane n'ayo magambo, ntiyongera kugira ikindi asaba. Abantu benshi babirebaga bumvise ayo magambo ya Kristo abararika. Mbese. hari ahantu hazima bari bafite hatashegeshwe n'ibyaha? Nyamara Abafarisayo biburanyaga mu mitima bavuga bati "Uriya atewe n'iki kuvuga atyo? Arasebya Imana! Ni nde ubasha kubabarira abantu ibyaha atari Imana?" Mariko 2:7.

Maze Yesu arabitegereza aravuga ati "Icyoroshye ni ikihe? ni ukuvuga nti ibyaha byawe urabibabariwe; cyangwa nti byuka ugende? ariko mumenye yuko umwana w'umuntu afite ubutware mu isi bwo kubabarira abantu ibyaha." Nuko nbwira uwo muntu w' ikirema ati "byuka wikorere uburiri bwawe, utahe." Matayo 9:4-6.

"Ako kanya arabyuka, afata uburiri bwe, asohoka abantu bose bamureba, ku buryo bose batangaye cyane,

basingiza Imana bati nta na rimwe twigeze tubona ibintu nk'ibi." Mariko 2: 12.

Ijwi ryategetse ko umuntu waremwe mu mukungugu abaho, ni ryo ryagaruye ubugingo mu kirema. Kandi ubushobozi bwahaye umubiri ubugingo, ni bwo bwahembuye umutima. Gukiza umubiri cyabaye ikimenyetso cy'ubushobozi bwahembuye umutima.

Ikirema cyari gikeneye umutima muzima mbere yuko cyishimira ubuzima bw'umubiri. Mbere yo gukiza umubiri indwara, Kristo yagombaga kuhagira umutima ngo awumaremo ibyaha. Muri ibi bihe abantu ibihumbi bashengunva n'indwara z'umubiri bakeneye ubu butumwa ngo "ibyaha byawe urabibabariwe." Icyaha n'ibyifuzo byacyo bidahunikira kandi ntibicururuke, ni cyo. ntandaro y'indwara z'abantu. Amahoro abasha gutangwa n'umuvuzi w'imitima wenyipe, ni yo ashobora guhembura umutima no kugarurira umubiri ubuzima buzira umuze.

Ibyo gukiza ikirema byatumye abantu babona ko ijura ryakinguwe, maze bakerekwa ubwiza bw'isi itagira amakemwa. Uwo muntu amaze gukira anyura mu bantu atera intambwe za kigabo ahimbaza Imana, utamenya ko n'ubuririri yari atwaye buremereye; wabonaga abutwaye nk'ufashe ibaba mu ntoke. Nuko abantu bamubonye barumirwa barongorerana bati "Uyu munsi tubonye ibintu bitangaje!" Luka 5 :26.

Wa muntu wahoze ari ikirema asubiye iwe, habaye umunezero ukomeye. Ntibyoroheye ab'iwe gutinyuka kwizera ko ibyo babonye ari ukuri. Yari ahagaze imbere yabo ari umugabo ufite imbaraga, agenda akomeje, kandi agashingura adateguza. Mu maso he hari huzuye ibyishimo n'ibyiringiro; kuba umuntu uboneye kandi ufite amahoro byasimbuye ingaruka z'icyaha n'umubabaro byari byaramuteye kwiheba. Uwo mugabo n'umuryango we bari biteguye kwitangira gukorera Yesu.

"Mutima wanjye himbaza Uwitbkajntiwibagirwe ibyiza yakugiriye byose. Ni we ubabarira ibyo wakiraniwe byose, agakiza indwara zawe zose; agacungura ubugingo bwawe ngo butarimbuka; ... agatuma usubira mu busore bushya bumeze nk'ubw'ikizu." Zaburi 103:2-5.

**Umuntu Wari Umugaye Imyaka Yenda Kuba Mirongwine.**

I Yerusalamu hafi y'irembo ry'intama hari ikizenga, mu rurimi rw'Abayuda kikitwa Betesida. Cyariho amabaraza atanu. Muri ayo mabaraza hari abarwayi benshi, barimo impumyi, n'ibirema n'abanyunyutse babaga bategereje ko amazi yihinduriza." Yohana 5:2,3.

Mu bihe runaka amazi yajyaga yitera hejuru, kandi abantu bizeraga yuko ibyo biterwa n'imbaraga isumbye iy'abantu, yatumaga umuntu utanze abandi gukandagira muri nyo mazi akira uburwayi bwe. Ibyo byatumaga abantu benshi b'imbabare barwanira gutanguranwamo, ugasanga baribata nbatishoboye. Abenshi bagwaga ku nkombe y'icyo kizenga. Bari barahubatse utuzu two kunganira izo mbabare ngo ziticwa n’izuba ku manywa cyangwa se ngo ze kugagazwa n'imbeho n’ijoro. Bamwe bahoraga barara ku mabaraza barekereje kuiya mu kizenga, nyamara nta byiringiro byo gukira bari bafite.

Igihe Yesu yariho agendagenda asenga Imana ari wenyine yageze kuri icyo kizenga. Yahabonye imbabare nyinshi. Yifuje gukoresha ububasha bwe ngo akize buri murwayi wese. Kandi hari ku munsi w'isabato. Abantu bari mu mayira bajya mu rusengero kuramya Imana. Icyo gikorwa cyo gukiza cyajyaga guteza abantu imidugararo no gukoma mu nkokora umurimo we.

Ariko Umukiza yabonye umuntu wari waragowe bikabije, yari umugabo wari umaranye ubumuga imyaka mirongwitatu n'umunani. Bavugaga ko ku ruhande runini

indwara ye yari yarayitewe n'ingeso ze mbi. Uwo muntu utari ukiranganwa inshuti, yibwiraga ko n'Imana itakimugirira impuhwe. Yari amaranye ubwo bumuga imyaka myinshi. Ntiyagiraga gifasha. Yabonaga amazi yihinduriza, ariko akabura uwamusindagiza ngo amugeze ku nkombe y'ikizenga. Abamurushaga intege bamutangaga kujyamo. Imihati ye y'urudaca no guhora aterwa ikimwaro no kuruhira ubusa, byamucaga intege.

Maze umunyampuhwe amugeze iruhande aca bugufi aramubwira ati "Mbese urifuza gukira?" Nuko ayo magambo ayitaho. Uwo muntu yibwiraga yuko agomba gufashwa mu buryo runaka, ariko yongera gucika intege. Yagenderaga ku cyizere gito cy'uko ikizenga cyakongera kwihinduriza. Ku bwo gucogora avuga yirebera hirya ati "Mubyeyi, simfite umuntu wo kunshyira mu kizenga igihe amazi yihindurije, kuko iyo ngerageje kujyamo, undi aba yamaze kuntangamo." Yesu aramutegeka ati "Byuka, wikorere uburiri bwawe maze ugende." Yohana 5:6-8.

Uwo murwayi areba Yesu afite ibyiringiro bishya. Nta cyasaga n'ishusho ya Yesu n'amagambo ye. Urukundo n'ubushobozi byasaga nkaho ari we biturutseho. Kwizera kwe kwibanda ku magambo ya Kristo, maze akoresha ubushake bwe bwose kugira ngo yumvire. Abikoze, udutsi twose twumva n'imihore ye biba bizima. Ingingo ze zari zimaze iminsi zihinamiranye zirakora, aherako arahaguruka, atambuka ahimbaza Imana.

Uwo murwayi abasha kuba yaravuze ati "Nyagasani nunkiza, nzumvira ijambo ryawe." Iyo aza gushidikanya, ayo mahirwe amwe rukumbi yari asigaranye yo gukira aba yaramuciyeho. Ariko yizeye ijambo rya Kristo, yizera ko akize; uwo mwanya agerageza kugira icyo akora, ashatse kugenda arabibasha.

## Intandaro Y'Amahoro Ni Ukugarukira Kristo.

Kubera icyaha, imitima yacu yaguye ikinya. Nk'uko icyo kirema kitashoboraga kugenda, ni ko natwe tutakwishoboza rugira imibereho itagira inenge. Abenshi bashaka kugira imibereho inogeye Imana kandi bagaharanira kuyishyikira, ariko bikaba iby'ubusa. Mureke bene abo barebe ku Mana. Umukiza yita ku muntu yaguze amaraso ye akavuga ati 'Urashaka gukira?" Aragutegeka ngo uhaguruke. Ntugategereze kubanza kwiyumvamo ko umaze gukira. Izere ijambo ry'Umukiza. Shyira ubushake bwawe mu ruhande rwa: Kristo, kandi nukora ibyo agutegeka uzahabwa imbaraga. Nubwo umuntu yaba yarabaswe n'ibibi, ibyo ararikira bibi bikaboha umutima we n'umubiri, Kisto abasha kumukiza kandi arabishaka. Azabatura imbohe. zabaswe n'intege nke, n'amahirwe make, n'iminyururu y'ibyaha.

Icyaha cyahumanije amasoko y'ubugingo. Kisto aravuga ati "Nzagukuraho ibyaha byawe; nzaguha amahoro, naragucunguye, uri uwanjye. Ubuntu bwanjye buzakomeza ubushake bwawe bwacogoye. Nzagukuraho intimba z'ibyaha byawe." Igihe utewe n'ibigeragezo, igihe urushye ugacika. intege, igihe uri hafi yo gucogora, jya ureba Yesu, umucyo we uzirukana umwijima. Komeza ibyiringiro wahawe. Fata Yesu mu biganza wemere akuyobore. Ntukagire ubwo wibwira ko Yesu ari kure cyane. Ahora ari bugufi. Akunda guhora iruhande rwawe. Mushake, arifuza ko wagendana na we ngo ugirane na we umushyikirano uhamye.

## Akiza Umusambanyikazi.

Yesu avuye mu gisa n'urudubi i Yerusalemu, mu bantu bari bafite amatsiko, no mu bigisha bakuru b'Abayuda b'abahendanyi, yagiye ahantu hatuje ku musozi wa Elayono ngo yihererane n'Imana. Ariko mu gitondo asubira mu ngoro. y'Imana yigisha abantu.

Bidatinze baramurogoye. Haje agatsiko k'Abafarisayo n'Abanditsi bashoreye umugore wakutse umutima. Bamuregaga bafite ubukana bavuga ko yishe itegeko rya karindwi. Babwiranye Yesu uburyarya nk'abamwubashye bati "Mwigisha, uyu mugore yafashwe asambana. Mu mategeko, Mose yadutegetse kwicisha amabuye abakoze batyo. Mbese wowe urabivugaho iki?" Yohana 8:4,5.

Kwigira nkaho bamwubashye byerekanye ko bari mu gico cyo kwica Umukiza. Iyo Yesu ajya kurengera uwo mugore akavuga ko adakwiriye kugira icyo aba, bajyaga kumurega ko asuzugura amategeko ya Mose. Iyo avuga ko akwiriye kwicwa bajyaga kumurega ku Baroma ko yihaye gutegeka mu cyimbo cyabo.

Yesu yitegereje ibyo byose. Yarebye uwo mugore utengurwa wamazwe n'isoni, n'ibyo bikomerezwa bya ntambabazi bizinze umunya, maze asa nkaho atumvise icyo babajije; aca bugufi atangira kwandika ku butaka.

Abo barezi babonye asa. n'utitaye ku byo bamubwiye, baramwegera ngo bamubaze igituma asa n'utabitayeho. Ariko igihe bakubitaga amaso ku byo yandika, bahise babura icyo bavuga. Abo imbere yabo hari handitswe ibyaha byabo n'amafuti bakora mu rwihisho.

Yesu arunamuka yitegereza abo bakuru b'Abayuda bazanywe no kumucira ibico, aravuga ati "Udafite icyaha muri mwe, abe ari we ubanza kumutera ibuye." Yohana 8:7.

Ntabwo Yesu yigijeyo amategeko ya Mose, nta n'ubwo yasuzuguye ubutegetsi bw' Abaroma. Nuko abarezi batsindwa batyo. Ya makanzu yabo yo kwigira intungane ntiyagira icyo abamarira, maze bahagarara bafashwe n'igicumuro, batsindiwe imbere y'umuziranenge. Bacuritse amaso barahunga, basiga imbohe yabo imbere y'Umukiza w'Umunyampuhwe.

Yesu arunamuka yitegereza uwo mugore maze aravuga ati "Mugore, ba bandi bakuregaga bari he? nta n'umwe waguciriyeho iteka? Na we aramusubiza ati, nta we Databuja. Nuko Yesu aramubwira ati nanjye singuciriyeho iteka, igendere; uhereye ubu ntukongere gukora icyaha." Yohana 8:10,11.

Uwo mugore yari ahagaze imbere ya Yesu, ubwoba bwamuhamuye. Igihe Yesu yavugaga ati "Udafite icyaha abe ari we ubanza kumutera ibuye," uwo mugore yabyumvise nk'uciriweho iteka ryo gupfa. Yategereje igihano cye adakoma.

Uwo mugore yabonye abarezi be bagenda bashobewe. Maze yumva amagambo y'ibyiringiro ngo "nanjye singuciriyeho iteka, igendere; uhereye ubu ntukongere gukora icyaha. Yumvise umutima we utururutswe, apfukama ku birenge bya Yesu, amubwirana urukundo amagambo yo kumushima kandi yihana ibyaha bye abogoza amarira.

Kuri uwo mugore, iyo yabaye intandaro y'amahoro no kubaho neza, maze yiyegurira Imana. Ku bwo kuzanzamura uwo muntu waguye, Yesu yakoze igitangaza gikomeye kiruta icyo gukiza indwara zisanzwe; yakijije indwara y'umutima iteza urupfu rw'iteka ryose. Uwo mugore yarihannye, aba umwe mu bigishwa b'imena ba Kristo.

Yesu azi ingorane za buri muntu. Yita cyane ku muntu utagira kivurira ugundagurana n'imitego y'umwanzi. Impapuro zo kubohoza ubwoko bwe yazisinyishije amaraso ye.

Ntiyifuza ko abaguzwe igiciro nk'icyo batsindwa ngo barimbuke. Uyu munsi ahagaze ku ruhimbi rw'imbabazi, atura Imana amasengesho y'abifuza ubufasha bwe. Ntasubiza inyuma umuntu umusanze yicishije bugufi. Atanga imbabazi zisesuye. Umuntu wese ubishaka ashobora kwisunga imbaraga z'Imana.

Yesu yakira abamuhungiraho atitaye ku byo babarega no ku mpaka babagisha. Nta muntu cyangwa umumarayika mubi ushobora kubakoma imbere. Kristo abambika kamere ye y'imanamuntu. Amaraso ya Yesu "yuhagira icyaha cyose." 1 Yohana 1:7.

**Akiza Umuntu Uhanzweho N'ingabo Za Satani.**

Kristo yerekanye ububasha bwe bushyitse, igihe yategekaga umuyaga n'umuraba, n'igihe yakizaga abantu bahanzweho n'abadayimoni. Uwacecekesheje umuraba agatuma inyanja ituza ni we wahesheje amahoro imitima y'abantu bari baraboshywe na Satani.

Igihe Yesu yari mu rusengero rw'i Kaperinaumu, yahavugiye iby'umurimo we wo kubohora imbata z'ibyaha. Igihe yari akivugana n'abantu yaje kurogowa n'umusazi washakuje mu ijwi riteye ubwoba ati "Yesu w'i Nazareti, uradushakaho iki? Mbese wazanywe no kuturimbura? Nzi uwo uri we: ni wowe Muziranenge wavuye ku Mana!" Mariko 1:24.

Yesu akangara uwo mudayimoni ati "Hora, muvemo. Dayimoni amutura hasi hagati yabo, amuvamo, atagize icyo amutwara." Luka 4:35.

Uwo muntu yari yaratwawe umutima n'umunezero w'ibyaha, maze ahindura imibereho ye nk'agakinisho. Kutirinda n'ubupfapfa byahinduye kamere ye, maze Satani aramwigarurira. Yibutse ibitereko yasheshe. Igihe yari ageze aho yifuza gutanga ubutunzi bwe n'umunezero we ngo yongere abe umuntu, umwanzi yaramwifatiye amuhindura nk'utagira kivurira.

Ageze imbere y'Umukiza yifuje kubaturwa, ariko dayimoni arabirwanya. Igihe uwo mugabo atakambiye Yesu ngo amufashe, umwuka mubi yamuvugiyemo. Uwo muntu wari wararitswemo n'abadayimoni yari azi ho igice ko ari

imbere y'ubasha kumubatura; ariko igihe yari agerageje kwegera ikiganza cy'Ishoborabyose, ubushake bw'undi buramukomeza, amagambo y'undi yumvikana mu kanwa ke.

Byasaga nk'aho uwo muntu washegeshwe abasha gupfe arwana n'umwanzi wangije ubusore bwe. Ariko Umukiza yavuganye ubutware aramubatura. Abantu batangajwe no kubona uwo muntu abahagaze imbere ari umuntu wigenga ukize ububata. Yaranguruye ijwi ahimbaza Imana kubera ko imukijije. Amaso yari yarakuwe imutwe n'ibisazi arebana ubwenge ari na ko atembamo amarira y'ibyishimo. Abantu bavuye mu kayubi ko kumirwa barabazanya bat'i "ubonye ukuntu ategekana ububasha n'ingabo za Satani zikamwumvira!" Mariko 1:27.

Muri ibi bihe abantu benshi babaswe n'imbaraga z'imyuka mibi nk'uko zari zarabase wa mugabo w'I Kaperinaumu wari warahanzweho n'abadayimoni. Abantu bose birengagiza amategeko y'Imana nkana, baba bishyira mu butegetsi bwa Satani. Akenshi umuntu arushaho kwimenyereza ikibi yibwira ko abasha kugicikaho bimworoheye; ariko yajya kureba agasanga ategekwa n'ubushake burusha ubwe gukomera. Ntabashe kubwivuvunura. Icyaha yakoze rwihishwa cyangwa umujinya w'umuranduranzuzi, bibasha kumubata agasa nk'umuntu utagira gifasha, kimwe n'umwe w'i Kapererinaumu wari warabaswe n'abadayimoni.

Nyamara ntarakabura kivurira. Umuntu wese afite umudendezo wo kwihitiramo ubutware bwo kumutegeka. Nta bantu bigeze bagwa ngo bigeze aho Kristo adashobora kubacungura. Yumvise gutakamba k'uwo muntu wari imbata y'abadayimoni. Igihe umuntu ukeneye Kristo wese amutakiye, nubwo yananirwa kubivuga neza mu magambo, Kristo ntabrra kumwitaho. Abemera kugirana amasezerano n'Imana ntibatereranwa ngo baheranwe n'imbaraga za Satani, cyangwa se ubumuga bwa kamere zabo.

"Mbese abakomeye bakwamburwa ibyo banyaze ku muheto; cyangwa se abajyanywe ari imbohe bazira ukuri barekurwa? Ariko Uwiteka aravuga ati abajyanyweho imbohe n'abakomeye na bo bazakurwayo; kandi iminyago y'abanyamwaga izarekurwa; kuko ari jye ukurwanira n'ukurwanya, kandi nzakiza abana bawe." Yesaya 49:24,25.

**Kwamamaza Imbaraga Za Kristo.**

Abakurikira Kristo bakwiriye kumenya ko Satani ari umwanzi waneshejwe. "Dore mbahaye ubutware bwo kujya mukandagira inzoka na skorupiyo n'imbaraga z'umwanzi zose, kandi nta kintu kizagira icyo kibatwara rwose." Luka 10:19.

Imbaraga ishobora byose ya Mwuka Muziranenge ni intwaro y'umuntu wese wicisha bugufi. Nta n'umwe wihannye by'ukuri kandi afite kwizera wasaba kurindwa ngo Kristo areke ahitanwa n'imbaraga z'umwanzi. Ni koko Satani afite imbaraga, ariko dushimire Imana ko dufite Umukiza ufite ububasha bwamushoboje kumenesha umubi mu ijuru. Satani aranezerwa igihe turata imbaraga ze. Ariko se kuki tutakwamamaza imbaraga za Kristo n'urukundo rwe?

Umukororombya W'isezeran'o uzengurutse intebe y'Imana, werekana ko Imana itabasha gutererana abana bayo barwana n'umubi.

## IGICE CYA 6

## GUKORANA NA KRISTO NI UMUNEZERO UKOMEYE MU MIBEREHO Y'UMUNTU

Nyuma y'umuraba wa nijoro wabereye mu nyanja y'i Galilaya, Yesu n'abigishwa be bageze mu mwaro w'inyanja. Bakigera ku nkombe bahuye n'ingorane ziruta iz'umuraba w'inyanja yarubiye. Abasazi babiri baturumbukiye aho bari basa n'abashaka kubashwanyaguza. Barangwaga n'ibice by'iminyuniru yari ibaboshye bataracika ngo bave aho bari babohewe. Imibiri yabo yari yuzuyeho inguma n'amaso yabo arangwa n'ubukana. Cyane cyane basaga n'inyamaswa z'inkazi aho gusa n'abantu.

Abigishwa bababonye barahunga, ariko bakebutse basanga Yes'i atari kumwe na bo. Yari agihagaze aho bamusize. Uwacecekeshejc umuraba ntahunga abadayimoni. Igihe abo basazi bari bateye Yesu bahekenya amenyo, yashyize hejuru kwa kuboko yatunze ku muraba ugatuza, maze ategeka imyuka mibi kubasohokamo. Abo banyamahirwemake basobanukiwe nuko bari hafi y'ushobora kubakiza abadayimoni. Bikubise imbere y'Umukiza baramupfukamira, bamwingingira kubagirira imbabazi. Ariko igihe bari babumbuye iminwa abadayimoni baba ari bo basubiza bavuga bati “Uradushakaho iki Yesu Mwana w'Imana? Mbese uzanywe hano no kutwica urubozo igihe cyacu kitaragera?" Matayo 8:29.

Imyuka mibi yategetswe kuva mu bo yagize imbata, maze habaho guhinduka gutangaje muri abo yari yarigaruriye. Batangira kureba nk'abafite ubwenge, ya maboko yahoraga amena amaraso aratuza, maze abo bagabo bahimbaza Imana.

Ako kanya abadayimoni binjira mu mukumbi w'ingurube baziroha mu irimbukiro. Ngo abashumba bamare kumva ayo makuru, rubanda mhombokera aho Yesu ari. Abo

bagabo bombi bari barakuye umutima igihugu cyose, bari bicaye imbere ya Yesu, bumva ibyo avuga.

Ariko abarebaga icyo kintu gitangaje ntibanezerewe. Kubura ingurube byababereye ikintu - gikomeye kiruta gucungura abo Satani yagize imbata. Abo bantu bakoranira aho Yesu ari, baramwinginga ngo abavire ku musozi; na we akora uko bamusabye.

Igitekerezo cy'abo bantu cyari gitandukanye cyane n'icy'abo Yesu yakijije. Igihe Yesu yari agiye kujya mu bwato, abo yakijije bamugumye iruhande bamusaba kuguma hafi ye. Ariko Yesu abategeka kujya iwabo ngo bavuge ibintu. bikomeye Imana yabakoreye.

**Umurimo Ukomeye W'Abahamya Babiri Batigishijwe.**

Umurimo bahawe gukora wari uwo kujya muri bene wabo b'ababapagani ngo bababwire ibya Yesu. Kumara iminsi bataba mu bantu byatunrye bagaragara ko badashoboye uwo murimo, ariko Yesu aberctse icyo bakora baba biteguye kumwumvira. Ntabwo babwiye ibya Yesu abo mu ngo zabo n'abaturanyi babo gusa, ahubwo bahetuye Dekapoli yose bamamaza imbaraga ya Yesu ikiza, no gusobanura uko yabirukanyemo abadayimoni. Abantu b'i Geregesa ntibakiriye Yesu, ariko ntarakabarekera mu mwijima bihitiyemo. Bari injiji kuko batari bazi icyo basuzuguye icyo ari cyo, ni cyo cyatumye abohereza abo batari kwanga gutega amatwi ngo babe ari bo babamurikira.

Wari umugambi wa Satani kugira ngo ubutumwa bwiza butabwirizwa muri ako karere. Kurimbura ingurube byateye abo muri icyo gihugu kutagira ikindi bakora kitari ugukurikirana ibya Kristo. Abantu yakijije ni bo bakomeje guhamya imbaraga ze, baba imiyoboro y'umucyo n'intumwa z'Umwana w'Imana. Igihe Yesu yari asubiye muri Dekapoli,

abantu benshi bateraniye aho ari, maze abantu ibihumbi bumva ubutumwa bw'agakiza.

Abo bantu babiri bakijijwe abadayimoni bumvise amagambo ya Kristo akanya gato gusa. Ntibashoboraga kwigisha abantu nk'uko abigishwa babanaga na Kristo buri munsi bashoboraga kubigisha. Ariko bashoboraga kuvuga ibyo biboneye n'ibyo biyumviye kimwe n'icyo imbaraga za Kristo zabamariye. Icyo ni cyo umuntu wese ashobora gukora.

Ubutumwa bwiza bugombagutangwa kugira ngo bube imbaraga ihoraho yo guhindura imibereho y'umuntu. Kubw'ubuntu bw'Imana abagabo n'abagore babasha kugira imico nk'iya Kristo kugira ngo babone uko bishimira kurindirwa mu rukundo rwe. Imana inezezwa no kubona abakira agakiza bose basa n'abana bayo koko.

Iyo abanyabicumuro bihannye bakisubiraho, Imana ibaha Mwuka wayo maze ikabona kubohereza mu rugerero rw'abadakiranuka kugira ngo bababwire iby'imbabazi zayo. Abantu bacupiye bagahinduka ibikoresho bya Satani barahinduka maze bakoherezwa kuvuga ibintu bikomeye Imana yabakoreye.

## Impano Y'Ubutumwa Bwiza Si Umunezero Wo Kwihereranwa

Guhamya gukiranuka kw'Imana ni igikoresho ijuru iyatoranirije kugira ngo ab'isi bamenye Kristo. Iyo tugaragarije mu mibereho yacu imbaraga y'Imana tuba duhamije iby'Imana. Umuntu wese afite imibereho itandukanye n'iy'abandi bose, akagira n'inararibonye yihariye. Iyo duhimbaza Imana tubikuye ku mutima kandi tukagira imibereho nk'iya Kristo, tugira imbaraga itabasha kugira icyayikoma imbere.

Jya uhora wibuka impano Imana yaguhaye. Imigisha mito duhabwa n'Imana ni yo idufasha kuruta ibitekerezo

dusoma by'ibyabaye ku bandi. Umuntu wakira ubuntu bw'Imana azamera nk'umurima uvomerwa. Icyubahiro cy'Imana kizamugaragaraho.

"Ibyiza Uwiteka yangiriye byose, ndabimwitura iki? Nzakira igikombe cy'agakiza nambaze izina ry'Uwiteka. Nzahigura Uwiteka umuhigo wanjye, ni koko nzawumuhigurira mu maso y'ubwoko bwe bwose." Zaburi 116:12-14. "

"Nimushime Uwiteka mwambaze izina rye; mwamamaze imirimo yakoze mu mahanga. Mumuririmbire, mumuririmbire ishimwe. Muvuge imirimo itangaza yakoze yose." Zaburi 105:1,2.

Ubutumwa burarika abantu bukwiriye kugezwa kuri bose. Imana iduha impano zayo kugira ngo dutume ziyongera igihe tuzisaranganya n'abandi. Umusamariyakazi waganiriraga na Yesu ku iriba ryitiriwe Yakoba, yerekanye ko Arusha abigishwa ba Yesu kwamamaza ubutumwa. Abigishwa nta kintu na kimwe babanye muri Samariya cyerekanaga ko Samariya ifite ubwuzu. Nyamara umugore bakerensaga ni we watumye abaturanyi bose bumva ibya Yesu.

Umwigishwa w'ukuri wese wo mu muryango w'abemera ubwami bw'Imana ni umubwirizabutumwa. Ukuri gukiza imitima ntigukwiriye guhcra mu mutima. Unywa ku mazi y'ubugingo ahinduka isoko y'amazi y'ubugingo. Uhawe aratanga, isoko yuzuye ubuntu bw'Imana ikavomera imitima y'abari hafi yo kurimbuka.

Imana ibwira abakira ubuntu bwayo iti "Unyizera, imigezi y'amazi y'ubugingo izamutembamo, nk'uko Ibyanditswe bivuga." Yohana 7:38. "Imirima imaze kwera ngo isarurwe! Umusaruzi ahabwa ibihembo, ateraniriza imyaka ubugingo buhoraho." Yohana 4:35,36.

Ubwo igihe cyari kigeze ngo Yesu asige abigishwa be, yabahaye.ubushobozi bwo gukomeza umurimo we bakoresheje izina rye. Umukiza yabasezeraniye ko azabana na bo ibihe byose.

Yagombaga kubana na bo cyane mu buryo bwa Mwuka, kuruta uko yabanaga na bo akiri kumwe n'abantu. Umurimo abigishwa be bakoze natwe tugomba kuwukora. Tugomba gukora tutikanyiza kugira ngo twunganire imbabare.

Abantu bose bashobora kugira icyo bakora Nta bakwiriye kwibwira ko badafite icyo bakora. Umukiza ashyikirana n'umuntu wese. Yahindutse umwe wo mu batuye ku isi, umuvandimwe wa bene Adamu bose. Abantu be basize umuryango ukomeye, abo mu ijuru bakabareba nk'abavandimwe b'abanyabyaha n'ab'intungane.

Abantu benshi ntibari bumva uko urukundo Kristo abakunda rungana. Mbese twabakorera iki? Itegeko Kristo akoresha aca imanza ni iri ngo "Ibyo mushaka ko abantu babagirira, mube ari byo mubagirira namwe." Matayo 7:12. Turimo umwenda w'abo tugira icyo turusha: abo turusha ubwenge n'inyigisho za gikristo, tukaba turi inararibonye mu by'itorero; mu gihe cyose tubishoboye dukwiriye kubunganira.

Abamarayika bahora baboneka aho bakenewe cyane, ku bantu bari ku' rugamba rukomeye rwo kurwanya inarijye. Bita cyane ku bantu b'abanyantegenke bafite ingeso nyinshi zitagondeka. Gukorera abantu babaye akahebwe kandi bafite imico idashobotse ni umurimo utagira amakemwa ukorwa n'abaziranenge bo mu ijuru.

Yesu ntiyabonye ko ijuru ari ahantu yakwifuza kugundira turamutse turimbutse. Uwari umukire mu butunzi bwo mu ijuru yahindutse umukene, kugira ngo ubukene bwe budutungishe. Dukwiriye kugera ’kirenge mu cye. Umwana w'Imana yireba nka kamwe mu migabanc igize umunyuruni wo

kurohora isi, maze akajyana na Kristo gushaka no gukiza abazimiye.

### Uko Umuntu Yagera Ikirenge Mu Cya Yesu.

Benshi bibwira yuko ari amahirwe akomeye gusura aho Kristo yabaga akiri ku isi, ngo banyure mu nzira yajyaga anyuramo, barebe ibiyaga yajyaga yigishirizaho, n'imisozi n'ibibaya yajyaga akunda kureba. Nyamara ntabwo tugomba kujya i Kaperinaumu cyangwa i Betaniya ngo dukunde tugere ikirenge mu cya Yesu. Tubasha kugera ikirenge mu cye dusura abarwayi, twunganira abakene, dusura ibirorero bituwe n'abantu batagira ingano, n'ahantu hose abantu bakeneye uwabahumuriza. Urukundo rwa Kristo mgaragariye mu bikorwa byo kutikanyiza, ni rwo rubasha kugorora inkozi y'ibibi, kuruta uko yagororwa n'inkota cyangwa se ubucamanza. Ibyo byombi koko bitera ubwoba uwica amategeko, ariko umubwirizabutumwa ufite urukundo abirusha akamaro. Kenshi umutima unangirwa n'ibihano wakoroshywa n'urukundo rwa Kristo.

Muyobore abanyabyaha ku muganga ukomeye ushobora kuhagira umutima akawezaho ibibembe by'ibyaha. Imana yagennye yuko abarwayi n'abahanzwcho n'ingabo za Satani bazumvira ijwi ry'Imana mu bagaragu bayo. Umukiza yatanze ubugingo bwe kugira ngo ahange itorero rishobora kunganira imbabare n'abageragezwa. Abizera Imana babasha kuba abakene, abantu batize amashuri ahambaye n'intamenyekana; nyamara baramutse bisunze Kristo bashobora gukora umurimo wagira ingaruka zitangaje.

"Mujye mu bihugu byose, mwigishe abaremwc bose ubutumwa bwiza." Mariko 16:15. Natwe yaradusezeraniye ati "Dore ndi kumwe namwe iminsi yose, kugeza ku mperuka y'isi." Matayo 28:20.

Muri ibi bihe, Kristo agendagenda mu nzira z'iwacu mu buryo butagaragara. Aza mu ngo zacu. Abantu bose bashaka kunganira abandi ku bwe, yiteguyc gufatanya na bo."Erega ibirenge by'uzanye inkuru nziza ni byiza ku misozi, akamamaza iby'amahoro, akazana inkuru z'ibyiza, akamamaza iby'agakiza, akabwira i Siyoni ati, Imana yawe iri ku ngoma." Yesaya 52:7.

## IGICE CYA 7

## GUKORANA N'IMBARAGA IKIZA Y'IMANA

Umukiza yunganiraga abantu ku by'umubiri no mu by'iyobokamana. Gukiza umuntu ibyaha no kumukiza indwara byaragendanaga. Umuganga w'umukristo agomba kwifatanya na Kristo yunganira bagenzi be mu byo bakeneye by'umubiri n'iby'iyobokamana.

Kristo ni we mutwe nyakuri w'umurimo w'ubuvuzi. Igihe umuganga akoresha imiti isanzwe avura indwara z'umubiri, ashobora kuyobora abarwayi be ku Ushobora kuborohereza indwara z'umubiri n'iz'umutima. Abaganga bagerageza gufasha mu murimo w'ubuvuzi; Kristo ubwe ni we muvuzi.

Mu bitangaza Umukiza yakoze yatugaragarije imbaraga ye ihora ikiza indwara. Buri munsi na buri kanya Imana ikoresha ibyo yaremye kugira ngo itubesheho kandi idukize, Iyo urugingo rw'umubiri rugize ikiruhutaza, abakoresha iby'Imana yaremye bararugoboka kugira ngo rwongere kuba ruzima; ariko imbaraga ikorera muri bo ni imbaraga y'Imana. Iyo umuntu akize indwara, ni Imana iba imukijije indwara n'urupfu biterwa na Satani, umurimbuzi; Imana ni yo Muvuzi. "Nijye Uwiteka. ugukiza indwara." Kuva 15:26.

Icyo Imana yifuriza umuntu wese ni iki: "ngo ugubwe neza muri byose kandi ube mutaraga, nk'uko umutima wawe uguwe neza." 3 Yohana 1. Ni yo "ibabarira ibyo wakiraniwe byose, igakiza indwara zawe zose." Zaburi 103:3

## Icyaha Ni Cyo Ntandaro Y'Indwara.

Iyo Yesu yakizaga abantu, yarababuriraga ati "Ntukongere gukora icyaha, kugira ngo utazabona ishyano riruta irya mbcre." Yohana 5:14. Yigishije yuko abantu biterereje indwara leu bwo kwica amategeko y'Imana, kandi ko icyatuma ubuzima bugubwa neza ari ukumvira gusa. Umuvuzi azi ko amategeko agenga ibyaremwe yashyizweho n'Imana, kandi ko umuntu aramutse ayumviye, ari bwo ubuzima bwe bwakira indwara kandi akarama. Abantu benshi barwaragura babasha kuba bazima baramutse bakoze icyatuma boroherwa. Ikintu cyose cyangiza umubiri w'umuntu n'ubwenge bwe n'imbaraga ze z'iby'iyobokamana, ni icyaha. Umuntu yagira amagara mazima aramutse yumviye amategeko y'Imana yashyiriweho guhesha abantu bose ibyiza.

Igihe umuganga abonye umurwayi ugejejwe kure n’indwara yatewe n'ingeso mbi, nyamara akirengagiza kubimubwira, aba ahemukiye mugenzi we. Abasobanukiwe n’amategeko agenga ubuzima bw’abantu bakwiriye kugira umwete wo kubwira abantu ibibatera indwara. Mbese umuganga yaba ari umunyambabazi aramutse atigishije abantu ko kwirinda ari wo muti nyawo uvura indwara?

Inzira yo gukomeza amategeko y’Imana ni yo nzira y'ubugingo. Ijambo ryose rivuga ngo "Ntukagire utya n’utya,” ku byerekeye amategeko y'umubiri cyangwa se y'iby'iyobokamana, rigendana n'amasezerano. Iyo twumviye tubona imigisha. Imana ntiduhatira gukora ibyiza, ahubwo ishaka kudukiza ikibi no kutuyobora ku byiza.

Imana yamenyesheje Abisirayeli amategeko afitanye isano n'ubuzima bw'umubiri kimwe no kumererwa neza mu by'iyobokamana, kandi yabasezeraniye yuko nibayumvira "izakuraho indwara zose." Gutegeka kwa Kabiri 7-15. Imana ishaka ko twagera ku rugero rw'ubutungane twaheshejwe n'impano ya Kristo. Imana iduhamagarira kwiyunga n'ingabo zo mu ijuru, kugira ngo twimenyereze amategeko yadushoboza kongera kugira ishusho y'Imana. Ni umurimo wacu gufatanya n'Imana kuvuguura ubuzima bw'umubiri n'ubw'umutima.

**Kristo Adukiza Gusuzugura Amategeko Y'Imana**

Iyo twakiriye ubuntu bwa Kristo, dushobora kubona imigisha ishyitse yo kumvira. Ubuntu bwe buduha imbaraga yo kumvira amategeko y'Imana, no gucika ku ngeso mbi. Iyo ni yo mbaraga imwe rukumbi ishobora kudukomeroza mu nzira y'ukuri. Iyo ubutumwa bwiza bwakiriwe mu kuri, buba umuti uvura indwara zikomoka ku cyaha. Si ko ibintu byose bikomoka kuri iyi si bishobora gukiza umutima washegeshwe, si ko byose bishobora guhesha umuntu amahoro yo mu mutima cyangwa se ngo byirukane indwara. Kuba ikirangirire n'umunyabwenge ntibishobora kunezeza umutima ushavuye, habe ngo bishobora no gusana amagara yasesctse.

Iyo urukundo rwa Kristo rugeze mu mibereho y'umuntu, rukora ku migabane ikomeye y'umubiri, nk'ubwonko, umutima n'imitsi yumva, nikayikiza. Ni rwo rubatura umuntu agakira ibicumuro n'agahinda, no guhagarika umutima no kwiheba, ari byo bishegesha intege z'umuntu. Rutera mu mutima umunezero wa Mwuka Muziranenge, uwo munezero ugatanga ubuzima buzira umuze.

Amagambo y'Umukiza wacu avuga ngo "Nimunsange, ... ndabaruhura", Matayo 11:28, ni yo muti uvura indwara z'umubiri, iz'ibitekerezo n'iz'umutima. Nubwo twiterereje imibabaro ku bwo gnkora ibibi, Umukiza aturebana impuhwe. Ni we tubonaho ubufasha.

Kubera ibinyoma bya Satani, yirabuje Ijambo ry'Imana arisobanura nabi, maze bituma abantu bishuka bibwira ko Imana itagira neza. Nyamara urukundo rw'Imana n'impuhwe zayo ntibyahwemye kugera ku bantu bo kuri iyi si. Iyo dukinguriye Imana imitima yacu ngo twishimire kwakira impano ziva mu ijum tubona imbaraga yo kudukiza indwara.

Umuganga wifuza kuba umukozi wemewe ukorana na Kristo, aharanira kuba umukozi w'ingenzi mu murimo wose ashinzwe. Yiga ashishikaye, kandi agahora aharanira kugera ku rugero rwo hejuru, ashaka kunguka ubwenge no gusobanukirwa. Umuganga unyurwa n'ubuhanga n'ubwenge bwo ku rugero rwo hasi, akoza isoni Umuganga mukuru, ari we Kristo.

Ababona ko badakwiriye kuba abaganga, baba bakoze neza bahisemo imigabane yoroheje yo muri uwo murimo bashobora gukora umurimo w'ubuforomo bakiranuka bunganira imbabare. Umugambi Imana idufitiye ni uko iwahora tujya mberc. Abaganga b'abakristo babifitiye Ingabire b'abahanga bazobereye umurimo wabo, bakwiriye kwigisha abandi kuba abaganga babwiriza ubutumwa. Umuganga akwiriye kugira umucyo uhagijc wo mu ijambo ry'Imana. Akwiriye kugira idini ye ikintu cy'ikubitiro muri byose. Akwiriye gukoresha ingero zo hejuru, ingcro zitunganye akomora ku watanze ubugingo bwc kugira ngo tub one imbaraga yo gutsinda umubi.

**Umuganga Akwiriye Kuba Umuntu Wizera Kristo.**

Umuganga wiyeguriye Kristo kandi akagira igihe cyo kwisuzuma, abasha kwitegeka kandi akiyigisha kugira ngo abo ahura na bo bamubonemo ubwenge bw'ikirenga buhabwa umuntu wisunga Imana ifite ububasha.

Nta murimo ukeneye kugirana umushyikirano na Kristo kurenza umurimo w'ubuvuzi. Umuganga asuzumye nabi

rimwe gusa, akandika nabi imiti, agakoresha intoke ze nabi abaga umurwayi, umuiuu abasha kuhagwa. Mbega ukuntu byaba ikintu cy'ingirakamaro kugira ngo ahore ategekwa n'Umuganga wo mu ijuru! Murekc umuntu ugerageza gukora icyatera abantu kurama, yizere Kristo kandi amusabe kuyobora ibyo akora byose.

Mu bikorwa byose, abarwayi bakwiriye kumenyeshwa ko umuganga ashaka kubafasha kugira ngo bafatanye n'Imana kurwanya indwara. Bigishwe ko bashobora kubona ubufasha bw'imbaraga z'Imana mu ntambwe yose batera, igihe bagira icyo bakora mu buryo buhuje n'amategeko y'Imana. Iyo umurwayi n'imbabare bazi ko umuganga akunda Imana kandi akayubaha, baramwiringira. Iyo abavura bamugiramo icyizere.

Umuganga w'umukristo uzi Yesu, igihe asenga yishimira kurarikira Yesu kuza aho umurwayi aryamye. Igihe atari yabaga umurwayi aba akwiriye gusaba Umuganga ukomeye kumwunganira. Imana ibasha gutuma imbabare iva kw’iseta amahoro. Umuganga aramutse abwiye umurwayi amagambo yerekana ko yizeye Umukiza, kandi mu masengesho ye akereka Umukiza ibyo akeneye, akenshi umurwayi yava ku iseta neza.

Usoma umutima w'umuntu ni we wenyineushobora kumenya ukuntu abanvayi benshi baba bafite ubwoba bari ku iseta. Ariko iyo babonye umuganga asabye Imana ubufasha, bibatera lbyiringiro. Ibyishimo no kwiringira bikingurira umutima imbaraga ikiza y'Imana, maze imbaraga z'umubiri wose zikikungikanya.

Iyo umuganga azi ko Umukiza ari iruhande rwe arakomera. Akenshi guhagarika umutima n'ubwoba bibasha gutera amaboko urutebwe. Ariko kuba azi ko Umujyanama uturutse mu ijuru ari iruhande rwe, bituma atuza akagira ubutwari. Iyo Kristo akoze ku kuboko k'umuganga bimutera imbaraga n'ibyiringiro.

Igihe umurwayi wari ku iseta akangutse bigaragara ko bigenda neza, umuganga akwiriye kumara igihe gito asengera hamwe na we. Bakwiriye guhimbaza Imana bakayishima. Umurwayi akwiriye kubwirwa ko yarinzwe n'umuganga wo mu ijuru.

Baba babizi cyangwa se batabizi, abaganga kinrwe n'abapasteri bashinzwe gukiza imitima y'abantu. Mu gihe bakora uko bashoboye kugira ngo umuntu atabaca mu myanya y'intoke, na bo akenshi bibagirwa ko umutima w'umuntu warimbuka. Umurwayi barwanaho abasha kubura ubugingo bwe. Muganga yazabazwa ubugingo bw'uwo muntu igihe Kristo azaba aca imanza.

**Imbaraga Ikiza Y' Amagambo Meza Ya Kristo.**

Igihe usura umurwayi, wereke iyo mbabare uwifuza gukiza abamusanze bose bafite kwizera. Uharanire gufasha uwo muntu witonze ngo umumenyeshe ko ubugingobweburi hagati yo gupfa no gukira.

Umuganga uzi ko Kristo ari Umukiza we, amenya uko yagenza abanyabicumuro, abantu barwaye indwara z'ibyaha babaza bati "Nkore iki kugira ngo nkire?" Ashobora kubatekerereza iby'urukundo rw'Umucunguzi. Mu magambo make ashobora gukomeza umurwayi no kumwemeza gusaba no kwakira imbabazi z'Umukiza w'umunyampuhwe. Iyo agenza atyo, Imana iramukoresha. Iyo imbabare igize ubuzima bwiza mu by'iyobokamana, ubwo buzima bukoreshwa nk’ikiganza cy'Imana kigarurira umubiri ubuzima buzira umuze.

Igihe inshuti z'umurwayi zihagaze iruhande nv'aho aryamye zimusura, imitima yazo iroroha. Ubwo rera umuganca akaba abonye uburyo bwo kwerekana urarikira abarushye n'abaremerewe kumusanga. Akenshi bashobora gusenga. Umuganga akwiriye kwimenyereza gukoresha amagambo yo

guhumuriza abarwayi Kristo yakundaga kuvuga igihe yari akiri ku isi akora umurimo wo gukiza abarwayi.

Umuganga ntakagire ubwo yibagirwa kwerekeza ibitekerezo by'abarwavi be ku Muganga mukuru.

Imbaraga Kristo yakoresnaga igihe yari kumwe n'abantu iri mu Ijambo rye. Yakoresheje ijambo rye akiza indwara, yirukana abadayimoni, acecekesha inyanja, n'igihe yazuraga abapfuye. Ijambo rye ryari rifite imbaraga.

Ibyanditswe Byera bikwiriye kwakirwa nk'ijambo Imana itugezaho, ritapfuye kwandikwa gusa, ahubwo rvavuzwe n'Imana. Igihe imbabare zasangaga Kristo, ntabwo yitegereje abaje kumusaba ubufasha gusa, ahubwo yarebaga n'abantu bose bo mu bihe byose bamusanga bamukeneye batyo, kandi bafite kwizera nk'uko abo bari bafite. Mumasezerano y'Ijambo ry'Imana, ivugana na buri muntu wese muri twe imbonankubone, mbese nk'aho tuba twumva ijwi ryayo. Muri ayo masezerano Kristo atugezaho ubuntu bwe n'imbaraga ze. Ni ibibabi byo kuri cya giti "byo gukiza amahanga." Iyo ayo masezerano yakiriwe agashyirwa mu bikorwa, ni yo atanga ubugingo kandi akabukomeza, agatera abantu ubutwari no kwizera biha umubiri wose imbaraga zishyitse.

Igihe cyose umuganga abonye uburyo, akwiriye kubwira umuntu urembejwe n'uburibwe n'ibyaha amagambo y'Umukiza kuko ayo magambo yose yo mu Byanditswe Byera ari aye: "Witinya, ... nzaba ndi kumwe nawe." Yesaya 43:1,2. "Nagukunze urukundo ruhoraho." Yeremiya 31:3. "Ntimuhagarike imitima yanyu." Yohana 14: 1.

# IGICE CYA 8

## GUKIZA INDWARA Y'IBYAHA Y’IMITIMA N'IY'IMIBIRI

Umuganga nyakuri ni umwigisha. Azi yuko inshingano ye itagarukiye ku murwayi avura gusa, ahubwo ko igera mu kirorero uwo murwayi atuyemo. Ahora yihatira kumenyereza abantu kugira imibereho myiza, no kumenyesha abantu amahame y'ukuri. Nubwo hariho amajyambere mu by'isuku n'ubuvuzi, imbaraga z'umubiri zisubira inyuma bitangaje. Amajyambere twihimbira yongera ububi burwanya ibyaremwe. Ibishyigikirwa n'ibyo bibi bicogoza umubiri bikananiza n'ubwenge, maze bikabera abantu umutwaro udaterurwa. Kutirinda muri byose, ubugome, indwara n'ubuhanya biboneka ahantu hose.

Abenshi bica amategeko y'ubuzima mu bujiji, ariko kandi abenshi cyane n'abayamenya ntibayakurikize yose. Umuganga afite uburyo bwinshi bwo kumenyesha abantu amategeko y'ubuzima no kwerekana akamaro ko ku yashyira mu bikorwa. Abasha gukora byinshi byo gukosora ibibi bitarondoreka bya kirimbuzi.

Ikintu gikorwa kandi akaba ari cyo nkuruzi y’indwara n'ibibi bishishanye, ni ugukoresha imiti isinziriza umubiri iwuteyemo ikinya. Iyo abantu benshi bafashwe n’indwara ntibiririrwa bashaka kumenya igitera iyo ndwara. Ikibahagarika umutima cyane ni ugushaka icyaborohereza uburibwe n'icyatuma boroherwa. Maze bakirukira ku miti yica uburibwe batayizi neza, ari ukugira ngo irwanye ishyano bikondeye ariko ntibagire icyo bibaza ku byo guhinduka mu ngeso zangiza ubuzima. Bava ku muti umwe bakagerageza indi, bityo bityo.

Imiti yica uburibwe ntivura indwara. Rimwe ituma umurwayi atururukwa agasa n'uworoherwa; ibyo biterwa n'uko umubiri uba ufite imbaraga zihagije zo kwirukana uburozi no

kurwanya icyateje iyo indwara. Ariko ibihe byinshi iyo miti ihindura indwara ukundi ndetse ikayimura aho yari iri. Ubundi kandi ingaruka zayo ziguma mu mubiri, hashira igihe runaka zikaba ariho zirushaho kuwangiza.

Ku bwo gukoresha imiti y'uburozi bituma abenshi biteza indwara zidakira, ndetse abenshi bagapfa kandi bajyaga gukizwa n'imiti isanzwe iboneka mu byo Imana yaremye. Uburozi buboneka muri iyo ngirwa miti ituma abantu bagira irari n'ingeso byo kubarimbuza. Imiti myinshi igurirwa mu masoko ndetse n'indi itangwa n'abaganga ifite uruhare mu gushyiraho urufatiro rw'ubunywi bw'inzoga, n'ingeso zo gukoresha imiti isinziriza.

### Umuntu Wese Ashobora Kubona Imiti Myiza.

Abaganga bakwiriye kubwira abantu ko imbaraga ivugurura umubiri idaturuka mu miti, ahubwo ko ituruka mu buvuzi bwa gihanga. Indwara ni intambara umubiri uba urwana ugira ngo wirukane ibyatewe no kwica amategeko y'ubuzima. Ingeso mbi zigomba gukosorwa. Umubiri ukwiriye kugira ikiwunganira muri iyo nlambara kugira ngo uineneshe umwanda kugira ngo gahunda yongere kugenda uko bisanzwe.

### Ubuvuzikamere

Umwuka mwiza, izuba, kwirinda ibisindisha,' kuruhuka, imyitozo ngororamubiri, kurya neza, gukoresha neza amazi, no kwiringira imbaraga z'Imana ni yo miti nyakuri. Umuntu wese akwiriye kumenya amategeko agendana no kuvura umurwayi, kandi akimenyereza gukoresha ubwo bumenyi.

Gukoresha ubuvuzikamere bikeneye imihati benshi badashaka gukoresha. Ubuvuzi nk'ubwo bugenda niruto niruto, ku bantu batihangana bugasa n'ubugenda buhoro. Kureka ibintu bibi wimenyereje bishaka ubwitange. Ariko amaherezo,

iyo ubuvuzikamere budakomwe mu nkokora, bukora neza umurimo wabwo kandi mu bwenge. Abihangana bakumvira amategeko agenga ibyaremwe bagororerwa ubuzima buzira umuze n'ibitekerezo bizima.

Uko bisanzwe kwita ku buzima byitabwaho buhoro. Ni byiza kwirinda indwara kuruta kumenya uko wayivura imaze kugufata.

Kugira amagara mazima ntibipfa kwizana, ahubwo ni ingaruka yo kumvira amategeko. Ibyo byemejwe n'abarushanwa mu mikino. Baritegeka kandi bakitonda cyane mu imenyereza ry'imibiri yabo. Bazi yuko kurenza urugero no kutagira icyo witaho bitera umubiri intege nkc bigatuma umuntu atsindwa. None se ntibyarushaho kuba byiza umuntu yitonze cyane igihe arwanira kubona ubugingo! Turarwana intambara ifite ingaruka z'ibihe bidashira. Abamarayika babi barwanira gutegeka imibereho y'umuntu. Icyishe ubuzima ntikiba gitubije gusa imbaraga z'umubiri, ahubwo kiba kigendereye no gusubiza inyuma ubwenge n'ibitekerezo. Akamenyero kose kabi gatuma umuntu adashobora gutandukanya icyiza n'ikibi, maze ntabe agishobora kurwanya umubi.

Mu ntambara turwana, abantu bose bitegeka mu buryo bwo gukomeza amahame y'ukuri, bashobora gutsinda. Igikorwa cyose umuntu akora iyo kirushijeho kwiganza gishobora gutuma atsinda cyangwa atsindwa.

Kubera inda nini, ari byo kutirinda, ababyeyi bacu ba mbere banyazwe Edeni. Kwirinda muri byose gufite uruhare mu byo kudukomorera Edeni kuruta uko abantu babitekereza.

Ku bwo kureba ubwitange bw'abarushanwaga mu mikino ya kera y'Abagiriki, Paulo yaranditse ati "Umuntu wese urushanwa yirinda muri byose: abandi bagenzereza batyo kugira ngo bahabwe ikamba ryangirika, naho twebwe

tugenzereza dutyo ngo duhabwe iritangirika .... Nkubitana ibipfunsi ariko si nk'uhusha. Ahubwo mbabaza umubiri wanjye, nywukoza uburetwa." 1 Abakorinto 9:25-27.

### Gutsinda Ibishuko Bikomeye By'Ubusambanyi

Igihe akaga kubikiye abagwaguza mu kwizera, ntikareka na ba simbikangwa birata umudendezo. Urufatiro rw'ubugorozi bwos'e butajegajega ni amategeko y'Imana. Abantu bakwiriye guhora bayigishwa.

Akaga gateye agahinda ari ko nkomoko y'ubuhakanyi, katewe no kubura imbaraga yo kwitegeka. Iyo mbaraga yongeye kuboneka ni ho abantu bajya mbere by'ukuri. Mu mubiri ni ho ubwenge n'ibitekerezo bikurira kugira ngo byubake imico, igihe umwanzi ariho asukiranya ibigeragezo byo guca intege umubiri no kuwucupiza. Amatwara ya kamere y'umubiri wacu aramutse adategetswe n'imbaraga y'ikirenga, yateza abantu kurimbuka n'urupfu.

Imbaraga z’ikirenga zikwiriye gutegeka umuntu. Ibitekerezo byose bikwiriye gutegekwa n'ubushake buyoborwa n'Imana. Imbaraga ihatse izindi y'ibitekerezo, yejejwe n'ubuntu bw'Imana, ni yo ikwiriye gutegeka imibereho yacu. Abagabo n'abagore bakwiriye gukanguka bakitogeka, bakabonera, ntibabe bakibaswe n'irari ribi n'ingeso zanduye. Imbaraga zabo z'ibitekerezo n'iz'umubiri ni impano ikomoka ku Mana, kandi zikwiriye kurindwa mu buryo bwose. Abana b'Imana bakwiriye kuba "ibitambo bizima, byera bishimwa n'Imana." Abaroma 12**:**1**.**

Hatariho imbaraga z'Imana, nta bugorozi nyabwo bubasha kubaho. Imibereho ya Kristo itari yahinduka imbaraga ikorera muri twe, ntitwabasha gutsinda ibishuko biduturuka impande zose.

Kristo yakomeje amategeko y'Imana, kugira ngo tubone uko dutegeka kamere ituma umutima wandura. Kristo adushoboza gutsinda irari ry'umubiri. Iyo umuntu amwiyeguriye, umutima we ugandukira amategeko atunganye, ahesha imbata umudendezo. Iyo twunze ubumwe na Kristo, turabaturwa, tugahinduka abagabo n’abagore batunganye.

Kumvira Imana bihesha umudendezo abahoze mu bubata bw’icyaha, ni ukubaturwa mu bitekerezo n'intimba bya kamere muntu. Umuntu abasha gutsinda integenke ze, abasha gutsinda "abatware, n'abafite ubushobozi, n'abategeka iyi si y'umwijima, n'imyuka mibi y'ahantu ho mu ijuru." Abefeso 6**:**12**.**

Nta handi bantu inyigisho nk'izo zikenewe kuruta mu muryango. Ababyeyi ni bo bashyiraho urufatiro rw'ingeso n'imico. Ijambo ry'Imana ni ryo murinzi ubasha kuturinda ibib; biriho bihitana abantu batuye kuri iyi si. Umgero ababyeyi bereka abana babo, ni rwo nabo bakurikiza igihe bamaze kubaka ingo zabo. Abana bazamera nk'uko ababyeyi baba babarera. Ababyeyi baramutse bitegereje ukuntu umgero baba abana ari nvo bakuraho imbaraga ibaganisha mu byaha cyangwa se mu butungane, abenshi bakwisubiraho bakareka imihango n'imigenzo, bakemera amategeko y'Imana agenga imibereho yabo.

Umuganga uhora hafi y'abarwayi, akabavana ku munwa w'imva, abona ibibonwa na bake, ari byo kwiringirwa no gukundwa n'abantu. Ndetse n'abapasteri ntibageza ahe. Umuganga rero agomba gutanga urugero rwiza mu byo kwitegeka. Ab'isi bakeneye kubona ukuntu ubuntu bw'Imana buhembura abantu bukabasubiza ubutegetsi bahoranye. bukabaha n'ubushobozi bwo kwitegeka.

Umuganga ahura n'abantu bananiwe kwitegeka, kand: batabasha gutsinda ibishuko. Abasha gufasha bene abo bantu gusa igihe imibereho ye yerekana ko afite imbaraga yo kumvira

amategeko amugenga imushoboza gutsinda ingeso mbi zose n'irari rya kirimbuzi. Iyo ibyo bimutsinze, aba akorera umubi.

Abantu benshi mu bajya kwivuza baba bararembejwe n'Ingeso mbi. Bumva barapfapfanye kandi bakiyumvisha ko bananiwe gutsinda. Abo bakeneye icyatuma batungana, bakagira ibitekerezo bizima kandi bitunganye. Mbega ukuntu biteye ubwoba kubona abari bakwiriye kubaha urugero rwiza ari bo babaswe n'ingeso mbi za kirimbuzi!

Abenshi bononesha ubwenge bwabo n'imibiri yabo itabi cyangwa inzoga. Ariko se umuganga abaye ari imbata ya bene ibyo, yatinyuka kwereka umurwayi iryo shyano ry'ikizinga riri mu buzima bwe? Igihe umuganga akoresha bene ibyo yashobora kwemeza abasore bakora batyo ko bizangiza ubuzima bwabo?

Umuganga yashobora ate gukora neza umurimo untanye isano no kwirinda igihe arangwa n'inuko y’inzoga n'itabi? Igihe imitsi ye yumva n'ubwonko byaritswemo n'uburozi bwa "nikotine", yashobora ate gukoresha neza ubuhanga bw'abavuzi yahawe?

## Ndetse Na Kristo Si Kenshi Yageraga Ku byo Yifuzaga Gukora.

Nubwo umuganga yaba ari umuhanga ate, akenshi umurimo we nttlba nkuko abyifuza. Nubwo ubarwayi avura bakira, abenshi barakira ariko bagasubira gukora ibibdkururira indwara. Bongera gusaya mu byo gushayisha n'ubupfapfa. Bigasa nkaho umurimo wa muganga bawutaye kure.

Kristo na we ni ko byamumerereraga, nyamara ntabwo yigeze areka kunganira imbabare. Mu babembe cumi yakijije, umwe gusa w'Umusamariya ni we washimiye icyo yakorewe. Kubera uwo umwe, Kristo yabakijije uko ari icumr. Umuganga abaye atagejeje ku rugero Umukiza yagezeho, aba akwiriye

kugira icyo yigira ku Muganga ukomeye. “Ntiyacogoye, nta n'ubwo yigeze akuka umutima." Yesaya 42:4.

N'iyo umuntu umwe gusa aza kuba ari we wemera ubutumwa bwiza; kubw'uwo muntu Kristo aba yaremeye kugira imibereho yuzuye umuruho no gupfa urupfu rukojeje isoni. Nubwo imihati yacu yatuma umuntu umwe gusa ari we uzarabagiranira mu bikari by'Uwiteka, mbese byo ntibyatunezeza?

Umuganga akwiriye kugira amategeko ahamye. Umuntu w’umunyantegenke cyangwa urwaragura, ntashobora kwikorera imiruho abaganga bahura na yo. Akenshi bigomwa ibitotsi cyangwa ibyokurya, ntibaboneka mu bitaramo n’imishyikirano abandi bishimira, ndetse no mu materaniro y’idini; umuganga asa n'uhora afunzwe. Akoresha imbaraga ze zose anvanan'indwara n'urupfu. Umunaniro w'ibyo byose usa n'ugerageza imico ye. Icyo kigeragezo rero kirakomeye cyane. Umurimo w'ubuvuzi ukeneye kwitegeka, gutungana no kwizera guturuka mu ijuru, kuruta indi mirimo yose. Icyatuma umuganga amererwa neza muri byose, ni ukugira amategeko n'umugambi uhamye bikomoka ku Mana yonyine. Nkuko Mose yabigenje, aba agomba kwihanganira "kureba Imana itagaragara."

Nta muntu n'umwe ushobora gutungana ngo agire imibereho myiza ubugingo bwe butayoborwa n'Imana nk'ubwa Kristo. Uko umuntu arushaho kugira umutima ufitanye umushyikirano n'Imana ni ko arushaho gukora ibikomeye. Umuntu ntakwiriye gupfusha igihe ubusa ahugiye mu by’isi, ahubwo akwiriye gutekereza iby'ibihe bidashira. Isi yataye umurongo ishobora kuremerera umuganga ikamutanddkanya n'isoko y'imbaraga. Ikiruta byose, kwiga ijambo ry'Imana no gusenga ni byo byatuma ahora afitanye umushyikirano n'amahame y'ukuri no gukiranuka, ari na byo byerekana ko umuntu afite imico nk'iy'Imana muri we.

Iyo umuntu yakiriye Ijambo ry'Imana kandi akaryumvira, rigira icyo rikora kuri buri gikorwa cyose cyo mu mibereho ye no ku mico ye. Riboneza intekerezo zose kandi rigatuganya icyo yifuza cyose. Abiringira Ijambo ry'Imana ntibaheranwa n'ibintu byo hasi, ahubwo babaturwa ku byangiza umuntu byose. Inyenyeri ya Mugitondo izabamurikira ifite ubwiza butagajuka.

Imibereho nk'iyo iba imbaraga' ikomeye ku bwo guhangana n'abo umuntu ahura na bo bose. Imibereho nk'iyo ihinduka umupaka wimira umubi, n'ubuhungiro ku bageragezwa, n'umucyo uyobora abashaka inzira y'ukuri.

## IGICE CYA 9

## KWIGISHA NO KUVURA: UMURIMO UTUMA UBUZIMA BUGIRA AKAMARO

Igihe Kristo yoherezaga abigishwa cumi na babiri kubwiriza ubutumwa bwa mbere, yabategetse "kubwiriza bavuga bati Ubwami bwo mu ijuru buri hafi. Mukize abarwayi, muhumanure ababembe, muzure abapfuye, mumeneshe ingabo za Satani." Matayo 10:7,8.

Kristo amaze gusubira mu ijuru, ibyo yakoze byagiye byongera gukorwa. "Hateraniraga benshi bavuye mu midugudu ihereranye na Yerusalemu, bazanye abababazwa n'imyuka mibi, bose bagakizwa." Ibyakozwe n'Intumwa 5:16.

"Filipo aramanuka, ajya mu mudugudu w'i Samariya, ababwiriza ibya Kristo .... Abadayimoni bava mu bo bari barigaruriye; n'abari baremaye n'abacumbagira benshi barakizwa." Ibyakozwe n'Intumwa 8:5-8.

Luka, umwanditsi w'ubutumwa bumwitiririrwa, yitwa "umuganga ukundwa." Abakolosayi 4:14. Yafatanyaga na

Paulo kandi ibihe bimwe yajyaga amuherekeza mu ngendo ze. Muri Filipi n'i Masedoniya Luka yamaze imyaka myinshi avura kandi yigisha ubutumwa bwiza. Yavuraga abarwayi kandi agasaba ko imbaraga ikiza y'Imana yakunganira imbabare. Ku bwo gukora neza umurimo we w'ubuvuzi byahaye Luka uburyo bwiza bwinshi bwo kubwiriza ibya Kristo. Ni umugambi w'Imana ko mu murimo wo kubwiriza ubutumwa nta wukwiriye gutandukanya na rimwe umurimo wo kwigisha no kuvura.

Abigishwa bahawe umurimo wo kwamamaza mu isi yose inkuru nziza Kristo yazaniye abantu. Uwo murimo bawurangije mu bo mu gihe cyabo! Umuti umwe rukumbi uvura icyaha cy'isi n'ubuhanya bwayo ni ubutumwa bwiza. Kumenyekanisha ubuntu bw'Imana ni wo murimo w'ibanze w' abamaze kumenya imbaraga yabwo ikiza.

Igihe Krislo yatumaga abigishwa ngo bajyane ubutumwa bwiza, abantu bo ku isi ntibari bacyizera Imana. Abayuda bari barasimbuje ijambo ry'Imana imihango yabo. Kwihugiraho, ubwirasi, n'umururumba byari byarabatwaye umutima. Satani yabonye uko acengeza ubushake bwe mu bantu, igihe yari ashoboye kubateza ubutindi n'ubuhanya. Abantu baremewe kuba insengero z'Imana, bahindutse icyicaro cy'ingabo za Satani. Imyanya yumva, imitsi yumva, n'ingingo z'umubiri byakoreshejwe n'imbaraga zidasanzwe kugira ngo zibatwe n'irari ribi maze ikimenyetso cy'abadayimoni gishyirwa mu ruhanga rw'abantu.

## Abantu Batekereza Neza Birinda Guhagarika Umutima.

Mbese isi imeze ite muri iki gihe? Mbese kunegura no gupfobya ntibyabujije abantu kwizera Bibliya nk'uko imihango yabibujije abo mu gihe cya Kristo? Mbese umururumba no gukunda kwinezeza ntibyabase imitima y'abantu nk'uko byari bimeze icyo gihe? Ndetse no mu itorero abantu bake gusa ni bo bayoborwa n'amahame ya gikristo. "Imanza zitabera zasubiye

inyuma; ... kandi gutungana ntikubasha kwinjira." Yesaya 49:14. Ibintu byangiritse ku buryo butavugwa. Buri munsi ubona ububi bwa ruswa n'amahugu byiyongera, ubugome no kwica. amategeko, ubugiranabi, n'ubwicanyi bwa kinyamaswa. Intumwa za Satani zakajije umurego wo konona ubwenge bw'abantu no kwanduza imibiri yabo.

Akenshi ubutumwa buvugwa mu buryo butari bwo ugasanga butitabwaho cyane. Ahantu hose wumva abantu bataka bifuza kubona icyo badafite. Bifuza kubona imbaraga yatuma batsinda icyaha, ngo ibabature ku bubata bw'ibibi, maze bagire ubuzima bwiza n'amahoro. Abigeze kumenya imbaraga y'Ijambo ry'Imana bifuza ko Imana yababa bugufi.

Isi ikeneye icyo yari ikeneye mu myaka ibihumbi bibiri ishize - ari cyo guhishurwa kwa Kristo. Mu buntu bwa Kristo gusa ni ho guhemburwa k'umubiri, k'ubwenge n'ukw'iyobokamana bisohorezwa. Umukiza yifatanyaga n'abantu nk'ubifuriza ibyiza. Uburyo yakoreshaga bwonyine-ni bwo bwashoboza umuntu gushyikirana n'abandi. Kristo yeretse abantu ko abafitiye impuhwe, abafasha mu byo bakennye, bituma bamwiringira. Niko kuvuga ati "Nimunkurikire."

Kwihatira gushyikirana n'abantu birakenewe. Abakene bakwiriye gufashwa, abarwayi bakwiriye kuvurwa, abafite intimba bakwiriye guhumurizwa, abaswa bakwiriye kwigishwa, n'abataraca akenge bakwiriye kugirwa inama. Uwo murimo uramutse ushyigikiwe no gusenga no gukunda Imana, ntiwabura kwera imbuto.

Mwereke abagabo n'abagore barembejwe n'indwara y'ibyaha umuntu w' i Kalvari, ukuraho ibyaha by'abari mu isi. Nibamwitegereza bazasa na we. Mukomeze kwereka Kristo abacogojwe n'indwara y'umubiri n'umutima. Mubabwire iby'ushengurwa n'ubumuga bwabo. Muvuge iby'imbaraga ye ikiza. Umurimo ukorwa n'umuntu umw’umwe ni wo utuma

ibyo bigerwaho. Imana igera ku mitima y'abantu iyo tugizc icyo dukora cyo korohereza imbabare. Mu murimo wo kubwiriza ubutumwa n'uw'ubuvuzi,' ubutumwa bwiza bukwiriye kwamamazwa kandi bugakurikizwa.

## Umurimo Mushobora Gukora.

Mu karere kose abantu batuyemo, haboneka abantu benshi batajya mu biterane by'idini. Bakwiriye gushyirwa ubutumwa mu ngo zabo. Akenshi kubunganira mu by'umubiri ni bwo buryo bumwe rukumbi bwo kubageraho. Abaforomo b'ababwirizabutumwa bita ku barwayi kandi bunganira abakene bashobora kubona uburyo bwo kubasabira, kubasomera ijambo ry'Imana, no kubabwira iby'Umukiza. Bashobora gusengera abantu batagira kivurira badafite imbaraga zo gutegeka irari ryabo ryagejejwe kure n'iraruramutima. Bashobora gutera ibyiringiro abantu batsinzwe kandi bakutse umutima. Urukundo rwabo rutarangwamo ubwikanyize ahubwo rurangwa n'ubugiraneza butagira amakemwa, ni rwo rushobora gutuma izo mbabare zemera urukundo rwa Kristo.

Abenshi ntibemera Imana, ibyo bigatuma batiringirana. Nyamara biringira ibikorwa by'impuhwe byunganira abantu. Iyo babonye umuntu utatwawe umutima n’iby'isi aza iwabo, agafasha abarwayi, akagaburira abashonji, akambika abambaye ubusa, agahumuriza abashavuye, akereka abantu bose urukundo n'impuhwe by'utuma umuntu yunganira bagenzi be, bituma imitima ya bene abo ikabakabwa. Bakongera kugira akanyamuneza. Kwizera kukongera guhembuka. Babona ko Imana ibitaho, maze bakaba biteguye kwakira ijambo ryayo igihe risomwa.

Haba iwabo cyangwa se mu mahanga, abavugabutumwa b'abagabo n'abagore bashobora kugera ku bantu benshi baramutse bita ku barwayi. Abagore b'abavugabutumwa bajya mu mahanga atazi iby'Imana

bashobora kubona uburyo bwo kugeza ubutumwa ku bagore bo muri ibyo bihugu igihe abandi baba babuzwa kubikora. Abavugabutumwa bose bagomba kumenya uburyo bworoheje bwo kunganira abantu bubasha korohereza abantu uburibwe no gukiza indwara.

## Kwigisha Amahame y'Ubuzima

Abavugabutumwa bakwiriye kuba abantu bigisha amahame yo kubaho neza. Ntaho indwara zitaba, kandi ahenshi zishobora gukingirwa no kwita ku mategeko y'ubuzima. Abantu bakeneye ubuzima bwiza muri iki gihe no mu gihe kizaza. Bakeneye kumenya inshingano bafite yo kwita ku buzima bwabo ari bwo ngoro y'Umuremyi, kandi ko ashaka ko babwitaho nk'ibisonga bikiranuka.

Bakwiriye kuyoborwa n'ukuri kuboneka mu Byanditswe Byera kuvuga ngo:

" Ko turi urusengero rw'Imana ihoraho; lik'uko Imana yabivuze iti Nzatura mun bo, ngendere muri bo; Nzaba Imana yabo, na bo bazaba ubwoko bwanjye." 2 Abakorinto 6:16.

Abantu benshi bakeneye kwigishwa uburyo bworoheje bwo kuvura indwara kandi bashobora kubyishimira cyane, ubwo buryo bushobora gusimbura imiti y'uburozi bakoresha. Ikindi gikenewe cyane ni ukwigisha abantu ibyerekeye ubugorozi mu mirire. Ingeso mbi mu mirire no gukoresha ibyokurya bibangamiye ubuzima ni byo bitera abantu kutirinda n’uubugome n’ubutindi bwinshi bimaze kubera isi umuvumo.

Kwigisha amahame y’ubuzima, bituma abantu bagira intego y’ubugorozi, ari na wo mugambi wo gutuma umubiri, ubwenge n’ibitekerezo bijya mbere. Mwerekane ko amategeko agenga ibyaremwe, ari nay o mategeko y’Imana, twahayaherewe kugira ngo tumererwe neza; kuyumvira bituma

umuntu agira umunezero muri ubu buzima, kandi bikamufasha kwitegura iby’ubugingo buzaza.

Muyobore abantu bige ibya gahunda ikoresha umubiri n’amategeko ayigenga. Abazi neza ibyerekeye urukundo rw’Imana n’ubwenge bwayo n’amategeko yayo ashakira abantu ibyiza, babona ko ibyo bibandaho Atari byo byari ngombwa. Mu cyimbo cyo kubona ko gukomeza amategeko y’ubuzima ari ukwitanga cyangwa kwiyanga, bazabona ko ari imigisha itagira ingano.

Ahantu hose usanga abantu bakunda gusimbuza imirimo y’amashyirahamwe abagenga imihati y’umuntu. Usanga abantu benshi baharira ibigo bakoramo cyangwa amashyirahamwe yabo umurimo w’ubugwaneza; maze imitima yabo igakonja. Bahinduka abantu bihugiraho bagira icyo bitaho. Kristo yahaye abamukurikira umurimo badashobra gushyiraho umusimbura. Kunganira abarwayi n’abakene ntibigomba guharirwa inama runaka cyangwa se ibigo by’abagiraneza. Ubutumwa bwiza butegeka ko ari umurimo umuntu wese agomba gukorana ubwitange no gukora atizigama. Kristo arategeka ati “Uzane abakene bameneshejwe, ubashyire mu nzu yawe. Nubona uwambaye ubusa mambike.” Bazarambika ibiganza ku barwayi bakire Yesaya 58:7; Mariko 16:18. Imigisha y’ubutumwa izagera ku bantu mu buryo bw’umushyikirano.

Kera igihe Imana yagezaga umucyo ku bantu, nta muntu n' umwe yigeze yigizayo. Daniel na Yesaya bari abo mu muryango wa cyami. Dawidi yari umwungeri w'intama igihe yari umwana uciye akenge, Amosi yari umushumba, Zakariya yari imbohe iturutse i Babuloni, na Elisha yari umuhinzi. Imana yashatse abantu baya ibakuye mu bantu, bakomeye n'aboroheje, maze ibigisha ukuri gukwiriye kugezwa mu b'isi.

Imana yageneye umuntu wese gukorera abandi. Umucuruzi cyangwa umuhinzi, ukora umurimo wo mu biro

cyangwa ukora umurimo wo gukanika - bose bafite inshingano yo guhishurira abandi ubutumwa bwiza. Umurimo wose ukwiriye kwerekeza kuri iyo ntego.

Abakora umurimo bashinzwe nabo ubwabo barahirwa. Abacitse intege bazibagirwa gucogora kwabo, abanyantegenke bazakomera, n'abaswa bazahinduka abanyabwenge.

Itorero ribereyeho gukora. Intego yaryo ni ugukora. Abizera b'itorero bakwiriye kwigishwa n'umugaba w'agakiza kabo. Abapasteri, abaganga n'abigisha bakwiriye kwigisha ababatega amatwi, kugeza ku bandi amahame y'ukuri. Ukuri kudashyizwe mu bikorwa ntikwagera ku bandi, gutakaza imbaraga zako zihesha abantu ubugingo n'imbaraga zikiza. Ukuri kubasha guhesha umuntu umugisha igihe agusaranganya n'abandi.

Buri mwizcra w'itorero akwiriye gukorera shebuja mu buryo ninaka, akora uko ashoboye kugira ngo arwanye indwara n'ubuhanya byoretse isi yacu. Abenshi bashobora kugira icyo bakora baramutse bigishijwe uko batangira.

Itorero rikwiriye kuba ishuri ryigisha. Abizera bakwiriye kwigishwa uburyo bwo kwigisha ibyigisho bya Bibliya, n'uburyo bwo kwigisha ibyigisho by'ishuri ryo ku Isabato, no gufasha abakene n'abarwayi no gukorera abatarihana. Hakwiriye kubaho amashuri yigisha iby'ubuzima, n'ibyo guteka, n'andi atari amwe y'imirimo ya gikristo yo gufasha. Abantu ntibakwiriye kwigishwa gusa ahubwo bakwiriyc gukora. Abigisha ni bo bakwiriye kuba nyamberc. Icyitegererezo kimwe kingana n'amategeko menshi.

## Ntugasigare Inyuma Ngo Ni Uko Udafite Ubwenge

Ubuntu Kristo yagiriye Paulo na Apolo bubasha guhabwa abakristo bitanze muri iki gihe. Imana ishaka ko abana baya bagira ubwenge n'ubuhanga, kugira ngo icyubahiro cyayo kigaragarire abo ku isi yacu.

Abakozi bigishijwe kandi bihaye Imana, bashobora gukora umurimo ukomeye kurusha abatigishijwe. Kwitegeka mu bitekerezo bibashyira mu mwanya mwiza. Ariko n'abadafite impano zikomeye cyangwa batigishijwe bihanitse, babasha kunganira abandi mu buryo bwiza. Imana ikoresha abashaka gukora. Hakenewe abagabon'abagore bumvise ubutumwa buturutse mu ijuru bo gusubiza uwabararitse avuga ati "Mwemere kuba abagaragu banjye, munyigireho." Matayo 11:29. Umuntu Imana yakoze ku mutima azirikana abataramenya urukundo rwayo, maze akabasanga nk'intumwa iturutse mu ijuru, intumwa ifite ubutumwa, kugira ngo akore umurimo afatanije n'abamarayika.

Abo Imana yahaye impano zikomeye nibazikcresha mu byo kwihugiraho, nibamara kugeragezwa bazarekwa maze bikurikirire inzira zabo. Imana ikoresha a'oatagaragara ko bahawe impano nyinshi, batiyemera, n'umunyantegenke iramukomeza. Imana ubwayo ni yo iha umuntu ibyo adafite.

Akenshi Imana yagiye itoranya abafite amashuri make kugira ngo bayikorere. Kubera umurava wabo n'umwete wabo no kugira inyota yo kunguka ubwenge, Imana yarabagororeye. Yabonye amarira yabo yumva n'amasengesho yabo, kandi rimwe na rimwe bagiye bayimenyesha abantu benshi bitangaje. Imana izana abakozi nk'abo kugira ngo bafatanye n'abandi bafite ubushobozi kuziba icyuho cy'abagenda. Kumenya vuba igikwiriye gukorwa, n'amagambo yabo n'ibikorwa byabo byiza, bikingura inzugi zitari kuzakinguka. Basanga abari mu

kaga, maze amagambo yabo akarehereza ku Mana abantu benshi badagadwa.

Abantu benshi biyita abakristo bakunda kwishimira kwibera mu matorero manini, ntibashake kugira icyo bakorera abandi. Icyabafasha cyane ni uko bareka ibiboroheye bimenyereje. Bakeneye kujya aho bashobora kwigira gusohoza inshingano zabo. Ibiti bicucitse hamwe ntibibyibuha. Umuhinzi arabigemura kugira ngo bibone uko bikura neza. Umurimo nk'uwo wafasha abizera bo mu matorero manini, baba imfunya n'imburamumaro ku bwo kunanirwa kwitangira kugira icyo bakorera abandi. Bajyanywe ahantu hakennye, bashobora gukura bafite imbaraga.

Ariko ntawukwiriye gutegereza ko azabanza guhamagaririrwa kujya kure. Imirimo ntaho itari. Ahatuzengurutse hari abapfakazi, imfubyi, abarwayi, indembe, abakutse umutima, abacogoye n'insuzugurwa. Ubwire inshuti zawe n'abaturanyi ibya Kristo, Umukiza ubabarira abanyabyaha. Bararike baze- iwawe, maze ubasomere Bibliya cyangwa ibindi bitabo bisobanura ukuri kwa Bibliya. Muri ayo materaniro matoya Kristo ubwe aba ahari, abantu bashobora kumwegurira imitima yabo. Uwo murimo hi ingirakamaro ntaho utandukaniyc no kujya gukiriza Yesu abantu bo mu bindi bihugu. Igihe hariho bamwe bumva bafite umutwaro wo gukiza abantu ba kure, mureke habehobenshi bafite umutwaro wo gukiza ababakikije. Benshi bababazwa no kubaho imibercho yo kutagira aho batarabukira. Na bo bashobora kugira imibereho yagutse yagira icyo imarira abandi baramutsc babishatse. Abantu bakunda Yesu bafite ahantu hagari bihagijc bashobora kwerekaniramo ubushobozi bwabo.

## Kristo Yadusezeraniye Gutsinda.

Ntihakagire ugira icyo akerensa. Gukorana umwete icyo ukoreshejwe cyose ni byo byagushoboza gukora umurimo ukomeye. Kwirengagiza ibintu bito bikwegereye, bituma

umuntu ahinduka imburamumaro akaba imfunya. Utangirire aho wabona umurimo hose, maze ukomeze ujye mbere. Kwizera Kristo gukomeza umuntu kukamuha gushikama. Mukore mutishakira inyungu, mukorane umuhati mwihangana.

Ahantu hahoze haruhanije, habaye guhinduka gutangaje kubera abakozi bitanze kandi bisunga Imana. Ibyiza byinshi bikorwa ntibishobora kumenyekanira kuri iyi si, ahubwo bizagaragazwa hanyuma.

Paulo wakoraga nk'umukozi witunze, yakoze umurimo wo kwamamaza no kumenyekanisha Kristo mu isi yose. Buri munsi yigishaga ubutumwa mu migi ikomeye yo muri Asiya no mu Bulaya, ari na ko akoresha amaboko ngo abone ibyo kumutunga we na bagenzi be. Yabwiye abayobozi bo muri Efeso ati "Ubwanyu murabizi, ... yuko aya maboko yanjye ari yo yankenuraga ibyo nkennye n'abo twari turi kumwe." Ibyakozwe n'Intumwa 20:18,34.

Muri ibi bihe abenshi bashobora gukora batyo. Mureke babiri cyangwa se abarenzeho bafatanirize hamwe gusura abantu, gusenga, kuririmba, kwigisha, gusobanura Ibyanditswe Byera no kunganira abarwayi. Bamwe bashobora kwitunga bakora umurimo wo kubwiririsha ubutumwa ibitabo; abandi babasha gukora imirimo y'ubukorikori cyangwa indi mirimo. Uwiteka azabajya imbere uko bazajya biyemeza gukora uwo murimo, kandi bazajya bakirwa neza kandi baterwe inkunga haba mu bakire cyangwa se mu bakene. Abize umurimo w'ubuvuzi bakiza imitima, bashobora kujya mu bihugu by'amahanga bagatangira gufasha abantu. Bakora umurimo biga n'ururimi rw'igihugu. Bidatinze bashobora kwigisha ukuri kw'Ijambo ry'Imana.

Intumwa zigeza ku bantu ubutumwa bw'imbabazi zirakenewe ku isi yose. Mbega ukuntu hakorwa umurimo utangaje imiryango yose y'abakristo iramutse imurikiye abantu bagituye mu mwijima wo kutamenya Imana!

Igihe abantu benshi bagitegercje ko inkomyi zose zikurwaho, abantu batagira ingano bariho barapfa badafite ibyiringiro kandi batarizera Imana. Kubera gushaka ubutunzi cyangwa se ubwenge, hariho bamwe bemera kwitanga n'amagorwa bakaba mu turere tutari twiza; nyamara bake gusa ni bo bemera kwimurira imiryango yabo mu turere dukeneye ubutumwa bwiza.

Mu mirimo yose ukora, ureke urukundo rwa Kristo rufite imbaraga ikiza kandi itanga ubugingo rugaragarire mu mibereho yawe. Igihe ugerage'za kumureherezaho abandi, ujye ugira imvugo nziza, wirinde kwihugiraho mu byo ukora byose, uhorane umunczero, kandi uhamirize abanda iby'imbaraga y'ubuntu bwe.

Ntacyo bimaze kugerageza gukosora abandi ubanegura. Bene ibyo bikora ishyano aho kugira icyiza bikora. Igihe Kristo yaganiraga n'Umusamariyakazi, mu cyimbo cyo kunegura iriba rya Yakobo, yerekanye ikintu cyiza. Yerekeje ikiganiro cye ku "mazi y'ubugingo," ku munezero n'ibyiringiro by'ubutumwa bwiza.

Ibyo birerekana uko dukwiriye kugenza. Dukwiriye gutanga ibiruta ibyo abantu bafite, ari byo mahoro ya Kristo. Dukwiriye kubwira abantu iby'amategcko yera y'Imana, amategeko yerekana imico yayo, n'uko yiftiza ka abantu bamera. Bwira abandi iby'umudendezo n'uburuhukiro bitangwa n'Umukiza. Amamaza Yesu. Ni we wenyine ubasha gutuma umutima ushonje unyurwa, kandi ni we wenyine utanga amahoro.

Mu bantu bose bo ku isi, abagorozi bagomba kuba abantu batihugiraho, abagwaneza n'abantu bashyikirana n'abandi. Umuntu utihanganira ubujiji bw'abandi no kutumvira kwabo, akavuga ahubutse cyangwa agakora ibyo adatekereje, abasha gutuma abantu binangira imitima.

Nk'uko ikime n'ibitonyanga bigwa ku bimera bikakaye, abe ari ko amagambo yanyu amera igihe mushaka kuvana abantu mu mafuti. Umugambi wa mbere w'Imana ni ukugera ku mitima y'abantu. Dukwiriye kuvuga ukuri dufite urukundo, twiringiye ko Imana iguha imbaraga yo guhindura imibereho y'umuntu.

Igihe twiga ibyigisho Kristo ashaka kutwigisha, duhinduka nka we; tukagira imibereho nk'iye. Nituvuga amagambo y'ubugwaneza kandi tukagira ibikorwa byiza tuzaba tugerageza koroshya inzira z'abananiwe. "Imana yampaye ururimi rw'abigishijwe, kugira ngo menye gukomeresha urushye amagambo." Yesaya 50:4.

Ahadukikije hari imbabare nyinshi. Mu bitekerezo by'abantu hari ibintu biteye agahinda badakuraho amaso. Ingorane zo mu rugo zibaca intege, zikabavanamo ibyiringiro no kwizera. Bene abo babonye inshuti yo kubabwira amagambo y'iremamutima byabarutira izahabu cyangwa ifeza. Amagambo y'ubugwaneza yishimirwa nko kumwenyuririrwa n'abamarayika.

Abantu batabarika bagundagurana n'ubuhanya, n'iyo bakora bakaruha ntibabona ibibahagije. Imiruho no kuba inkehwe, no kutagira ibyiringiro byo kugira icyiza babona, bituma imitwaro yabo ibaremerera cyane. Iyo uburibwe n'indwara na byo bibagezeho, umutwaro urushaho kuremera ntibababashe kuwuyegayeza. Nyamuneka mujye mubagirira impuhwe mu magorwa yabo. Mubabwire ibyo Imana yabasezeraniye; musengane na bo kandi mubasabire; mubatere ibyiringiro. Amagambo yo kubakomeza babwiwe igihe bacitse intege, Umukiza ayareba nk'aho ari we abwiwe. Abamarayika barayishimira.

Ibihe byose Uwiteka ahora yifuza gukangura abantu ngo bamenye ko Imana ibakunda urukundo rwa kivandimwe. Mujye mukorana n'Imana. Muvuge nk'ibyo yavuga kandi

mukore nk'ibyo yakora iramutse ibaye mu mwanya wanyu. Mwerekane imico yayo myiza. Abantu bacishije bugufi iyo bakoranye na Kristo, babasha gukora ibyiza byazahora bivugwa ibihe byose.

Umuntu utihugiraho, akemerera Mwuka Muziranenge kuba mu mutima we, kandi akabaho imibereho yo kwiyegurira Imana, aba umuntu w'ingirakamaro bihebuje. Abantu bose barundurira imibiri yabo n'ubwenge bwabo n'imitima yabo mu murimo w'Imana, bahora bahabwa imbaraga nshya mu by'umubiri, mu by'ufciwenge n'iby'iyobokamana. Bahora bakungahazwa n'ubutunzi bwo mu ijuru nk'aho ari bo babutegeka. Kristo abaha ku Mwuka we, umugabane wa kamere ye. Kubw'ubuntu bw'Imana dushobora gutsinda ibyo twibwiraga ko tudashobora gutsinda bitewe no kwizera guke. Umuntu wese wiyegurira gukorera Imana atizigamye, ahabwa imbaraga yo kumukoresha ibintu bitangaje.

## IGICE CYA 10

## GUFASHA ABAGERAGEZWA

Nubwo twari dukwiriye guhanirwa ibyaha byacu, Kristo ntaduciraho iteka. Kutanyurwa kwacu, kutumvira, kuraruka, kwinangira umutima, no gusuzugura Ijambo ry'Imana, ntibituma Imana itwivumburira ahubwo iracyadutegeye amaboko ngo tuyisange. Ubuntu, ni imico. myiza Imana igirira abantu batabikwiriye. Imana yishimira kuduha ubuntu bwayo, atari uko tubukwiriye, ahubwo ari uko tutabukwiriye na hato. Igituma dusaba imbabazi, ni uko tuzikeneye cyane.

Imana yishimira kwambura umunyago umunyamaboko, kubatura imbohe no gukura umuntu mu muriro. Izohereza ku isi umurunga w'izahabu w'imbabazi zayo

kugira ngo.izahure umuntu w'akahebwe wandujwe n'icyaha. Imana ikunda umuntu wese kandi ikamwitaho. Imana yita ku banyamafuti n'abatagira gifasha nk'uko umushumba w'intama azitaho.

Ubwuzu no kwihangana Umukiza yerekanye, ni byo dukwiriye kwereka abandi. Aravuga ati "nk'uko nabakun'ze, mube ari ko namwe mukundana." Yohana 13:34. Igihe tubonye abagabo n'abagore bakeneye gufashwa ntitukirirwe tubaza tuti, Mbese bakwiriye gufashwa?" Ahubwo dukwiriye kuvuga tuti, "Mbese nabunganira nte?".

Imana ibona mu muntu agaciro katagira uko kagereranywa. Kubera -icyubahfro cy'umusaraba, dukwiriye kwitegereza agaciro Imana iha ikiremwamuntu. Tubigenje dutyo, twasanga ko abantu, nubwo basigingiye batanzweho byinshi ku buryo badakwiriye gusuzugurwa. Mu mugani Yesu yaciye w'igiceri cyatakaye, nubwo cyari mu bishingwe, cyari kikiri igiceri cy'ifeza. Cyari kigifite agaciro. Bityo n'umuntu wese afite agaciro ku Mana. Nkuko igiceri cyari kiriho ishusho y'umutegetsi, ni ko n'igihe umuntu yare:mwaga yari afite ishusho y'Imana. Nubwo ubu yasibanganijwe n’icyaha, iyo shusho iracyari ku muntu. Imana yifuza kongera kumwandikaho ishusho yo gukiranuka kwayo.

Mbega ukuntu tudafatanya na Kristo kugirira impuhwe abatagira kivurira, abanyabicumuro n'abapfuye bazize gukiranirwa n'ibyaha! Gufata umuntu nk'inyamaswa ni cyo cyaha cyacu gikomeye. Benshi bananinva kwerekana ubugwaneza bw’Imana n'umkundo nvayo rukomeye. Ibihe byinshi usanga abo babwiza ubukana amagambo ataranganwa impuhwe, ari abashengurwa n'ibishuko, maze ayo magambo y'amacumu agatuma imbaraga z'umushukanyi zibivugana.

## Uko Twagera Ku Mitima

Kumenya ibitekerezo by'abantu ni ikintu cyo kwitonderwa cyane. Ushobora guhagarara nk'igiti wibwira uti "Nkurusha gukiranuka," nubwo waba ubivuze utabanje no gutekereza neza; ayo magambo yawe ntashobora kugera ku mitima y'abantu. Urukundo rwa Kristo rugaragarizwa mu magambo no mu bikorwa ni rwo mbasha kugera ku mutima, igihe amategeko n'impaka bitabasha kuhamenera ngo bigire icyo bimara. Dukwiriye kugirira impuhwe cyane abantu bari ku rugamba, bahora bagwa mu mafuti kandi bakicuza. Dukwiriye gusanga bagenzi bacu, tubabaye nk'Umutambyi wacu mukuru, dushengurwa n'ubumuga bwabo.

Kubw'ubugwaneza bwa Kristo yategetse umusoresha n'umunyabyaha kumusanga. Abo atemeraga gusa ni abasuzuguraga abandi. Kubera ubugwaneza bw'intumwa z'Umukiza, ukurarika kwe kubyutsa abaguye mu mworera w'icyaha. Ijambo ry'Imana rihamagarana abagabo n'abagore umwete ngo baze kuri Kristo. Dukwiriye gukoresha uburyo bwose haba ahantu hiherereye cyangwa se mu ruhame ngo tuyobore abantu ku Mukiza. Dukwiriye kwerekana ko twifuza ko banezeza Kristo bakoresheje impano yabahaye guhesha izina rye icyubahiro.

"Twakijijwe dufite byiringiro." Abaroma 8:24. Kristo aha abantu ibyiringiro bibahesha icyubahiro. Ndetse n'abaguye bakagera hasi cyane arabubaha. Niduhabwa ku Mwuka we, tuzareba abantu bose nk'abavandimwc, bahuje ibishuko n'ibigeragezo, bahora bagwa babyuka,. barwana no gucogora, kandi basonzeye impuhwe n'ubufasha. Ntidukwiriye kubaca intege cyangwa ngo tubasubize inyuma, ahubwo dukwiriye kubatera ibyiringiro. Imana "ireba ababa mu isi bose; ni yo ibumba imitima yabo bose." Zaburi 33:14,15.

Kubwo gukorera abageragezwa n'abateshuka inzira, Imana iratubwira iti "umuntu wese yirinde, kugira ngo na we

adashukwa." Abagalatiya 6:1. Kubwo kumenya integenke zacu bwite, tuzagirira abandi impuhwe. "Mbese ni nde watumye mutamera nk'abandi? Kandi icyo mufite mutahawe ni iki?" "Umwigisha wanyu ni umwe, namwe mwese muri abavandimwe." 1 Abakorinto 4:7; Matayo 23:8.

### Ntugace Intege Umunyamafuti Wisubiraho

Bitera ipfunwe cyane iyo amafuti y'umuntu ashyizwe ahabona. Ntihakagire ubabarisha undi kumugaya. Nta muntu wigeze agororwa no gukozwa isoni, ahubwo byagiye bituma benshi binangira imitima ntibihane. Kubwira umuntu neza bibasha gukiza uwateshutse inzira.

Intumwa Paulo yabonye ko ari ngombwa guhana uwakoze nabi, ariko yatekereje ko ari byiza kwerekana ko ari inshuti y'abafuditse. Yabasobanuriye yuko kubababaza byamuvunnye. Yaravuze ati "Nabandikiye mfite agahinda kenshi n'umubabaro mwinshi wo mu mutima, ndira amarira menshi, icyakora si ukugira ngo mbatere agahinda, ahubwo ni ukugira ngo mumenye uburyo mbakunda urukundo ruhebuje." 2 Abakorinto 2:4.

Paulo ntiyandikira. abafite imico itagira amakemwa. Yandikiye abagabo n'abagore banvanaga n'ibigeragezo, kandi bari bafite ingorane zo kugwa. Yabahamirije yuko Imana izakoresha "amaraso y'isezerano ry'iteka ryose kugira ngo izabatunganirize gukora 'byo ishaka, bakora ibishimwa imbere yayo, ku bwa Yesu Kristo." Abaheburayo 13:20,21.

Igihe uwaguye mu cyaha yemeye ifuti rye, muramenye ibyo ntimukabimusuzugurire. Ntimukibwire muti "kugira ngo mwizere, reka mbanze ndebe icyo azakora." Akanshi kutiringira uwahuye n'ibigeragezo, bimutera kugwa.

Tuzi bike byerekeye ibigeragezo by'umutima by'ababohewe mu mwijima, kandi badafite ibitekerezo

bihamye. Umuntu ubabaje cyane ni uterwa intimba n'ibibi yakoze. Aba asa n'utumva. Ntabwo abasha kureba neza. Ubwenge bwe buba bwaguye ikinya. Ntaba azi icyo agomba gukora. Akenshi iyo umuntu batamwumva neza, akaba acogoye kandi afite intimba ku mutima, asa n'uwayobye inzira, akamera nk'intama yazimiye. Ntashobora kubona Imana, kandi yifuza amahoro no kugiririrwa imbabazi.

Ntihakagire uvuga ijambo ryo kumwongerera umubabaro! Bene uwo muntu. urembejwe n'imibereho y'icyaha, mwereke Ycsu. Mufashe yishingikirize ku kiganza cy’Umukiza w'umunyambabazi.

**Umunsi W'ibitangaza Nturashira**

Ntitukareke gufasha umuntu igihe hakiriho ibyiringiro. Abantu bafite agaciro ku buryo byatumye Umukiza wacu yitanga, yatanze ikiguzi gikomeye umuntu atapfa guharira imbaraga z'umushukanyi. Mwibuke ko inyana ari iya mweru, ko inshuti mbi zihindura umuntu, kandi ingeso mbi zikanduza. Abayobejwe n'ibyo basubira inyuma bakagera kure. Twatangazwa no kubona batihutira gukora uko bashoboye kugira ngo bazahukc? Akenshi iyo abari barabaye akahebwe bakiriye ubutumwa bwiza, usanga ari bo baba abayoboke babwo b'imena. Hirya y'ibigaragara ko biteye ubwoba, hari ibyiza. Bene abo bantu bakeneye amagambo meza no kubafasha witonze. Bakeneye inama zidahuhura umutima wabo ucogoye.

Abantu benshi bageze kure kubi ku buryo batabasha kuba uko bagombaga kumera igihe bakiri muri ubu bugingo. Nyamara Zuba ryo gukiranuka abasha kubamurikira. Mubatercmo ibitekerezo byiza. Mureke imibereho yanyu yerekane itandukaniro rinini riri hagati y'ibyiza n'ibibi, n'iriri hagati y'umwijima n'umucyo. Ugire imibereho ntangarugero, ituma bamenya kuba umukristo icyo ari cyo.

Kubera igitangaza cy'ubuntu bw'Imana, abenshi babasha kuba irigirakamaro. Gusuzugurwa no guhabwa akato byabaciye intege, bagaragara nk'abanyamubabaro. Ariko ku bw'imbaraga ya Mwuka Muziranenge, ibitekerezo byajijwe bikazamo igihu bibasha gukanguka. Imbata y'ibyaha izabaturwa. Ububi buzaba akari aha kajya he, n'ubujiji buzatsindwa. Kwizera gukorera mu rukundo kuzatunganya umutima kandi guhumure ubwenge.

## IGICE CYA 11

## KUNGANIRA ABABASWE N'INZOGA N'lBINDI BIYOBYABWENGE.

Ubugorozi bw'ukuri bwose bufite umwanya mu murimo w'ubutumwa"bwiza. Ubugorozi mu byo kwirinda bukwiriye ushyigikirwa n'ubakozi b'abakristo. Bakwiriye kwigisha mahame yo kwirinda, bagasaba abantu gusinyira ko basezeranye ko bazirinda. Mu matorero no mu ngo ziyita iza gikristo abasore benshi batenva indwara n'ingeso mbi zo kutirinda, kandi ku bwo gushaka amafranga yo gutagaguza mu bibi, bagakora ibindi bibi byo kutiringirwa. Ababyeyi barashengujrwa n'ishavu. Abantu bavuga ko bene abo bayobye ubutagaruka, ariko Imana izi impamvu zatumye bamera batyo, kandi ibarebana impuhwe. Ntimukagire ubwo mubaha urwakwe rwo kuvuga ngo " Ntawe unyitayeho."

Mu bantu bazize kutirinda harimo abagabo n'abagore bafite imyanya yo hejuru, bafite impano z'ingenzi kandi babasha kugera kuri byinshi. Ku bwo kudatsinda ibigeragezo bahora mu magorwa, mu ndwara no mu buhanya. Ntibababasha kwitegeka. Hatagize ubaramburira ukuboko ngo abagoboke, bakomeza gusaya mu bibi. Uko kutitegeka ntabwo ari icyaha gusa, ahubwo ni indwara y'umubiri.

Nk'uko Kristo yabigenzaga, dukwiriye kwita ku buzima bwabo bwa mbere. Bakeneye ibyo kurya n'ibinyobwa byiza bidatuma umubiri ukora mu buryo bw'indengakamere. Bakeneye umwuka wa gikristo. Mu midugudu yose hakwiriye guteganywa ahantu ho gufashiriza abo 'bantu babaswe n'ingeso mbi. Dukwiriye kwibuka ko tudakorera abantu bafite mu mutwe hazima, ahubwo ni abantu bamaze igihe batwarwa n'imbaraga za Satani. Ujye wihangana. Umusinzi namara kwimenyaho ukuntu yashayishije, jya umwereka ko uri inshuti ye. Ibikorwa byawe cyangwa indoro yawe ntibikerekane ko umureba nabi cyangwa ko umwitaza. Urebe uko wakomeza icyiza yaba afite mu mico ye. Umwigishe uko yasingira abiri hejuru. Umufashe kugira ngo arebe agaciro' k'impano yahawe n'Imana, we akaba yarananiwe kugira icyo azimaza.

Nubwo ubushake bwagize integenke, haracyariho ibyiringiro; Kristo ashyira mu mutima ibitekerezo bizima n'ibyifuzo bitunganye. Usomere Bibliya umuntu ugeragezwa, wa wundi uri ku rugamba. Umusomere kenshi amasezerano y'Imana. Wihangane ukomeze ubikore kugeza ubwo amaboko y'uhinda umushitsi azasingira ibyiringiro byo gucungurwa bibonerwa muri Kristo.

Ntugatezuke ngo utererane abo ugerageza gufasha, ni bwo uzatsinda. Agatima karehareha k'inzoga bamenyereye kazagerageza kongera kubanesha ibihe byinshi, ndetse babasha kongera kugwa ibihe byinshi; ariko ntukareke kubunganira. Abenshi barwana n'ingeso bavukanye. Inyota n'agatima karehareha barabivukanye. lbyo ni ukubyitondera cyane. Abatayinyuzemo ntibashobora kumenya ko kurwanya ingeso mbi no kwiyemeza kwirinda ari intambara ikaze. Ni intambara ikwiriye kurwanywa ubudatezuka.

Abenshi mu bamaze kwiyegurira Kristo ntibafite ubutwari bwo gukomeza kurwanya irari n'iruba. Nyamara ntimukwiriye gucika intege. Mwibuke ko mudakora

mwenyine. Abamarayika bafatanya n'umuntu wese ukorana umutima ukunze, kandi n'Umuganga ukomeye ubwe ahora iruhande rw'abamukorera bakiranutse. Abantu benshi b'insuzugurwa bazasingira ibyiringiro byabashyizwe imbere maze binjire mu bwami bwo mu ijuru.

Abantu babaswe n'ingeso mbi bakwiriye gukora uko bashoboye bakisubiraho. Babasha guhabwa ubuntu bwa Kristo ku rugero rukwiriye, Kristo abasha kubingingira n'abamarayika babasha kubunganira; nyamara byosc byaba iby'ubusa, bo ubwabo baramutse batarwanye ku giti cyabo.

Abazahajwe no kutitegeka, bakwiriye kumva ko kuvugurura ibitekerezo byabo ari ngombwa kugira ngo babashe kuba abantu nyabantu. Imana ibahamagarira mu mbaraga za Kristo kugira ngo basubirane imibereho bahawe n'Imana bakayihindura ubusa.

Akenshi iyo umugabo cyangwa umugore aremerewe n'imbaraga y'igishuko atakana ubwihebe ati "Sinabasha kugitsinda." Mubwire ko ashobora kugitsinda. Ibitekerezo bye bifite integenke. Amasezerano ye n'ibyo yiyemeza bimeze nk'umugozi uboshywe mu musenyi. Kumenya ko yishe amasezerano bituma atacyifitiye icyizere, bigatuma yibwira ko Imana idashobora kumwemera cyangwa se ngo ikoreshe imbaraga ze. Nyan.ara ntakwiriye gucika intege. Abiringira Kristo ntibakwiriye kubatwa n'ingeso za kavukire cyangwa se imico bimenyereje. Bakwiriye gutegeka irari ry'ibyokurya n'iruba ry'uburyo bwose. Imana ntidutererana ngo turwane n'umubi twenyine. Dushobora gutsinda dukoresheje imbaraga Imana yiteguye kuduha.

## Imbaraga Z'Ubushake.

Umuntu urwana n'ibishuko akeneye kumenya imbaraga y'ubushake. Iyo ni yo mbaraga iruta izindi umuntu agiraimbaraga yo kumasha no guhitamo. Ikintu cyose giterwa n'ubushake butera umuntu kugira icyo akora. Icyifuzo cy'ubugiraneza no kubonera ni cyiza igihe gikomeje; ariko iyo duhagarariye aho gusa, icyo cyifuzo nta cyo kiba kimaze. Hariho benshi barindimuka bajya kurimbuka kandi bifuzaga kunesha. Bene abo ntibaba bemera kuyoborwa n'imbaraga y'Imana. Ntibaba bahisemo kuyikorera.

Imana yaduhaye imbaraga yo guhitamo; ni umurimo wacu kuyikoresha. Ntidushobora guhindura imitima yacu, uretse ko dushobora gutegeka ibitekerezo byacu, imigambi yacu n'urukundo rwacu. Ntidushobora kwiboneza. Ariko dushobora guhitamo gukorera Imana. Tubasha kuyiha ubushake bwacu, maze ikadukoreramo gushaka no gukora ibiyinezeza. Ubwo ni bwo kamere yacu yose yabasha gutegekwa na Kristo.

Gukoresha neza ubushake, ni byo bihindura imibereho yose y'umuntu. Iyo twiyeguriye ubushake bwa Kristo, dufatanya n'imbaraga y'Imana maze tukabona ubushobozi bwo kudutera gushikama. Imibereho itunganye yo kunesha irari n'iruba, ibasha guhabwa umuntu wese ufatanya ubushake bwe n'ubushake budateguza bw'Imana ishobora byose.

Abantu barwana n'irari bakwiriye kwerekwa yuko abica amategeko y'ubuzima babitcwe no gusonzera ibidakwiriye, baba bubaka urufatiro rwo kunywa ibiyobyabwenge. Baramutse bumviye amategeko y'ubuzima, ni bwo bashobora kubaturwa ku irari ry'ibikoresha umubiri ku buryo bw'indengakamere. Igihe bashaka yuko imbaraga z'Imana zabaca ku ngoyi z'irari, baba bakwiriye gufatanya n'Imana bakumvira amategeko yayo, amategeko cumi n'amategeko agenga umubiri.

Abagerageza iby'ubugorozi bw'ubuzima bakwiriye guhabwa icyo bakora. Nta muntu ubasha gukora ukwiriye kumenyerezwa gutungwa no gusabiriza ibyokurya, imyambaro n'aho kuba. Akwiriye guterwa umwete wo gukora ikintu cyose cyatuma yibeshaho. Ibyo byatuma umuntu yihesha agaciro. Umurimo w'ingirakamaro umuntu akora umurinda ibishuko.

**Uko Umuntu Yagenza Ibimutera Gushoberwa.**

Abantu benshi basezerana kuzagorora imibereho yabo ariko ugasanga badahindura' ingeso uko zakabaye; uko si uguhinduka nyakuri k'umutima. Bakomeza gukunda ibyo bakundaga, gusonzera umunezero w'ubupfapfa bamenyereye, no kwifuza ibyo kwinezeza. Bapfusha ubusa imbaraga zabo zose, ugasanga ari ba nyamujyiryanino. Ibitekerezo byabo bikagorama. Abantu nk'abo bateza abandi akaga. Iyo bafaslfwe nk’abantu bafite imibereho yahindutse, ibyo bakora bihumanya intungane.

Ndetse n'abashaka rwose kugorora imibereho yabo ntibaba barageze aho badashobora kugwa. Bakeneye gufashwa mu bwenge. Rimwe na rimwe kogagiza abagize ibyo bacikaho cyangwa se kubashimagiza, birabangiza. Kwemerera abagabo n'abagore kuvugira mu ruhame iby'imibereho yabo y'ibyaha, biteza akaga ubivuga n'abamuteze amatwi abakize izo ngeso mbi biyumvamo yuko imibereho yabo y'ibyaha yatumye batamera nk'abandi Gukunda kumenyekana bitera umutima kurimbuka. Abantu babasha kuba amahoro masa, baramutse bisunze ubuntu bwa Kristo.

Ntihakagire usubiza inyuma umuntu wimuye Satani akiyemeza gukorera Kristo. Mujye mwakira abo bantu bicishije bugufi bakihana. Nubwo baba baraguye bingana iki igihe biyoroheje bagasanga Kristo arabakira. Bitvo rera mujye mubaha icyo bamukorera. Igihe bashaka gukura abandi mu rmvorera nabo ubwabo bavanywemo, mujye mubatera inkunga. Mujye mureka bafatanye n'abakristo b'inararibonye.

Mujye rmvuzuza imitima yabo n'amaboko yabo imirimo ya shebuja.

Bamwe bazaba abakozi b'ingirakamaro bunganira abanyabyaha bameze nk'uko na bo bari bameze kera. Kubwo kwizera Kristo bamwe bashobora kuba mu myanya yo hejuru mu byo gukiza imitima. Babona aho integenke zabo ziherereye. Babona ko badashobora gutsinda badafite Kristo.

Abo bashobora gufasha abandi. Umuntu wari utakigira ibyiringiro ariko agakizwa no kumva ubutumwa bw'urukundo, abasha gusobanukirwa n'ubwenge bwo gukiza imitima. Umuritu Umukiza yashatse akamugarura mu mukumbi, azi gushaka abazimiye, kandi abasha kuyobora abanyabyaha ku Mwana w'Intama w'Imana. Abantu bahurije hamwe gukora uwo murimo, abenshi bararutse bashobora kugaruka kuri Data wa twese.

Umuti umwe rukumbi uvura ububi bw'icyaha ni ubuntu bwa Kristo. Ibyiza umuntu yakora ku giti cye bwite nta cyo byamara. Amasezerano yose yo ku isi abantu bagira ntashobora kunesha imbaraga y'ingeso mbi. Abantu ntibashobora kwimenyereza ibyo kwirinda imitima yabo itaravugururwa n'ubuntu bw'Imana. Ubugorozi nyakuri butangirana no gutunganya umutima w'umuntu. Umurimo wacu wo kunganira abaguye mu cyaha wagira icyo ugeraho umuntu aramutse agiranye umushyikirano n'Imana.

Kristo yumviraga amategeko y'Imana mu mibereho ye yose, bituma abera urugero abantu bose. Tubasha kubaho imibereho nk'iye muri iyi si tubikesheje imbaraga ze n'inyigisho ze.

Mu murimo wacu wo gufasha abaguye mu cyaha, kumvira amategeko y'Imana no kuyigandukira bikwiriye gucengezwa mu mitima y'abantu. Imana ni urukundo, ariko ntishobora kurekera aho abirengagiza nkana amategeko yayo.

Abayihesha ikuzo ni bo ishobora guhesha icyubahiro. Imyifatire y'umuntu kuri iyi si, ni yo itegura imibereho ye yo mu bihe bidashira.

Kumvira nyakuri ni ko konyine gushobora gusohoza iby'Imana ishaka. Dukwiriye kwereka abanyabyaha imico itagira amakemwa ya Kristo, no kubamuyoboraho. Ubuntu bwe bwonyine ni bwo bubasha gutuma bagira imico nk'iye.

Umukiza yishyizeho ubumuga bw'abantn maze abaho imibereho itagira inenge, kugira ngo twe gutinya ko tudashobora gutsinda kubera integenke z'umuntu. Kristo yazanywe no kudushoboza kugira uruhare kuri kamere y'Imana, kandi imibereho ye igamgaza ko umuntu wifatanije n'Imana atabasha gukora icyah.a.

**Umukiza Atwereka Uko Dushobora Gutsinda.**

Kubwo kwizera amasezerano y'Imana, Kristo yabonye imbaraga yo kumvira, bituma umushukanyi atamuhangara. Igihe cyose Satani yamugeragezaga yarasubizaga ati "Byanditswe ngo." Bityo rera Imana yaduhaye amasezerano yayo meza kandi akomeye yo kudushoboza gutsinda umubi. (Reba 2 Petero 1:4).

Mubwire abageragezwa be kujya bareba ku ntegenke zabo cyangwa se ku mbaraga z'ibishuko, ahubwo bajye bahanga amaso imbaraga y'ijambo ry'Imana. Umunyazaburi aravuga ati "Nabikiye ijambo ryawe mu mutima wanjye, kugira ngo ntagucumuraho." Zaburi 119: 11. "Kwitondera ijambo ry'iminwa yawe ni ko kumpa kwirinda inzira z'abanyarugomo. Zaburi 17:4.

Abenshi baratsindwa bagacika intege bakibwira ko kwegera Imana nta cyo bimaze; ariko icyo gitekerezo ni icy'umwanzi. Igihe bibwira ko badashobora gusenga, mubabwire ahubwo ko ari cyo gihe cyo gusenga. Bashobora

gukorwa n'isoni bagacika intege; ariko iyo bihannye ibyaha byabo, Imana irababababarira kandi ikabibahanaguraho.

Nta kintu kibabaje nyamara kandi kitagira uko gisa, nk'umuntu wibwira ko nta cyo amaze ariko akisunga imbaraga z'Umukiza. Kubwo gusenga, kwiga ijambo ry'Imana no kwizera Ibera hose icyarimwe, ahantu b'abanyantegenke hanyuma y'abandi babasha kubaho imibeteho yo kugendana na Kristo, na we akababafata ukuboko kugira ngo batamucika.

Abo Imana yababariye ibyaha cyane, barushaho kuyikunda cyane, kandi kuri wa munsi uheruka; ni ho bazaba ibyegera bihagarara iruhande rw'intebe yayo.

## IGICE CYA 12

## KUNGANIRA ABATAGIRA AKAZI N'ABATAGIRA AHO BABA

Uko abatagira akazi n'abatagira aho baba bashobora kubona imigisha y'Imana ni ikibazo abantu benshi bafite impuhwe baharanira gushakira igisubizo. Ariko ntabwo ari abantu benshi ndetse bo mu bigisha n'abategetsi, basobanukiwe n'imiterere y'ibintu byo muri iki gihe. Abahagarikiye ubutegetsi ntibashobora kurangiza ingorane ziterwa n'ubuhanya n'ubugome. Bamshywa n'ubusa bashyiraho amategeko n'amabwiriza agenga ubucuruzi.

Isezerano rya Kera ryigisha byinshi byerekeye ku byo gukoresha amaboko no kunganira abakene. Mu migambi Imana yari ifitiye Abisirayeli, umuryango wose wagiraga isambu ihagije uhingamo. Ibyo byatumaga babona ibyo bakeneye byo kubafasha mu mibereho yabo. Ntacyo umuntu yigeze yongera kuri iyo gahunda. Ubuhanya n'ubugiranabi buriho muri iki gihe byazanywe n'uko isi yaretse iyo migambi yahozeho.

Igihe Abisirayeli bajyaga gutura muri Kanani, umuryango wose wahabwaga gakondo yawo. Umuntu yabashaga gutanga gakondo ye igihe runaka, ariko ntiyashoboraga gutanga gakondo y'abana be burundu. Igihe cyose imyaka irindwi. yashiraga abarimo imyenda bose barayiharirwaga, maze mu mwaka wa mirongo itanu, cyangwa mu mwaka wa yubile, ubutaka bwose bugasubizwa nyirabwo.

"Ubutaka ntibukagurwe ngo bukunguranywe, kuko ari jye nyirabwo, namwe mukaba abasuhuke bansuhukiyeho... Mwene wanyu nakena, akagurisha kuri gakondo ye, umucunguzi urushijeho kuba bugufi bwe azc, acungure icyo mwene wa’oo yagurishije .... Ariko natabasha kugicungura, icyo yagurishije kizagumanwe n'uwakiguze, ageze ku mwaka wa yubile." Abalewi 25:23,25,28. "Mujye mwubahiriza umwaka wa mirongwitanu mu gihugu cyose, mutangarize abo muri cyo bose umudendezo .... Mujye musubiza umuntu wese muri gakondo ye, kandi umuntu wese asubire mu muryango we." umurongo wa 10. Ibyo byarindaga abantu gutunga ibirenze urugero n'abandi bikabarinda kwicwa n'ubuhanya.

Mu Bisirayeli, umugabo wese yari ategetswe kwigisha abahungu be umwuga w'ingirakamaro. Abantu bakomeye bo mu Bisirayeli bari barigishijwe iby'ubucuruzi. Umugore wese yigishwaga iby'imirimo y'imuhira, kandi uwayimenyaga neza yubahwaga nk'umugore w'umunyacyubahiro. Abigaga mu mashuri y'abahanuzi bigishwaga imyuga, kandi abigishwa benshi babashaga gukoresha amaboko bakitunga.

Nyamara ibyo ntabwo byamazeho ubukene burundu. Ntiwari umugambi w'Imana ko ubukene bwashiraho rwose. Ubukene ni kimwe mu byo Imana ikoresha byo gutunganya imico y'abantu. "Kuko ari ntabwo abakene bazashira mu gihugu: ni cyo gitumye ngutegeka nti ntukabure kuramburira ibiganza mwene wanyu w'umuhanya ugize icyo akenera mu gihugu cyanyu." Gutegeka kwa Kabiri 15:11.

"Nihaba muri mwe umukene wo muri bene wanyu, ... ntuzanangire umutima wawe ntuzagundire ibyawe ngo ubyirrie mwene wanyu w'umukene; ahubwo ntuzabure kumuramburira ibiganza, ntuzabure kumuguriza ibimumaze ubukene." umurongo wa 7,8.

"Kandi nimusarura ibisarurwa byo mu gihugu cyanyu ntimuzasarure inkokora" z'imirima yanyu zose." Abalewi 19:9.

"Nusarura umurima wawe, ukibagirwa umuganda muri wo, ntugasubireyo kuwuzana .... Nukubitira umwclayo wawe kugusha imbuto zawo, ntugasubire kwakura amashami yawo ubwa kabiri... Nusoroma imbuto z'uruzabibu rwawe, ntugasubiremo guhumba; izisigaye zizabe iz'umusuhuke w'umunyamahanga n'iz'imfubyi n'iz'umupfakazi." Gutegeka kwa Kabiri 24:19-21.

Kumvira amategeko y'Imana bitera abantu kumererwa neza. "Icyongicyo kizatuma Uwiteka Imana yawe iguhera umugisha umurimo wawe wose n'iby'ugerageza gukora byose." Gutegeka kwa Kabiri 15:10.

**Amategeko Agenga Umurimo Mwiza.**

Ijambo ry'Imana ntabwo ryemera amategeko akungahaza abantu bamwe abikoresheje kuryamira abandi. Ritwigisha kwishyira mu mwanya w'abo tugira icyo dukorera. Ushaka indonke ituma undi amererwa nabi, cyangwa se uwungukira mu ntege nke z'undi cyangwa se mu bushobozi buke bw'undi, aba acishije ukubiri n'ljambo ry'Imana.

"Nuguriza cyangwa nutiza mugenzi wawe ikintu cyose, ntuzinjizwe mu nzu ye no kwiha ingwate mu bye. Uhagarare hanze, uwo uguriza abe ari we usohokana ingwate, ayiguhe. Kandi niba ari umukene, ntuzararane ingwate ye." Gutegeka kwa Kabiri 24:10-12. "Nugira icyo ugurisha mugenzi

wawe, cyangwa nugira icyo ugura kuri we, ntimukariganyane." Abalewi 25:14.

"Ntimukagoreke imanza, cyangwa gupima kw'iminzani n'ibyuma muyipimisha, cyangwa ibyibo mupimisha." Abalewi 19:35. Mujye mugira iminzani itunganye, n'ibyuma muyipimisha bitunganye." umurongo wa 36.

"Ugusabye umuhe, kandi ushaka kugira icyo agutira ntukamwiyame." Matayo 5:42. "Umukiranutsi agira agatanga." Zaburi 37:21.

“Reka ibicibwa byanjye bibe iwawe; ubuhungiro bw’ababinyaga." Yesaya 16:4.

Imana yashakaga yuko gahunda y’ubuzima Abisirayeli yabera urugero abantu bose. Mbega ukuntu iyi si yajyaga kuba ari nziza iyo amahame y’ubwo buzima aza gukomeza kuba uruhererekane kugeza uyu munsi!

Imipaka y’ibyaremwe iragutse cyane, haracyari uburyo bwatuma abakeneye ahobaba bahabona, n'ubwagaburirira abadafite amikoro ahagije. Isi yuzuye imigisha ihishwe yagenewe abantu bose bafite kwihangana n'ubushake bwo kurundarunda ubutunzi bwo ku isi.

Guhinga ubutaka ni uburyo bwo guhaza abantu benshi ibibatunga. Abantu ibihumbi byinshi birunze mu migi ntacyo bakora kandi bakaba basa n'abatunzwe n'ubusabusa, bashobora guhinga ubwo butaka. Ibihe byinshi kandi usanga n'ubwo busabusa budatangwa ku byokurya, ahubwo butangwa ku mayoga. Abenshi bagerageza gushaka ubuzima bakora iby'uburiganya mu cyimbo cyo gukora. Gushaka kubaho udakora ni ugucira icyanzu ububi n'ubugome.

Mu migi mini ni imiryango yirundaniriza mu tuzu tw'amanjwe, utwinshi tukaba dusa n'imyobo icuze umwijima,

imvura yagwa ugasanga bavirwa n'umwanda w'umurayi. Ahantu nk'aho abana barahavukira, bakahakurira, ndetse bakahagwa. Ntibigera babona ibyiza Imana yaremeye kunezeza abantu. Babaho imibereho yo kwambara ubusa no kutabona ibyokurya bibahagije ari na ko bakikijwe n'ibibi n'ubuhanya. Abana nta kindi bumva abantu bavuga Atari ugutuka Imana. Inzoga, itabi, no guhenebera mu by'iyobokamana bihindura ibitekerezo byabo. Bityo abantu batabarika bakimenyereza guhinduka abajura n'icyorezo mu karere batuyemo katumye bahinduka abahanya.

## Ibyiza Byo Kuba Mu Misozi

Abakene bo mu kajagari ko mu migi bose ntibahwanye. Abagabo n'abagore bubaha Imana batezwa ubuhanya n'indwara n'amahirwe make. Abenshi baterwa ubukene no kutagira umwuga bigishwa. Iyo bageze mu migi bakabura akazi maze ingorane zikabatahaho, baba bageze mu bigeragezo biteye ubwoba. Bene abo ni bo bakeneye ubufasha no kugirirwa impuhwe.

Abakene bo mu migi baramutse babonye aho bahinga, babona ikibatunga bigatuma bagira umunezero batigeze bagira. Mu migi baraharuhira, ntibabone ikibageza aho bashaka kujya, bakagira ibibakomereye n'ibyo babura; nyamara baretse umugi n'ibibi byawo, imvururu zawo ubugome bwawo, bakigira gutura ahantu hari amahoro kandi haboneye, bahirwa bitangaje!

Abenshi baiuye mu migi bahora bareba ibintu by’umwanda, utuyira tw'impatanwa, n'ikirere cyuzuye umukungugu n'imyotsi. Abo bantu bagiye ahantu hari mutaka bwagutse n'ubwatsi butoshye, bakaba ahantu hari umwuka mwiza nibwo bamenya ko Imana iri kumwe na bo. Babasha kumva ijwi ryayo ivuganira na bo mu byaremwe, maze ubwenge bwabo n'ibitekerezo byabo n'umubiri wabo bigakizwa n'imbaraga itanga ubugingo.

Hariho imiryango y'abakene itabarika utabasha kubona icyiza wayikorera cyahwana no kubatuza ahari ubutaka buhagije no kubigisha kubufata neza kugira ngo babone ikibatunga. Ndetse no mu gihugu ugezemo cyose, usanga abantu bakeneye kwigishwa iby'imyuga no kwifata neza. Usanga abantu baba mu mazu y'utururi, batagira ibyo bicaraho n'imyambaro, batagira ibikoresho byo mu nzu, batagira ibitabo, badafite ibyabunganira mu byo batunze no mu by'umuco. Abo bakwiriye kwigishwa; bakeneye kumenyerezwa kuvugurura ingeso zabo.

Bashobora gufashwa bate kugira ngo bazahuke? Abo ubukene bwiganje hakorwa iki? Ubugorozi nyabwo ntibubasha kugerwaho abagabo n'abagore badafashijwe n'imbaraga itari iyo basanganywe. Ni umugambi w'imana kugira ngo abakire n'abakene babe isanga n'ingoyi, bafatanirijwe hamwe n'impuhwe no kunganirana. Abafite amikoro n'impano bakwiriye gukoresha izo mpano bahesha bagenzi babo umugisha.

Abakristo bafite amasambu bahingamo bashobora gufasha abakene bakababonera aho baba bakabigisha no gufata neza ubutaka kugira ngo bwere, no gukoresha ibya ngombwa by'ubuhinzi n'ifumbire no gutera imyaka. Abenshi babona umusaruro muke kubera uburangare bwabo. Imirima yabo ntifatwa neza, ibyo bejeje ntibisarurwa ku gihe, kandi bahinga bagahinga batageza isuka hasi. Gahunda nke, umwete muke, kutiga bihagije uburyo bwiza, byose bihuriza hamwe gusaba ubugorozi.

Mureke higishwe uburyo bukwiriye. Mushyire mbere ubuhinzi bw'igihugu cyanyu. Igihe mushoboye mugire icyo mubwira umuturanyi. Mwerekane akamaro k'ubutaka igihe buhinzwe neza.

Umuntu uzi umurimo runaka ufite akamaro akwiriye kwigisha no gufasha abatawuzi n'abatagira akazi. Hari imirimo

myinshi abagore n'abagabo babasha gukora. Umuntu uzi guteka neza, n'uzi gufata inzu neza, n'umudozi, n'umuforomo, ubufasha bwabo bose burakenewe. Mureke abakene bigishwe guteka, bigishwe kuboha imyenda no kuyidoda, bigishwe gufasha abarwayi no gufata inzu neza. Abahungu n'abakobwa bakwiriye kwigishwa gucuruza ibifite akamaro.

Abahinzi, abacuruzi, abubatsi n'abafite ubuhanga mu by'imyuga n'ubukorikori, bakwiriye kujya mu masambu yirengagijwe kugira ngo bavugurure ubutaka. Bakwiriye gutangiza inganda, bakiyubakira amazu yoroheje, bagafasha n'abaturanyi. Mu bihe byinshi dushobora gufasha abakene neza mu gihe tubigisha kugira icyo bakora.' Abatigishijwe gukora ntibababasha kugira ingeso yo gukora iby'imyuga, no kunamba no kuzigama. Akenshi kutita ku bintu-no kudashyira mu gaciro byica byinshi byajyaga kunganira imiryango bigatuma imererwa neza. "Imyaka myinshi iva -mu mirima y'abakene, ariko hari ikeneshejwe n'akarengane." Imigani 13:23.

### Haba Igihe Gufasha Abakene Bibatera Ubujiji

Igihe duha abakene tutabigisha kugira icyo bimarira, tuba tubagirira nabi. Gutanga muri ubwo buryo bitera abantu inkunga yo kwikunda no kuba imburamumaro... Nta muntu ushobora kubona icyamutunga ukwiriye kubeshwaho n'iby'abandi., Kwibwira ngo "nzatungwa n'iby'abandi" ni ukwishuka, kwihenda ndetse n'ubujura. Abantu ntibakwiriye gutunga ushobora kwitunga.

Ubugiraneza nyabwo ni ugufasha abantu ngo bamenye uko babasha kwifasha ubwabo. Igihe umuntu aje kudusaba ibyokurya, ntidukwiriye kumwirukana; ariko ubugiraneza nyabwo bushaka gusobanukirwa no gutanga ubufasha bwarushaho kunganira umuntu. Kungura umuntu ibitekerezo, gutanga igihe cyawe umwungura inama bifite agaciro karuta ak'amafranga gusa, kandi ni.bwo bugiraneza nyakuri.

Mwigishe akamaro ko gukora ku bapfusha igihe ubusa. Mubereke ko idini ya Bibliya itigisha abantu kuba inkorabusa. Ibihe byinshi Kristo yateraga abantu umwete wo gukora. "Nkwiriye gukora ... hakiri kumanywa, bugiye kwira kandi iyo bwije nta muntu ushobora gukora." Yohana 9:4. Kristo yazanywe mu isi no kuduha urugero rw'uko dukwiriye kumera.

Kristo ashaka ko abamukurikira baba ibyitegererezo bitunganye muri byose. Ingo zacu zigomba kuba ibyitegererezo n' ingero zo kwigisha, kugira ngo imyuga, isuku, imvugo nziza n'amahoro bisimbure ubunebwe, umwanda, n'ibitutsi. Ku bwo gutanga icyitegererezo dushobora gufasha abandi bakabasha kwitegereza ibidakwiriye biboneka mu ngeso zabo cyangwa se ahabazengurutse, maze tukabatera inkunga yo kwisuhiraho dukoresheje umushyikirano wa gikristo.

Mubwire amagambo y'ibyiringiro n'ubutwari abacogora n'abahagaritse umutima. Mwibuke yuko kwerura amafuti yabo bibatoneka maze muberekere mu bikorwa urugero bakwiriye gukurikiza. Ubugwaneza bugera kuri byinshi kuruta kubagaya. Mubereke yuko mwiteguye kubafasha. Igihe bagize ikibananira ntimukihutire kubaciraho iteka.

Kwiyoroshya, kwiyanga no kuzigama, ari byo byigisho abakene bakwiriye kwiga, akenshi bigaragara ko bikomeye kandi ntibabikunda. Abantu bo ku isi bakunda gusuzugura. kwirata, kwikunda n'ubunebwe. Ibyo bibi bibuza abantu benshi kubyuka ngo bave mu bibi n'ubuhenebere. Mukwiriye gutera abakene umwete wo kubirwanya.

Yesu yaje muri iyi si yicishije bugufi. Nyiricyubahiro utegeka ijuru yicishije bugufi ahitamo imibereho ya gikene. ntabwo yari afite amahirwe abakene bandi badafitc. Umuruho n'ubukene ni byo byarangaga imibereho ye ya buri munsi. Yaravuze ati << Ingunzu zifite imyobo, n'ibisiga bifite ibyari,

ariko Umwana w'Umuntu ntafite aho kurambika umusaya.>> Luka 9:58.

Yesu ntiyitaye ku mahirwe y'abakire.Gutandukanya abantu yabirebye nk'ubusa. Yifatanije na rubanda, atari ukugira ngo afatanye na bo kuba uwo hasi cyangwa se kuba uw'isi, ahubwo ari ukugira ngo abereke amahame y'ukuri, no kubavana mu mibereho yo mu isi n'ubutindi.

Yesu yashatse gukosora ingero z'ibinyoma zo gucira urubanza agaciro k'abantu. Yahagaze mu ruhande rw'abakene kugira ngo akure ibitutsi ku bukene. Kubwo guha umugisha abakene yabakuyeho umugayo w'ibihe byose. Adutegeka kunyura mu nzira yanyuzemo.

Abakozi b'abakristo bakwiriye gusanga abantu aho bari, bakabigisha kugira imico myiza. Mubigishe uko Kristo yiyanze n'imirimo yakoze. Mubigishe kumwigiraho ibyigisho byo kwiyanga. Mubigishe kwirinda ibyo kubatwa no kwigana abandi. Ubugingo bufite agaciro kadatuma bukwiriye gupfushwa ubusa mu byo kwinezeza.

Abantu bakururwa n'ibikurura amason'ibyagizwe umurato. Baharanira iby'ab'isi bashyira imbere. Ibyo ni byo abantu bagurana ibintu by'ikubitiro byo mu mibereho y’umuntu. Ibintu biruta ibindi ari byo kwiyoroshya, gukiranuka, kubonera, ukuri n'umarava ntibishobora kugurwa cyangwa kugurishwa. Biherwa ubuntu umuhinzi woroheje kimwe n'umutegetsi w'umunyacyubahiro. Imana yahaye umuntu wese umunezero - umunezero uboneka mu bikorwa bitikanyiza, umunezero uturuka mu kuvuga amagambo y'impuhwe no mu bikorwa by'ubugwaneza.

Kubwo gukora, imirimo yoroheje, abanyantegenke n'abari mu mwijima, babasha kuba abakozi bakorana n' Imana, bagahumurizwa n'uko iri kumwe na bo kandi bagakomezwa n'ubuntu bwayo. Mureke abantu bakomeze gukora buri munsi

umurimo Imana yabashinze kandi izabarinda. Iravuga iti "Ntimukagire icyo mwiganyira, ahubwo ibyo mushaka byose bimenywe n'Imana, mubisabiye, mubyingingiye, mushima. Kandi amahoro y'Imana, ahebuje rwose ayo umuntu yamenya,' azarindira imitima yanyu n'ibyo mwibwira muri Kristo Yesu." Abafilipi 4:6,7.

Imana ikunda abo yaremye bose, ariko cyane cyane igirira impuhwe abikoreye imitwaro iremereye. Abana b'Imana bakwiriye kwibuka yuko iby'ab'isi badashaka kubaha, Imana ubwayo izabibaha mu buryo bushimishije. Imana yaremye umuntu ntacyo akeneye ishobora kumwima cyakunganira ubugingo bwe. Ntabwo Imana yatwima ubwenge bwo kubona ibyokurya byo kugaburira abana bayo. Igihe tugeze mu ngorane nibwo igaragaza imbaraga zayo n'ubwenge bwayo isubiza ibyo tuyisabye.

Mbese umuhinzi yamenya ubwenge ate? Abushatse nk'ifeza akabugenzura nk'ubutunzi buhishwe. Imigani 2:4. "Imana ye iramwigisha." Yesaya 28:26. Uwigishije Adamu na Eva yifuza kwigisha abantu bo muri iki gihe.

Uwagaburiye abantu benshi imitsima itanu n'udufi tubiri aghobora kuduha n'ubu ibihembo by'imirimo dukora. Imana yahayc Abisirayeli manu ivuye mu ijuru iracyariho. Utegeka isi yose ni umutunzi muri byose, kandi azaha umugisha umuntu wese ushaka guhesha abandi umugisha.

Ntidukwiriye gucika intege igihe tugize ibidutsinda. Dukwiriye gukora twitonze, dufite ibyiringiro, twizeye yuko isi ifite ubutunzi buruta izahabu cyangwa ifeza bugenewe umukozi ukiranuka ngo abuhunike. Isi irashaje, ariko imigisha y'Imana ntabwo izabura.

## IGICE CYA 13

## GUFASHA ABAKENE BATAGIRA KIVURIRA

Igihe ibikorerwa gufasha abakene ngo bamenyc uko bifasha bimaze gukorwa byosc, haba hagisigaye abapfakazi, imfubyi, abasaza, abatagira gifasha, n' ab arwayi bifuza uwabagirira impuhwe akabunganira. Imana ubwayo yabashinze abo yagize ibisonga byayo bose ngo babagirire impuhwe kandi babiteho.

Mu buryo butangaje Kristo yahaye itorero umurimo wo kwita ku bakennye bo muri ryo. Abantu b'Imana bakennye bagomba guhora muri twe ibihe byose. Nk'uko abantu b'umuryango umwe bunganirana, ni ko abo mu nzu y'abizera bakwiriye kwita ku bakene n'abatagira kivurira.

Imana yita cyane ku bapfakazi n'imfubyi. "Imana iri mu buturo bwayo bwera, ni se w'imfubyi n'umucamanza urengera abapfakazi" Zaburi 68:5. "Siga imfubyi zawe, nzazirera; n'abapfakazi bawe banyizere." Yeremiya 49: 11.

Uwiteka agaburira abapfakazi n'imfubyi, atabohererereza ibyokurya biturutse mu ijuru, ahubwo akora ibitangaza ku mitima y'abantu, ayivanamo kwihugiraho n'imigezi itaranganwa urukundo rwa Kristo. Ingo zirimo ibikwiriye byose, ibigega byuzuye umusaruro uhagije, n'ububiko bwuzuyemo izahabu n'ifeza, Imana yabishyizemo ibihagije byo kunganira ababikeneye. Imana iduhamagarira kuba imiyoboro y' ubuntu bwayo.

Umupfakazi w'umugore avunwa cyane n'umutwaro ahetse, akenshi arakora cyane akagwa agacuho kugira ngo abone uko atunga abana be, no kubabonera ibyo bakeneye. Akeneye gukomezwa, kugirirwa impuhwe no kubona ubufasha bukwiriye. Muhe abo bana ibyo bakenera guhabwa na se. Mufashe uwo mubyeyi uvunwa no kwita ku be.

## Uko Dushobora Gufasha Imfubyi.

Hari n'abana batagira n'umwe mu babyeyi baba wo kubayobora. Abakristo bakwiriye gukingurira imitima yabo n'ingo zabo abo bana batagira gifasha. Umurimo Imana yabashinze nk'umurimo wabo bwite ntibakwiriye kuwuhindira ku bigo cyangwa se ku bagiraneza bo mu isi. Lmibereho y'umwana yamererwa neza aramutse abonye urugo rwa gikristo mmugaragariza urukundo. Mu cyimbo cyo kumarira urukundo rwabo ku nyamaswa itavuga, abadafite abana bakwiriye kwita ku bantu batagira aho baba. Ndetse abenshi nabo byabafasha ubwabo.

Abantu bashaje na bo bakeneye gufashwa. Ingo z'abavandimwe muri Kristo zikwiriye kubibagiza ingo zabo batakigira. Abo bavandinwe bakwiriye kumenya ko ubufasha bwabo bufite agaciro, ndetse ko hari icyo bagomba gukora cyo gufasha abandi, kandi ko bizagira n'icyo byungura imibereho yabo ubwabo.

Igihe cyose bishoboka mureke abo basaza barangwa n'uruyenzi rw'imvi kandi batambuka bateguza babane n'inshuti zabo n'abantu bamenyeranye. Mureke bafashwe kandi bitabweho n'abantu barangwa n'urukundo.

Abo bishoboka, ab'umuryango bagomba gufasha bene wabo. Igihe ibyo bidashoboka, uwo murimo ugomba gukorwa n'itorero, kandi ugomba kwemerwa nk' aho ari amahirwe n'umurimo bagomba gukora.

Haba umugisha utangaje abakuze n'abasore bashyize hamwe: Abantu bageze mu zabukuru batagifite agatege, bakeneye kubana n'abasore bagifite ibyiringiro n'imbaraga za gisore, Abasore na bo bashobora gufashwa n'ubwenge bw'umuntu ukuze w'inararibonye. lkiruta byose, bakeneye kwiga icyigisho cyo gukora batihugiraho. Umuntu ukeneye kugiririrwa impuhwe no kugaragarizwa urukundo rutikanyiza,

abera umugisha utagira ingano urugo rumwakiriye. Bigomba gutuma abakuze -n'abasore bakira ubuntu bwa Kristo bubatera kugira uruhare ku bwiza bw'Imana.

Kristo yaravuze ati, "Abakcne muhorana na bo, aho mwashakira mwabagirira neza." "Idini ritunganye kandi ritanduye imbere y'Imana Data wa twese ni iri: ni ugusura imfubyi n'abapfakazi mu mibabaro yabo, no kwirinda kwanduzwa n'iby'isi." Mariko 14:7; Yakobo 1:27.

Kubana n'abakene n'abatagira kivurira, ni ikintu Kristo ageragereshа abamukurikira. Igihe twunganira abana b'Imana bakennye tuba tugaragaza ko luyikunda koko. Kubirengagiza ni ukwerekana ko turi abigishwa gito.

Nubwo ibishakwa byose byo kubonera abana b'imfubyi aho baba byakorwa bikarangira, abenshi baba bagikeneye kwitabwaho. Badafashijwe bashirira mu bibi no mu bugome. Abenshi muri bo babasha gukirizwa mubigo by'imfubyi. Ibigo nk’ibyo bigomba gutunganywa ku buryo bijya kumera nk'urugo rw'umukristo. Hakwiriye kubaho ibigo bilo nk'ibyo ahantu hatari hamwe. Bikwiriye kuba mu gihugu ahantu hari ubutaka buhagije bwo guhinga, aho abana bakwimenyereza ibyaremwe no kwigishwa iby'imyuga n'inganda.

Abashinzwe ibyo bigo bakwiriye kuba ari abagabo n'abagore bafite umutima mwiza, bakora umurimo kubera urukundo bakunda Kristo. Abana benshi batagira iwabo bashobora gutegurirwa kuba abantu b'ingirakamaro mu birorero batuyemo, kandi bagahesha Kristo ikuzo.

## Urukundo Rw'Ukuri Rwa Kristo Rutera Umuntu Kuzigama.

Abantu benshi basuzugura kuzigama, babyitiranya n'ubuntubuke. Nyamara kuzigama bigendana no kugira ubuntu. Tugomba kubika kugira ngo tubone icyo dutanga. Nta wabasha kugira ubuntu nyabwo atagira icyo yigomwa. Gukoresha ibyoroheje gusa no kuzigama ni byo byadushoboza kurangiza umurimo dushinzwe wo kwerekana Kristo. Ubwibone no guharanira iby'isi bikwiriye kutuvamo. Mu byo dukora byose dukwiriye kugaragaza imibereho ya Kristo itarangwamo kwihugiraho. Dukwiriye kwambara imyambaro isa n'iyandikishijweho urutoke rw'Imana aya magambo ngo: "Ambika abambaye ubusa." Mu cyumba dufunguriramo, no ku meza ateretseho ibyokurya, dukwiriye kuhareba nk'ahanditswe ngo: "Gaburira abashonje. Yesaya 58:7.

Akenshi tuganyishwa n'amikoro make, ariko iyaba abakristo bari bashishikaye, amikoro bayakuba inshuro igihumbi. Ni amafranga angana iki apfushwa ubusa ku mazu ahenda n'intebe zo muri yo, ku byo kwinezeza, ku byokurya bihenda n'ibidatunga umubiri ahubwo biwonona! Hatangwa angana iki ku mpano zitagize icyo zimaze? Abakristo bakoresha amafranga menshi ku bintu bidakenewe kandi byangiza umubiri kuruta cyane ayo batanga yo gukiza abantu imbaraga z'umushukanyi.

Babyeyi namwe bakobwa, muramutse mwambaye nk'uko Bibliya yigisha, mwabasha kubona ibihagije byo gufasha bagenzi banyu b'abakene. Akenshi haba ubwo umugore abuzwa kuza mu nzu y'Imana n'imyambaro y'ubushwambagara yambaye, k,uko iyo myambaro ye iba itandukanye cyane n'iy'abandi bambaye. Maze uwari ufite umutima mwiza agasubizwa hasi agaheranwa no gukiranirwa kubera ibyo. Nuko bigatuma abenshi bashidikanya bibaza icyo idini imaze, bakinangira imitima ntibumvire ubutumwa bwiza.

Kristo aradutegeka ati "Nimuteranye ibisagutse." Ni bibi gupfusha igihe ubusa. Dupfusha igihc ubusa, dukora ibyo kwihugiraho. Iyaba akanya kose kakoreshwaga ncza, twabona igihe cy'ibyo dukeneye byose twikorcra cyangwa se dukorera abandi. Umukristo akwiriye gusaba Imana kumuyobora mu buryo akoresha igihe, imbaraga n’amafranga. "Ubuze ubwenge abusabe Imana." Yakobol:27.

"Uha abakene ntazakena; ariko ubirengagiza azahaga imivumo myinshi." Imigani 28:27.

"Mutange, namwe muzahabwa: urugero rwiza mtsindagiye, rucugushije rusesekaye, ni rwo muzagererwa." Luka 6:38.

## IGICE CYA 14

## GUHESHA ABAKIRE IMIGISHA

Koruneliyo, umutware w'umutwe w'abasirikari ijana b’Abaroma yari umukire; kandi yari afite umwanya w’icyubahiro. Kubera Abayuda, yamenye Imana y'ukuri kandi akajya ayiramya, ndetse akerekana kwizera kwe agirira abakene impuhwe. "Yagiriraga abantu ubuntu bwinshi, agasenga Imana ubudasiba." Ibyakozwe n'Intumwa 10:2.

Koruneliyo ntiyari azi neza ubutumwa bwiza, maze Imana imwoherereza ubutumwa buvuye mu ijuru, yohereza ubundi butumwa kuri Peterongo ajye kumusura, Abigisha b’Abayuda barebaga Koruneliyo nk'umupagani n'umuntu uhumanye, nyamara Imana yasomye umutima we imwoherereza intumwa zivuye leu ntebe y'ubwami ngo zifatanye n'umugaragu wayo kwigisha ubutumwa bwiza uwo mutegetsi w'Umuroma.

Muri ibi bihe Imana irashaka abantu bo mu nzego zo hejuru kimwe n'abo mu nzego zo hasi. Hariho abenshi bameze nka Koruneliyo, bafitiye impuhwe abantu b'Uwiteka, ariko

bakaba babohewe ku by'isi. Bishaka ubutwari bukomeye no kumasha kugira ngo bene abo bifatanye n'abantu baciye bugufi. Abantu nk'abo bakeneye guterwa inkunga.

Havugwa byinshi ku byerekeye kwirengagiza abakene; mbese abakire birengagijwe bo ntibakwiriye kwitabwaho? Abantu benshi b'abakire bapfuye bataraburirwa. Nubwo baba bagaragara ko ntacyo bitaho, benshi bafite imitwaro ku mitima. "Ukunda ifeza ntabwo ahaga ifeza; n'ukunda kunguka byinshi na we ni uko." Umubwiriza 5:10

**Abakire Benshi Basonzeye Kumenya Imana.**

Ubukire n'icyubahiro cy'isi ntibisho'oora gutera umuntu kunyurwa. Abenshi mu bakire bifuza ikintu cyarangizaho imibereho yabo idafite aho ibaganisha. Abenshi mu bategetsi bakeneye ikintu badafite. Abake ni bo bajya mu rusengero, kuko inyigisho bumva zitabakora ku mutima. Mbese twareka kubahamagara?

Mu bishwe n'ubukene n'icyaha harimo abahoze ari abatunzi, ariko bakaba baratsinzwe no kunywa amayoga ngo bakunde bahaze irari ryabo. Igihe abo bantu baguye bifuza uwabagirira impuhwe, mbese abari mu nzira nk'iyo bo ntibakwiriye kwitabwaho?

Ababwiriza b'ubutumwa bwiza, abategetsi, abanditsi. abagabo n'abagore bakize n'abafite impano runaka... abacuruzi babishoboye, n'abafite ubushobozi bw’ingirakamaro bari mu nzira yo kurimbuka kubera ko batabona ko bakeneye kwitegeka. Bakeneye kwita ku mahame yo kwirinda, atari mu buryo bworoheje, ahubwo bakurikije umucyo w'umugambi ukomeye Imana ifitiye abantu. Abantu bo mu nzego zo hejuru bakwiriye kumenya agaciro kabo kandi bakakemerana umutima wose.

Dukwiriye kwereka abo bantu ingaruka mbi z'ibyo bararikira, maze tukabafasha kugira ngo basobanukiwe n'inshingano zabo zo kuba ibisonga by'Imana mu mpano yabahaye. Ubabwire gusinya amasezerano yo kwirinda. ubasabe ko amafaranga bapfusha ubusa ku nzoga, itabi. cyangwa ku bindi bararikira, yatangwa agakoreshwa mu byo kunganira abakene cyangwa se kwigisha abana n'abasore kuba abantu b'ingirakamaro ku isi. Ukurarika nk'uko ntabwo ari abantu benshi bagusubiza inyuma.

Hari indi ngorane abakire bahura na yo. Abantu batabarfka batari bagira uruhare mu bikorwa bibi barimburwa no gukunda ubutunzi. Gutwara igikombe kirimo ubusa ntibirushya, ahubwo gutwara igikombe cyuzuye kigasendera ni byo birushya. Umubabaro no kwangwa bitera agahinda; ariko ubutunzi ni bwo buteza akaga cyane imibereho y'iby'iyobokamana. Akenshi biba ngombwa gusabira abarwayi n'abarwana n'umwanzi; ariko cyane cyane amasengesho yacu akenewe n'abafite ubutunzi n'ibirangirire. Mu mibereho yoroheje ni ho hari amahoro. Ariko abanyacyubahiro, kubera umwanya barimo abandi bakabona ko bakwiriye kuba abanyabwenge, abo bari mu kaga gakomeye ko kurimbuka.

Ntawe Bibliya iciraho iteka kubera ko ari umutunzi, igihe yabonye ubutunzi mu buryo bwiza. Umuzi w'ibibi byose si amafaranga, ahubwo ni ukuyahugiraho. Imana iha abantu imbaraga zo gushaka ubutunzi; kandi bubera umugisha ubukoresha atihugiraho. Ariko abenshi bareba ubutunzi bwabo nk'igikoresho cyo kwihimbaza. Bambaka bakongera amazu ku yandi, n'amasambu bakayarundanya; ingo zabo bazuzuzamo ibintu by'umurimbo, nyamara ahabazengurutse hari abantu bishwe_n'ubuhanya, n'ubugome no gupfa nabi. Abantu barundurira imibereho yabo mu byo kutazirikana abandi, bakerjeye ubutumwa bwiza. Bakeneye gukura amaso ku by'isi bagatumbira ubutunzi budashira. Bakeneye kwiga iby'umunezero uzanwa no gutanga, no gukorana n'Imana.

Uwiteka aragutegeka ati "Wihanangirize abatunzi bo mu bv'iki gihe, kugira ngo be kwiringira ubutunzi butari ubwo kwiziginva, ahubwo biringire Imana, ... kandi bakore ibyiza; bibikire ubutunzi buzaba urufatiro rwiza mu gihe kizaza, kugira ngo babone uko basingira ubugingo nyakuri." 1 Timoteyo 6:17-19.

## Inzira Imwe Gusa Nziza Yo Gufasha Abatunzi N'Abafite Ubushobozi.

Kubonana n'abakire n'abakunda iby'isi bikunda gukomera. Abagabo n'abagore badacogora bakwiriye kubazirikana bashyizeho umwete. Hariho bamwe bashoboye gukorana n'abantu bo mu nzego zo hejuru, bakwiriye gushaka Imana kugira ngo ibahe kumenya uko bayobora abo bantu mu byo kumenya ukuri nk'uko kuri muri Yesu. Abenshi bibwira ko kubageraho bigomba imibereho imeze nk'iyabo. Bibwira ko ubutunzi bugaragara, amazu y'igiciro, imyambaro ihenda n'imico karande ihambaye, ari byo ngombwa. Iryo ni ifuti. Inzira y'Imana yo kubageraho neza ni ukubabwira ukomeje ubutumwa bwa Kristo no kubwerekana utihugiraho.

Igihe Paulo yagezaga ubutumwa ku bacurabwenge bo mu mugi wa Atene, yakoreshaga ibitekerezo nk'ibyabo, ubwenge nk'ubwabo, n'ubucurabwenge nk'ubwabo. Abanyabwenge bo mu bantu babaga bamuteze amatwi ntibashoboraga kugoreka amagambo ye, Nyamara iyo mihati yeze imbuto nke, Hanyuma Paulo yaje guhindura akoresha uburyo butandukanye n'ubwo. Yabwiye Abakorinto ati "Nicyo gituma bene data, ubwo nazaga iwanyu, ntaje ndi umuhanga n'intyoza yo kuvuga, cyangwa mfite ubwenge buhebuje, mbabwira ibihamya by'Imana: kuko nagambiriye kutagira ikindi mbamenyesha keretse Yesu Kristo, ari we Ycsu Kristo wabambwe .... Ibyo navugaga nkabwiriza ntibyari amagambo y'ubwenge yo kwemeza abantu, ahubwo byari ibigaragaza Umwuka w'imbaraga," 1 Abakorinto 2:1-4.

Abakorana n'abantu bo mu nzego zo hejuru bibuke ko abamarayika babaherekeza. Bajye bahora batwaye ku mutima kandi buzuwemo n'aya magambo avuga ngo: "Byanditswe ngo."

Kristo yavuze- ko icyoroshye ari uko ingamiya yakwinjira mu ' mwenge w'urushinge, kuruta ko umutunzi yakwinjira mu bwami bw'Imana. Mu murimo wo gufasha abo bantu hagomba kuba ibintu byinshi byo guca abantu integer kimwe n'ibibakura imitima. Ariko kandi Imana ishobora byose izakoresha abantu kunganira ibitekerezo by'abarunduriye imibereho yabo mu gushaka amafaranga.

Hari ibitangaza byinshi bigomba gukorwa bitari byagaragara muri iki gihe. Abantu bakomeye bo ku isi, ntabwo barenze -ubushobozi bw'Imana ikcra ibitangaza. Izahindura abantu b'abahanga kandi bakomeye. Kubera imbaraga ya Mwuka Muziranenge, abantu benshi bazemera amategeko y'Imana. Bazagirira impuhwe abakene kandi batange no ku byo batunze kugira ngo' babunganire. Nibamara gukura ibitekerezo byabo ku nyungu zituma bihugiraho, benshi baziyegurira Kristo, maze bagire uruhare mu murimo w'ubugiraneza bafatanije n'umuntu woroheje Imana yagize igikoresho cyo kubahindura. Bazibikira ubutunzi mu ijuru, aho inyenzi n'ingese zitaburya, n'abo abajura badacukura ngo babwibe." Matayo 6:20. Bazahinduka imbaraga ikorera abo mu rwego rwabo.

Imana yonyine ni yo izerekana iby' uwo murimo wagezeho, n'uko abarwayi batagira ibyiringiro n'abarambiwe iyi si bagejejweku Muganga ukomeye bazaba bangana. Kristo ni Umukiza wazutse, kandi afite agakiza mu mababa ye.

# IGICE CYA 15

## GUFASHA ABARWAYI

Nta hantu na hamwe kumvira amategeko y'ubuzima bifite akamaro haruta mu cyumba cy'umurwayi. Mu gihe umuntu arwaye indwara ikomeye, kwirengagiza no kutita ku cyo akeneye nubwo cyaba gito, kugaragaza ubwoba ndetse no kutagira impuhwe, bibasha guhitana uwari gukira.

Abarwaje umurwayi bagomba kwita cyane ku byokurya, ku isuku, ku mwuka mwiza, no ku myitozo ngororamubiri. Ibyo bibashoboza kwihanganira imitwaro myinshi no kubarinda kwandura indwara. Abantu baramutse babyitondeye, indwara zltanduza ntizaba uruhererekane. Isuku n'umwuka uhagije birinda icyumba cy'umurwayi imbuto z'uburozi. Abarwayi bari ahantu nk'aho bakunda gukira.

Icyumba cy'umurwayi gikwiriye kugira umupyo uhagije kandi kikaba kimeze neza gifite n'umwuka uhagije. Ndetse n'igihe bishoboka hakwiriye guhora ubushyuhe bukwiriye.

Umurwayi ntakwiriye gucibwa intege no kutabona ibyokurya, cyangwa se ngo agushwe agacuho no kunaniza igifu. Birakwiriye gukorana ubwenge utunganya ibyokurya bihuje n'ibyo umurwayi akeneye, kumenya uko bimeze n'uko bingana. Igihe umurwayi atangiye koroherwa, atangiye kugarura irari ryo gushaka kurya ariko imyanya y'umubiri ivanga ibyokurya ikaba itarakomera, hajya haboneka akaga kangiza umubiri kubwo kutarya mu buryo bukwiriye.

Abantu bose bafite icyo bakora mu cyumba cy'umurwayi bakwiriye kwitonda, bagatuza kandi bakaba abantu badahubuka. Ihubi ryose, gusakuza, cyangwa urudubi ntibikwiriye. Inzugi zikwiriye gukingurwa no gukingwa buhoro. Igihe umurwayi afite umuriro bagomba kwitonda

cyane; igihe wiyongereye cyane n'igihe ugabanuka cyane. Amazinda n'umwetemuke byishe abantu benshi bajyaga gukira iyo baza kwitabwaho n'abaforomo bitonda.

Gusura umurwayi cyane ni byiza ariko harimo ifuti. Abarwayi b'indembe ntibaba bakwiriye gusurwa. Kuvugisha umurwayi biramunaniza kandi aba akeneye cyane kuruhuka. Kumutumaho amagambo y'impuhwe cyangwa se impano ntoya bisohoza umugambi mwiza kuruta gusura.

**Umwuka Wa Kristo Ni Imbaraga Ikiza.**

Mu mavuriro manini no mu bitaro aho abaforomo bafite abarwayi benshi, bishaka ko umuntu ahora anezerewe, kandi akerekana ko yitaye ku barwayi mu magambo no mu bikorwa.

Abaforomo bagomba kwibuka ko bakorera Umwami Yesu. Abaforomo bagomba kwiga Bibliya buri munsi, kugira ngo bashobore kuvuga amagambo yo gutuma umurwayi agarura ubuyanja. Abamarayika baba bari aho izo mbabare zifashirizwa. Abaganga n'abaforomo bakwiriye gukurikiza amatwara ya Kristo. Bityo ibyo bakora n'ibyo bavuga bikayobora abarwayi ku Mukiza. Igihe abaforomo b'abakristo batanga imiti, bakwiriye kwerekeza ibitekerezo by'abarwayi kuri Kristo. Bakwiriye guhora biteguye guhuriza hamwe ibikorwa byo gukiza imitima n'imibiri.

Mu bugwaneza bwinshi, abaforomo bakwiriye kwigisha abarwayi ko umuntu ukize uburwayi akwiriye kurekera aho guhitamo imibereho yo gukora ibyaha. Imana ntibasha guha umugisha umuntu ukomeza kwikururira indwara n'umubabaro. Kristo yaje ari imbaraga ikiza umuntu ureka gukora ibibi akiga gukora ibyiza.

Abakanguka bakareba akamaro ko kumvira Imana bifuza kwitandukanya n'ingeso mbi zose. Bazi ko Kristo ari

inshuti yabo. Ibihe byinshi, kumenya ko bafite inshuti nk'iyo bifite uruhare runini mu gukiza indwara kurusha imiti myiza ishobora gutangwa. Izo nzira zombi zo kunganira umutima n'umubiri ni ingenzi.

## IGICE CYA 16

## GUSENGERA UMURWAYI

Akenshi abantu bafite amagara mazima bibagirwa imbabazi zitangaje bahora bagiririrwa buri munsi, maze bakibagirwa gushimira Imana ubugiraneza bwayo. Ariko iyo indwara ije bibuka Imana. Iyo imbaraga z'umuntu zinaniwe, nibwo abantu bumva ko bakeneye ubufasha bw'Imana. Kandi Imana ntiyigera yirengagiza umuntu uyishaka ashishikaye kugira ngo imufashe.

"Ibirimarima bibabarizwa ibicumuro byabyo, no gukiranirwa kwabyo. Imitima yabo ihurwa ibyokurya iyo biva bikajya .... Bakegera amarembo y'urupfu. Maze bagatakira Uwiteka bari mu byago, akabakiza imibabaro yabo. Akohereza ijambo rye, akabakiza indwara, akabakiza yabo." Zaburi 107:17-20.

Imana ishaka korohereza umurwayi agasubirana ubuzima muri iki gihe, nk'uko yabishakaga igihe Mwuka Muziranenge yavugiraga aya magambo mu Munyazaburi. Kristo akiza indwara zose. Abigishwa be bakwiriyc gusabira abarwayi nk'uko abigishwa ba kera babigcnzaga. Kandi abarwayi bazakira, kuko "gusenga k'umuntu ufite kwizera gukiza umurwayi." Isezerano rifite agaciro nk'ako ryahoranye igihe Umwami Yesu yarisezeraniraga abigishwa be ni iri ngo: "Bazarambika ibiganza ku barwayi bakire." Mariko 16:18. Abagaragu ba Kristo ni imiyoboro yifuza gukoresha yerekana imbaraga ye yo gukiza. Ni inshingano yacu kujyana abarwayi ku Mana dufite kwizera. Dukwiriye kubigisha kwizera umuvuzi ukomeye.

## Kristo Aracyari Wa Muvuzi Ufite Ubushobozi

Umukiza ashaka ko twakomeza abarwayi, abatagira ibyiringiro, n'abababaye kugira ngo bisunge imbaraga ze. Kugira ngo abantu batabyumva nabi, abaganga n'abaforomo bakwiriye kuvuga neza bati "Imana iri hano," kugira ngo ibakize. Kristo yifuza kwerekana ko ari aho umurwayi ari, igihe yuzuza urukundo rwe mu mitima y'abaganga n'abaforomo. Imibereho y'abafasha abarwayi iramutse ibemereye ko Kristo yajyana na bo iruhande rw'igitanda cy'umurwayi, umurwayi yakwemera ko Umukiza ahari maze bigatuma akira indwara y'umubiri n'iy'umutima.

Kristo yaravuze ati "Nimugira icyo musaba cyose mu izina ryanjye, nzagikora." Yohana 14:14. Nitubaho nk'uko ijambo rya Kristo rivuga, tuzasohorezwa amasezerano yose meza. Azakorera abamukurikira kandi abakoreremo. Ariko igihe dufite imibereho yo kumvira ijambo rye gusa ni bwo dushobora guhabwa amasezerano ye. "Iyaba naribwiraga ibyo gukiranirwa mu mutima wanjye, Uwiteka ntaba anyumviye." Zaburi 66:18. Niba twumvira by'igice, ntazadusohoreza amasezerano ye.

Mu ijambo ry'Imana tuhafite inyigisho zifitanye isano n'uburyo bwiza bwo gusabira umurwayi. Iryo sengesho ni igikorwa gitunganye, kandi nta wukwiriye kurisenga ahubutse. Kandi igihe cyose umuntu asabira umurwayi, aba akwiriye kugira kwizera gushyitse.

## Igituma Habaho Ibihe Imana Idakora Igitangaza.

Abantu benshi biteza indwara kubwo kutitegeka. Babaho imibereho idahuje n'amategeko agenga ibyaremwe cyangwa se amahame y'imibereho iboneye. Abandi birengagiza amategeko y'ubuzima mu byo barya n'ibyo banywa, n'ibyo bambara cyangwa ibyo bakora. Akenshi ibibi ni byo ntandaro yo gucika intege. Abo bantu baramutse

bongeye kugira amagara mazima, abenshi bakomeza kugomera amategeko y'Imana agenga ibyaremwe n'amategeko cumi, bibwira ko Imana ibakijije baba bafite umudendezo wo gukomeza kubaho imibereho itatira ubuzima. Imana iramutse ikoze igitangaza cyo gukiza abo bantu indwara, yaba yoshya abantu gukora ibyaha.

Byaba ari ugukora ubusa kwigisha abantu gusaba Imana ngo ibakize, batigishwa kureka ibikorwa byangiza ubuzima. Bakwiriye kureka gukora ibibi bakigishwa gukora ibyiza.

Abifuza isengesho ryo kuvugurura ubuzima, bakwiriye gusobanuririrwa ko kwica itegeko ry'Imana ari icyaha, ryaba itegeko rigenga ibyaremwe cyangwa se itegeko ry'Imana. Kandi bakwiriye kwigishwa ko icyaha gikwiriye kwaturwa kandi kikarekwa. "Mwaturirane ibyaha byanyu, kandi musabirane, kugira ngo mukizwe. Gusenga k.'umukiranutsi kugira umumaro mwinshi, iyo asenganye umwete." Yakobo 5:16. Uwifuza gusengerwa akwiriye kubwirwa aya magambo: "Amabanga yo mu buzima bwawe ni wowc ubwawe uyazi, n'Imana. Niba wihana ibyaha byawc. ni umurimo wawe kubyatura," Icyaha cyakozwe rwihishwa, uimmtu akwiriye kucyaturira Kristo, "nihagira umuntu ukora icyaha dufite Umurengezi kuri Data wa twese, ni wc Yesu Kristo ukiranuka." 1 Yohana 2:1. Icyaha cyakozwe ku mugaragaro gikwiriye kwaturirwa mu ruhame. Icyo wafudikiye mugenzi wawe, ukwiriye kucyikiranuraho n'uwo wafudikiye "Nitwatura ibyaha byacu, ni iyo kwizerwa kandi ikiranukira kutubabarira ibyaha byacu, no kutwezaho gukiranirwa kose," 1 Yohana 1:9.

Igihe tumaze kwikiranura, ni bwo tubasha kujyana umurwayi ku Mana dufite kwizera. Imana yita ku muntu wese cyane nk'aho ari nta wundi muntu uba ku isi watumye Imana itanga umwana wayo w'ikinege. Umurwayi akwiriye guterwa umwete wo kwiringira Imana no kugira umunezero. Iyo

abarwayi bazanzamutse bakareka kwiheba, ni bwo bashobora koroherwa bagakira neza.

Igihe dusabira umurwayi dukwiriye kwibuka yuko "tutazi uko dukwiriye gusenga." Abaroma 8:26. Ntituzi yuko umugisha twifuza uzaba mwiza cyangwa se ko uzaba mubi. Kubw'ibyo dukwiriye kongera ku masengesho yacu ik: gitekerezo: "Nyagasani, uzi. ibihishwe byose. Aba bantu urabamenyereye. Uko Yesu abakunda biruta uko tubakunda. Niba byaguhesha ikuzo kandi bikabera byiza izi mbabare, turagusaba mu izina rya Yesu ngo bagarurirwe amagara mazima. Bitabaye bityo, turagusaba ngo ubuntu bwawe bubahumurize, kandi ubakomeze mu mibabaro yabo."

**Imana Iduha Imigisha Iruta Iyo Dusaba.**

Imana ihera mu ntangiriro ikamenya iherezo. Izi yuko abo dusabira bazashobora kwihanganira ibigeragezo byabageraho baramutse babayeho. Icyo ni cyo gituma tugomba kuvuga ngo "Bye kuba uko nshaka, ahubwo bibe uko ushaka." Luka 22:42. Yesu yongeyeho ayo magambo yo kwiyegurira Imana igihe yari muri Getsemani yingingaga Imana ati "Data, niba bishoboka iki gikombe kindenge." Matayo 26:39. Niba yari akwiriye kuvuga ayo magambo, mbese si ko ayo magambo akwiriye guhora mu kanwa k'abanyamafuti bapfa! Guhata ibyo dusaba tudafite umutima wo kwemera gutegckwa n'Imana nta bwo ari byo; amasengesho ntakwiriye kuba nk'itegeko, ahubwo akwiriye kuba nko kwinginga.

Hariho ubwo Imana ikora ibihuje n'ibyo abantu biyemeje gusaba, igakiza umurwayi. Ariko si ko abarwayi bose bakira. Yohana yategetswe kwandika ngo "Uhereye none hahirwa abapfa bapfira mu Mwami wacu. Umwuka na we. aravuga ati ye, ngo baruhuke imihati yabo, kuko imirimo yabo ijyanye na bo ibakurikiye." Ibyahishuwe 14:13. 19ihe abantu badakize indwara, nta wukwiriye kuvuga ko babitewe n'uko batizeye.

Imana izi byose kandi ihora isubiza amasengesho yacu neza, lm gihe, kandi mu buryo tubyifuza. Izadukorera byinshi kandi byiza, birenze gusohoza ibyo twifuza byose. Ibyo twifuza n'inyungu zacu bikwiriye kuzimirira mu byo Imana ishaka. Ibyo tunyuramo bigerageza kwizera kwacu bidufitiye akamaro. Byerekana ko dufite kwizera gushyitse gushingiye ku ijambo ry'Imana gusa, cyangwa se ko kudahamye kukaba guhindagurika. Kwizera gukomezwa n'imyitozo.

## Kwizera Nyakuri Gukoresha Ubuvuzi kamere

Abantu bose si ko basobanukiwc n'ayo mahame. Abantu benshi bashaka gukira indwara bibwira ko amasengesho yabo agomba gusubizwa ako kanya, bitaba bityo kwizera kwabo kukaba nta cyo kumaze. Kubw'ibyo abazahajwe n'indwara bakwiriye kugirwa inama nziza.

Kubwo kwizera ko umuntu abasha gukizwa n'amasengesho, bamwe batinya kugira ikindi bakora cyakwerekana kwizera guke. Nyamara ntibakwiriye kwirengagiza gutunganya ibyabo nk'abategereje gukurwaho n'urupfu. Cyangwa se ngo bananirwe kuvuga ijambo iyo gukomeza abandi cyangwa se kugira inama abo bakunda igihe bababwira amagambo aheruka bataratandukana.

Abashaka gukizwa n'amasengesho nuoakwiriye kwirengagiza ubuvuzi bashobora kubona. Gukoresha imiti Imana yashyiriyeho koroshya uburibwe no gufasha umubiri ngo ukire, si uguhakana kwizera. Gufatanya n'Imana kuvura si ukwizera guke. Dushobora gukoresha ibishoboka byose byo guhembura ubuzima, dukora ibihuje n'amategeko agenga ibyaremwe. Igihe tumaze gusengera umurwayi, dushobora no gusaba Imana guha umugisha imiti yashyizeho.

Dufite icyemezo cy'Ijambo ry'Imana gishyigikira ubuvuzi-kamere. Hezekiya umwami w'Abisrayeli yararwaye, maze umuhanuzi w'Imana amuzanira ubutumwa buvuga ko

agomba gupfa. Yatakiye Uwiteka, maze Uwiteka aramwumva. Ijambo ry'Uwiteka ryahise rikiza Hezekiya ako kanya; ariko hari ibintu runaka byakozwe, yarababwiye ati "Bafate umubumbe w'imbuto z'umutini, bawushyire ku kirashi cye, azakira. Yesaya 38:21.

Igihe kimwe Kristo yasize icyondo ku maso y'impumyi, maze arayibwira ati "Genda wiyuhagire mu kidendezi cy'i Silowamu. Nuko aragenda ariyuhagira, agaruka ahumutse. Yohana 9:7.

Nubwo Kristo adashyigikira gukoresha imiti y'uburozi, yemera gukoresha imiti yoroheje, imiti y'ubuvuzikamere.

Uko ingaruka zaba kose igihe tumaze gusengera umurwayi, ntidukwiriye kubura kwizera Imana. Niba ari igihe cyo gusakirana n'urupfu, dukwiriye kwemera igikombe gisharira, twibuka yuko ukuboko kwa Data wa twese kukidufatiye ku munwa. Ariko iyo umuntu akize, imbaraga z'imbabazi zikiza ziba ari iz'Umuremyi.

## IGICE CYA 17

## GUKORESHA IMITI NEZA

Indwara ntipfa kwizana, izanwa no kwirengagiza amategeko y'ubuzima. Abenshi bababazwa n'ingaruka z'ibicumuro by'ababyeyi babo. Ni inshingano yabo guhunga ibikorwa bibi by'ababyeyi baba, maze kubwo kubaho imibereho itunganye bagashobora kumererwa neza. Ariko kandi abantu benshi bababazwa n'ibyo bakoze bibi ingeso mbi mu mirire, mu minywere, mu myambarire no mu mirimo bakora. Iyo indwara ije, abenshi bitotombera Imana. Nyamara Imana si yo itcza umubabaro wose uterwa no kwirengagiza amategeko agenga ubuzima.

Imana yaduhaye imbaraga, n'ingingo z'umubiri zikwiriye zo kuwukoresha, kandi yagennye yuko izo ngingo zikora zibumbiye hamwe. Iyo dufashe neza imbaraga z'ubuzima bwacu, kandi tugafata neza imikorere ya gahunda y'umubiri, tugira amagara mazima. Ariko iyo imbaraga zishize mu mubiri mu kanya nk'ako guhumbya, imyanya yumva yitabaza imbaraga ikuye mu iremezo ryazo nuko haba hariho umwanya wangiritse imyanya yose ikababarana na wo. Umubiri w'umuptu uhura n'ingorane kandi udafite ububasha buhagije bwo kuzinesha; nuko ugahagurukira kurwanya ubwiyabire bw'indwara ziwubuza amahoro n'amahwemo. Intambara yo kwirwanaho k'umubiri irangwa no guhinda umuriro, n'ibindi bimenyetso by'indwara.

Igihe uburwayi bukurikiyeho, akenshi umurwayi ashobora kwikorera icyo atakorerwa n'undi. Bwa inhere amenya icyo arwaye icyo ari cyo, maze hanyuma agakora uko ashoboye kugira ngo yikize icyabiteye. Mu gihe imikorere y'umubiri yateshejwe umurongo no gukora bircnzc urugcro, cyangwa kurya ukarcnza urugero cyangwa se guhindagurika kundi, uramenye ntukitabaze imiti yica umubiri.

## Akamaro Ko Kurya Neza.

Akenshi kurya nabi bitera indwara. Ibihe byinshi umuti mwiza ni ukwigomwa kurya igaburo rimwe cyangwa abiri, kugira ngo izo ngingo zivangavanga ibyokurya zakoreshejwe birenze urugero zibashe kuruhuka. Ibyokuiya by'amatunda bikoreshejwe iminsi mike, akenshi byoroherereza abakoresha ubwonko cyane. Ibihe byinshi iyo abantu bigomwe kurya, hanyuma bakarya ku rugero rwiza, bituma bakira. Kwigomwa kunywa inzoga nk'ukwezi kumwe cyangwa abiri bishobora kwereka imbabare nyinshi ko inzira iganisha abantu ku kwigomwa ari inzira yo kugira amagara mazima.

Bamwe bitera uburwayi kubera gukora bakarenza urugero. Bene abo ikiruhuko, kudahangayika no kutarya ngo

urenze urugero, byabagirira akamaro. Ku bafite ubwonko burushye n'abashengurwa n'ibitekerezo, kugendagenda ugira aho usura mu gihugu, kureba ibyaremwe, guca uburabyo, no kumva utunyoni, byafasha cyane.

## Amazi Ni Umugisha

Umuntu yaba ari muzima cyangwa se arwaye, amazi meza ni umwe mu migisha y'ingenzi ikomoka mu ijuru. Ni ikinyobwa Imana yashyiriyeho kumara inyota. Iyo amazi anyowe bihagije, afasha umubiri kurwanya indwara.

Gukoresha amazi mu buryo bwo gukanda umubiri m imwe mu nzira zoroshye yo gutuma amaraso agenda neza mu mubiri. Kwiyuhagira amazi akonje cyangwa se y'akazuyazi ni umuti utangaje w'amavunane. Kwiyuhagira amazi ashyushye bifungura imyenge y'uruhu bikaba inyunganizi mu kwirukana ubwandure mu mubiri.

Kwiyuhagira amazi ashyushye cyangwa se y'akazuyazi, bituma imitsi yumva imererwa neza kandi bigatera amaraso kugenda ku mgero rukwiriye.

Nyamara kuvurisha amazi ntibyishimirwa nk'uko bikwiriye; maze kubikoresha mu buhanga bikaba umurimo abenshi batishimira gukora. Hari uburyo bwinshi bwo gukoresha amazi ku mubiri kugira ngo byoroshye uburibwe kandi birwanye indwara. Abantu bose bakwiriye kuba abahanga mu byo kuvurira imuhira bakoresha amazi. Ababyeyi b'abagore, cyane cyane bakwiriye kumenya uko bafata ab'imiryango yabo igihe ari bazima cyangwa se barwaye.

## Imyitozo Ngororamubiri Irakenewe.

Dutegetswe gukora. Buri rugingo rwose rw'umubiri rufite umurimo rushinzwe gukora. Ubusangwe gukoresha ingingo z'umubiri bizitera imbaraga, naho kutazikoresha bikazitera kwangirika. Uhinnye ukuboko kumwe ukamara

ibyumweru runaka utakurambura, wongeye kukurambura wasanga yuko uko umaze iminsi ukoresha kukurusha imbaraga.

Kudakora bitera uburwayi. Imyitozo ngororamubiri ituma amaraso agenda mu mubiri, ariko igihe umuntu adakora, amaraso ntagenda neza, maze bigatuma atavugururwa kandi byari byiza ku buzima; n'uruhu na rwo ntirukora. Imyanda ntiva mu mubiri nk'uko byari bikwiriye kumera igihe hatariho imyitozo ngororamubiri ituma amaraso agenda neza n'ibihaha ngo bibone umwuka mwiza kandi mushya. Ibyo bituma ingingo zisohora imyanda mu mubiri zikora umurimo uruta uwari usanzwe inshuro ebyiri, maze ingaruka yabyo ikaba uburwayi.

Abantu b'ibimuga ntibakwiriye kumenyerezwa kudakora. Igihe umuntu yakoze cyane, kuruhuka igihe runaka rimwe na rimwe birwanya indwara; mu gihe uburwayi bwabaye ubumuga, si kenshi umuntu akwiriye kureka imirimo yose.

Abarwajwe no gukoresha ibitekerezo cyane, bakwiriye kubiruhura, ariko ntibakwiriye kwibwira ko gukoresha imbaraga z'ibitekerezo byabo byagira icyo bibatwara. Abenshi bajya bibwira ko barembye cyane kuruta uko baba bameze. Umuntu utekereza atyo gukira kwe ntabwo byoroshye.

Abapasteri, abalimu, abanyeshuri n'abandi bakoresha ibitekerezo cyane, akenshi barwazwa no gukoresha ibitekerezo bitashoboye kuruhurwa n'imyitozo y'umubiri. Icyo bene abo bakeneye ni ugukora. Kwirinda no gukora imyitozo ngororamubiri, bishobora gutuma umuntu agira imbaraga z'umubiri n'iz'ibitekerezo.

Abamaze kunanirwa mu mubiri ntibakwiriye kureka imirimo y'amaboko rwose. Ahubwo bakwiriye gukora mu rugero imirimo myiza kandi babikunze.

Iyo abantu b'ibimuga bakomeje kwiyumvira, akenshi bibwira ko bameze nabi birenze uko baba bameze, maze ibyo bigatuma bibwira ko ntacyo bashobora gukora na gito. Imyitozo ngororamubiri ikozwe neza yaba umuti w'ingenzi. Icy'ibimuga bikeneye ni ubushake. Igihe nta bushake bafite ibitekerezo byabo bihinduka ukundi, maze ntibashobore kwihanganira indwara.

Ku bimuga, kutagira icyo bakora ni umuvumo ukomeye. Umurimo utavunnye w'ingiramumaro unezeza ibitekerezo n'umubiri. Ukomeza imihore, bigatuma amaraso agenda neza maze ikimuga kikamenya yuko kitari imburamumaro muri iyi si ikorerwamo imirimo. Imyitozo nk'iyo ituma umuntu nk'uwo agira imbaraga bidatinze.

Imyitozo ngororamubiri ifasha ingingo zivanga ibyokurya zikagira ubuzima bwiza. Kwiga cyane cyangwa imyitozo ngororamubiri ihubukiwe umuntu akimara kurya bituma imyanya itunganya ibyokurya idakora neza; ariko uwafata akagendo gato byamufasha cyane.

Abenshi birengagiza imyitozo ngororamubiri ku bwo kutamenya akamaro kayo. Bamwe barwara indwara yo kubyibuha birenze urugero kuko imyanya y'umubiri idakora neza. Abandi barananuka bakagira integenke kuko imbaraga z'umubiri zamazwe no kurya birenze urugero. Umwijima unanizwa no kweza amaraso, ugakurizaho kurwara.

Ku bafite akamenyero ko gukora imirimo yo mu nzu, igihe hameze neza bakwiriye kugira igihe cy'imyitozo ngororamubiri buri munsi, kandi bakabikorera ahari umwuka mwiza. Kugenda wihuta bituma imihore ikora, n'ibihaha bigakora ibihesha umubiri ubuzima bwiza. Imyitozo nk’iyo akenshi ifasha ubuzima cyane kurusha imiti. Ibihe byinshi abarwayi baramutse bariye ku rugero, bakanezerwa, bagakora imyitozo itera ubuzima kumererwa neza, bagira amagara mazima.

## IGICE CYA 18

## KUVURA IBITEKEREZO

Ibitekerezo bifite uruhare runini ku buzima, Indwara nyinshi ziterwa no kurwara mu bitekerezo, Agahinda, guhagarika umutima, kutanezerwa, gushengurwa n'ifuti n'ibicumuro no kutagira ibyiringira, ibyo byose bimara imbaraga z'ubuzima, bikabwangiza, bikaba byahitana n'umuntu.

Rimwe na rimwe gutekereza cyanc bitera indwara kandi akenshi bigatuma indwara yiyongera. Abantu benshi b'ibimuga bashobora kumererwa neza, baramutse batekerejc ko ibyo bishoboka. Abenshi bazira indwara zitewe no gutekereza ka barwaye.

Ubutwari, ibyiringira, kwizera, imbabazi, n'urukundo bitera ubuzima kumererwa neza kandi bikabutera mama. "Umutima unezerewe ni umuti mwiza." Imigani 17:22. Mu buryo butari bumwe bwo kuvura umurwayi, umugabane wo kunganira ibitekerezo bye ntukwiriye kwirengagizwa.

Nyamara hariho uburyo bumwe bwo kuvura ibitekerezo, ubwo buryo n'umwanzi ukunda kubukoresha. Ni igihe umuntu ategeka ibitekerezo by'undi muntu, iby'umunyantegenke bikazimirira mu by’umurusha imbaraga. Umuntu agategeka ubushake bw'undi. Nuko rera bikavugwa yuko umuntu ashobora guhabwa ibitekerezo bifasha ubuzima bituma anesha indwara.

Ubwo buryo bwo kuvura bwakoreshejwe n'abantu batari babuzi neza, batazi n'abo buganisha. Ariko ubwo bwenge bw'isi bushingiye ku mategeko y'ibinyoma. Ntibuyobora abantu kuri Kristo, we bugingo n'agakiza. Uwireherezaho ibitekerezo by'abantu, aba ashaka kubatandukanya n'isoko y'ukuri bavanamo imbaraga.

Si umugambi w'Imana ko umuntu yakwemera ko ibitekerezo bye bitegekwa n'undi muntu, ngo ahinduke nk'igikoresho undi akoresha uko yishakiye. Nta muntu ukwiriye kwizera ko isoko y' agakiza yaboneka mu wundi muntu. Umuntu agomba kwisunga Imana yonyine. Akwiriye gutegekwa n'Imana ubwayo, atari ubwenge bw'umuntu.

Imana izi amahame agenga inshingano z'umuntu. Yifuza yuko umuntu yakwisunga Imana, kugira ngo abagabo n'abagore bahindurwe bagire ishusho y'Imana. Satani akora uko ashoboye ngo agwabize uwo mugambi, ngo akure ibitekerezo by' abantu ku Mana, kugira ngo abone uko abitegekera uko ashaka.

Amatwara yo gutegeka ibitekerezo by'umuntu akomoka kuri Satani, ngo ubwenge bw'Imaria abusimbuze ubw'abantu. Mu mafuti yose yemerwa n'abiyita abakristo, nta giteje akaga kandi kibasha gutandukanya abantu n'Imana, kuruta icyo. Ibyo bikingurira Satani urugi ngo abone aho yinjirira ategeke ibitekerezo by'umuntu. Mbega ukuntu bene ibyo biha abasabo n'abagore bategekwa n'umwanzi gufatirana bagenzi babo babategeye ku ntege nice zabo! Ku bwo gutegeka ibitekerezo by'abantu b'abanyantegenke cyangwa se barwaye, abenshi bahabonera uburyo bwo kugera ku byo bararikiye cyangwa se ku mururumba wo kwikungahaza.

Mu cyimbo cyo kwigisha abarwayi gutega amakiriro ku bantu, umuganga akwiriye kubayobora ku Ushobora gukiza abamusanze bose. Uwaremye ibitekerezo by'umuntu ni we ubasha gukiza. Iyo abarwayi bizeye ko Kristo ashobora gukiza, bagafatanya na we bumvira amategeko y'ubuzima, kandi bakarwanira kugira imibereho itunganye yubaha Imana, Kristo abaha ku bugingo bwe. Iyo ni imbaraga ifite agaciro kuko ikomoka mu ijuru. Ubwo ni bwo bwenge bw'ukuri bwo gukiza umubiri n'umutima.

Hakenewe ubwenge bukomeye bwo kuvura indwara zitewe n' ibitekerezo. Agahinda, indwara y'umutima, no gucika intege bikeneye ubuvuzi bukwiriye. Ibihc byinshi ingorane zo mu rugo ni nk'ikimungu kirya umutima kandi kikagabanura imbaraga z'ubuzima. Rimwe na rimwe guterwa agahinda n'icyaha bihungabanya ibitekerezo. Abarwaye mu bitekerezo baramutse bitaweho byabunganira. Bakwiringira ko Umuganga ukomeye abitayeho, ibitekerezo byabo byakoroherwa n'umubiri wabo ugasubirana amagara mazima.

Kwita ku murwayi no kumugirira impuhwe biramwunganira cyane kuruta ubuvuzi bw'ikirenga butanganywe imbeho n'umunabi. Iyo umuganga areba imbabare atayitayeho, agasa n'ugaragaza ko ubwo burwayi butagomba kwitabwaho cyane, agatuma umurwayi yiyumvira, aba arushijeho kumugirira nabi. Gushidikanya no gucika intege byahindura ubusa imiti amwandikiye.

Abaganga baramutse bishyize mu mwanya w'umuntu wazahajwe n'umubabaro ukamugeza kure, babona ko icyifuzo cye ari icy'ukuri cyo kugirirwa impuhwe no guterwa ibyiringiro. Urukundo Kristo akunda umurwayi ruramutse ruvanzwe n'ubwenge bw'umuganga byatuma uwo muganga abera umugisha abamusanga.

Kubwiza umurwayi ukuri ni ubufasha bw'ingenzi bwatuma akira. Abaganga benshi, kubwo gutinya kubwiza abarwayi ukuri ngo batabatera ubwoba cyangwa bakabaca intege, babatera ibyiringiro by'ibinyoma ko bazakira. Ibyo ni ubucucu. Akenshi si byiza gusobanurira umurwayi akaga ke kose ku buryo burambuye. Bishobora kumuhamura bigatuma atinda gukira cyangwa se ntanakire rwose. Akenshi nta n'ubwo bikwiriye kubwira ukuri kose abibwira ibitan byo ku biberekeye cyangwa se ibyerekeye abandi. Kuri bo baba bibwira ko ari ukuri n'abarwaza babo baba bakwiriye kubereka yuko babihanganiye kandi bakabikorana ubwenge. Abarwayi

bamwe babwijwe ukuri babasha kubabara abanda bakiheba. Kristo yabwiye abigishwa be ati "ndacyafite ibyo kubabwira byinshi, ariko ubu ntimubasha kubyihanganira." Yohana 16:12. Ariko nubwo ukuri kose kutagomba kuvugwa ibihe byose, si byiza kubeshya cyangwa kuryamira ukuri. Ubeshya abarwayi atuma batamwiringira, kandi akaba atakaje ubufasha bw'ingirakamaro bwakiza abarwayi,

## Imbaraga Y'Ubushake Ikwiriye Guhabwa Agaciro Cyane

Ubushake bw'umuntu iyo buyobowe neza, butuma umubiri wose ugira imbaraga, kandf bukaba ikintu cy'ingirakamaro cyo kurwanya indwara no kuyinesha yaba iy'umubiri cyangwa se iy'ibitekerezo. Iyo abarwayi bamenyereje ubushake bwabo gukora ibihuje n'ubuzima, baba bafatanya n'iby'umuganga akora bituma bakira. Abantu ibihumbi babasha gukira baramutse babishatse. Ibihe byinshi abantu b'ibimuga bashobora kurwanya indwara mu gihe barwanya indwara zoroheje kandi bakanga kubaho ntacyo bakora. Igihe abarwayi babonye bavarutse n'imisonga n'uburibwe, bakwiriye gukora umurimo w'ingirakamaro. Ku bw'uwo murimo w'ingirakamaro no guhumeka umwuka mwiza no kwidagadura mu mucyo w'izuba, abenshi babasha gukira.

Ku bashoboye gukira bakongera kugira ubuzima Ibyanditswe Byera bibafitiye icyigisho: "Kandi ntimugasinde inzoga, zirimo ubukubaganyi, ahubwo mwuzure Umwuka." Abefeso 5:18. Gukiza umubiri n'umutima ntibiboneka mu bintu bituma umubiri ukora mu buryo bw'indengakamere, cyangwa se mu byo gutegekwa n'irari. Mu barwayi hariho benshi batazi Imana kandi badafite ibyiringiro.

Babaswe no kwifuza ibidakwiriyc, n'ingcso mbi no kwiciraho iteka. Gukururwa n'ibidafite akamaro ni byo byateje umuvumo imibereho yabo. Umutima wose ushonje uzakomeza gusonza mu gihe cyose ugishakira icyawuhembura hano. Abanywa ku isoko y'umunezero wo kwikunda barishuka.

Bibwira ko umunezero biyumvamo mu mubiri ari imbaraga, maze uwo munezero wabashiramo bakumva bacitse intege.

Amahoro nyamahoro, n'umutima utuje by'ukuri bikomoka ku Isoko imwe. Kristo yaravuze ati " Nimuze aho ndi... mbaruhure." Matayo 11:28. "Amahoro yanjyi ndayabahaye. Icyakora simbaha nk'uko ab'isi batanga." Yohana 14:27. Ayo mahoro si ikindi kintu kitari we bwite. Tubona ayo mahoro iyo tumwakiriye.

Icyo abantu benshi bakeneye ni ukumenya Kristo neza. Iyo umucyo w'urukundo rw'Imana umuritse mu mutima ucuze umwijima, kutanyurwa byashinze umuzi birashira. maze umunezero utera abantu kunyurwa ugakomeza ibitekerezo, kandi ugatera umubiri imbaraga.

Abenshi batuma imitwaro y'ubuzima iremera inshuro ebyiri kubwo gukomeza kwihamagarira akaga. Iyo bahuye n'ingorane, babona ko ibintu byose bigiye kurimbuka, bakabona ko ari bo bakomerewe kuruta abandi bose. Bityo bagasa n'abiboheye mu mwijima.

Nyamara si ko bikwiriye kumera. Bakwiriye kugira imigambi itagamburura kugira ngo bahindure igitekerezo cyabo. Ariko bishobora guhinduka. Bakwiriye kureka guhoza amaso ku mwijima uri mu bitekerezo byabo gusa, bakareba umucyo Imana ibashyize imbere, kugeza ubwo bazareba ibitagaragara by'ibihe byose bateganirijwe. Imana yatanze ubufasha bukwiranye n'ikigeragezo cyosc. Igihe Abisirayeli bageraga ku mazi asharira y'i Mara, agati kari hafi ni ko bajugunye mu isoko kugira ngo amazi abe meza. Mu kigeragezo cyose, iyo dushakashaka Kristo, amaso yacu arafunguka tukabona amasezerano yo gukiza indwara aboneka mu Ijambo rye. Tubona ishami rikiza, kuri buri ntama y'amazi asharira adufatiwe ku minwa.

Ntidukwiriye gutinya ingorane zo mu gihe kizaza zituma imitima yacu irabirana. Ushobora byose aravuga ati "Yisunge imbaraga zanjye, abone kuzura nanjye." Yesaya 27:5. Abiyegurira gukorera Imana ntibazagera aho bahura n'ingorane itabonerwa insinzi. Iyo dukora ibihuje n'ljambo ry'Imana, tuba dufite umuyobozi utuyobora; nubwo twababara cyangwa se tukaba twenyine, dufite inshuti ibabarana natwe. Igihe tunyereye tukagwa bitewe n'ubujiji, Umukiza ntadutererana. Ntidukwiriye kwibwira ko turi twenyine. Uwo kuduhumuriza twasezeraniwe na Kristo abana natwe. Mu nzira iganisha abantu mu murwa w'Imana nta gahinda, cyangwa umubabaro, cyangwa integenkc z'abantu bidafite umuti.

Satani abasha kugusanga akaguca intege ati "Ibyawe ntibi'kigira igaruriro." Nyamara Kristo ni we byiringiro byawe. Ingorane izo ari zo zose zaba zishengura umutima n'umubiri, ahora yiteguye kuzitwamururaho. Kristo azi ikintu cyose umuntu akeneye n'ikigeragezo cyose ahura na cyo; azi ibintu byose bibuza umuntu amahoro n'amahwemo. Ahora ategeye amaboko abamusanga afite impuhwe n'ubugiraneza. Ubumuga bwacu bumugeraho, kandi ahora yifuza kurambika ingorane zacu ku birenge bye, ngo zibe ari ho ziguma.

Si byiza kwireba ubwacu ngo dusesengure ibitugora. Tugenje dutyo, umwanzi yaduteza ibishuko byo kuduca intege. Dukwiriye kureka kwirebaho ahubwo tukareba kuri Yesu. Igihe ugoswe no kwirwanaho, guhangayika n'umwijima, uhange amaso aho uheruka kubona umucyo. Ruhukira mu rukundo rwa Kristo. Igihe icyaha kirwanira kugutegeka, igihe igicumuro kiremereye umutimanama, igihe kutizera guteye igihu ibitekerezo byawe, wibuke ko ubuntu bwa Kristo bubasha kunesha icyaha no gutamurura umwijima. Igihe tugiranye umushyikirano n'Umukiza, tuba tugeze mu karere k'amahoro asesuye.

Nta gitera amagara mazima nk'umutima ushima. Umurimo wo kurwanya uburakari no gucogora ni umurimo wo kwitabwaho nko gusenga. Niba twarabaye isanga n'ingoyi n'ijura, dushobora dute kugenda tuboroga, tuganya. twitotomba inzira yose tujya kwa Data wa twese?

Abiyita abakristo ariko bakaba bibwira ko kunezerwa ari icyaha, ntabwo bafite idini y'ukuri. Bamwe bafatanya n'imiborogo iteye agahinda yo muri iyi si; bahitamo kureba ibyatsi byumye aho gusoroma uburabyo bwiza; ntibanezezwa no kureba impinga z'imisozi n'ibikombe bitatswe n'ubwatsi butoshye; ntibabasha kumva ijwi ryiza rivuganira na bo mu byo Imana yaremye bene abo si aba Kristo.

Akenshi habaho ubwo ibitekerezo byawe byaba byirabujwe n'uburibwe. Ntukagerageze kwiyumvira. Uzi yuko Yesu agukunda. Ukore ibyo ashaka gusa wishyira mu maboko ye.

Ni iby'ukuri koko ibitekerezo byacu n'ibyo twibwira bikomezwa n'uko tubivuze. Niba amagambo yerekana ibyo dutekereza, ibyo dutekereza, ibyo bikurikira amagambo. Iyo twishimiye imigisha tuzi ko dufite ari yo mpuhwe n'urukundo rw'Imana, turushaho kugira kwizera n'umunezero ukomeye. Nta rurimi rushobora kuvuga neza imigisha iterwa no kwishimira ubugiraneza bw'Imana. Ndetse tukiri no ku isi tubasha kugira umunezero umeze nk'isoko itemberwamo n'imigezi ituruka ku ntebe y'ubwani y'Imana. Mureke rero twigishe imitima yacu n'iminwa yacu guhimbaza Imana kubera urukundo rwayo. Mureke tugume mu mucyo urabagirana wo ku musaraba w'i Kalvari. Turi abana b' Uwiteka nyir'ingabo! Mureke twibagirwe ingorane zacu, maze duhimbaze Imana ku bw'imigisha tubona ya buri munsi. Mugitondo, uyishimire ko yakurinze ukaba uramutse amahoro. Mugitondo, kumanywa na nijoro, mureke ishimwe rizamukire mu ijuru rimeze nk'impumuro nziza.

Igihe umuntu akubajije uko umeze, ntugatekereze iby'agahinda cyangwa ngo uvuge iby'imibabaro yawe. Igihe uganira ibyerekeye ubwihebe, uba uhesha ikuzo umushukanyi. Ibihe byinshi twiyegurira umushukanyi igihe tuganira iby'imbaraga ze. Ahubwo mu cyimbo cy'ibyo mureke tuganire iby'imbaraga zitangaje za Kristo, tuvuge n'iby'icyubahiro cye. Abo mu ijuru bose bitaye ku gakiza kacu. Abamarayika batumwa kuturinda umubi no gukubita inshuro imbaraga z'umwijima. Mbese ntitwatekereza neza maze tugashima Imana, nubwo mu nzira tunyuramo haba hari ibidukomereye?

Igihe tugeragezwa, tujye turirimba dushima Imana. Kuririmba ni intwaro dushobora gukoresha turwanya gucogora. Iyo dukinguriye imitima yacu kwakira umucyo uturuka ku Mukiza, tugira amagara mazima tukabona n'umugisha. Ndetse n'ibintu bigaragara ko bitubangamiye bituviramo ibyiza.

**Kwiyumvira Bibuza Umurwayi Gukira.**

Kimwe mu bintu bibuza abarwayi gukira ni ukwihugiraho. Icyo abantu b'ibimuga benshi bakeneye ni ugutekereza abandi no kubitaho.

Ni byiza gusengera abafite umubabaro n'agahinda, ndetse n'abacogoye. Ariko Imana isubiza amasengesho y'abishyira mu mwanya wo kuba umuyoboro inyuzamo imigisha yayo. Dukwiriye kubwira abafite imibabaro kugerageza gufasha ababarusha ubukene.

Nibagerageza gufasha abandi, ni bwo umwijima uzatamururwa mu mitima yabo.

Igice cya mirongwitanu n'umunani cya Yesaya kivuga indwara z'umubiri n'iz'umutima: "kandi ukurekura ugatanga ibyokurya byawe, ukagaburira abashonji, ukazana ahakene bameneshejwe, ukabashyira mu nzu yawe: wabona uwambaye

ubusa ukamwambika, ntiwirengagize bene wanyu? Ubwo rero umucyo wawe uzatambika nk'umuseke, indwara yawe izakira vuba, gukiranuka kwawe kuzakujya imbere, kandi icyubahiro cy'Uwiteka kizaba kigushoreye. Nutabaza, Uwiteka azagutabara; nutaka, azavuga ati ndi hano .... Niwihotorera umushonji, ugahaza umunyamubabaro, umucyo wawe uzaherako uvire mu mwijima; kandi urwijiji rwawe ruzatamuruka habe amanywa y'ihangu. Uwiteka azajya akuyobora... uzamera nk'urutoke rwuhirwa, kandi uzaba nk'isoko y'amazi idakama." Yesaya 58:7-11.

Ibikorwa byiza ni uniugisha w'inkubirane, bigirira umumaro 'utanga n'uhabwa. Umutimanama ushinja umuntu ubugiraneza ni umwe mu miti y'abarwaye indwara z'imibiri n'iz'imitima. Iyo umutima unejejwe n'uko umuntu yagiriye abandi neza, uwo munezero utera umubiri wose kumererwa neza.

Umuntu w'ikimuga, mu cyimbo cyo gushaka kugirirwa impuhwe, na we akwiriye kuzigirira abandi. Jugunya agahinda kawe n'uburibwe ku Mukiza. Kingurira umutima wawe urukundo rwe, maze urureke rutembe rugana ku bandi. Abantu bose bafite ibigeragezo bikoreye, n'ibishuko bikomeye bakwiriye kurwanya, kandi ukwiriye kugira icyo ukora cyo koroshya iyo mitwaro. Hoza ku mutima amasezerano meza y'Imana kugira ngo ubone uko ukura muri ubwo butunzi amagambo meza yo guhumuriza abandi. Ibyo bizatuma umererwa neza.

Abantu bafite umuze mu buzima, baramutse bibagiwc guhugira mu nyungu zabo bakazirikana iz'abandi, baramutse bunganiye ababarusha ubukene, basobanukirwa n'ubusobanuro bw'iri sezerano rivuga ngo: "Indwara yawe izakira vuba."

# IGICE CYA 19

## KWITEGEREZA IBYAREMWE

Umuremyi yageneye ababyeyi bacu ba mbere alio baba hanogeye ubuzima bwabo kandi hashobora kubanezeza. Yabashyize aho begeranye n'iby'Imana yaremye kandi aho bashobora kugirana umushyikirano n'abaziranenge bo mu ijuru. Mu murima Imana yaringanirije kuba urugo rw'abana baya, hari ibiti byiza, uburabyo bw'akataraboneka, ibiti kandi ibyinshi byari iby'amatunda aryoshye. Inyoni zaharirimbiraga indirimbo z'ishimwe byo ku isi byidagaduraga bikinira hamwe nta gitinya ikindi.

Adamu na Eva bishimiraga kureba Edeni no kumva amajwi yumvikaniraga muri yo. Imana yabahaye umurimo wo "kubagara ibiri muri uwo murima no kubirinda." Itangiriro 2: 15. Uwo murimo wabateraga kugira amagara mazima n'umunezero. Imana yabigishaga ibyigisho byayo buri munsi.

Nubwo icyaha cyatumye isi icura umwijima, Imana yifuza ko abana bayo bakwishimira ibyo yaremye. 'Abarwayi bakeneye kuba hafi y'ibyaremwe bakabyitegereza. Kwibera ahabona wirebera ibyaremwe bibasha gukorera ibitangaza ibimuga byinshi bisa n'ibitagifite ibyiringiro.

Urusaku rw’umuvurungano byo mu migi, n’imibereho yaho iteye ukundi birambira abarwayi kandi bikabaca intege. Umwaku wuzuyemo umwotsi n’umukungugu, imyotsi yuzuye uburozi yo mu nganda n’imbuto z’indwara, byangiza ubuzima bw’abantu. Abarwayi bareba imihanda myiza gusa n’abantu banyuranamo bihuta, ndetse ahari ntibigere barabukwa n’uko ijuru risa, habe ngo babasha no kubona izuba, uburabyo cyangwa ibiti. Kuba basa n’bakingiranywe batyo, bahugira ku bubabare bwabo no gutekereza iby’intimba zabo bikabazahaza.

Imigi yuzuye akaga kenshi kuri abo banyantegenke mu bitekerezo. Abarwayi barwana n’irari ry’ibyaduka, bahora bahura n’ibishuko. Bakeneye gushyirwa ahantu hatandukanye n’ahatumye imibereho yabo igera kure.

## Kwimurira Abarwayi Ahantu Hakwiriye.

Ibigo byita ku barwayi byashobora kugera kuri byinshi biramutse byubatswe kare y’imigi. Uko bishobotse kose abantu bose bifuza gusubirana amagara mazima, bakwiriye kuba hanze y’imigi. Ibyaremwe ni umuvuzi Imana ikoresha. Umwuka mwiza, izuba, uburabyo n’ibiti, akarima k’amatunda n’inzabibu, n’imyitozo ngororamubiri ikorerwa hanze, byongera agahenge ku buzima. Kutikubira mu nzu igihe cyose ni wo muti umwe rukumbi abarwayi benshi bakeneye. Ibyo byose bifite imbaraga itangaje yo gukiza indwara zitenva n’urusaku n’imibereho yaho y’ibyaduka bahora bigana. Abarwayi barambiwe imibereho y’umigi, umucyo ubamena amaso n’urusaku rwo mu mihanda, bifuza gusubira aho bakwirebera ibyaremwe. Bishimira kota akazuba, no guhumeka umwuka mwiza uturuka mu biti no mu burabyo. Hari ibintu byunganira ubuzima mu burabyo by’imiberoshi n’imyerezi n’imitidari. Umuntu waritswemo n’indwara nta cyashobora kumukiza cyahwana no kwibera ahantu akikijwe n'ibintu byiza. Aho ngaho abantu batagira kivurira babasha kureba ibiti byiza no kumva umuyaga uhuha maze bakagarura ubuyanja. Mu buryo umuntu atabasha gusobanura, ibitekerezo biracururuka, maze umutima ugatangira gutuza ugatera neza.

Abarwayi bashobora gukora, babasha guhabwa umurimo woroheje. Mubigishe gukoresha imihore y'inda igihe bahumeka n'igihe bavuga. Ubwo ni ubwenge butagira icyo umuntu yabugurano, Imyitozo ngororamubiri ikorewe ahari umwuka mwiza ni ikintu ngombwa gitunga ubuzima. Mu myitozo Kandi nta cyaruta guhinga, kufira uburabyo, cyangwa se guninga mu murima w'amatunda cyangwa se w'imboga.

Igihe abarwayi bahugiye mu mirimo yo hanze bakora umurimo unejeje, ntibabona igihe cyo kwihugiraho. Uko umurwayi arushaho kutikubira mu nzu gusa, ni ko atazakenera cyane n'aba'mwitaho. Mushyire umurwayi ahantu abona ibyaremwe hafi ye, aho ashobora kureba uko uburabyo bukura no kumva uko inyoni ziririmba. Bizatuma umubiri we n'ibitekerezo bye biturumkwa. Azagarura akenge, maze ibitekerezo bye bibe byiteguye kwishimira ibyiza byo mu ijambo ry'Imana. Ubwiza bw'ibyaremwe butuma abarwayi batekereza ko iwabo ari mu ijuru, ahatazaba ikintu na kimwe cyangiza ibyiza, ahatazaba ikintu na kimwe cyateza abantu indwara cyangwa se urupfu.

**Ibyaremwe Byerekana Ukuri Kw'Ijambo Ry'Imana.**

Abaganga n'abaforomo bakwiriye kwereka abarwayi Uwaremye ibiti by'inganzamarumbo, ibyatsi n'uburabyo, no kubabwira kwitegereza neza urukundo rw’Imana rugaragarira ku katsi kose no ku rurabyo rwose. Uwita ku nyoni no ku burabyo ntiyabura kwita ku bo yaremye ku ishusho ye.

Mu bintu Imana yaremye, icyo umurwayi akwiriye kubwirwa neza ni iby'ubugingo bushya bubonerwa muri Kristo. Aho ni hobashobora gusomera Ijambo ry'Imana. Ubwo ni bwo umucyo wo gukiranuka kwa Kristo warasira mu mitima yirabujwe n'icyaha. Abagabo n'abagore bifuza gukizwa indwara bakwiriye kwigizwa hafi ya Kristo. Bakwiriye kumva iby'urukundo rw'Umukiza, no kubwirwa iby'imbabazi. zihabwa abamusanga bose bicujije ibyaha byabo.

Abamarayika bafatanya n'abantu bemera gukoreshwa n'Imana ngo bageze ku barwayi ibyiringiro n'amahoro. Muri ubwo buryo ni ho babonera ubuzima bwiza. Intambwe zitentebutse zisubizwamo intege. Amaso yongera kureba neza. Uwari warihebye yongera kugira ibyiringiro.

Iyo ubuzima bw'umubiri bugarutse mu muntu, ni bwo abagabo n'abagore bashobora kwizera Kristo maze bigatuma

babona ubuzima bw'umutima Iyo umuntu amenye ko yababariwe ibyaha, agira umunezero utangaje. "Nyagasani, naho nanyura mu gikombe cy'igicucu ’cy'urupfu, sinzatinya ikibi cyose, kuko ndi kumwe nawe." Zaburi 23:4.

## IGICE CYA 20

## ISUKU ITERA UBUZIMA KUMERERWA NEZA

Umuremyi adutegeka gusobanukirwa n'uko umubiri uteye, kandi ngo turangize uruhare rwacu rwo kuwurinda ibiwonona n'ibiwanduza.

Kugira ngo tugire amagara mazima, dukwiriye kugira amaraso; kuko amaraso asana ibyangiritse kandi agatunga umubiri. Iyo amaraso abonye ibyokurya bikwiriye kandi akabona umwuka mwiza wo kuyatunganya, ahesha ubuzima n'imbaraga buri mugabane wose w'umubiri. Iyo amaraso agenda neza mu mubiri, ni bwo akora umurimo wayo neza.

Igihe cyose umutima uteye, umisha amaraso akagera mu migabane yose y'umubiri ku buryo bworoshye, iyo atabujijwe n'imyambaro ihambiriye umuntu cyane, cyangwa intoke n'ibirenge bikonje cyane. Ikintu cyose kibuza amaraso gukomeza urugendo rwayo, gituma asubira mu mutima. Iyo bigenze bityo bitera kurwara umutwe, umutima ugakubitagura ndetse n'imyanya itunganya ibyokurya ikamererwa nabi.

Guhumeka cyane ukinjiza umwuka mwiza ufite okisijene mu bihaha, byez'a amaraso bikayatunganya. Guhumeka neza bitera imitsi yumva kumererwa neza, bigatuma umuntu ashaka kurya kandi bigatera umuntu gusinzira neza. Ibihaha bikwiriye guhabwa umudendezo uhagije. Igihe bihetamye cyangwa se bikobewe birahobana. Iyo umuntu yihinahinnye akora, bituma adahumeka neza. Iyo

guhumeka udashyitsa bibaye ingeso, ibihaha ntibyongera kugira imbaraga ituma byaguka.

Iyo okisijene yinjira mu bihaha ari nke, uburozi bwari bukwiriye kujugunywa bukavanwa mu bihaha bugumamo, maze amaraso akaba yanduye. Bene ibyo bigira icyo bitwara ibihaha n'igifu n'umwijima ndetse n'ubwonko. Ibyokurya ntibiva mu nda vuba; umutima utera buhoro; ubwonko bugwa ikinya; ibitckerezo bigacura igihunya; n'umubiri wose ukaba uhindutse icumbi ry'indwara.

Ibihaha bikeneye guhora byakira umwuka mwiza. Umwuka wanduye ntuba ugifite okisijene ihagije, bigatuma amaraso ajya mu bwonko no mu zindi ngirigo ataboneye. Kuba mu byumba bitagerwamo n'umwuka mwiza bituma umubiri wose 'umererwa nabi. Kwikingiranira mu mazu, umubiri wose umererwa nabi. Kwikingiranira mu mazu bituma abagore benshi beruruka bagacika n'intege. Bahumeka umwuka umwe kugeza ubwo wuzuramo uburozi bwagombaga gusohokera mu bihaha cyangwa mu myenge y'uruhu, bityo rero umwanda ugasubira mu maraso.

Akenshi insengero n'amashuri bigira ingorane yo kudakurikiza amabwiriza yo kugira umwuka uhagije. Kwirengagiza ikintu nk'icyo ni cyo gitera abantu guhunyiza no kutumva neza, bimwe bijya bikonia mu nkokora ibibwirizwa byinshi n'imirimo y'abigisha.

Uko bishobotse kose inzu zagenewe guturwamo, zikwiriye kubakwa ahantu hegutse kandi humutse. Kurwaragura n' imfu nyinshi biterwa n’ubukonje buboneka mu nyubako ziri hasi, ahantu h'ikireka.

Icyumba cyose gikwiriye kugira umwuka n'umucyo bihagije. Ibyumba bararamo bikwiriye kugira umwuka uhagije ku manywa na nijoro, kandi bigahora bikinguwe kumanywa' kugira ngo umwuka n'izuba bigeremo. Icyumba cy'abashyitsi,

kimwe n'ibindi byumba, gikwiriye kugira umwuka uhagije no kugerwamo n'izuba, kikagira n'ibindi byangombwa byo gutuma gishyuha, n'ibyumutsa impehamyi iba mu byumba bidakoreshwa cyane. Niba ubushyuhe n'umwuka n'izuba ari ingirakamaro ku bimera, ni ko birushijeho kuba ingirakamaro no ku buzima bwacu!

Ntugakinge mu madirishya imyenda iremereye, ujye ukingura amadirishya n'imyenda iyakinzemo idatuma umuntu areba hanze, ntugatume ibiti by'amatunda bitera igicucu ku madirishya, kandi ntugatume ibiti bibuza izuba kugera mu nzu. Izuba ribasha gutuma imitako n'itapi bicuyuka, ariko rigatuma abana bagira ubuzima bwiza.

Abantu bakuze bakenera ubushyuhe n'ibyumba bimeze neza. Uko barushaho kugera mu zabukuru, ni ko imbaraga zo kurwanya indwara zigabanuka, ibyo bigatuma barushaho gukenera izuba ryinshi n'umwuka mwiza.

### Akamaro K'Isuku.

Isuku isesuye ni ingenzi ku buzima bw'umubiri n'ubw'ibitekerezo. Imyanda iva mu mubiri inyuze mu ruhu. Utwenge twinshi tw'uruhu tubasha kuziba turamutse tutagiriwe isuku ngo twuhagirwe; kandi imyanda yagombaga gusohokera mu ruhu ibera umutwaro w'inyongera izindi ngingo zivana imyanda mu mubiri.

Abantu benshi bafashwa no kwiyuhagira buri munsi amazi y' akazuyazi. Aho kurwara ibicurane umuntu yakwiyuhagira; kwiyuhagira birwanya ibicurane kandi bigatuma amaraso agenda neza. Kwiyuhagira bitera umubiri imbaraga ndetse n'ibitekerezo. Bituma imitsi yumva imererwa neza kandi n'imyanya inyurwamo n' ibyokurya ikora neza.

Ni byiza kandi kumesa imyambaro kuko bifite akamaro. Imyambaro inyunyuza ibiva mu mubiri binyuze mu

myenge y'uruhu. lyo idahinduranijwe kenshi ngo imeswe, iyo myanda yongera gusubira mu mubiri. lkintu cyose kidafite isuku gitera indwara. imbuto z'indwara zikunda kuba ahantu hijimye, ahadakuburwa, mu bishingwe, ahantu hari impehamyi n'ahatonze ifurika. Ibitotorwa cyangwa ibibabi bihunguka ku biti ntibikwiriye kuguma iruhande rw'inzu, kugira ngo bitahaborera bikanduza umwuka. Mu migi indwara z'ibyorezo ziterwa n'ibintu by'imborera byikurura ahazengurutse inzu z'abantu b'indangare.

Isuku nyayo y'umubiri, umucyo w'izuba, no kuboneza aho utuye, ni ibintu ngombwa byatsembaho indwara, ndetse bigatuma umuntu anezerwa kandi agakomera.

# RENGERA UBUZIMA

ELLEN G WHITE

# Igitabo Cya 2

Mu cyongereza: **MINISTRY OF HEALING**

# IBIRIMO


21 UKO IMANA YIGISHIJE ABIS1RAYELI GUFATA NEZA UBUZIMA ……1

***22*** IMYAMBARO YEREKANA AMATEGEKO AGENGA UMUNTU……5

23 IBYOKURYA BYIZA NI BYO SOKO Y'UBUZIMA……..9

24 KURYAINYAMA ……..20

25 GUKABYA MU M1R1RE………..25

26 KUBATWA N’lTABI, N'UBUROZI, N’INZOGA………..28

27 UBUBI BW'IMITI Y’UBUROZI NO GUCURUZA INZOGA………34

28 ITA KU RUGO RWAWE…………40

29 GUTORANYA UWO MUZABANA AKARAMATA……….43

30 AMAH1RWE YO GUTURA AHITARUYE IM1DUGUDU……….47

31 GUTERA INKUNGA UMUBYEYI………………..51

32 KURERA UMWANA NI UMURIMO WO KW1TONDERWA……….55

33 GUTUMA URUGO RUBA AHANTU HASHIMISHIJE KURUTA AHANDI.61

34 UMUKRISTO NYAKURI WESE YUNGANIRA UMURIMO W'Imana…64

35 UBWENGE BUKWIRIYE…………..70

36 ICYUBAHIRO CY'IMANA NO GUKOMERA KWAYO…….80

37 UKURI N'lBINYOMA BIBONEKA MU BUREZI……..86

38 UBUTUNZI BUTANGAJE BW'UBUMENYI NYAKURI……..94

39 UBUMENYI BW'IKIRENGA BUBONEKA MU IJAMBO RY'IMANA…..98

40 INKURU NZIZA IFITANYE ISANO N'lMIBEREHO YA BURI MUNSI….103

41 KUBONANA N'ABANDI………..112

42 KWISUBIRAHO, KWIYANGA, NO GUKORA……….121

43 IBYIZA BY' AGAHEBUZO BIRADUTEGEREJE……….125

## IGICE CYA 21

## UKO IMANA YIGISHIJE ABISIRAYELI GUFATA NEZA UBUZIMA

Igihe Abisirayeli bari bavuyc mu buretwa bafite ingeso mbi z'umwanda, bahawe amabwiriza akomeye batarinjira muri Kanani. Bigishijwe amategeko y'ubuzima n'ay'isuku.

Mu bintu byose bakoraga buri munsi bigishwaga gutandukanya ibyanduye n'ibitanduye. Ababaga bahuye n'umuntu unvaye indwara yanduza bahabwaga akato ntibagere aho abanda bacumbitse, bagarukaga mu bandi ari uko bamaze kwiyuhagira no kumesa imyambaro yabo. Iyo hagiraga uwafatwaga n'indwara yanduza bakurikizaga aya mategeko:

"Uburiri bwose yaryamyeho ... bube buhumanye, n'ikintu cyose yicayeho kibe gihumanye. Kandi umuntu wese ukoze ku buriri bwe, amese imycnda ye, yiyuhagiro ... Ikintu cy'ibumba akozeho, ... kimenwe, icyabajwe mu giti cyose cyozwe." Abalewi 15:412.

Amategeko yerekeye ibibembe yerekana ukuntu ayo mategeko yari ashyigikiwe. "Iminsi yose umuntu akinvaye ibibembe,azaba ahumanye: arahumanye, abe ukwe, ature hirya yaho mubambye amahema .... Niba uwo muze uzaba ukwiriye mu mwenda mu budodo butambitse cyangwa mu buhagaritse, bw'ubwoya bw'intama cyangwa se ikintu cyose cyaremwe mu ruhu cyafashwe n'uwo muze, uwo mwenda uzatwikwe, kuko ibyo bizaba ari ibibembe biwurya." Abalewi 13 :46-52.

Inzu yose yabaga igaragara ko itagomba kubabwamo n'abantu, yagombaga gusenywa. Reba Abalewi 14:45-47

Abantu bigishwaga ko bagomba kugira isuku mu buryo butajenjetse. Batari bateranira ku musozi wa Sinayi ngo basomerwe amategeko, abantu bategetswe kwiyuhagira no

kumesa imyambaro yabo. Nta gifite umwanda cyemererwaga kugera imbere y'Imana.

Mu butayu, Abisirayeli bahoraga ahabona, ahari umwuka mwiza; mbese ahantu ubona hatari ibyabahumanya nk'ibiboneka mu mazu. Nyamara ntibaburaga kwigishwa kugira isuku. Nta mwanda cyangwa ibishingwe byari byemerewe kuba aho bacumbitse cyangwa se ahahazengurutse. Uwiteka yaravuze ati " Kuko Uwiteka Imana yawe igendagenda aho muganditse, kugira ngo igukize, ikugabize ababisha bawe bari imbere yawe: ni cyo gituma aho muganditse hakwiriye kuba ahera." Gutegeka kwa Kabiri 23: 14.

## Itandukaniro Riri Hagati Y'Ibyokurya Byanduye N'Ibitanduye

Abisirayeli babujijwe kurya ibyokurya byinshi byaribwaga n'abapagani. Iryo ntiryari irebanura ry'amafuti. Ibintu babujijwe ntabwo byari byiza ku buzima. Bigishijwe yuko ibyokurya byangiza ubuzima ari ikintu cyanduye. Icyonona umubiri cyonona n'umutima. Abakoresha bene ibyo ntibagirana umushyikirano n’ Imana.

"Ndi Uwiteka Imana yanyu yabatandukanije n'andi mahanga. Nicyo gituma mukwiriye gutandukanya itungo n'inyamaswa bidahumanya n'ibihumanya, n'ibisiga n'inyoni bihumanya n'ibidahumanya, cyangwa ikindi kinyabuzima gihumanya; nabigishije kwitandukanya na byo kuko bihumanya." Abalewi 20:24,25.

Mu bikorwa byabo byose bya buri munsi, Abisirayeli bigishwaga ibyigisho bagenewe n'Umwuka w'Imana: "Ntimuzi yuko muri umsengero rw'Imana, kandi ko Umwuka w''Imana aba muri mwe? Umuntu utsemba urusengero rw'Imana, Imana izamutsemba; kuko urusengero rw'Imana ari urwera, kandi urwo rusengero ni mwe." 1 Abakorinto 3: 16, 17.

Ibyishimo, umunezero, ubugiraneza, no kwiringira uburinzi bw'Imana ni byo bintu bikomeye byunganira ubuzima. Abisirayeli bari baragize ibyo bintu iremezo ry'imibereho yabo. Bajyaga I Yerusalemu mu birori ibihe bitatu mu mwaka, bagira ngo bate akuka kandi bagirane umushyikirano n'abandi. Ibyo birori byari uburyo bwo gutuma banezerwa, no kwishimira urugwiro bakiranaga abashyitsi n'abakene. "Nuko wishimane n'Umulewi n'umusuhuke w'umunyamahanga uri hagati muri mwe, mwishimire ibyiza byose Uwiteka Imana yawe yaguhanye n'inzu yawe. <<Gutegeka kwa Kabiri **26:11>>**

Mu myaka yakurikiyeho igihe abari bajyanyweho iminyago bari bavuye i Babuloni, ari cyo gihe barizwaga n'ibicumuro byabo, havuzwe aya magambo meza ngo: "Kandi ntimugire agahinda; kuko kwishimana Uwiteka arizo ntege zanyu." Nehemiya 8: 10. "Nuko iteraniro ryose ry'abari bagarutse bava mu bunyage, baca ingando baziraramo .... Haba umunezero mwinshi cyane." Nehemiya 8:17.

### Ubuzima Bwiza Ni Ingororano Yo Kumvira

Imana yahaye Abisirayeli inyigisho zerekeye amategeko yose akwiriye kunganira umubiri no gutera umutima kumererwa neza. "Aya mategeko ngutegeka uyu munsi ahore ku mutima wawe; ujye ugira umwete wo kuyigisha abana bawe." Gutekeka kwa Kabiri 6:6,7.

"Mu gihe kizaza umwana wawe nakubaza ati Ibihamya n'amategeko n'amateka Uwiteka Imana yacu yabategetse ni ib.y'iki? Uzasubize uwo mwana uti, ... Uwiteka adutegeka kwitondera ayo mategeko yose no kubahira Uwiteka Imana yacu kugira ngo tubone ibyiza iteka, ikize ubugingo bwacu urupfu, uko biri n'uyu munsi." Gutegeka kwa Kabiri 6:20-24.

Iyo Abisirayeli baza kumvira inyigisho bahawe, bari kubera isi yose intangarugero mu by'ubuzima bwiza n'ishya

n'ihirwe. Bari kurusha abantu bose kugira imbaraga z'umubiri n'ubwenge bushyitse.

"Uzagira umugisha uruta uw'ayandi mahanga yose." Gutegeka kwa Kabiri 7: 14.

"Uwiteka yagusezeranije kumubera ubwoko yironkeye, nkuko yakubwiye, Kandi yuko uzitondera amategeko ye yose; kugira ngo agusumbishe ayandi mahanga yaremye yose, uyarushe gushimwa no kogera no kubahwa." Gutegeka kwa Kabiri 26: 18,19.

"Amahanga yo mu isi yose azabo^a yuko witiriwe izina ry'Uwiteka, agutinye. Kandi Uwiteka azakugwiriza ibyiza, by'imbuto zo mu nda yawe, n'iby'iz’amatungo yawe, n'iby’imyaka yo ku butaka bwawe, mu gihugu Uwiteka yarahiye basekuruza wanyu yuko azaguha. Uwiteka azagukingurira ijuru, ububiko bwe bwiza, ngo ajye akuvubira iravura mu bihe byayo .... Uwiteka azaguhindura umutwe, ntazaguhindura umurizo; uzaba hejuru gusa, ntuzaba hasi; ni wumvira amaiegeko y'Uwiteka Imana yawe." Gutegeka kwa Kabiri 28: 10-13.

Abisirayeli bananiwe gusohoza umugambi w'Imana, maze bituma bananinva kubona imigisha bari baragenewe. Nyamara mu mibereho ya Yosefu na Daniel, na Mose na Elisha, n'abandi benshi, tubona ibyitegererezo byiza by'ingaruka zo kwiyemeza kubaho neza. N'ababaho imibereho yo gukiranuka muri ibi bihe bashobora kugira ingaruka nk'izo.

"Muri ubwoko bwatoranijwe, abatambyi b'ubwami, ishyanga ryera, n'abantu Imana yaronse, kugira ngo mwamamaze ishimwe ry'Iyabahamagaye, ikabakura mu mwijima, ikabageza mu mucyo wayo w’itangaza. 1 Petero 2:9

## IGICE CYA 22

## IMYAMBARO YEREKANA AMATEGEKO AGENGA UMUNTU

Bibliya yigisha kwambara mu buryo bukwiriye. Ndifuza yuko ... abagore bambara imvambaro ikwiriye." 1 Timoteyo 2:8,9. Imyambarire yose ishaka ko uyambaye arangaririwa cyangwa se agatangaririwa ntabwo ihuje n'ibyo Ijambo ry'Imana rivuga. Imyambaro ntigomba gusiga ikokoye abantu-- ngo ibe iy'izahabu, cyangwa imaragarita, cyangwa imyenda y'igiciro cyinshi. "

Amafaranga si ayacu ngo apfushwe ubusa mu by'ubwibone. Ni ayo kugaburira abashonje, kwambika abambaye ubusa, kuvuza abarwayi no kugeza ubutumwa bwiza ku babusonzeye. Dushobora guhesha abantu benshi umunezero turamutse dukoresheje ibyo dupfusha ubusa mu by'umurato muri iki gihe. Mu isi yitwa ko izi Kristo amafaranga menshi agurwa amabuye y'igiciro yo kurimbisha umubiri n'imyambaro ihenda kandi idakenewe, nk'aho yaguze ibyo kugaburira abashonje no kwambika abambaye ubusa. Imana yashyize ku isi ibintu byiza byinshi byo kunganira abantu; yaduhaye ubwenge bw'ukuri bwo gukiza imitima; none se twakwireguza iki, igihe abapfakazi n'imfubyi n'abarwayi n'imbabare n'abananiwe kujya mu mashuri n'abatagerwaho n'ubutumwa bw'agakiza batakambira Imana? Mbese harya kuri wa munsi w'urubanza, abapfusha ubusa igihe cyabo n'amafaranga yabo ku bintu Imana yabuzanije bazireguza iki?

Imyambaro myiza, igomba kuba iy'ubwoko bwiza, isa neza, kandi ikaba itoranirijwe ko irama mu cyimbo cyo kuyitoraniriza kurangaza abantu. Kwambara imyambaro itameshe ni bibi ku buzima, byanduza umubiri n'umutima. "Imibiri yanyu ni insengero z'Umwuka w'Imana." 1 Abakorinto 6: 19. Imana yifuza ko tuba bazima, ku mubiri no mu mutima. Ibyo byombi biterwa kumererwa neza n'imyambaro iboneye.

## Kugira Ubuntu No Kwiyoroshya

Kristo yaduhannye kuba abibone mu by'ubuzima, ariko ntiyatubujije ibyerekeye ubuntu n'ubwiza busanzwe biboneka muri bwo. Kristo yatunze urutoke uburabyo maze aravuga ati "Na Salomo mu bwiza bwe bwose ntiyarimbaga nk' akarabyo kamwe ko muri ubu." Matayo 6:29. Kristo yakoresheje ibyaremwe yerekana agaciro k'ibyiza by'ijuru, ubuntu buhebuje, kwiyoroshya, kubonera no gukora ibikwiriye byatuma dukora ibyo Imana yishimira. Umwambaro mwiza bihebuje adutageka kwambara ku mutima — ni uw'" ubugwaneza n'amahoro". umwe Imana "yishimira".

Mbega ukuntu abemera kuyoborwa n'amategeko y'Umukiza bakwishimira aya magambo ye avuga ngo: "Niba Imana yambika ubwatsi bwo mu gasozi buriho none ejo bakabujugunya mu muriro, ntizarushaho kubambika mwa bafite kwizera guke mwe? ... Ku bw'ibyo rero ntimukiganyire mutekereza iby'ejo." Matayo 6:30. "Ugushikamishijeho umutima uzamurinda abe amahoro masa kuko akwiringiye." Yesaya 26: 3.

Mbega ngo ibyo biratandukana no guhangayika no kuoura amahoro n'ububi biterwa no gutegekwa n'ingeri zitari zimwe z'ibintu byaduka! Mbega ukuntu imideri myinshi y'imyambaro yaduka icishije ukubiri n'amabwirizwa y' Ibyanditswe byera! Iyo imyambaro myinshi itagihuje n'ingeri y'imyambaro iharawe, bavuga yuko itakiri kuri mode, ko umugore wiyubashye atabasha kuyambara.

Guhinduranya ingeri z'indodo n'ibyambarwa byo kurimbisha umubiri bitwara igihe n'amafaranga, kandi bikamara imbaraga mu bwenge no mu bitekerezo by'umuntu. Abagenza batyo baba bikoreje abakene umutwaro uremereye. Kugira ngo umukobwa w'umukene yifuze kurimba nk' abakire, agomba no guca mu nzira yo gukora ibiteye isoni ngo abe yabona icyo yifuza. Ubundi ugasanga umugabo aguye mu byo

kunyereza umutungo w'abandi cyangwa se mu myenda ngo akunde ahaze irari ryo kwifuza k'umugore we cyangwa se kw' abana be.

Kenshi usanga umugore ateshwa kugumana umwuka w'ituza wo kumushoboza kuyobora abana be agatwarwa n'ingeri ya za mode. Umuco ugenga umutima w'umuntu n'ibitekerezo ntiwitabweho. Ubwenge buragwingira. Maze umubyeyi ntabe akibona igihe cyo kwigisha abana be no kubafasha mu by'iyobokamana bakeneye, cyangwa se ngo pbashe kubunganira mu bibagerageza no gusangira na bo ibibashimisha.

Iyo abana bamaze kuvuka, icyo bahita bumva ni ikiganiro cy’imyambaro aho kumva iby'Umukiza. Babona nyina ahora asoma ibitabo byerekana iby'imidodere y'imyambaro kuruta uko asoma Bibliya. Bityo ababyeyi n'abana bakabura ibintu bya ngombwa kandi byiza mu buzima, bakabura batyo no kwitegura iby'ubugingo buzaza.

Umwanzi w'ibyiza ni we ushyigikiye ubuhimbyi bw'unidodere yinyamburo ihora ihindagurika. Nta kintu akunda cyane cyahwana n'uko akunda kuzana ibyo kubabaza Imana no gukoza isoni icyubahiro cyayo abikoresheje ubuhanya no kurimbura abantu. Uburyo bumwe akoresha kugira ngo abigereho ni ubuhendanyi bw'izo ngeri za mode zicogoza umubiri. zigaca intege ibitekerezo no gupfobya ubwenge.

Imana ni yo yaremye ibyiza byose, kandi iyo dukora ibihuje n'ibyo ishaka, tuba turi hafi yo kugera ku rugero rw'ubwiza nyakuri.

## Imyambaro Yoroheje Ni Umugabane W'Ubuzima Bwiza

Ikindi kintu kibi gikunda kwadukana n'imico, ni imyambaro idashyitse, ku buryo imigabane imwe y'umubiri iba

yambaye ubusa. Iyo ibirenge n'amaguru bikonje, burya amaraso abirimo aba ari make, naho mu yindi migabane y'umubiri hirunzemo menshi. Ubuzima bwiza bugendana n'uko amaraso agenda neza mu mubiri. Abagore benshi usanga ari ibimuga kandi bari gushobora kugira amagara mazima iya baza gukurikiza amategeko y'ubuzima, kandi bakagirira imyitozo ngorora mubiri ahari umwuka mwiza.

Kugira ngo abantu bakoreshe imyambaro ituma bagira ubuzima bwiza, baba bakeneye kumenya initerere y'ingingo z'umubiri. Kumenya ibihe by'umwaka, ahazengurutse aho umuntu atuye, ubuzima, ikigero umuntu agezemo n'umurimo akora, byose bigomba kwitabwaho. Umwambaro wose umuntu yambara ugomba kuba umukwira neza utamuhambira ngo ubuze amaraso kugenda neza mu mubiri, cyangwa se ngo umubuze guhumeka neza.

Mu cyimbo kunaniza ubuzima, abagore kwifasha muri byiza bambara imyambaro yoroheje no gukora imyitozo ngororamubiri. Iyo myitozo bakwiriye kuyikorera ahari umwuka mwiza, bagatangira buhoro buhoro, bakajya bongeramo imbaraga uko barushaho kumenyera iyo myitozo. Ku bwo gukora batyo, benshi bashobora kugira uruhare mu mirimo yo kuri iyi si.

Abagore bakwiriye gukora uko bashoboye kugira ngo bambare imyambaro yoroheje kandi' ituma bagira amagara mazima, mu cyimbo cyo kumaranira kubona iby'izo ngeri zihora zaduka. Umugore n'umubyeyi bakwiriye kugira igihe cyo gusoma ibitabo, no guhora ashaka icyatuma agira icyo yigisha abana be. Umubyeyi agomba kugira igihe cyo gushaka kugirana umushyikirano n'Umukiza, akiga Ijambo rye, kandi akamwigiraho ubwiza bw'imirimo y'Imana.

Umubyeyi akwiriye guhora anezerewe, kandi agategura ibihe bishimishije bya nimugoroba, byo guterahiriza hamwe ab'umuryango we igihe bakitse imirimo. Ibyo ni byo

byatuma umugabo ahitamo kubana n'ab'umuryango we, aho kujya mu kirabo cyangwa mu biterane by'amayoga.

Ibyo kandi ni byo byatuma umwana w'umuhungu adahora mu mayira, n'uw'umukobwa ntahugire mu byo gukurikira inshuti zimuyobora mu bibi. Ubwo ni bwo urugo rwaba nkuko Imana ishakaurugo rwahesha abantu umugisha wo kubatera kurama.

## IGICE CYA 23

## IBYO KURYA BYIZA NIBYO SOKO Y'UBUZIMA

Imibiri yacu igizwe n'ibyo kurya turya. Ibihe byose ingingo z'umubiri zinyagambuye, hagira igisenyuka, kandi icyo gisenyutse gisanwa n'ibyokurya. Buri rugingo rwose rw'umubiri rukeneye ibyokurya -- ari ubwonko, amagufwa, imihore n'imitsi yumva. Ibyokurya bibanza guhindurwa amaraso kugira ngo bibashe kubaka umubiri. Iyo gahunda ni yo iha ubuzima n'imbaraga buri gatsi kumva, na buri muhore n'ingirabika (tissu de l'organisme).

Hakwiriye gutoranywa ibyokurya byiza byubaka umubiri. Muri iryo toranya ipfa si ryo umuntu yakwibandaho. Haba igihe ipfa rihinduka ribi umuntu akararikira ibyokurya bica intege mu cyimbo cyo kuzongera. Indwara nyinshi zabaye gikwira ahantu hose, ahanini ziterwa n'amafuti y'ikimenyabose yerekeye ibyokurya.

Kugira ngo tumenye ibyokurya bikwiriye, tugomba kwiga gahunda yerekjye ibyokurya Imana yageneye umuntu kuva kera kose. Uwaremye umuntu ni we uzi neza ibyo akeneye. Yaravuze ati "Dore mbahaye ibimera byose byera imbuto biri mu isi yose, n'igiti cyose gifite imbuto zirimo utubuto twacyo: bizabe ibyokurya byanyu." Itangiriro 1:29. Kubera umuvumo watejwe n'icyaha, umuntu yahawe

n’uburenganzira bwo kurya "imboga zo mu murima" Itangiriro 3: 18.

Impeke, amatunda, impeke zimeze nk'ububemba, n'imboga ni byo bigize ibyokurya twatoranirijwe n'Umuremyi wacu. Ibyo byokurya, biramutse bitetswe neza mu buryo bworoheje busanzwe, ni byo byokurya bitunga umubiri kandi bikunganira ubuzima. Bituma umuntu agira imbaraga, imbaraga yo kurwanya no gukomeza ubwenge, ibintu bitabasha kuboneka mu mitekere ihambaye no mu byokurya bituma umubiri ukora mu buryo bw'indengakamere.

Nyamara si ko ibyokurya byiza uowabyo bihwanije kunganira umubiri mu buryo bwose. Ibyokurya turya bigomba kuribwa bikurikije ibihe by'umwaka, ubushyuhe n'ubukonje, n'imirimo dukora. Umuntu wese agomba kwitoraniriza ibyokurya akurikije ibyo ashoboye n'ibyo yumva bikwiranye n'ibyo akeneye.

Ibyokurya dusarura by' amatunda, ububemba, impeke birahagije, kandi bigera ku bantu bose buri mwaka uko uburyo bwo kubibagezaho burushaho kwiyongera. Ibyokurya byinshi abantu bahoze bareba nk'ibyo barya igihe barenzwe gusa, ubu bisigaye byarabaye gikwira kuri bose, cyane cyane nk'amatunda.

Ububemba n'ibyokurya babukoramo ubu bisigaye bikoreshwa cyane bisimbuzwa inyama. Ububemba bubasha kuvangwa n' impeke, amatunda, n'ibinyabijumba (ibyerera mu butaka) bimwe na bimwe, bikavamo ibyokurya byiza bibasha kurera ubuzima no gutunga umubiri. Ariko kandi bigomba kwitonderwa cyane kugira ngo ububemba butaba bwinshi cyane. Tugomba kwibuka kandi ko ibijya kumera nk'ububemba byose atari ko bihwanije ibitunga umubiri n'ububemba. Ibijya gusa n'ibishyimbo iyo bakoresheje bike bakabivanga n'impeke bitunga umubiri kandi igifu kikabiyungurura vuba.

Iyo amatunda y'imyelayo akoreshejwe n'ububemba. Abasha gusimbura amavuta n'inyama. Amavuta y'imyelayo aruta cyane ay'amatungo n'umgimbu. Atuma umuntu yituma neza, kandi akavura igifu cyapfuruse cyangwa se cyagize imyivumbagatanyo.

Abantu bamenyereye ibyokurya birimo ibikoresha umubiri ku buryo bw'indengakamere bumva ibyo bitabaryoheye, kandi ntibamenyere vuba kuryoherwa n'ibyo byokurya byuzuye kandi byoroheje. Bitwara igihe kugira ngo biryohere umuntu, no kugira ngo igifu gikire ingorane cyahuye nazo. Nyamara abihanganira gukoresha ibyo byokurya byiza, iyo hashize igihe birabaryohera bakabyishimira, bakabirya cyane kandi bakabyishimira kuruta uko bishimira bya bindi bidakwiriye. Ndetse n'igifu kidafite ubwiyabire kandi kitapakiwe kurenza urugero, gishobora gukora umurimo wacyo neza.

## Akamaro k’Ibyo Kurya Byiza

Kugira ngo umuntu agire ubuzima bwiza, aba agomba kubona ibyo kurya bihagije byo kugaburira umubiri. Habaho ubwo ibyo bye kurya byashobora kuboneka mu' bihugu byose. Umuceri, ibigori, n'ingano z’umutsima n'iz'igikoma, biboneka hose; ndetse n'ibishyimbo, n'anashaza n’inkori. Ibyo ngibyo hamwe n'amatunda n'imboga biboneka mu turere tutari tumwe byatuma umuntu atoranya ibyokurya birimo ibitunga umubiri atiriwe akoresha inyama.

Ahantu hose amatunda abasha kwera, bagomba guteganya azakoreshwa mu gihe kitari icy'umwero wayo, bayategura bayashyira mu bikombe cyangwa se bakayanika akuma. Amatunda matoya nk'amoko atari amwe v'inkeri ashobora guterwa ahantu hose kandi arahera, ariko usanga adakoreshwa ndetse ugasanga abantu batita no ku byo kuyahinga.

Amatunda ashyirwa mu bikombe agomba kuba ameze neza. Umuntu ateka amatunda igihe giciriritse maze agashyiramo agasukari gake kugira ngo bibashe kubikwa. Aho amatunda yumishijwe ashobora kuboneka amwe ameze nk'inzabibu, inanasi, prune, poire, peche na abricot bishobora kuboneka ku giciro cyiza, bibasha gukoreshwa cyane, bikaba byatuma umuntu agira ubuzima bwiza kandi akagira imbaraga. Si byiza gushyira amoko menshi y’amatunda ku meza kuko byatuma umuntu arya ibirenze umgero kandi bikamutera kumererwa nabi mu nda. Si byiza kurya amatunda n’imboga mu igaburo rimwe. Igihe umuntu adafite mu nda heza, kubikoresha byombi kenshi byamutera kumererwa nabi.

Ni byiza kudahora urya ibyokurya by'ubwoko bumwe ku magaburo yose. Ibyokurya by’ubwoko bumwe byatetswe mu buryo bumwe, ntibikwiriye guhora biza ku meza buri munsi. Iyo ibyokurya binvuranijwe ni bwo umuntu abirya abishaka kandi umubiri ukabyakira neza.

Ni ifuti kurya ngo ni ubone uko inda yacura umwijima gusa, kuko iyo urya ibyokurya udashaka, umubiri ntugaburirwa neza. Ibyokurya bikwiriye gutoranywa neza kandi bigatekanwa ubwenge n'ubuhanga.

Ku byerekeye gukora imigati, ifarini yera irahenda gusa kandi idatunga ubuzima. Imigati yakozwe muri bene iyo farini iba igize ibyo ibura bitunga umubiri biboneka mu ngano zisewe uko zakabaye. Kurya bene iyo migati ni byo bitera kugomera n'izindi ngorane ziboneka mu buzima.

Gukoresha Bicarbonate uteka imigati nta cyo bimaze kandi byangiza ubuzima. Bicarbonate itera igifu gupfuruta, kandi ikaba yakwangiza gahunda yose yo gutunganya ibyokurya mu mubiri. Benshi bibwira ko batabasha guteka imigati badakoresheje Bicarbonate, nyamara kwibwira utyo ni ugufudika. Baramutse bize ubundi buryo bwiza, imigati bateka

yarushaho gutunga ubuzima, ikaba ifite uburyohe busanzwe, kandi ikarushaho kuryoha.

Iyo utekesha imigati igitubura, si byiza gukoresha amata mu cyimbo cy'amazi. Imigati yakoreshejwe amati ntibasha kumarana uburyohe igihe kirekire nk'imitsima yakoreshejwe amazi, kandi iyo igeze mu gifu usa^iga isa n 'itutumba.

Umugati ugomba koroha kandi ukagira uburyohe. Imigati kandi ikwiriye kuba mito, kandi igatekwa (ikotswa) ku buryo buhagije, kugeza ubwo imbuto ziba mu gitubura zose zipfa. Iyo umutsima utekeshejwe igitubura ugishyushye cyangwa ce ari yo ugitekwa igifu ntikibasha kuwutunganiriza mu nda neza. Uirugati nk'uwo ntukwiriye kuzanwa ku meza. Nyamara imigati itarimo igitubura yo kuyikoresha ishyushye ntacyo bitwaye. Udutsima duto tw'ingano tutakoreshejwe igitubura ariko tugatekwa neza, turaryoha kandi dufite ibitunga umubiri.

Ibyokurya byoroshye cyangwa se by'amazi ntabwo bifitiye umubiri akamaro nk'ibyokurya bikomeye, bimwe bishaka gutapfunwa cyane Ya migati ikomeye ni imwe mu byokurya biryoshye kandi biyoboka umubiri vuba. Imigati isanzwe ikwiriye gukatwamo uauce duto, maze tugashyirwa mu ziko kugeza ubwo twuma twose tugashiramo ikibisibisi. Imigati kandi ikwiriye gutekwa kugeza ubwo ihindura ibara ntigumye kuba urufufu. Imigati nk'iyo iramutse ibitswe ahantu humutse ishobora kumara iminsi kuruta imigati isanzwe.

Hari igihe isukari ikoreshwa cyane mu buryo burenze ubusanzwe. Za keke z'uburyo bwose na confitire zitari zimwe zituma mu nda hamererwa nabi. Ibyangiza umubiri cyane ni za Keke batekesheje amata, amagi n'isukari kandi ibyo uko ari bitatu bikaba ari byo byiganzamo. Guhyira isukari nyinshi mu mata bikwiriye kugenderwa kure,

Amata akwiriye gutekwa neza. Iyo yitaweho atyo ntashobora guteza abantu bayanyoye indwara zanduza. Amavuta ntacyo atwara umubiri igihe akoreshejwe gusigwa ku migati ikonje, kuruta igihe atekeshejwe; nyamara ni nk'itegeko kugira ngo amavuta akoreshwe. Iforamaje ntabwo ikwiriye gukoreshwa na buke mu byokurya. * *1*

Ibyokurya bike, bitetswe nabi byonza amaraso, bikarogoya gahunda yose y'umubiri kandi bigatera indwara. Abantu bapftiye bazize ibyokurya bitetswe nabi babarirwa mu bihumbi by:nshi. Ku bitura byinshi haba hakwiriye kwandikwaho ngo: "Inkuruzi y'icyamwishe ni uguteka nabi," cyangwa se "Yazize ko igifu cyakoreshejwe agahato. "

Abatetsi bakwiriye kumenya yuko kwiga guteka ibyokurya byo gutunga umubiri neza ari umurimo utunganye. Mu mutsima utetswe neza hari inyigisho nyinshi z'idini kuruta uko benshi babitekereza. Ni koko hariho abatetsi bake beza. Abagore bakiri bato bibwira ko guteka n'imirimo yo mu rugo, atari umurimo w'ingenzi, ndetse n'abakobwa benshi bashyingirwa ntibazi byinshi ku byerekeye agaciro ko kuba umugore n'umubyeyi.

* *Iyo foromaji ivugwci aho ntabwo ari foromaji yera cyangwa ibindi byokurya bimeze bilyo, kuko wnwanditsi w'iki gitabo yemera yuko ibyo ari ibyokarya byiza bikwiriye gutunga umubiri. - Abanditsi.*

Guteka ni ubui lenyi, ikintu kimwe cy'ingenzi mu mibereho y'abantu, ubumenyi abagore bose bagomba kwiga. Guteka ibyokurya biryoshye, byoroheje ariko kandi bitunga umubiri, bigomba ubuhanga.

Abatetsi bagomba kumenya guteka neza ibyokuiya byoroheje kugira ngo biryohere abantu kandi bibe bifitiye umubiri akamaro.

**Kugira Ibihe Bidahindagurika Byo Kurya Bifite Akamaro**

Hakwiriye kubaho igihe kidahindagurika cya buri gaburo. Icyo gihe umuntu wese agomba kurya akageza aho ashaka, ariko ntagire ikindi arya mbere y'irindi gaburo rikurikira. Benshi barya igihe umubiri wabo udakeneye ibyokurya, bakarya imburagihe, igihe cyo kurya kitaragera. Igihe abantu bari mu rugendo barya icyo babonye cyose. Ibyo byangiza ubuzima. Abagenzi baramutse bariye ku gihe ibyokurya byoroheje kandi bitunga ubuzima, ntibakumva bananiwe cyane cyangwa se ngo barwaragure cyane.

Indi ngeso mbi bitangaje ni ukongera kurya ujya kuryama. Umuntu aba yamaze kurya ibyokuiya bya nijoro, ariko ku bwo kumva isereri, akongera kurya. Iyo ibyo bihindutse akamenyero birakomera cyane kugeza ko umuntu yibwira atabasha kuryama ngo asinzire atongeye kurya. Ingaruka mbi zo kurya mu gicuku ni uko umurimo wo gutunganya ibyokurya mu nda ukomeza n'igihe umuntu asinziriye. Ibitotsi bigenda bicikizwa n'inzozi zidashimishije, maze mu gitondo ugasanga umuntu abyukana umunaniro, kandi akumva adafite irari iyo gufungura ibyokurya bya mu gitondo. Igihe turyama ngo turuhuke, igifu kigomba kuba cyarangije umurimo wacyo, kugira ngo na cyo kinezezwe no kuruhuka. Ku bantu badakora imirimo yo hanze, kurya igicuku kinishye byangiza ubuzima. Ingorane bitera kenshi ni yo iba intandaro y'indwara zikurikirwa n'urupfu.

Ibihe byinshi isereri abantu bumva ya yindi ituma bifuza ibyokurya iterwa n'uko imyanya ivanga ibyokurya iba yatewe agacuho n'imirimo ya kumanywa. Iyo imaze kugerwamo n'igaburo rimwe, iba ikeneye kuruhuka. Hagati y'igaburo n'irindi haba hakwiriye gucamo nibura amasaha

atandatu; ndetse abantu benshi babona ko kurya kabiri ku munsi biruta amagaburo atatu.

Ibyokurya ntibikwiriye kuribwa igihe bishyushye cyane cyangwa se igihe bikonje cyane. Iyo ibyokurya bikonje imbaraga nyinshi z'igifu zihugira kubishyushya mbere yo gutangira umurimo wo kubivangavanga.Ibinyobwa bikonje na byo byangiza umubiri muri ubwo buryo, naho kunywa uko ushaka ibinyobwa bishyushye bigaca umubiri intege. Mu by'ukuri, uko umuntu arushaho kunywa byinshi mu gihe cyo kurya, ni ko umurimo wo kuvanga ibyokurya urushaho kuruhanya; kuko ibinyobwa ari byo bibanza kwinjira mu mubiri mbere y'uko umurimo wo kuvangavanga ibyokurya utangira. Ntimukarye umunyu mwinshi, mwirinde gukoresha urusenda n'ibindi bikereta mu byokurya, ahubwo mukoreshe cyane amatunda, ni bwo kugira icyaka igihe murya bizagabanuka cyane.

Ni byiza kurya buhora buhoro, kandi ugatapfuna cyane. Ibyo ningombwa kugira ngo ibyokurya bivangwe neza n' amacandwe, kandi n’umuti wo kubivanga uva mu mubiri ubone uko ukora umurimo wawo.

Ikindi kintu kibi cyangiza umubiri ni ukurya mu bihe bibi, nko kurya ukimara gukora imyitozo ngororamubiri ishaka imbaraga nyinshi, n'igihe umuntu ananiwe cyane, n'igihe ashyushye cyane. Iyo umuntu akimara kurya imbaraga zikoresha ubwonko ziragabanuka; igihe rero ubwenge cyangwa umubiri bikoreshejwe cyane mbere cyangwa nyuma yo kurya ho gato, ntabwo ibyokurya bivangwavangwa neza. Igihe umuntu yikanze, n'igihe ahagaritse umutima cyangwa se ari mu ihubi cyane, ntabwo aba akwiriye kurya atari yaruhuka cyangwa se Atari yamara kumva ko atururutswe.

Igifu gikorana n'ubwonko cyane, maze igihe kirwaye, imbaraga z'imitsi ituruka ku bwonko zigahuruzwa ngo zifashe imyanya ivanga ibyokurya yacogoye. Iyo izo mpamagaza

zikomeje kubaho ibihe byinshi ubwonko buraruha. Igihe bumaze kunanirwa cyane kandi ntugire imyitozo ngoraramubiri ukora, no kurya ntuba ukibyisukira. Igihe urya ujye wirinda kugira ibyo uhugiramo, no gutekereza ibiguhangayikisha; urye buhoro buhoro kandi unezerewe, wishimira imigisha Imana yaguhaye.

Abantu benshi barya inyama n'ibindi bibasha kwangiza umubiri bibwira ko ibyo barya birimo ibitunga umubiri bihagije, bashobora kwibwira ko ntacyababuza gushaka kurya. Iryo ni ifuti. Ingingo z'umubiri ntizikwiriye gukorerwa imitwaro y'ibyokurya byo kugora umubiri wose.

Hariho umuco wabaye nk'itegeko wo kutazanira ibyokurya byose ku meza icyarimwe hakabaho ibiza ku meza hanyuma. Iyo ibyokurya by'ubwikuzo bije hanyuma abantu bamaze guhaga, kenshi hariho abagwa mu kigeragezo cyo gukomeza kurya bibwira ko ari byiza. Ariko ibyokurya byagenewe iryo gaburo biramutse bishyizwe ku meza abantu bagitangira kurya, umuntu wese aba afite uburenganzira bwo kwihitiramo kurya icyo ashaka.

Rimwe na rimwe hariho ubwo umuntu yumva ingaruka y'uko yariye ibirenze urugero ako kanya. Ubundi habaho ubwo umuntu atumva uburibwe, nyamara imyanya ivangavanga ibyokurya ibura imbaraga zihagije, bigatuma umubiri wose ucika intege.

Ibyokurya by'ikirenga biremerera gahunda y'umubin, bigatuma amaraso yirunda ku gifu kandi bitari ngombwa. Bituma imyanya ivangavanga ibyokurya ivunika, bigatuma umuntu asa n'uhita isereri. Abantu bahora barya bakarenza urugero, guhora bameze batyo babvita "gusonza"; ariko biba byatewe n'imyanya ivangavanga ibyokurya yananijwe. Ubundi ubwonko bugwa ikinya, bikaba byagerekerana no guta umurongo mu bitekerezo.

Ibyo bimenyetso bibi biterwa n'uko umubiri uba warangije umurimo ushinzwe watakaje imbaraga ku maherere maze ukagwa agacuho. Ni nkaho igifu cyavuze kiti "Reka nduhuke." Nyamara kumva umuntu ahita isereri cyane babisobanura ko ari ukugabuza; maze mu cyimbo cyo kuruhura igifu, bakongera kugikoreza undi mutwaro.Ibyo bigatuma imyanya ivangavanga ibyokurya ikunda gusaza.

Ku Isabato ntitugomba kurya ibyokurya biruta ibyo dusanzwe turya, cyangwa se amoko menshi y'ibyokurya aruta akoreshwa indi minsi. Ahubwo ibyokurya bikwiriye kuba byoroheje biruseho, kandi bakarya bike, kugira ngo ubwenge buhuguke bushobore gusobanukirwa n'inyigisho z'iyobokamana. Iyo igifu kigize ingorane ubwonko nabwo ntibusigara. Umuntu ashobora kumva amagambo meza ariko ntayishimire. Kurya ukatenza urenza urugero ku Isabato, bituma abantu benshi bivutsa ibyiza bitunganye byagenewe uwo munsi.

Ni byiza kwirinda guteka ku Isabato, ariko kandi si ngombwa kurya ibyokurya bikonje. Mu bihe by'ubukonje ibyokurya byatetswe ku munsi ubanziriza Isabato bigomba gushyushywa. Ibyokurya nubwo byaba byoroheje, bikwiriye kuba biryoshye kandi bishimishije. Ibyokurya biteganirijwe kuribwa ku munsi w'Isabato, cyane cyane mu rugo rurimo abana, bikwiriye kuba binejeje, mbese ibyokurya abantu badahora barya buri munsi.

## Ingeso Mbi Zikwirive Gukosorwa Bidatinze.

Niba igifu cyarakoreshejwe uburetwa, ni byiza kwihatira kurinda imbaraga zisigaye mu buryo bwo kutongera kukikoreza imitwaro ikinaniza. Birashoboka ko igifu kitakira rwose nyuma yo gukoreshwa nabi, ariko kurya.neza bishobora kukirinda gukomeza kumererwa nabi, ndetse benshi bashobora no gukira rwose. Ubugorozi bukwiriye kwitabwaho cyane ku byerekeye amategeko agenga imirire.

Kurya neza bituma umuntu agira ubwenge n' ibitekerezo bizima; bifasha kandi kugabanya umubabaro cyangwa uburakari. Abantu batabasha kwitegekamu mirire, bagomba kurya bagabanya, kandi bagakora imyitozo ngororamubiri myinshi. Hariho abagabo n'abagore benshi bafite ubushobozi ariko badashobora gukora na kimwe cya kabiri cy'ibyo bajyaga gukora iyo baza gushobora gutegaka irari ry' ibyokurya.

Ibyo bitsinda abanditsi benshi n'abavugira mu ruhame. Iyo bamaze kurya bagahaga, bibera mu mirimo yo mu biro, ntibagire igihe batanga cyo gukora imyitozo ngorora mubiri. Ibyo gutekereza no kuvuga bikaba birangiriye aho. Ntibashobora kwandika cyangwa se kuvuga amagambo agera ku mutima. Imihati yabo igahinduka ubusa kandi ntigire icyo igeraho.

Abantu bafite inshingano zikomeye, cyane cyane abashumba b'umukumbi mu by'iyobokamana, bagomba kuba abantu bumva kandi bahora bari maso. Bakeneye cyane kwirinda mu mirire kuruta abanda bantu bose. Ibyokurya byo kurata ubukire ntibibikwiriye kugera ku meza yabo. Buri munsi baba bafite ibibazo by'ingenzi bagomba gukemura. Ibihe byinshi bagomba gutekereza vuba, kandi ibyo bishoborwa neza n'abantu bimenyereje kwirinda kudakebakeba. Ariko kenshi umwanzi yangiza umurimo wabo mu bo kurya nabi. Igifu kitagira gahunda gituma ubwenge nabwo butagira gahunda. Kenshi gitcra ubwivumbure, gukomererwa cyangwa gukora ibidakwiriye. Kubera indwara ziterwa n'ingeso yo kwimenyereza kurya nabi, gahunda yajyaga guhesha ab’isi umugisha barayireka, maze ibintu bibi by'ubugome bakaba ari byo bakora.

Dore inama igirwa abakora imirimo yo mu biro. Mureke abafite ubutwari bwo kwitegeka babigcrageze: Kuri buri gaburo ryose, fata ubwoko bubiri cyangwa butatu gusa

bw'ibyokurya byoroheje, maze urye ibikumaze inzara gusa urekc gukura ibondo. Ugire imyitozo ngororabumubiri buri munsi maze urebe ko bitazagufasha.

Abanlu b'abanyambaraga bakora imirimo y'amaboko ntibategetswe kwitondera ubwinshi bw'ibyo kurya cyangwa se ubwoko bwabyo nk'abantu bakora imirimo itari iyo hanze; nyamara kandi abo na bo bashobora kugira ubuzima bwiza baramulse bimenyereje kwitegeka mu gihe barya.

Abamwe bamwe bifuza ko liashyirwaho amategeko ahamye yerekeye ibyokurya. Nyamara umuntu ntashobora gushyiraho itegeko ntarengwa ku bireba abandi. Umuntu wese agomba gukoresha ibye bitekerezo kandi akaba ari we wihitiramo icyo akwiriye gukora gihuje n'amahame yiyemeje gukurikiza.

Imibiri yacu ni umutungo wa Kristo yatanzeho ikiguzi, ku bw'ibyo rero ntabwo dufite uburenganzira bwo kuyikoresha uko twishakira. Kumvira amategeko agenga ubuzima ni umurimo umuntu agomba kwitaho. Buri muntu wese muri twe azagira icyo asubiza Imana ku byerekeye ingeso zacu n'ibikorwa byacu.

## IGICE CYA 24

## KURYA INYAMA

Ibyokurya umuntu yahawe mbere na mbere ntibyarimo inyama. Nyuma y'umwuzure, igihe ibimera byose byo ku isi byose byari byamaze kurimbuka, nibwo umuntu yemerewe kurya inyama. Igihe Imana yatoranirizaga umuntu ibyokurya muri Edeni, nibwo yamweretse ibiruta ibindi ubwiza. Igihe Imana yatoranirizaga Abisirayeli ibyokurya yabigishije icyigisho nk'icyo. Yavanye Abisirayeli mu Egiputa ntiyabaha inyama, ahubwo ibaha Manu, "ibyokurya byo mu ijuru." Igihe bari bababaye bivovotera inkono z'inyama bariraga muri

Egiputa, nibwo bemerewe kurya inyama, nabwo bazihabwa igihe gito gusa. Kuzirya byateje abantu ibihumbi indwara n'urupfu. Nyamara kandi kutarya inyama ntabwo abantu bigeze babyemera neza. Byakomeje kuba impamvu igaragara cyangwa yihishe yo kutanezerwa, nubwo bitakomeje kumera bityo.

Abisirayeli bageze i Kanani bemerewe kurya inyama, ariko babifitiye amabwiriza akomeye; nyamara kandi babujijwe kurya inyama y'ingurube n'izindi nyamaswa, n'inyoni, n'ifi bifite inyama zanduye. Bari babujijwe cyane kurya amaraso n'urugimbu. Itungo ryishwe n'inyamaswa, iryabaga ryaripfushije ubwaryo (intumbi), cyangwa se iryishwe ariko amaraso ntarishiremo rigasa n'irinizwe, ntibyagombaga kuribwa.

Abisirayeli bamaze kwanga kurya ibyo bahawe n' Imana, ntibari bagifite imico Imana yabageneye. Imana "yabahaye ibyo bayisabye ariko imitima yabo iyishyiramo konda." Zaburi 106: 15. Ntibageze ku rugero rutunganye kandi rushyitse Imana yashakaga ko bageraho.

**Impamvu Kurya Inyama Byabuzanijwe.**

Abantu barya inyama, baba bariye impeke n'ibimera (imboga) byamaze gukoreshwa, kuko itungo babaga riba ryarariye bene ibyo kugira ngo rikure. Byaba byiza bingana iki umuntu aramutse abiriye mu buryo butaziguye, arya ibyokurya Imana yatugeneye gukoresha!

Inyama ntabwo zigeze ziba ibyokurya byiza; ubu bwo ububi bwo kuzirya bumaze kwikuba kabiri, kuko umuze mu matungo urushaho kwiyongera Abatarya inyama cyane bazi icyo barya icyo ari cyo. Kenshi baramutse bitegereje inyamaswa zikiri nzima, bakareba inyama barya aho zituruka, bahita bazizinukwa burundu. Abantu bakomeza kurya inyama

zuzuyemo imbuto z'igituntu n'iza kanseri. Mu buryo nk'ubwo abantu bandura igituntu, kanseri n'izindi ndwara zanduza.

Inyama z'ingurube zuzuwemo n'imbuto z'indwara (parasites). Imana yavuze ibyerekeye ingurube iti "ingurube ni igihumanya kuri mwe, ... inyama zazo ntimukaziryе n'intumbi zazo ntimukazikoreho." Gutegeka kwa Kabiri 14:8. Icyatumye iryo tegeko ritangwa ni uko inyama y'ingurube itagenewe kuribwa. Ingurube ni inyamaswa zaremewe gukuraho umwanda. Ni ikidashoboka kugira ngo ikiremwa cyuzuye umwanda Kandi gitunzwe n'ikintu cyose giteye ishozi kibashe kuba ikiribwa kizima cyo gutunga umubiri. Kenshi amatungo agurishwa ari uko bene yo babona arwaye bagatinya gukomeza kuyatunga ngo atazabagwaho. Kandi uburyo bundi bakoresha bwo kubyibushya amatungo ngo azabone igiciro, na bwo buyatera indwara. Gukingirana amatungo, agahora ahantu hatari umucyo n'umwuka mwiza, agahumeka inuko y'icyarire, ubundi se akagaburirwa ibyokurya biboze byo kuyabyibushya birayanduza.

Kenshi amatungo arashorerwa akajyanwa mu masoko ya kure bigatuma aruha cyane. Bayavana aho yari afite urwuri rwiza, akajyanwa kure ku zuba, mu mihanda y'imikungugu, yuzuwemo n'imyanda y'aho imodoka zinyura, ugasanga arahinda umushitsi kandi arananiwe cyane, yabuze ubwatsi n'amazi; maze ukabona ayo matungo arirukankanwa ajya kwicwa ngo abantu bakunde bagire ibirori byo kurya iyo mirambo.

Ahantu henshi amafi ararwara kubera ibintu by'imyanda biyatunze. Bene ibyo biboneka cyane cyane aho amafi arya imyanda ivuye mu ngarane zo mu midugudu minini. Kurya amafi nk' ayo bitera indwara abatibwiraga ko hari akaga byababateza.

Inganika mbi z'inyama ntizimenyekana ako kanya, nyamara kandi icyo si cyo cyemezo Idgaragaza ko ari nta cyo

zitwara umubiri. Abantu batagira ingano bapfa bazize indwara ziterwa no kurya inyama, igihe bo bibwira ko ntacyo zitwaye.

### Ubugome Buterwa No Kurya Inyama

Kurya inyama byangiza ubuzima, kandi ikintu cyose kigira icyo gitwara umubiri ntikibabarira ubwenge n'ibitekerezo. Nimutekereze ukuntu amatungo agiririrwa nabi iyo bayica bashaka inyama, n'ukuntu bigira icyo bitwara abayica n’ababyitegereza. Mbega ukuntu byangiza ubugwaneza twagombaga kwerekanira ku bintu byaremwe n'Imana!

Inyamaswa nyinshi zijya kugira ubwenge buri hafi y'ubw'umuntu. Inyamaswa zirareba, zirumva, zirakunda, ziratinya kandi zirababara. iyo zibonye izindi zibabazwa zirazibabarira kandi zikazigirira impuhwe. Inyinshi zirusha abantu bamwe kwerekana ko zikunda ba shebuja. Zinamba ku muntu cyane ku buryo aho kubatandukanya zahitamo kubizira.

Ni muntu ki ufite umutima w'abantu, waba wariyororeye amatungo, wahangara kuyegurira uwo kuyakubita intorezo, n'ukuntu murebana ibyiringiro n'urukundo? Yabasha ate kurya inyama zayo?

### Uburvo Bishobora Guhinduka

Ni ifuti gutekereza ko kurya inyama ari byo byatera umuntu kugira imbaraga Umuntu abasha kugira ubuzima bushimishije atazikoresha. Impeke, amatunda,ububemba n'imboga bifite ibishakwa byose bihagije byo gutunga umubiri byatuma umuntu agira amaraso meza. Ibyo bintu ntibiboneka neza mu nyama.

Iyo umuntu aretse kurya inyama, asa n'ugize integenke. Benshi bahera kuri ibyo bavuga ko icyo ari icyemezo cyerekana ko kuiya inyama ari ngombwa; nyamara kandi ibiri amambu, gueika integer biterwa n'uko kurya inyama bituma

umubiri ukora mu buryo bw'indengakamere, kuko zituma amaraso ashyuha n'imitsi igashiguka, maze ibyo byombi bigakoreshwa nabi bityo. Bamwe, kureka kurya inyama birababakomerera cyane nk'uko abasinzi bakomererwa no kureka kunywa inzoga; nyamara bashobora kumererwa neza baramutse babihinduye,

Igihe umuntu aretse kurya inyama, abasha kuzisimbuza kurya impeke, ububemba, imboga n' amatunda, nabyo bishobora kumuryohera kandi bigatunga umubiri. Mu bihugu bimwe kubihindura bishobora gukomera cyane, ariko amaherezo bigashoboka. Nyamara kandi nta muntu ugomba kubihindura abihubukiye. Ibyinshi biterwa n'umutetsi.

Byitondewe kandi bigakoranwa ubuhanga, batunganya ibyokurya biryoshye kandi birimo ibitunga umubiri bibasha gusimbura rwose inyama.

Mu buryo bwose, mwigishe umutimanama, mushyirehc ubushake, mushake ibyokurya, ibyokurya bitunga umubiri koko, nibwo muzaba mwiteguye. guhindura ibyo mwamenycreye, maze kurarikira inyama birangire bidatinze.

Bishoboka bite ko abashaka kubonera no gutungana ngo babone uko bagirana umushyikirano n'abamarayika bo mu ijuru bakomeza gukoresha ikintu cyose cyashobora kwangiza ubwenge n'umubiri? Bashobora bate kwica ibiremwa by'Imana ngo bakunde babone uko barya inyama? Mureke basubire ku byokurya bikwiriye kandi biryoshye byahawe umuntu mu itangiriro, maze babyimenyereze, kandi bigishe abana baba kwimenyereza kugirira impuhwe ibiremwa Imana yaremye kandi ikabiduha ngo tubitegeke.

## IGICE CYA 25

## GUKABYA MU MIRIRE

Ku bantu benshi ubugorozi mu byerekeye imirire ni ukureka gusa ibyokurya bidatunga umubiri. Ameza yabo akomeza kuzurwaho n'ibyokurya byangiza umubiri. Abandi bakabya bajya mu rundi ruhande, bakiha kurya ibyokurya bitarimo ibitunga umubiri. Ubuzima bwabo burazahara, maze urugero batanga rukerekana ko nta bugorozi bafite mu byerekeye imirire.

Abantu basobanukiwe neza n'iby'amahame y’ubugorozi, kenshi usanga ari abantu batava ku izima. Kubera ubugorozi bwabo bw'amafuti, bugaragarira mu buzima puke bafite no guhatira abandi kwemera igitekerezo cyabo, bituma abantu benshi banga burundu ibyerekeye ubugorozi mu mirire.

Abantu basobanukiwe n'amategeko y'ubuzima kandi bakaba bafite amahame abagenga, birinda gukabya. Irari ryabo ritegekwa n'ibitekerezo bizima, kandi bagororerwa umubiri muzima n'ubwenge buzima. Nubwo badahatira abandi gukurikiza ibitekerezo byabo, urugero batanga ni ubuhamya bw’uko bagengwa n'amahame y'ukuri. Abantu nk’abo ni bo bashobora kwanduza abandi gukora ibitunganye.

Hari ibitekerezo bizima mu by'ubugorozi mu mirire. Icyo cyigisho gikwiriye kwigwa mu bwagutse kandi bwimbitse. Abantu bose si ko bahuje kurya ibyokurya by'ubwoko bumwe. Ibyokurya biryoheye. umuntu kandi bikaba- bimutungive ubuzima, bibasha kubihira undi ndetse bikaba byamwicira ubuzima. Hariho abatanywa amata, ariko ugasanga abandi bayakunda cyane. Abantu bamwe iyo bariye amashaza n'ibishyimbo bibagwa nabi; abandi bakabona ari ibyokurya bibatungiye neza umubiri. Bamwe, impeke zitetswe mu buryo busanzwe zirabaryohera,ariko abandi ntibashobora kuzikoresha na buke.

Abantu batuye ahataba amatunda n'ububemba ntibakwiriye guhatirwa kudakoresha amata n'amagi. Ariko kandi ni byiza kwitonda kugira ngo amata anyobwa abe yakamwe inka zitarwaye, kandi n'amagi agomba kuba yaratewe n'inkoko zagaburiwe neza kandi zigafatwa neza.

Ubugorozi mu mirire bugomba kugenda buhoro buhoro. Uko amatungo arushaho kurwara ni ko amata n'amagi birushaho gutera amakenga. Abantu bagomba kwigishwa uko bateka ibyokurya batabivanze n'amata cyangwa amagi uko bishobotse kose, ariko kandi bakarya ibyokuiya bishobora gutunga umubiri kandi biryoshye.

Uko bisanzwe kurya kabiri ku munsi byunganira ubuzima, ariko kandi hari ubwo biba ngombwa ko abantu barya gatatu ku munsi. Icyo gihe bagomba kurya bike kandi bishobora kuva mu gifu vuba. Ibisuguti, amatunda cyangwa se impeke zikaranzwe ni ibyokurya bikwiriye kuribwa mu igaburo rya nimugoroba.

Bamwe bakomeza kwihambira ku byokurya runaka kugeza ubwo bibagirira nabi. Bene abo reka mbabwire nti "Murye ibyo mubona bibanogeye; kandi igihe mwasabye Imana guha umugisha ibyokuiya, mujye mwizera yuko yabumvise, maze mwiruhukire."

Ibyokurya bidafite ibitunga umubiri bigabanura amaraso. Ibyo ni byo bitera indwara zidakira. Abarya bene ibyo byokurya ntibabiterwa n'ubukene; babihitamo kubera ubujiji cyangwa kutagira icyo bitaho. Imana ntinezezwa no kubona umuntu wirangaraho kugeza ubwo aba atakibasha no kuyikorera. Byarushaho kuba byiza kwambara imyambaro ihendutse no kugira ibikoresho byo mu nzu bigurwa amafaranga make aho kutabona ibyokurya.

Abantu bamwe basonjesha ab'imiryango yabo kugira ngo babone uko bakira abashyitsi mu buryo buhambaye. Bene

ibyo ni ubwenge buke. Mureke ibyo umuryango ukeneye bibe ari byo bibanza kwitabwaho. Ibyokurya byacu bya buri - munsi bigomba kuba ari ibishobora guhabwa umushyitsi uje adutunguye tutiriwe dushyiraho indi myiteguro yo kuturemerera.

Abagabo kimwe n'abagore, bakwiriye kwimenyereza guteka ibyokurya byoroheje bibasha gutunga umubiri. Kenshi imirimo yabo haba igihe ibahamagarira kujya aho badashobora kubona ibyokurya bikwiriye byo gutunga ubuzima; nyamara iyo bazi guteka bishobora kubageza ku mugambi mwiza.

Mujye musuzuma mwitonze ibyokurya byanyu. Mubyiyigishe mubikuye ruhande. Mwimenyereze kwitegeka. Irari ryanyu rijye ritegekwa n'ibitekerezo. Ntimukananize igifu ku bwo kurya mukarenza urugero, ariko kandi ntimukabure ibyokurya bishobora gutunga ubuzima kandi biryoshye.

Mu cyimbo cyo gukora ibintu byagayisha ubugorozi mu byerekeye imirire, abazi ibyo kwirinda bagomba gutanga urugero rwo gukurikiza neza amategeko yabyo kugira ngo n'abantu badapfa kubindikiranwa babikunde. Ni koko, igihe cyose ubugorozi mu byerekeye imirire bubuza abantu kurya ikintu runaka, benshi ntibabura kuburwanya nubwo bwaba butagira amakemwa. Bakurikira uburyohe mu cyimbo cyo gukurikiza ibitekerezo by'ukuri cyangwa se amategeko

y'ubuzima. Kugira ngo abo bantu bgtabona urwitwazo rwo kugira icyo banegura, abazi ibyo kwirinda bakwiriye kubegera cyane uko bishobotse kose, ariko batagize amategeko birengagiza.

Igihe abashyigikiye ubugorozi bakabya, nta muntu byatangaza kubona benshi barwanya ubugorozi bufitanye isano n'ubuzima. Ibihe byinshi, gukabya bitsemba ibintu byinshi mu gihe gito, biruta ibyo umuntu atabasha gukora mu mibereho ye yose aramutse akoze uko ashoboye kose.

Nyamara nta muntu n'umwe ukwiriye kwemera ko kurwanywa,cyangwa kunegurwa, cyangwa kwifuza kunezeza abanda cyangwa kubqmeza, bimuhindura ngo b-'muvane ku mategeko y'ukuri cyangwa se ngo ayafate ajenjetse. Abagengwa n'amategeko bazashikama bahagarare mu kuri, nyamara kandi ari na ko barangwa n'ubuntu, no gucisha make, n'umwuka bya gikristo.

## IGICE CYA 26

## KUBATWA N'lTABI, N'UBUROZI, N'INZOGA

Ibintu bituma umubiri ukora mu buryo bw’indengakamere bitari bimwe bikoreshwa nk'ibyokurya cyangwa ibinyobwa, bitera igifu kuryaryatwa, bikaroga amaraso, kandi bigatera imitsi gushvuha. Abantu bashaka gushyushywa n'ibikoresha umubiri mu buryo bw'indengakamere kubera ingaruka bigira z'akanya gato. Nyamara kandi iteka ntibibura imyivumbagatanyo. Gukoresha umubiri mu buryo bw' indengakamere birawunaniza, maze bigatuma imbaraga zigabanuka.

Ibyokurya bidakoresha umubiri muri ubwo buryo ni byo byiza. Urusenda, piripiri n'andi moko yabyo bihwanye, bitera igifu kuryaryatwa kandi bikanduza amaraso. Igifu cy'umusinzi kibabuka kenshi cyerekana ingaruka mbi z'inzoga. Ikindi gitera bene ibyo ni ibintu bimeze nk'urusenda bashyira mu byokuiya. Iyo umuntu amenyereye bene ibyo byokurya; ibisanzwe ntibiba bikimunyura. Umubiri wumva urarikiye ibyawukoresha ku buryo budasanzwe.

Icyayi gikoresha umubiri ku buryo budasanzwe, iyo bikabije bikaba byaroga umubiri. Ikahu n'ibindi binyobwa bimeze nkayo nafayo bimeze nk'ibyo tumaze kuvuga. Icyo bibanza gukora ni ugutuma umuntu anezenva. Imitsi irashyuha;

ubwonko bugakangukira gutuma umir.ima ukoresha imbaraga zidasanzwe kimwe n'umubiri wose. Umumananiro uribagirana; ubwenge bukabaduka.

Kubera izo ngaruka, benshi bibwira ko icyayi cyangwa ikahu bibagirira neza cyane. Nyamara ibyo bibwira ko ari imbaraga ni ubwonko buba bushyushye gusa. Igihe ibyakoreshaga umubiri mu buryo budasanzwe bishize, umuntu asigara acitse intege kandi atentebutse.

Gukomeza gukoresha ibishyushya imitsi bikurikirwa no kurwara umutwe, kudasinzira, gukubitagura k'umutima, kumererwa nabi mu nda, n'izindi ngorane nyinshi. Imitsi yananiwe iba ikeneye kuruhuka mu cyimbo cyo gukoreshwa mu buryo budasanzwe.Igihe umubiri uciwe intege n'ibyo bihora biwukoresha uburetwa ntuba ugishobora gutegeka zo kuwukoresha ku rugero rukwiriye. Umuntu ntaba akibasha kureka kunywa ibimukoresha bene ako kageni. Bityo akarushaho kurywa ibimukoresha ku buryo bw'indengakamere, kugeza ubwo umibiri unanirwa rwose ntube wagira icyo ukora na gito.

## Itabi Ryoretse Imbaga

Itabi ni icyago kimunga abantu buhoro buhoro batabizi, ariko kandi kikaba gifite uburozi bwa kirimbuzi. Riteza akaga kurusha ibintu byose kuko ingorane riteza ziza buhoro buhoro, kandi ntibyoroshye kutyemera hakiri kare. Rishyushya imitsi hanyuma rikayitera ikinya. Kenshi ryangiza imitsi kurusha ibinyobwa biyobya ubwenge. Itabi ni icyigo kitigaragaza, kandi birakomera kugira ngo rishire mu mubiri ryamaze kwarikamo. Kurikoresha bitera umuntu kugira inyota y'inzoga, kandi ibihe byinshi bikaba ari byo biba insiriri y'ubunywi bw'amayoga akaze.

Itabi ritwara byinshi, ryica ubuzima bw'urikoresha, kandi rikagirira nabi abandi. Kuba mu cyumba gitamyemo

inzoga cyangwa itabi ntibishimisha kandi byangiza ubuzima. Abakoresha ayo marozi bafite burenganzira ki bwo kwanduza umwuka abandi bahumeka?

Itabi ryangiza abasore mu buryo butavugwa. Imibereho y'ubuzima bubi bw'abatubanjirije ifite icyo itwara abana bavuka muri ibi bibe. Ubwenge buke, kutagira intege, ingorane zo mu mitsi, n'agatima kareharera biza ku muntu nk'umurage umwana asigirwa n'ababyeyi be. Maze abana nabo ibibi bakabyongera kandi bagatuma bikomeza kuba uruhererekane. Uko ryaba ringana kose niryo rizahaza umubiri, ubwenge n'ibitekerezo, ugasanga umubiri wose wabuze amahoro, Iyo umuntu akoresheje itabi akiri muto, igihe umubiri n'ubwenge bitangira imbaraga yo kwihanganira ingorane riteza, rica umuntu intege, rigatera umubiri kubyira, rigacurika ubwenge kandi rikonona ibitekerezo.

Umuntu yakora iki kugira ngo yigishe abana n'abasore ububi bwibintu nk'ibyo kandi ababyeyi n'abigisha ndetse n'abapasteri ari bo babyigiraho? Abakozi benshi mu byerekeye kwirinda nibo babashwe n'itabi. Ubwo se bagira mbaraga ki yo gufasha abatirinda?

Ndasaba iki kintu abantu bavuga ko bizera ijambo ry'Imana kandi bakaryumvira: Mwa bakristo mwe, muhangara mute kwimenyereza ibintu biremaza ubwenge kandi bikiba imbaraga yo gutekereza ibyababahesha ibyiza by'ibihe byose? Munejejwe no kwiba Imana umurimo uyigenewe no kwiba bagenzi banyu imbaraga yo kuba icyitegererezo cyiza?

Amafaranga y'Uwiteka mugura itabi angana iki? Ayo mwaguze itabi mu mibereho yanyu yose angana iki muyagereranije n'ayo mwafashishije abakene n'ayo mwatanze yo kwamamaza ubutumwa?

Nta muntu ukeneye itabi, nyamara abantu batagira ingano bararimbuka bazize kubura amafaranga akoreshwa ibibi

birutwa no kuyajugunya. "Ntimuri abanyu ngo mwigenge; kuko mwaguzwe igicira. Nuko rera mutume imibiri yanyu ihimbaza Imana." 1 Abakorinto 6: 19,20.

### Umuvumo W'Inzoga Uboneka Ahantu Hose

"Vino ni umukobanyi, inzoga zirakubagabisha, kandi ushukwa na byo ntagira ubwenge." Imigani 20: 1. "Ni nde ubonye ishyano? Ni nde utaka? Ni nde ufite intonganya? Ni nde wiganyira? Ni nde uflte inguma zitagira impamvu? Ni nde utukuza amaso? Ni abarara inkera... Amaherezo iryana nk'inzoka, igatema nk'impiri." Imigani 23:29-32.

Umuntu wabaswe n'inzoga ikamugeza kure, ntaba akigira imbaraga yo kwivuvunura imitego yamuboheshej e; ahora "ashaka ahandi yajya kuvumba." (umurongo wa 35). Abantu bahora babogoza amarira abarindagijwe n'inzoga, babandi Kristo yapfiriye ari na bo batera abamarayika kurira, baboneka ahantu hose nk'ikintu giteye agahinda mu bihe by'amajyambere twiratana. Bene abo ni nk'umuvumo n'urukozasoni mu bihugu byose.

Ni nde utazi ubuhanya, n'ububi n'ubwihebe biboneka mu mazu y'abanywi b'inzoga? Nimutekereze nk'umugore washyingiranywe n'umugabo, ariko inzoga zikaba ziramuhinduye nk'umudayimoni. Nimutekereze abana batagira gifasha, batagira uburezi n 'uburere bwiza, babujijwe amahoro n'amahwemo n'uwari kubatera ishema.

Nimutekereze impanuka za buri munsi ziterwa n’inzoga. Bigarukira he se iyo umuntu watwawe umutima n'inzoga yiringiwe kugeza ubwo ashinzwe kwita ku buzima bw'abantu? Ashobora kwiringirwa gusa igihe yirinda rwose.

Abantu basa n'abafite umurage w'irari ry'ibikoresha umubiri mu buryo budasanzwe, ntibakwiriye kwegerana n'inzoga iyo ari yo yose; kuko ari ukubategeza ibigeragezo.

Kubera ko umutobe ntacyo utwaye, abantu benshi bakunda kuwugura cyane. Nyamara ukomeza kuryoha igihe gito gusa, ariko hanyuma ugatangira kubira.

Vino, byeri n'urwagwa bisindisha nk'izindi nzoga zikomeye. Ibyo binyobwa bitera ababinywa gushaka kunywa ibirushaho gukomera, bitvo akamenyero ko kunywa inzoga zikaze kakaba gatangiye ubwo. Kunywa akayoga gake ni ishuri ryigisha abantu kuba abasinzi kabuhariwe. Umuntu ahinduka umusinzi rubebe atari yamenya ko ari mu kaga.

Abantu bamwe batazwiho ubusinzi, kenshi usanga baramaze kurogwa n'ibiyobyabwenge. Ibitekerezo byabo ntibiguma hamwe, usanga bidashyitse hamwe. Kwibwira ko ntacyo bitwaye, bituma bakomeza kunywa kugeza ubwo badatinya no kwica amategeko.

### Mbese Kristo Yakoresheje Vino lrimo Alukoro?

Nta hantu na hamwe muri Bibliya hategeka gukoresha inzoga. Vino Kristo yatanze mu bukwe bw'i Kana yari umutobe w'imizabibu, "vino nshya ... y'inzabibu," ari yo Ibyanditswe bivuga ngo "Ntuwurimbure kuko ugifite umumaro." Yesaya 65:8.

Mu Isezerano rya kera Kristo yaburiye Abisirayeli ati " Vino ni umukobanyi, inzoga zirakubaganisha, kandi ushukwa na byo ntagira ubwenge." Imigani 20: 1. We ntabwo yatanze ikinyobwa kimeze gityo. Satani ni we ugerageza gutuma habaho ibyatera igihe mu bitekerezo ngo abone uko agusha ikinya umwanya utekereza iby'Imana, ariko we atwigisha gutuma kamere yacu igandukira Imana. Ntabwo Kristo yaha abantu icyabagusha mu gishuko. Yabayeho imibereho ntangarugero yo kwigomwa.

Kugira ngo amenagure imbaraga y'irari, yamaze iminsi mirongwine mu butayu atarya, ashengurwa n'ikigeragezo

gikomeye abantu babasha kwihanganira. Kristo ni we wategetse ko Yohana Mubatiza atazanywa vino cyangwa ibisindisha. Ntabwo yacishije ukubiri n'ibyo yigishije. Vino itari ibize yatanze mu bukwe yari ikinyobwa gitunga umubiri, ari na yo Umukiza wacu yakoresheje mu ifunguro ryera rya mbere. Ni nayo vino igomba gukoreshwa mu gihe cy'ifunguro ryo ku meza y'Umwami, ishushanya amaraso y'Umukiza. Nta kintu na kimwe cyakurura ikibi kigomba kugirana isano n'umuhango utunganye.

Dukurikije umucyo duhabwa n' ibyanditswe, ibyaremwe, ndetse n'ibitekerezo ubwabyo ku byerekeye gukoresha ibisindisha, bishoboka ko abakristo baba ari bo babarizwaho umusemburo cyangwa se ngo abe ari bo benga amayoga? Niba bakunda mugenzi wabo nk'uko bikunda, babasha bate kumushyira ibigusha imbere?

**Kurya Nabi Byatera Abantu Kuba Imbata Z'Inzoga**

Ibihe byinshi kutirinda bitangirira imuhira. Ibyokurya bitatunga ubuzima neza bica intege imyanya ivangavanga ibyokurya, maze bigatuma abantu bifuza ibyokurya birushaho gukoresha umubiri mu buryo budasanzwe. Irari ryigishwa kurarikira ibintu birushijeho gukomera. Intambwe imwe umuntu ateye iba imutegurira gutera iya kabiri. Abantu benshi badakunda gushyira ku meza yabo inzoga bayarundaho ibyokurya byo kubatera inyota yo gushaka ibinyobwa bikomeye. Mureke ababyeyi bashyireho amategeko yo kwirinda kandi bayigishe abana babo bakiri bato, nibwo bagira ibyiringiro byo kugira icyo bageraho. Mwigishe abana kwirinda ibintu bikoresha umubiri mu buryo bw'indengakamere. Mubigishe kutagushwa mu bibi n'abandi, ahubwo bigishe abandi gukora ibyiza.

Abigisha ubugorozi mu byerekeye kwirinda bagomba kuba maso bakarwanya ingaruka mbi ziterwa no gukoresha ibyokurya bidatunga ubuzima, Jcu bintu bimeze nk'urusenda,

icyayi n'ikahwa. Turabararikira kwitegereza bitonze akaga gaterwa n'icyo kibi barwanya, maze bashyigikire ubugorozi bashishikaye.

Ibintu byose bitera ikinya n'ibikoresha umubiri mu buryo budasanzwe bigwabiza ubwenge n'ibitekerezo. Kutirinda biterwa ahanini no kwica amategeko. Ku bwo gukururwa n'irari ribi,bituma abantu babura imbaraga yo kurwanya ibishuko. Ubuzima, imico ndetse n'ubugingo bitezwa akaga no gukoresha ibikoresha umubiri mu buryo budasanzwe.

Kubogamira ku cyayi, ikahwa n'ibindi binyobwa bimeze bityo, ntaho bitandukaniye n'inzoga n'itabi. Mu buryo runaka kureka iyo ngeso bikomeye nko kureka ubunywi bw'inzoga n'ibiyobyabwenge. Abiyemeze kuzibukira ibikoresha umubiri mu buryo budasanzwe bibanza kubatonda igihe gito. Ariko ku bwo kutadebuka bazatsinda kumva babirarikiye maze bareke kugumya kumva ko hari icyo babuze. Umubiri habaho igihe ushaka agahe gato ko gukira ubwo buzahare, ariko muwuhe akanya uzamererwa neza bidatinze.

## IGICE CYA 27

## UBUBI BW'IMITI Y'UBUROZI NO GUCURUZA INZOGA

"Azabona ishyano uwubakishije inzu ye gukirarirwa, n'ibyumba byo muri yo uburiganya .... Amaso yawe n'umutima wawe bikurikiza kwifuza kwawe kubi gusa, no kuvusha amaraso atariho urubanza, no kurenganya, no kugira urugomo." Yeremiya 22: 13,17.

Iri soma ryerekana umurimo w'umuntu wenga inzoga n'uzigurisha. Amafaranga bakira ntahwanije agaciro n'ibyo batanga. Umurimo wabo ni ubujura. Ifaranga ryose bunguka riteza umuvumo uripfusha ubusa.

Mbega ukuntu isi itajyaga kubamo ubuhanya n'umubabaro iyo impano Imana yahaye abantu bazikoresha neza! Kubera umururumba no kwifuza byatumye impeke n'amatunda twaherewe kudutunga bikorwamo uburozi bwo kurimbura abantu no kubateza ubuhanya.

Buri mwaka abantu banywa inzoga nyinshi cyane batanzeho amafaranga atagira ingano agurwa ibyago, ubuhanya, ubugome ndetse n'urupfu. Ku bwo gushaka indonke umuntu ugurisha inzoga aba acuruza ikintu cyangiza kandi kirimbura ubwenge n'umubiri. Gutaka kw'abana n'amarira y'ababyeyi bashavuye yumva bimurambiye gusa. Akungahazwa n'abo ayobora mu irimbukiro.

Amazu y'indaya, inkiko ziburanisha iby'ubugome, za gereza, amavuriro ibyo byose usanga byuzuyemo n'ibyatewe n'ingaruka z'umurimo w'ugurisha inzoga. Agurisha "imitima n'imibiri by'abantu" nka Babuloni, kandi inyuma ye hahagaze umurimbuzi ukomeye w'imitima y'abantu. Aho bacururiza, amazu akorerwamo ibyo kwinezeza, muri za dispanseri, ndetse no mu nsengero, ku meza y'ifunguro iyera, haba hari imitego h'umwanzi yo gutuma abantu bifuza ibiyobyabwenge. Gutuma abana bararikira ibisindisha ni ugutuma baryoherwa n'Alukoro.

Umuvumo ukwira ku bo mu rugo bose. Abagore bimenyereza amayoga. Abana.bato, ndetse n’impinja ibyago biba bibategereje buri munsi kubera" ababyeyi babo batagira icyo bitaho ku bwo kubatwa n'ububi bw'Alukoro. Abahungu n'abakobwa bakura bararindagijwe n'ubwo bubi bwa kirimbuzi.

Mu bihugu bya gikristo usanga uwo muvumo warakwiriye mu bihugp biri mu nzira y'ajyambere. Abakene n'abantu b'injiji bigishwa kunywa inzoga. Abantu b'abanyabwenge barabirwanya, ariko usanga basa n'abaruhira ubusa barwahya ibyangiza igihugu cyabo. Itabi n'inzoga n'ibiyobyabwenge biva mu bantu bateye imbere mu

by'amajyambere bikajya mu bihugu bikiri mu nzira y'amajyambere bikahatera ububi bwo kurimbura igihugu n' abagituyemo. Ibyo bituma abantu bo mu bihugu byateye imbere mu majyafnbere badakundwa.

Kwita ku mayoga ni yo mbaraga iri ku isi. Ni uruvange rw'amafaranga, n'umuco n'irari. Imbaraga yabyo yageze no mu itorero. Abantu benshi bacuruza inzoga ku mugaragaro cyangwa se abazicuruza rwihishwa batanga amafaranga *yo* gushyigikira itorero n'imirimo yaryo. Ibihe byinshi umupasteri ntagira ubutwari bwo guhagarara mu kuri ngo abyamagane. Kuvuga yeruye ibyImana yavuze byerekeye ucuruza inzoga byatuma ahari umupasteri atavugwa neza, cyangwa se akabura igihembo cye.

Nyamara Imana ntiyemera amaturo y'ucuruza ibisindisha. Irakarira cyane abatwikiriza igicumuro cyabo umwitero wo gutangana ubwuzu. Amafaranga yabo yuzuyeho amaraso y'abantu. Ariho umuvumo. "Nimusenga amasengesho menshi sinzayumva; ibiganza byanyu byuzuye amaraso." Yesaya 1:15.

Umusinzi abasha gukora ibintu byinshi byiza. Imana yamuhaye impano zo kuyihesha icyubahiro no guhesha abantu umugisha; nyamara bagenzi be ni bo batungishwa no kwifata nabi kwe. Babaho neza naho abazira ko babasahuriye ubutunzi bagu/e mu butindi. Nyamara Utegeka ijuru ntabura kureba intandaro y'ubunywi n'ingaruka yabwo. Yita kuri ubwo bugiranabi bwose bumarira abantu mu bugome mu buhanya.

Birashoboka ko isi n' itorero byaba byemera umuntu utungishwa no gutera mugenzi we guhenebera. Nyamara Imana iravuga iti bene uwo "abonye ishyano." Azabazwa ubuhanya bwokamye isi bitewe no gucuruza inzoga. Azishyuzwa ingorane zose ababyeyi n'abana banyuzemo zo kubura ibyokurya, n'imyambaro n'aho baba Kandi abashyigikira ucuruza inzoga baba bafatanije na we igicumuro.

## Guha Ikibi Uburenganzira Ni Ukugiteza Imbere

Gutanga uburenganzira bwo gucuruza inzoga ni ugutuma bihagarikirwa n' amategeko. Ubutegetsi bushyigikira ikibi kandi buvuga ko bukirwanya. Inganda z'amayoga y'amoko yose ziboneka mu mfuruka zose z’igihugu.

Gukundisha abasore inzoga ni ugutanga ubuzima gatozi bwo kuzicuruza. Abasore babijyamo buhoro buhoro kugeza ubwo irari ryabyo ribageza aho batanga icyo ari cyo cyose cyatuma babona ko banyuzwe, Aho kwemerera abasore kwiroha muri iyo ngeso yo kubarimbura, birutwa no kwemerera umusinzi wamaze kwipfira akaba ari we ukomeza kurohama muri iyo ngeso iteye ubwoba.

Kwemera ko inzoga zicuruzwa ni ukugerageza abakora uko bashoboye kugira ngo bigisha ibyerekeye ubugorozi. Ibitaro byarubatswe byo gufasha abagiririrwa nabi no kutirinda. Nyamara igihe gucuruza inzoga byemewe n'amategeko, ibyo bitaro ntacyo bimara cyane. Nubwo irari ry'inzoga ryagabanuka, ntiriba ririmbutse rwose; igihe ikigeragezo kigeze ku bantu, bahita bagwa mu mutego bidatinze.

Mu mategeko yahawe Abisirayeli, JJwiteka yabategetse igihe itungo rizwi ko ryica rigize umuntu iyica, nyiraryo aba agomba guhorwa kubera ubugiranabi bwe cyangwa se uburangare. Niba umuntu urekuye itungo ryica ahanishwa kwiewa, ni igicumuro kingana iki guha uburenganzira umurimo w'ugurisha ibisindisha!

Uburenganzira bw'ubucuruzi butangirwa kugira ngo bwtmgure umutungo w’igihugu; ariko se ubutunzi bumaze - ubugereranije igihombo giterwa n'abagome, n' abasazi, n'abahanya bene abo bose kandi barabitewe no gucuruza inzoga! Iyo umuntu yasinze inzoga aragoma; azanwa mu rukiko; maze abatanze itegeko ry'ubucuruzi bagahatirwa

kuburana n'ingaruka y'icyo bakoze. Biba ngombwa ko bohereza bene abo muri gereza cyangwa se bakanyongwa, kandi ibihe byinshi bagasiga abagore n'abana amara masa, ku buryo bdsigara bagora igihugu gusa. Umuntu avuze iby'ikibazo cy'ubucumzi rera, ubwo si ubupfapfa kwemera ubucuruzi nk'ubwo! Ariko se ni giciro ki cyahwana no kwambura umuntu ibitekerezo, no guhanagura ishushp y'Imana mu muntu cyangwa kuyihindura uko itari, cyangwa se kurimbura abana?

Umuntu wimenyereje ingeso yo gukoresha ibiyobyabwenge aba ari mu kaga. Ubwonko bwe burarwara, imbaraga y'ubushake ikagabanuka, n'irari rye ntabe akiritegeka. Nta cyashobora kumwemera kwiyanga. Uwiyemeje kureka iyo ngeso agira akongera akajya gusogongeraho, imbaraga y'ubushake iba yarangiritse. Gusogongera n'igitekerezo cy'ingaruka zako zose birashira. Amategeko yemera ibiganisha abantu aharindimuka, maze akanga guhagarika ubucumzi bwuzuza ibibi mu isi.

Mbese ibyo bikwiriye gukomeza bityo? Mbese umuvumo wo kutirinda ibiyobyabwenge ukwiriye kuguma iteka mu isi yateye imbere mu majyambere? Iyo ubwato bumenekeye hafi y'inkombe y'inyanja, abantu babireba biroha mu mazi bagira ngo bakize abagabo n'abagore kugira ngo be kurengerwa n'amazi. Mbese abantu ntibakwiriye gusabwa gukiza abantu akaga gaterwa n'ubusinzi! Twese duhurijwe hamwe nk'isanga n'ingoyi mu muryango w'abantu. Ikibi kigusha umwe mu migabane ikomeye y'ubuvandimwe bw'abantu kiba cyangije ubuvandimwe bwose.

Umuntu ukunda indonke cyangwa kumererwa neza ntagire icyo akora cyo kubuza gucuruza ibiyobyabwenge, amenya yarakererewe ko ubwo bucuruzi nawe hari icyo bumutwara. Ajya kugira atya akabona abana be bamaze kurimbuka. Ahataba amategeko ntihabura ubugome. Umutungo uba uri aharindimuka. Ubugingo buba buri mu mazi

abira. Impanuka zo mu nyanja n'izo ku butaka ziriyongera. Indwara zashashe indiri yazo mu tuzu tw'umwanda n'ubuhanya zifata inzira zijya mu ngo z'abakire. Ububi buturuka ku bana b'abasinzi n'abavutse mu nzira z'ubugome bwanduza abana b'abahungu n'ab'abakobwa bo mu miryango yiyubashye. Nta muntu n'umwe w'isugi ku cyorezo giterwa n' abakunda gucuruza ibisindisha.

## Abayobozi Bacu Bakwiriye Kwirinda Ibisindisha

Amazu y'ubutegetsi n'inkiko z'ubutabera bikwiriye kumsha andi mazu yose asanzwe kutagirana isano n'umuvumo uterwa no kutirinda ibisindisha. Abantu bashinzwe kugenga cyangwa kubahiriza amategeko y'igihugu bagomba kuba abantu birinda ibisindisha koko. Ubwo ni bwo ibitekerezo byabo byashobora gutandukanya icyiza n'ikibi, no kugira ubwenge bwo gutegekana ubutabera. Ariko se ni abantu bangana iki bafite ibitekerezo birimo igihu, bakaba batakimenya gutandukanya icyiza n'ikibi kubera ubusinzi! Hariho amategeko angina iki y'agahato, Hariho abantu bangana iki bacirwaho iteka ari nta kibi bakoze bitewe n'ubutabera bw'abubahirizamategeko b'abasinzi, n'abatangwaho abagabo b'abasinzi, n'abarahirabinyoma b' abasinzi, na ba Avoca b'abasinzi ndetse n' abacamanza b' abasinzi! Benshi "b'intwari zo kunywa inzoga""bita ikibi icyiza n'icyiza bakacyita ikibi kandi bagatsindishiriza abakiranirwa ku bw'impongano." "Bahinyura amategeko y'Uwiteka nyir'ingabo, kandi bagahinyura ijambo ry'Uwera w'Isirayeli." Yesaya 5:20,22-24.

Umutekano no kumererwa neza kw'igihugu, kw'akarere, kw'ab'urugo ndetse n'iby'umuntu ku giti cye, bishaka yuko abantu bose bahagurukira kurwanya ububi bwo kutirinda ibisindisha. Hakwiriye gutegurwa ingabo zo guhagarika abagurisha imiti y'uburozi n'ibisindisha bitera abantu ibisazi. Abantu bakwiriye gusobanurirwa akaga gaterwa

no gucuruza ibisindisha, kugira ngo bagire umugambi wo kubirwanya.

"Kiza abagiye gupfa, kandi ntuzibukire abarindiriye kwiewa. Igihe uvuga uti ntabwo twabimenye, ntuba uzi ko Igera imitima ari yo ibizi?" Imigani 24: 11,12.

## IGICE CYA 28

## ITA KU RUGO RWAWE

Kunganira ikiremwamuntu no kugiteza imbere bitangirira mu rugo. Umurimo w'ababyeyi ni wo indi yose igenderaho. Imibereho myiza y'abaturage, kujya mbere ku itorero n’amajyambere y'igihugu bishingiye ku bikorerwa mu ngo.

Yesu, watubereye icyitegererezo kandi akaba ari we mwigisha wacu, yamaze imyaka mirongwitatu aba mu mgo rw'iwabo i Nazareti. Ibyerekeye iyo myaka Bibliya ibivuga mu magambo make. Nyamara muri iyo myaka yasohozaga imirimo yashinzwe n'Imana. Yabayeho nka twe, aba mu rugo nk' abandi, yubahiriza amategeko yo muri rwo. Akora imirimo yarwo, ari na ko yikorera imitwaro yarwo. Yari ameze nka twe muri byose, "agwiza ubwenge, abyiruka yishimirwa n'Imana n'abantu" Luka 2:52.

Muri iyo myaka yo kuba wenyine, kutihugiraho kwe no gutsinda ibishuko, n'ubutwari bwe no guhora anezerewe, byabaye intangarugero. Ineza yagiraga akiza abarwayi, imbaraga y'urukundo yo gukiza abantu. byageraga ku bageragezwa, ku barwayi no kubahagaritse umutima. Yajyaga yunganira abandi, maze igihe yari atangive umurimo wo kwamamaza ubutumwa benshi bakishimira kumva ibyo avuga.

Imyaka ibanza yo mu mibereho y'Umukiza ntabwo ari urugero ku basore gusa, ahubwo ni ikintu cy'iremamutima ku mubyeyi wese. Nta murimo wigeze guhabwa abantu wagira

akamaro kandi ngo ugire ingaruka nziza kuruta umurimo washinzwe ababyeyi b'abagabo n'abagore.

Kureba abana bo muri iki gihe bikwereka uko abantu bo mu gihe kizaza bazaba bameze, kandi uko bazamera biterwa n'uko bameze mu rugo. Urugo rutabasha kwigisha umuntu yavuga ko ari rwo rufite uruhare mu biteza indwara, n'ubuhanya n'umuvumo byabaye akarande mu ku bantu. Abana baramutse bateguwe neza kugira ngo babashe kuzasohoza inshingano bashinzwe no kwivana mu byago, mwabona isi yose ihindutse bitangaje!

## Ntugatume Urugo Rwawe Rumera Nk'Ikirwa Cya Nyamwigendaho

Hari abandi bantu benshi ingo zacu zishobora guhesha umugisha. Umushyikirano wacu n' abandi ntukwiriye gutegekwa n'imico y'ab'isi, ahubwo ukwiriye gutegekwa n'Umwuka wa Kristo n'ljambo rye. Mu bo Abisirayeli bitagaho barwaye cyangwa se bagize icyo bakena ndetse no mu bo bacumbikiraga harimo: abakene, ab'ahandi n'Abalewi. Abantu nk'abo ni bo tugomba kwakira mu ngo zacu. Kwakira abantu nk'abo bishobora gukomeza abaforomo bihaye Imana bo mu mahanga, cyangwa abigisha n'ababyeyi bafite imitwaro ibashengura, cyangwa se abanyantegenke n'abageze mu zabukuru bahora bagundagurana n'umukene no gucika intege.

Kristo aravuga ati "Nurarika abantu ngo musangire ku manywa cyangwa nijoro, ntukararike inshuti zawe cyangwa bene so cyangwa bene wanyu cyangwa abaturanyi b'abatunzi, batazakurarika nawe, bakakwitura. AJiubwo nurarika, utumire abakene n'ibirema n'abacumbagira n'impumyi: nibwo uzahirwa, kuko ba badafite ibyo bakwitura, ahubwo uziturwa abakiranuka bazutse." Luka 14:12-14.

Ntabwo ari ngombwa ko wazimamra abo bashyitsi ibintu by'igiciro gihambaye cyangwa se ugo ubakorere ibintu by'ikirenga.

Abo mwicaye mwota umuriro, n'igihe mwicaranye mufungura, n'amahirwe yo gusengera hamwe, byabera benshi umusogongero W'ijuru.

Ntitugomba kugirira impuhwe abo mu miryango yacu gusa. Umushyikirano ufite imbaraga itangaje. Ingo zacu zikwiriye kubera ubuhungiro abasore basakirana ibigeragezo. Benshi bahagaze mu mahuriro y'inzira. Icyiza cyose cyabatera guhitamo igikwiriye imibereho yabo y'igihe kizaza. Umubi arabareshya. Ibishuko bye byuzuyemo ubuhanga no kwireherezaho abantu, byakira uje wese. Ahatuzengurutse hari abasore batagira iwabo, cyangwa se baba bahafite hakaba hatagize icyo habamarira, maze abasare bakarohama mu bibi bamanukira mu irimbukiro kandi duturanye.

Abo basore bakeneye uwabagirira impuhwe akagira icyo abamarira. Amagambo y'ubugwaneza, no kubitaho gusa bishobora gukuraho igicu cy'ibigeragezo bibizingiraho. Impuhwe zikomoka ku Mana zifite zishobora gukingura imitima ikeneye gukurwaho n'urukundo rwa Kristo. Turamutse turarikiye abasore kuza mu ngo zacu maze tukabishimira kandi tukabunganira, benshi muri bo bashobora guhindura amatwara yabo bakagendera mu nzira itunganye.

Tunyura muri iyi si rimwe gusa; nimureke tugire imibereho itunganye. Umurimo duhamagarirwa ntugomba ubutunzi, kuba uri mu mwanya wo hejuru, cyangwa kuba ufite ubushobozi bw'ikirenga. Bishaka umwuka w'ubugwaneza no kwitanga, no kugira imigambi ihamye. Itara nubwo ryaba ritoya ariko rigakomeza kwaka, rishobora gukongeza andi matara menshi. Nubwo twaba tudashoboye kwemeza abantu cyane, nubwo twaba dufite ubushouozi buke, nyamara dushobora kugira icyo tugeraho, turamutse dukinguriye

imitima yacu n'ingo zacu amategeko y'Imana yo kugenga imibereho yacu. Mu ngo zacu hazavamo imigezi y' agakiza, irangwa n' ubwiza n' imbuto nziza, nubwo ubu haba harangwa n'inzara n'amikoro make.

## IGICE CYA 29

## GUTORANYA UWO MUZABANA AKARAMATA

Kristo yakoreye igitangaza cye cya mbere mu birori by'ubukwe, bityo aba arabushyigikiye. Ni we ubwe wategetse ko abagabo n' abagore bashvingiranwa bakubaka urugo, kugira ngo ababakomokaho babe bemewe nk’abo mu muryango wo mu ijuru. Yahesheje agaciro kandi gushyingiranwa, igihe yabigereranyaga n'isano we ari we mukwe, afitanye n'umugeni ari ryo torero.

"Kristo yakunze itorero, yitangira kuryeza ... ngo ribe iryera ridafite inenge. Uko ni ko abagabo bakwiriye gukunda abagore babo. " Abefeso 5:25-28. Gushyingiranwani umurunga uhurije ab’umuryango hamwe, ni cyo kintu gitunganye kuruta ibindi byose byo ku isi. Byashyiriweho guhesha abantu umugisha. Kandi biba umugisha igihe cyose abantu bashyingiranywe mu buryo bwo kubaha Imana kandi bakubahiriza inshingano z'abashakanye.

Guhitamo uwo muzabana akaramata bigomba kuba ikintu cyiza cyo guhesha ababyeyi n'abana babo ubuzima bwiza bw'umubiri n’ubw'iby'iyobokamana, no kubashoboza guhesha ikuzo Umuremyi wabo.

Igihe abasore n'inkumi batari bashyingiranwa, bagomba kubanza kumenya ubuzima icyo ari cyo. Si byiza gusnyingirwa igihe kitaragera. Nta muntu ukwiriye gushyingira atabanje kwitegura bihagije, Atari yanagira imbaraga zihagije z'umubiri n'iz'ubwenge.

Abashyingiranwa babasha kutagira ubutunzi bw'isi, ariko bagomba kugira ubuzima bwiza. Kandi si byiza kuba barutana by'ihabya mu myaka y'amavuko. Abana ntibabasha kubona umushyikirano ubuzima bwabo bukeneye ku babyeyi bashaje, kandi urupfu rwa se cyangwa nyina rubasha kubavutsa urukundo n'ubuyobozi bw'ababyeyi baba bakeneye cyane.

Kristo wenyine ni we ubasha gutuma ubukwe bugenda neza. Urukundo abantu bakundana rubasha gukomera rugashora imizi, iyo bakunda Imana. Iyo umuntu ategekwa na Kristo, nibwo ashobora kugira urukundo rushyitse, rw'ukuri kandi rutihugiraho.

Urukundo ruboneye kandi rutunganye si ibyo yiyumvamo gusa, ahubwo ni urukundo rushingiye ku mategeko. Abakundana by'ukuri ntibagomba kuba nk'abantu badatekereza cyangwa se ngo bagire urukundo nk'urw'impumyi, nka bimwe' bavuga ngo urukundo ni impumyi. Bakunda Imana byimazeyo bagakunda na bagenzi babo nk'uko bikunda.

## Umuntu Yamenya Neza Ate Uwo Bazashyingiranwa?

Abifuza gushyingiranwa bakwiriye kumenyana, buri muntu akamenya imico y'uwo yibwira ko bashobora gufatanirizwa hamwe ngo babane akaramata. Intabwe yose batera iganisha ku gushyingiranwa kwabo igomba guteranwa ubwitonzi, umurava, gushyira mu gaciro, no kugira umugambi udatezuka wo kunezeza Imana. Ntimukagambirire ibyo Imana idashobora kwemera. Niba mufite ababyeyi bubaha Imana, mujye mubamenyesha ibyo mwifuza n'imigambi yanyu, mwige ibyigisho bikomoka ku byababayeho. Ikiruta byose, mugire Kristo umujyanama wanyu. Mwige ijambo rye musenga.

Umukobwa ufite uburere bwiza akwiriye kwemera umugabo bazabana akaramata ari ko abonye ari umuntu ufite imico iboneye kandi itunganye, umuntu witonda kandi

wiringirwa, umuntu ukunda Imana kandi akayubaha. Umuhungu nawe akwiriye.gushaka umugore uzabasha kwikorera imitwaro y'urugo rwe, umuntu uzamwunganira kandi akamukosora, umuntu uzamukunda akanezerwa.

"Umugore witonda atangwa n'Uwiteka." Imigani 19:14. "Abumbuza akanwa ke ubwenge, kandi itegeko ry'ururimi rwe riva ku rukundo ... Abana be barahaguruka bakamwita Nyiramugisha; n'umugabo we na we aramushima." Imigani 31:26-28. "Ubonye umugore mwiza aba abonye ikintu cyiza, akaba agize umugisha ahawe n'Uwiteka." Imigani 18:22.

Abantu bake gusa ni bo baba bahurijwe hamwe rwose ku munsi wo gushyingiranwa. Gufatanirizwa hamwe nyako kwa babiri ni igikorwa kiza hashize imyaka. Uko abamaze gushyingiranwa basakirana n'ingorane zo mu buzima, kenshi ni ko urukundo rushira.

Icyo ni igihe kibi cyane. Umunezera waba wa mu gihe kizaza utenva n'uka bifata muri icya gihe. Ibihe byinshi buri muntu wese muri bwo abona intege nke ibibi runaka kuri mugenzi we atibwiraga ko afite; ariko iyo bakundana koko, buri muntu wese abana ka mugenzi we afite ibyiza by'akatarabaneka atigeze amenya. Mureke umuntu wese ajye ashaka kubona ibyiza aha gushaka ibibi.

### Igituma Abantu Bakundana Urukundo Rudashira

Kenshi uko tumerewe ni ko kuduhishurira uko undi ameze. Benshi babona ko kutagaragaza ko ukunda ari intege nke. Umutima nk'uwo ni wo usuzuma impuhwe z'umuntu uko zingana. Iyo umuntu atakigira ubuntu, bugashira, umutima we urakonja. Iya urukundo rutagaragajwe, ntirukomeza kubaho (rurashira). Ntugatume uwo mwashyingiranywe asonzera ubugwaneza no kugirirwa impuhwe.

Nubwo umugabo n'umugore bagira ingorane n'ibibaca intege, nta n’umwe ukwiriye gutekereza ko yihenze igihe yemeraga gushyingiranwa na mugenzi we. Mukomeze ibitekerezo mwahoranye kera, mukomezanye igihe murwana intambara muri ubu buzima. Buri muntu yige uko yarushaho kunezeza undi. Ubwo nibwo urukundo rwabo nk'uko mwarutangiranye mu cyimbo cya kurangira ku munsi w'ubukwe bwanyu.

Umuryango wose w'abashakanye uzengurutswe n'uruziga rutunganye. Nta muntu n'umwe ufite uburenganzira bwa kwinjira muri urwo ruziga. Umugabo cyangwa umugore ntakagire umuntu uwo ari we wese yemerera kugira uruhare mu mabanga agamba kwiharirwa n' abashakanye bonyine.

Umuntu wese akwiriye gukunda uwo bashakanye kuruta kumubwira ko agomba kumukunda. Mujye mwihutira kumenya ibyiza abo mwashakanye bafite. Gushima umuntu biramushyushya kandi bikamutera kunyurwa. Kubaha umuntu no kumugirira impuhwe bimutera kurwanira kurushaha gukora ibitunganye.

Ari umugabo cyangwa umugore ntawukwiriye gushaka gufata mu gipfunsi uwo bashakanye. Bombi bafitanye isano n'Imana, Buri muntu muri bo agomba kwibariza Imana ati "Icy'ukuri ni ikihe?"

"Nasohoza neza nte imigambi yanjye?" Mujye mugira Kristo uwa mbere n'uheruka n'uw'ikubitiro muri byose. Uko murushaho gukunda Kristo urukundo rukomeye, ni ko urukundo mukundana mwembi ruzarushaho gutungana no gukomera.

Ibyo Kristo yatugiriye ni byo tugomba kugirirana ubwacu. "Kandi mugendere mu rukundo nk'uko Kristo yadukunze." Abefeso 5:2. Ntihakagire uhatira undi gukora ibyo yifuza. Ntimushobora kugenza mutyo ngo mukomeze

gukundana. Mujye mugwa neza, mwihangane, kandi mushyikirane. Ku bw'ubuntu bw'Imana, ubasha kunezeza uwo mwashakanye, nk'uko mwabisezeranye igihe mwashyingiranwaga.

Ariko wibuke yuko utazagira umunezero igihe wihugiraho gusa, ahubwo wanezerwa uramutse weretse uwo mwashakanye ko umukunda koko. Mugerageze no gushaka uburyo bwo kunezeza ababazengurutse. Ibyishimo by'ukuri ntibiboneka mu bikorwa byo kwihugiraho. Igihe. ugerageza kugira imibereho nk'iya Kristo, ujye ugerageza gutsinda kwihugiraho maze wunganire abandi mu byo bakeneye, nibwo uzabasha guhesha ab'isi umugisha.

Abagabo n'abagore bashobora kugera ku rugero Imana ibashakira baramutse basabye Kristo kubunganira. Ubuntu bwe bubasha gutuma abantu bibumbira hamwe nk'abafatanijwe n'imirunga yo mu ijuru. Urukundo ntimzaba uwo mu mugambo yo kuryarya gusa. Nk'uko ijuru rirusha isi kubaha ibinoze, niko ubushobozi bw' Imana ari bwo burusha ibindi guhuriza hamwe imitima y'abantu.Ikiboshywe neza nk'icyo, kirarama n'uwagerageza kugica kikamunanira. Uko niko umutima uboherwa ku wuridi nk'uhambirijwe imimnga y'izahabu y'urukundo ruramba.

## IGICE CYA 30

## AMAHIRWE YO GUTURA AHITARUYE IMIDUGUDU

Ubutumwa bwiza butwigisha kuvuga akamaro k'ibintu dukurikije agaciro kabyo, no gukora uko dushoboye kose ngo twite ku bintu bikomeye biflte agaciro kandi bishobora kurama. Icyo cyigisho gikenewe cyane cyane n'abafite inshingano yo gutoranya aho kubaka urugo. Urugo rwo ku isi rugomba kuba icyitegererezo n'umwiteguro w’urugo rwo mu ijuru. Igihe umuntu ashaka aho azubaka urugo, yita cyane kureba ahantu

hatamuhenda, haboneye, aho umuntu yagirira umuzima bwiza, kandi hafite agaciro.

Ku isi yose, mu migi ni ho ndiri y'ibibi byose. Ahantu hose usanga huzuye abanyandanini n'abasinzi. Buri munsi haduka ubugiranabi ubujura, ubwicanyi, kwiyahura, n'ubugome butabarika.

Imibereho yo mu migi ni iy'amafuti, ntifashije kandi ntifatika. Inyota y'ifaranga, guhora ukubita hirya no hino no gushaka kwinezeza, inyota y'umurimbo, guhora mu maraha no gupfusha ubusa, byose bivane ibitekerezo ku mugambi w'ukuri. Ku basore, ibyo bintu biflte imbaraga badashobora kwihanganira. Imikino no gusiganirwa ku mafarashi bikurura abantu ibihumbi, no gukubita hirya no hino kimwe no kwinezeza birabakurura bikabatesha gukora imirimo ikwiriye, Amafaranga apfushwa ubusa mu by'imikino yo kwinezeza.

Ku bwo gukorera inguzanyo, ingaruka z'amashyirahamwe y'abakozi n’imyivumbagatanyo bituma imibereho yo mu migi irushaho kuruhanya. Imiryango myinshi ikwiriye kuva mu migi. Kwandura indwara hato na hato, umwuka mubi, amazi mabi, ibyokurya bibi, gutura bagerekeranye, umwijima, no gutura ahantu hatizihiye ubuzima bwiza, ni bimwe mu bintu bibi biboneka mu migi. Ntabwo wari umugambi w'Imana ko abantu bakwirundunariza mu migi. Mbere na mbere Imana yatuje ababyeyi bacu ahantu h 'igikundiro bashobora kwitegereza ubwiza bw'ibyaremwe no kumva ibintu byiza, ari na byo Yifuza ko natwe twakwishimira muri iki gihe.

Igihe Yesu yazaga kutwereka uko dukwiriye kubaho, ni ibiki Umubyeyi w'urukundo yahitiyemo umwana we? Urugo rwitaruye rwo mu misozi y'i Galilaya; urugo rushyigikiwe n'umurava, n'imirimo y’amaboko yiyubashye; imibereho yoroheje; gusakirana n'ingorane n'imiruho ya buri munsi; kwigomwa, kuzigama, no kwihangana gukorana imirimo

umunezero; kumara igihe yigishwa na nyina no kwiga imizingo y'lbyanditswe Byera;igitondo gituje n'umucyo mwiza wo mu bibaya bitoshye; gukorera ibyaremwe imirimo itunganye; kwigira imbaraga y'Imana ku byaremwe; no kugirana umushyikirano n'Imana, ibyo byose ni byo Yesu yahuye na byo akiri muto.

Aho ni ho abagabo n'abagore bagize imibereho y'ubupfura baboneye ubushobozi bwo kunganira isi nokuyiteza imbere. Benshi barerewe mu ngo zitaruye imigi. Ntibapfushirije ubusa ubusore bwabo mu mikino. Benshi bagundaguranye n'ubukene n'amagorwa. Bize gukora bakiri bato. Bize kwivana mu nkomyi bahura nazo. Bigishijwe kwirwanaho no kwitegeka. Ku bwo kuba kure y'inshuti mbi, banyuzwe no kwishimira kunyurwa no kwibera mu byaremwe no kwibanira n'abantu beza. Banyurwaga no kurya ibyoroheje kandi bikabaryohera kandi bakirinda mu ngeso zabo. Igihe bari bahamagariwe gukora umurimo batoranirijwe gukora mu mibereho yabo yose, bari bafite umubiri utaranganwa umuze, ubwenge buzima, ibitekerezo bikeye, bashobora gukora ng kujya inama kandi bahagaze bashikamye mu byo kurwanya ikibi.

Abazi neza ibyatuma umuntu agira icyo ageraho mu mibereho ye bazirikana ibintu by'ikubitiro mu guhitamo aho bazubaka urugo. Mu cyimbo cyo gutura aho imirimo y'abantu ishobora kugaragara gusa, n’ako ibyo bareba n'ibyo bumva bihora biganisha ku. bibi, n'aho imvururu n’umuvurungano bica abantu intege no kubahagarika umutima, mujye gutura aho mushobora kureba ibyo Imana yakoze. Mujye mureta ibyanya bitoshye, n'uburabyo n'imisozi. Mujye mureba ku ijura rikenkemuye ritijimishijwe n'umukungugu n'umwotsi wo nu migi. Mujye ahitaruye umugi, ni ho mushobora kugirana urugwiro n'abana banyu, maze mukabona uko mubigisha kubaho imibereho yo kugna umurava no kuba ingirakamaro.

## Ubwiza Bwo Kwiyoroshya

Ingeso zacu zidashyitse zitubuza imigisha myinshi. Mbese mu ngo nyinshi bimeze bite, aho amikoro ari make n'imirimo yo mu rugo naba ivuna umugore wenyine? Hakaba hari itapi y'igiciro cyo hejuru, inkoresho bvo mu nzu bihambaye, n'imiteguro mishya. Hashobora kandi hiri ameza manini n'amato n'ibindi bintu byuzuyeho imitako itagira ingano n'insika zizimagijweho amapica. None se ubwo byatwara igihe kingana iki cy'umuruho wo kubyitaho byose, ubishyira kuri gahunda no kubihanaguraho umukungugu!

Mu ngo nyinshi umugore ari we mubyeyi ntagira igihe cyo gusoma, ntagira igihe cyo kugirana urugwiro n'umugabo we, ntagira kibe cyo guhura n’ abana no kubahugura, ntagira igihe cyo kwegerana n’Umukiza ngo bagirane umushyikirano. Ugasanga yarigise mu mihati yurugo gusa. Ajya gusa n'ukangutse yaramaze gukererwa, yajya kureba igasanga asa n'umushyitsi mu rugo rwe. Ibihe byo gufasha abana be akunda ngo bazabashe kwibeshaho mu buzima bwabo bikaba byaragiye uburagaruka.

Mureke abubatse urugo bajye inama yo kubana mu bwenge. Kugira urugo runejeje, kubona uburyo bwaborohereza imitwaro yo mu ngo no gutuma mugira ubuzima bwiza kandi mugakomezanya, ube ari ko uba umugambi wanyu wa mbere. Mugire gahunda yo kwakira abashyitsi. Mutunge mu rugo rwanyu ibintu bidahambaye kandi byoroheje, bishobora kugirirwa isuku kandi bigasimburwa bitabasize iheruheru. Mubasha gufata neza urugo rworoheje mugatuma rukurura amaso y'ababagenderera, muramutse mufite urukundo n'umunezero.

Imana ikunda ibyiza. Nka Se w'abana ubishimira Imana irezezwa no kubona abana bayo bishimira ibyo yaremye. Yifuza yuko mu ngo zacu harangwa n'imitako y'ibyaremwe, hakaba haratewe utwatsi twiza duciriritse, ibiti bike byo

kuhatera amahumbezi, uburabyo, n'ibiti bihumura neza iyo byumbuye. Ibyo byose byatera urugo kugaragara neza, no gutuma abantu bakunda kureba ibyaremwe, kandi bigatuma ab'urugo bashyikirana kandi bakagirana umushyikirano n'Imana.

## IGICE CYA 31

## GUTERA INKUNGA UMUBYEYI

Ibihe byinshi abana bigana imibeieho babonanye ababyeyi babo. Igihe ababyeyi bakora uko bashoboye kugira ngo bagire imibereho myiza baba bategura no guteza imbere abantu bo mu gihe kizaza.

Ababyeyi b'abagabo n'ab'abagore bagomba gusobanukinva n'inshingano zabo Isi yuzuye imitego yo kugusha abasore. Benshi ntibabasha gusobanukirwa n'akaga kihishe mu nzira bibwira ko ari inzira z'umunezero. Kubera irari n'umururumba abantu ibihumbi bvinshi barimbuka bakaba babuze ibyo muri iyi si n'ibyo mu isi izaza.

Abana bagomba guhura n'ibyo bishuko. Ndetse n'igihe umwana ataravuka hakwiriye gutegurwa uburyo buzamushoboza kurwanya umubi. Ahanini inshingano ikomeye iri ku mubyeyi w'umugore we ushinzwe gutungisha umwana amaraso ye, Yokebedi wa mugore w'intwari mu kwizera umwe wanze "gutinya itegeko ry'umwami" (Abaheburayo 11:23) ni we wabyaye Mose. Hana wa mugore wari uzi gusenga, ni we wabyaye Samweli. Elizabeti mwene wabo wa Mariya w'i Nazareti, ni we wabyaye Yohana integuza y'Umukiza.

Uko umubyeyi agomba gufata ingeso zo mu mibereho ye tibyigishwa n'lbyanditswe. Igihe Uwiteka yashakaga ko Samusoni azavuka kugira ngo azacungure Abisirayeli, "Marayika w'Uwiteka' yabonekeye nyina wa Samusoni

aramwigisha ati "Ntukanywe inzoga cyangwa igisindisha, kandi ntukarye ikintu cyose gihumanya." Abacamanza 3:3,7. Ubutumwa bwatanzwe ibihe bibiri mu buryo budasanzwe, bwerekana ko kwitonda n'igihe umwana ataravuka tugomba kubitekereza cyane.

Amagambo yabwiwe umubyeyi w'Umuheburayokazi, Imana iyabwira ababyeyi bo mu bihe byose. Marayika yaravuze ati "ibyo nategetse uyu mugore byose, abyirinde." Ingeso z'umubyeyi zibasha gukoma mu nkokora imibereho y'umwana. Ibyo umubyeyi ararikira kurya n'ibyo akora bigomba kugira amategeko abigenga.

Hari ibyo agomba kureka, hari imirimo atagomba gukora, aramutse ashaka gusohoza imigambi y'Imana imuha kubyara. Igihe umubyeyi atarabyara aramutse ari umuntu wihugiraho, itwarwa n'inarijye, utihangana, wihambira ku bintu, imico nk'iyo umwana yazayandura. Nguko uko abana benshi bagiye bavukana ingeso z'umubi badashobora gutsinda.

## Uko Umwana Ashobora Kwandura Ibyiza Cyangwa Ibibi Ataravuka

Umubyeyi aramutse ari umuntu wirinda kandi uzi kwigomwa, umugwaneza, umugiraneza n'umuntu utihugiraho, abasha kwanduza izo ngeso nziza umwana azabyara. Umubyeyi yahawe itegeko ridakebakeba rimubuza kunywa inzoga. Agatonyaga k'inzoga umugore ararikira, gashobora guteza akaga ubuzima bw'umwana, ubwenge bwe kimwe n'ibitekerezo bye; kandi umubyeyi akaba acumuye ku Muremyi we.

Abantu benshi bavuga ko umugore utwite agomba guhabwa ikintu cyose atwariye, cyaba ibyokurya byiza cyangwa se ibyonona umubiri. Iyo ni inama y'ibinyoma. Umubyeyi akwiriye guhabwa ibyo ubuzima bwe bukeneye. Ashinzwe ubugingo bw'abantu babiri, bityo ibyo akeneye

akwiriye kubihabwa nta bugugu. Nyamara agomba kwirinda mu byo arya no mu bindi byose bibasha kugabanura integer z'umubiri n'ubwenge. Ategetswe n'Imana kumenya kwitegeka.

Intege z'umubyeyi zikwiriye kwitonderwa cyane. Mu cyimbo cyo kurangiriza ibihe mu mirimo imugusha agacuho, akwiriye koroherezwa imirimo. Ibihe byinshi umugabo urwana no kubona ibyo gutunga urugo rwe no kurwitaho akora hirwa no hino, atuma umugore we mubyeyi yikorera imitwaro imurenze ikamuca intege mu gihe atebye, igihe kiruhije cyane; ibyo bibasha kumunaniza no kumuteza indwara Umubyeyi w'umugabo agomba kwigira ku mushumba mwiza icvigisho cyo kuba inyunganizi. Igihe Yakobo yabwirwaga kugenda urugendo rw'ikubagahu kandi ruruhije yaravuze ati "abana nta mbaraga bafite kandi imikumbi n'amashyo mfite bironsa .... Ndagenda buhoro nkuko kugenda kw'amatungo nshoreye kuri, kandi nkuko kugenda kw'abana kuri." Itangiriro 33:13,14. Mu bintu biruhije byo mu buzima, umugabo akwiriye "kugenza buhoro", nkuko kugenda kwa mugenzi we kuri. Umugabo akwiriye kugenda biguruntege, kugira ngo abashe gukomeza no guhumuriza uwahamagariwe gufatanya na we urugendo.

Umubyeyi akwiriye kwimenyereza guhora akeye kandi anezerewe. Ibyo akora byose agira ngo agere kuri iyo ntego azabigororerwa igihe azaba abonye abana be bafite amagara mazima n'ingeso nziza.

Igihe umugabo yifuza ko umugore we yahorana itoto n'umunezero ngo amere nk'izuba ry'urugo rwe, aba agomba kumwakira imitwaro imuremereye. Umugabo akunze umugore we bakagirana urugwiro byamukomeza cyane, kandi kunezeza umugore we byatuma na we agira umutima wishimye. Umugabo w'umwaga, wihugiraho kandi utihangana atera umugore gukuka umutima no guhora arwaragura kandi n' abana be abanduza imibereho ye mibi.

Igihe imbaraga z'umubyeyi zirangiriye mu gukora imirimo imurenze no guhagarika umutima, bituma abana be babura imbaraga, n'ubwenge n'umucyo bajyaga kumukomoraho. Icyarushaho kuba cyiza ni uko umubyeyi yahabwa icyo yifuza, ntavunishwe imirimo n'imihati y'urugo, kugrra ngo abana bagire ibyiza bamukomoraho byababashisha kurwana intambara nziza y'ubuzima, bafite imibereho irangwa n'ubuzima buzira umuze kandi bwuje imbaraga.

Ababyeyi b'abagabo n'abagor' bakwiriye kugaragarira abana babo nk'abahagaze mu mwanya w'Imana. Imico yabo, n'imibereho yabo ya buri munsi bikwiriye gusobanurira abana babo amagambo y'Imana kandi bigatuma biyegurira Imana kandi bakayiringira.

## Amahirwe Atangaje Yo Gufatanya N'Imana Kurera

Hahirwa ababyeyi bafite imibereho imeze nk'iy'Imana, kugira ngo amasezerano n'amategeko y'Imana bitere umwana umunezero no kubaha ababyeyi; ababyeyi bafite ubugwaneza n'ubutabera no kwihangana byereka umwana urukundo n'ubutabera no kwihangana by'Imana. Ababyeyi kandi igihe bigisha umwana kubakunda, kubiringira no kububaha, baba bamwigisha gukunda no kwiringira no kumvira Se wo mu ijuru. Ababyeyi baha abana babo impano nk'iyo umwana wabo, baba bamuhaye ubutunzi burusha agaciro ubutunzi bw'ibihe byose.

Mu bana abyaye, umubyeyi wese w'umugore aba afite umurimo ukomeye ashinzwe n'Imana. Imana iramubwira iti "Jyana uyu muhungu, uyu mukobwa, umunderere; umuhe imico izarabagiranira mu bikari by'Uwiteka iteka ryose."

Umubyeyi w'umugore kenshi areba umurimo we nkaho udakomeye. Igihe cye cyose kiba gishaka ko akora uturimo tumubaza kwihangana, gushyiraho umwete we wose, kwitegeka, ubwenge, n'urukundo rutikanyiza; nyamara

ntashobora kwirata ko yageze ku bintu bikomeye. Yibwira ko ntacyo yakoze. Ariko si ko bimeze. Abamarayika bo mu ijuru barebe imitwaro yikoreye. Izina rye ryanditswe mu gitabo cy'ubugingo cy'Umwana w'Intama.

Umucyo n'icyubahiro bitumtse ku Mana bihabwa umubyeyi ukiranuka ugerageza kwigisha abana be kurwanya umubi. Nta murimo uhwanije akamaro n'umurimo w'umubyeyi. Ntabwo ameze nk'umunyabukorikori usiga umwenda irangi ngo ube mwiza nk’uko ashaka, ntabwo ari nk’umubaji kandi ubaza mu giti icyo ashaka. Ntabwo ameze nk'umwanditsi, ushyira amagambo afite imbaraga ku rupapuro, nta n'ubwo ameze nk'umuririmbyi ushyira igitekerezo cy'ibyo yibwira mu ijwi ry'indirimbo. Umurimo we afashijwe n'Imana, ni ugutunganya umutima w'umuntu ngo amere nk'Imana.

Umubyeyi wishimira icyo gitekerezo abona ko afite inshingano y'agahebuzo. Akoresha imbaraga ze zose kugira ngo yigishe abana be. Yiga Ijambo ry'Imana. Ahora ahanze amaso Kristo, kugira ngo imibereho ye ya buri munsi ibe nk'iy'uflte Ubugingo bw'ukuri.

## IGICE CYA 32

## KURERA UMWANA NI UMURIMO WO KWITONDERWA

Byari bihagije kugira ngo Samusoni, umwana wagombaga gucungura Israyeli agire umurage mwiza akivuka. Uhereye mu buto bwe yarezwe mu buryo bukurikije amabwiriza akomeye yo kwirinda.

Inyigisho zimeze nk'izo zatanzwe no ku. bwa Yohana Mubatiza. Umwana ataravuka Marayika ukomeye wo mu ijuru yazaniye se ubutumwa buvuga ngo: "Azaba mukuru imbere y'Umwami Imana, ntazanywa vino cyangwa igisindisha cyose. Kandi azuzuwa Umwuka Wera." Luka 1: 15. Umurimo yahawe

washakaga umubiri ukomeye n'ubwenge n'ibitekerezo by'ikirenga.

Ikintu cyose kibasha kugira icyo gitwara umubiri w'umwana, kibasha no kugira icyo gikora ku bwenge bwe no ku mico ye.Ibyigisho byigwa n'imico iremwa mu buhinja no mu bwana bifite icyo bikora ku mico no ku cyerekezo cy'imibereho y'umuntu kurusha inyigisho zose n'amabwiriza byo mu myaka yo hanyuma.

Ababyeyi bagomba kumenya kurera abana neza kugira ngo bagire ubuzima bwiza bw'umubiri, bw'ubwenge n'ubw’ibitekerezo. Bakwiriye kumenya neza uko umubiri w'umuntu uteye, n'imikorere y'ingingo zawo zitari zimwe, n'isano zifitanye, n'ukuntu zose ari magririrane. Bakwiriye kumenya isano imbaraga z'umubiri zifitanye n'iz'ibitekerezo. Umuntu ubyara ataritegura ngo amenye izo nshingano z'umubyeyi aba akoze icyaha.

Ntabwo abantu bajya batekereza cyane igitera imfu nyinshi, indwara, no kudindira mu majyambere biboneka muri ibi bihe mu bihugu byinshi byateye imbere. Abantu barasubira inyuma. Abantu benshi indwara zibamereye nabi ku buryo runaka, bakeya gusa ni bo bamerewe neza.

Imbaraga yo kurwanya ibibi byinshi birimbura abantu ifitwe n'ababyeyi ku ruhande runini. Si imbaraga y'Imana yica abana. Imana ntiyifuza ko bapfa. Ababyeyi b'abagabo n'abagore bakoze uko bashoboye kugira ngo baheshe abana babo umurage mwiza, kandi bagakora uko bashoboye kugira ngo bakureho uburyo bubi abana bivukana, mwabona isi ibaye akataraboneka!

Uko umwana yarushaho kugira imibereho ituje kandi yoroheje, niko arushaho gukura neza kandi akagira ubwenge buzima... "Abana benshi usanga barwaye indwara zo mu

mutwe bakiri bato, umubyeyi aramutse yitonze ntahubuke byagira akamaro katarondoreka.

Abana b'impinja bakeneye kuba ahantu hashyushye, ariko kandi ntibakwiriye kuba mu byumba bimeze nk'icyokezo. Kumiramiza umwana usinziriye ni ukumugirira nabi, kuko bimubuza guhumeka neza. Nubwo ari byiza kurinda abana ubukonje, ni ngombwa kubitaho cyane haba kumanywa cyangwa nijoro kugira babashe guhumeka neza nta kibakoma imbere.

Uruhinja rukwiriye kugira imyambaro myiza, yoroshye kandi yo kunganira ubuzima. Umubyeyi ntakwiriye kumarira igihe mu turimo tw’amanjwe, ananiza umubiri we mu bintu bitari ngombwa byo kugerezaho ubuzima bwe n'ubw'umwana we. Ntagomba gutwara igihe cyose ahese umugongo ngo aradoda cyane kugeza ubwo amaso n'imitsi binanirwa, mu cyimbo cyo kuruhuka cyangwa se ngo akore imyitozo ngororamubiri ishimishije.

Igihe umwambaro w'umwana ubasha kumumara imbeho, ukamurinda kandi ukamumerera neza ku mubiri bituma agira ubuzima bwiza. Umwambaro ntukwiriye guhambira umuntu kugira ngo hagire urugingo runaka rusa n'ururi mu kabangira. Amaguru n'amaboko biri byitaruye aho amaraso aturuka ni byo bikeneye kurindwa cyane kuruta indi migabane y'umubiri. Imitsi ijyana amaraso mu mubiri wose ni minini, kugira ngo ibone uko igeza amaraso ahagije mu mubiri wose agishyushye kandi arimo ibiwutunga; ariko iyo imigabane iri kure y’umutima idafubitswe bihagije, imitsi ivana amaraso mu mutima n'iyawukuramo irakobana, maze amaraso ntahite neza. Iyo abana bambaye neza, birababafasha kugira ngo babone uko bakinira neza hanze ahantu hari umwuka mwiza, haba mu gihe cy'ubushyuhe cyangwa se cy'ubukonje.

Bishoboka kuba bitoroshye gucika ku minyururu y'umuco karande ngo wambike abana kandi ubigishe ibifitanye isano n'ubuzima bwiza, ariko kandi ubishoboye ingaruka zabyo zakwibagiza umuruho wagize kugira ngo ubigereho.

## Ingeso Mu Mirire Zishobora Kugira Icyo Zitwara Imico

Ibyokurya byiza byizihiye umubiri w'impinja ni amashereka. Ntabwo byoroheye umubyeyi bitewe n'impamvu runaka kutiyonkereza umwana.

Umubyeyi wemera ko umwana we arerwa n'undi muntu, aba kuba yiyemeje kuzabona ingaruka zabyo. Umwana afata amatwara y'umurezi we ku buryo bukomeye cyane.

Nta wagenekereza akamaro ko kwigisha umwana kurya neza ngo abishobore. Kwigisha umwana bigomba gutangira igihe umwana akiri agahinja kari ku bibero bya nyina. Umwana akwiriye kugaburirwa ku bihe byagenwe kandi bidahindagurika, kandi uko akura ibyo bihe bikagenda bigabanuka. Ntakwiriye kugaburirwa bombo cyangwa ibyokurya by'abantu bakuru Kugaburira abana ku gihe ntibizatuma bagira ubuzima bwiza gusa, no gutuma boroherwa n'ibyo kwirinda mu mirire, ahubwo byababera n'urufatiro rw'ingeso zabahesha umugisha mu myaka iri imbere.

Uko abana bakura bava mu kigero cy' impinja, niko bakwiriye kwitabwaho cyane kugira ngo bigishwe gutegeka irari ryabo. Amafaranga agurwa ibyokurya bidafite ibyo bimarira umubiri atuma abasore bibwira ko ikiniu cy'ikubitiro mu mibereho y'umuntu ari ukurya icyo urarikiye. Ingaruka z'inyigisho nk'izo ni umururumba ukurikirwa n'uburwayi.

Ababyeyi ntibakwiriye kwemerera abana babo gukoresha ibyokurya bitabafitiye akamaro. Ariko bagomba kwitonda kugira ngo batayo'oa igihe babwira abana babo kurya ibyokurya bidashimishije cyangwa se kurya bakarenza

urugero. Abana baratormya, igihe ubona ibyo bifuza kurya bikwiriye, uba ukwiriye kubumva. Si byiza kuryagagura igihe cyo kurya kitaragera, byaba shokola, ububemba, amatunda, cyangwa se ibindi ibyo ari byo' byose. Kurya imburagihe byangiza ubuzima bw’ingingo zitunganya ibyokurya, bikaremerera ubuzima no kububuza amahoro. Maze abana bagera ku meza igihe cyo kurya kigeze, ntibashobore kurya ibyokurya byiza bateguriwe.

Ababyeyi bemera guhaza ibyifuzo by'abana babo babaha ibyo kubangiriza ubuzima no kubanezeza ngo batababara, baba babiba imbuto z'umubi zitazabura kwera imbuto. Kwihugiraho bikura nkuko abana bato bakura, maze bikangiza imbaraga z'umubirin'iz'ibitekerezo. Abana bakura badafite ubwenge n'imico byagira icyo bimarira abandi. Imbaraga z'iby'iyobokamana, n'iz'ubwenge n'iz'umubiri byangizwa n'ibyokurya bibi. Umutimanama urahunama, maze guhitamo gukora ibitunganye bikabura.

Igihe abana bigishwa gutegeka irari, bakwiriye gusobanurirwa ko ibyo rabuzwa kuiya byose ari ibibicira ubuzima. Bareka kurya ibyangiza ubuzima bakabisimbuza ibisha ubwiza. Mujye mushyira ku meza ibvokurya byiza Imana vahaye umuntu. Mureke igihe cyo kurya kibe igihe giteye ibyishimo.

## Indwara Umuntu Ashobora Kwirinda Mu Buryo Bumworoheye

Kenshi indwara zikunda kubuza abana amahoro zi’cururwa no kurya imburagihe, kutifubika neza nimugoroba igihe hakonje, kutagira imyitozo ngororamubiri yo gutuma amaraso agenda neza mu mubiri cyangwa se kutabona umwuka uhagije wo kuyeza.

Ababyeyi bose babasha kwiga ibyerekeye kwirinda indwara rusange n'uburyo bwo kuzivura. Bagomba kwigisha

abana babo hakiri kare uburyo bwiza bwo kurinda imbaraga zabo z'umubiri n'iz'ibitekerezo n’iz'ubwenge kugira imibereho yabo ibashe guhesha bagenzi babo umugisha no guhesha Imana icyubahiro. Kwigisha ibyerekeye imibereho y'umuntu n'ubuzima bifite akamaro cyane kuruta ubwenge bwose bwigishirizwa mu mashuri.

Ababyeyi bakwiriye kwigisha abana babo gukoresha ibitekerezo byabo. Mubigishe yuko igihe bifuza kugira ubuzima bwiza n'umunezero, bakwiriyekumvira amategeko agenga ibyaremwe. Mubigishe bakiri ibitambambuga kwimenyereza kutihugiraho no kwitegeka. Mubigishe kwishimira ubwiza bw'ibyo Imana yaremye, no gukoresha imibiri yabo n'ubwenge bwabo mu bikorwa byiza. Mutume bagira imibereho myiza, yo guhora banezerewe no kutarakazwa n'ubusa.

Mubumvishe yuko Imana idashaka ko twabaho imibereho yo kwinezeza gusa, ahubwo ko idushakira ibyiza; kandi ko gutsinda n'ibishuko ari integenke no gucumura; naho kubitsinda bikaba ubupfura n'ubugabo. Ibyigisho nk’ibyo byazagira umusaruro uzabaaezeza bitangaje!

Ikiruta byose, mureke abana bahore banezerewe, babone ko mufitanye urugwiro kandi ko mubakunda. Urugo abamarayika bakunda kubamo, ni urugo rugarariza urukundo mu ndoro, no mu magambo no mu bikorwa. Babyeyi mujye mugaragaza umwuka w'ubugwaneza no kwihangana. Imibereho nk’iyo yakunganira abana ikuza umubiri n'ubwenge, nkuko izuba rikuza ibimera.

## IGICE CYA 33

## GUTUMA URUGO RUBA AHANTU HASHIMISHIJE KURUTA AHANDI

Urugo rugomba kuba ahantu heza harutira abana ahantu hose ho ka isi, kandi umubyeyi w'umugore akaba ari we uba nyambere mu bituma urugo rushimisha. Igihe ababyeyi bahwitura abana, baba bagira ngo babe isanga n'ingoyi.

Abana bato ntibakunda kuba bonyine. Bakunda uborohera n'ubagirira impuhwe. Banezezwa no kujy? aho nyina ari ngo bamwereke udukinisho twabo bamubwire n'ibibababaje. Ntiyashobora kubafasha aramutse yanga ibyo bo bibwira ko bibafitiye akamaro cyane. Nubwo bamureba ku jisho bakabona abyishimiye, akanababwira akajarubo ko kubakomeza, byatuma birirwa banezerewe uwo munsi wose.

Nyina w'abana akwiriye kubashakira udukino cyangwa se akarimo koroshye kugira ngo abo bana bazi gukora babone icyo bakora Ku bwo kubabwira icyo bakina n'icyo bakora, nyina w'abana azatuma bamwiringira, bityo abone uko abahana kwihugiraho no kurakazwn n'ubusa. Ku bwo kubakunda ashobora kubayobora no gutuma bagira imico itunganye.

Ababyeyi bakwiriye kubuza abana baba gukora ibyo bishakiye no kwihugiraho. Ntimugatume abana bibwira ko ibintu byose ari ibyabo. Abana bakwiriye kwigishwa gukina bonyine, bagakoresha ubuhanga bwabo, bakanezezwa n'utuntu tworoheje, no kwihanganira ibibababaza n'ibigeragezo. Mubigishe kudahugira cyane ku bibarushya cyangwa se ibitabamereye neza. Mubereke inzira abandi bakwishimira.

Ariko ntimukirengagize abana. Rimwe na rimwe ababyeyi bumva ko badashobora kubona igihe cyo guknnda abana babo no kubagirira impuhwe. Iyo abana batabonye abo

bashyikirana iwabo, bashobora kubashakira ahandi, aho kandi hakabangiriza imico n'ibitekerezo.

Iyo umubyeyi abujije abana be ibibanezeza bitagize icyo bibatwara, bahugira mu karimo k'ubusa gusa, akantu gashobora kubatera ubwibone gusa. Ibyo byigisho byera imbuto z'agasuzuguro n'ubwenge budafite akamaro. Umubyeyi agasasarura imbuto yitereye.

Ubundi ababyeyi bemerera abana babo gukora ibyo kubangiza, kandi bakabangira gukora ibyabanezeza bilagize icyo bibatwara, Iyo bakora bene ibyo baba batigana Kristo. Yakundaga abana, akifatanya na bo mu bibanezeza no mu bibagerageza.

**Ababyeyi b'abagabo n'abagore bafatanyije inshingano**

Umubyeyi w'umugabo ni umutwe w'urugo. Abana ni abe nkuko ari ab'umugore we. Agomba gutegekwa no gukunda Imana no kuyubaha ndetse n’inyigisho z'ijambo ryayo, kugira ngo abone uko ayobora abana be mu nzira itunganye.

Umugabo akwiriye kumera nka Aburahamu wategekeshaga urugo rwe amategeko y'Imana. Imana yavuze ibyerekeye Aburahamu iti “Kuko icyatumye mumenya ari ukugira ngo ategeke abana be n' abo mu rugo rwe bazakurikiraho, gukomeza mu nzira y'Uwiteka." Itangiriro 18: 19. Nta muntu ukwiriye kwitiranya urukundo no kurwanya ikibi akora icyaha cyo kwirengagiza, kurobanura ku butoni no kureka umurimo ushinzwe. Aburahamu yakomeresheje ubutegetsi amategeko atunganye. Abana ntibakwiriye gutererwa iyo ngo bajye mu nzira zibaganisha mu kaga. Ni byiza kubabuza ibibi bifuza ufite ubugwaneza ariko utajenjetse

Umugabo akwiriye kugaragaza imico ya kigabo mu rugo rwe imbaraga, kwiringirwa, ubutwari, muhati, kuba ingirakamaro abyerekanira mu mico ye itunganye.

Ariko babyeyi, ntimugace intege abana banyu. Mujye muvanga ubugwaneza n'igitsure Mujye muha abana igihe cyo gukina; mujye mugira igihe cyo gushyikirana nabo mu mirimo yabo no mu mikino. maze mutume babiringira. Mwimenyereze kuzura na bo cyane cyane abana b'abahungu.

Nubwo umugabo yaba afite ingorane mu mirimo ye, izo ngorane ntizikwiriye gutuma abuza umuryango we amahoro; agomba kuza mu rugo rwe amwenyura, kandi avuga neza.

Ubundi umugabo ni umutambyi w'ab'urugo rwe. Mu gitondo atarajya ku kazi, agomba guteraniriza abana be hatnwe, agapfukama imbere y'Imana agasaba Data wo mu ijuru kubarinda. Igihe imirime y'umunsi irangiye, ab'umuryango bagomba guterana bakaririmba indirimbo yo guhimbaza Imana, bayishimira ko yabarinze kuri aye manywa.

Babyeyi b'abagabo n'abagore, nubwo mufite imirimo myinshi ibahugije, mujye muteraniriza ab'umuryango wanyu imbere y'Imana muyiture igitambo cy'amasengesho. Ntimukabure gusaba abamarayika bo kurinda urugo rwanyu. Mwibuke yuko abana banyu bari mu isi yuzuye ibishuko. Ubufasha bw'Imana gusa nibwo bubasha kudushoboza gutsinda inarijye.

Urugo jugomba kurangwa n'umunezero n'urugwiro n'urukundo. Nubwo mwaterwa n'ibyago, mureke kwihangana, n'ibyishimo n'umkundo bibatera akanyamuneza ku mutinia.

Umugabo n'umugore bakwiriye kwiringirana ku buryo bwuzuye. Bagomba gufatanya gushaka icyateza abana babo imbere. Nta na rimwe umwe akwiriye kunegura imigambi y'undi abana bumva cyangwa se ngo avuge amafuti y'undi. Umugore ntabwo akwiriye gutuma ibyo se w'abana abakorera bimukomerera. Umugabo akwiriye gutera inkunga umugore we, akagaragarisha ko amukunda kumukomeza.

Nta gikwiriye kubuza ababyeyi n'abana babo gushyira hamwe no gusabana. Babyeyi mujye mwereka abana banyu ko mubakunda, kandi mukore uko mushoboye kose kugira ngo mubanezeze. Nimugenza mutyo, bazajya babumvira igihe mugira ibyo mubabuza bidakwiriye. Mujye mutegeka abana mufite kwiyoroshya n'imbabazi. Niba mwifuza ko abamarayika bakorera abana banyu umurimo bashinzwe n'Imana kubakorera, mujye mufatanya na bo murangiza umugabane wanyu.

Abana nibarereranwa urukundo rw'urugo rutunganye, ntibazifuza kuzerera bashaka aho umunezero n'umushyikirano. Umwanzi ntazabasha kubagusha mu bibi. Umwuka mwiza uboneka mu rugo iwabo uzatunganya imico yabo; maze bagire imico izajya ibafasha gutsinda ibishuko igihe bazaba bavuye iwabo bagiye hanze mu mirimo bishinzwe.

Abana bakwiriye kwigishwa ko ari bo batera umuryango wabo gukomera. Baragaburirwa, bakambikwa, bagakundwa, kandi bakitabwaho; bagomba rera kugaragarisha ishimwe ryabo kugira uruhare mu biremerera urugo rwabo, no kunezeza ab'umuryango wabo. No mu mibereho yabo y'igihe kizaza bazashimira ababyeyi babo igitsure cyabo cyabayoboye kandi kikabarinda, igihe bari bataramenya gutandukanya icyatsi n'ururo.

## IGICE CYA 34

## UMUKRISTO NYAKURI WESE YUNGANIRA UMURIMO W’IMANA

Umwana wese w' Imana yahamagariwe kuyikorera no kunganira bagenzi be. Kugira ngo dushobore uwo murimo tugomba kubyiga. Abana bacu babasha kurangiriza imibereho yabo bakora ibintu bisanzwe, cyangwa se bakajya ubutumwa bwiza mu bindi bihugu; ariko bose bahamagariwe guhesha ab'isi ubuntu bw'Imana.

Imana ikunda abana n'abasore, bafite impano zigifite itoto n'imbaraga. Bakwiriye kwigishwa ubwenge bwo kuzabafasha bwo kuzakorana na Kristo batikanyiza.

Ku byerekeye abana be b'ibihe byose Kristo yaravuze ati "Uko wantumye mu isi, nanjye ni ko nabatumye mu isi" (Yohana. i7: 18), kugaragaza Umwuka w'Imana, kwcrekana imico yayo, no gukora umurimo wayo.

Nk'uko byahoze, abana bacu bahagaze mu mahuriro y'inzira. Ibishuko byo kwishakira ibyabo bwite no kwishakira ibibanezeza, birabareshya bibakura mu nzira y'Uwiteka. Ari ukuzagira imibereho yuje umugisha cyangwa se yuzuye umuvumo, bizaterwa no guhitamo kwabo. Bazagira umuhati wo gukora ibyiza cyangwa se wo gukora ibibi. Umurimo w'Imana ntusimbura umuhati w'umuntu ahubwo urawuyobora. Guharanira ibyiza udakomwa imbere, ubushake budakomwa imbere, umuhati, no kwihangana kudatezuka, nta wukwiriye kubibabuza. Bakwiriye kuyoborwa aho bashobora kubona ibyabashyira hejura; guharanira kwikunda kw'isi n'irari ryayo, bakabisumba nkuko ijuru risumba isi.

Twebwe ababyeyi b'abakristo m umurimo wacu kuyobora abana bacu ngo bajye bakora imirimo nk'iyo Kristo yakoraga. Umurimo wacu w'ibanze ni ukubigisha ubwenge bakeneye.

"Imana yaradukunze cyane… itanga umwana wayo w'ikinege", kugira ngo tutarimbuka, ahubwo ngo duhabwe ubugingo buhoraho. " Yohana 3: 16. "Kristo ... yaradukunze aratwitangira." Abefeso 5: 2. Abasore bakwiriye kumvishwa ko impagarike yabo atari iyabo bwite. Baguzwe amaraso ya Kristo kubera urukando nve Bariho kubera ko abarindisha imbaraga ye. Igihe cyabo, imbaraga zabo n'ubushobozi bwabo bagomba kubimukoreshereza umurimo.

Abantu bakurikiye abamarayika kuba bararemwe ku ishusho y’Imana, ni bo biremwa bikomeye mu by'Imana yaremye. Imana yifuza yuko bagira imibereho ihwanye n'iyo yari igendereye ko bagira igihe yabaremaga, kand’ bagakora uko bashoboye kose kugira ngo bakoreshe imbaraga yabahaye.

Imibereho y'umuntu ntawmyimenya kandi iratunganye. Igaragaza imbaraga z'Imana yo soko y'ubugingo bw'abantu bose. Iyo imibereho izimiye, igenda burundu. Imana yadushyize imbere ubugingo, maze iduha igitekerezo cyo gusingira kudapfa, kugira ngo tujye mbere dushaka ibidufitiye akamaro kuruta ibindi byose.

Imana ibona ko umuntu wese afite uburyo bwo kugira icyo bumugezaho. Turi ku isi kubera umugambi runaka. Imana yatweretse imigambi ifitiye imibereho yacu, kandi yifuza ko twajya mbere tukagera ku rugero rwo hejuru.

Yifuza ko twahora dukura mu byo gutungana, kugira umunezero, no kuba ingirakamaro. Yifuza ko abasore bakoresha impano zose bafite kugira ngo bishimire ibintu byose bifite akamaro kandi bibonereye imibereho yabo, ngo bibabashishe kuba beza kandi bakore ibyiza, ngo bajye mbere mu bintu byose biboneye kandi bitaranganwa ubwikanyize. Umutima wo gushaka ubutegetsi butunganye Kristo vagaragarije mu mibereho ye, umutima wo gushaka ko isi yamererwa neza, ni wo murimo abo basore bahamagariwe.

## Ubwenge Bwo Gukiza Imitima Ni Bwo Bwenge Busumba Ubwenge Bwose

Umurimo ukomeye abantu bakwiriye guharanira gukora ni umurimo wo gukiza abantu ubavana mu byaha ukabagageza mu butungane. Kugira ngo umuntu akore uwo murimo agomba kugira ubwenge. Ubwenge kandi ntibwaba bushyitse, umubiri n'umutima n'ibitekerezo byose bigishijwe.

Imico y'umuntu igomba kugororwa bihagije. Ingabire zose z'ubwenge zikwiriye gukuzwa zikigishwa neza.

Uburezi bw'ukuri budushoboza gukoresha neza ubwonko, n'igufwa, n'umuhore. Ingabire z'ubwenge n'imbaraga z'ikirenga ni byo bigomba gutegeka umubiri. Irari risanzwe n'iraruramutima bikwiriye gutegekwa n'umutimanama. Kristo ni we urangaje imbere y'abantu, ngo atuvobore mu nzira zigororotse kandi zitunganye kugira ngo tubone uko tuba dushyitse tubishobojwe no kuba muri we.

Yesu yigiye imuhira. Nyina ni we wabaye umwigisha we wa mbere. Ibyamenyesheje Yesu ibyo mu ijuru ni ibyo nyina yamwishije n'ibyanditswe mu bitabo by'abahanuzi. Uwari umutegetsi w'ingabo zo mu ijuru, yigishirijwe mu rugo rw'umuhinzi ari umwigishwa mwiza, uganduka kandi wumvira. Yize umwuga, maze akora mu ibarizo rya Yosefu.

Abantu bo muri icyo gihe bareberaga agaciro k'ikintu ku ishusho yacyo. Nubwo idini ryari ritagifite imbaraga, ryari ryarongereye ibikurura amaso. Imibereho ya Yesu yari itandukanye n'ibyo cyane. Ntabwo yashatse amashuri yo mu gihe cye yahaga agaciro ibitagakwiriye, kandi agapfobya ibikomeye. Yigiye ubwenge ku murimo w'ingirakamaro, mu kwiga ibyanditswe, mu byaremwe n'ibyo yabonye mu mibereho ye ibyo byose ni byo bitabo Imana yigishirizamo.

Nguko uko yabashije kwitegura, ajya mbere ageza ku bantu ibyabahesha umugisha n'imbaraga yo kubahindura, ibintu abo ku isi batigeze babona.

## Ishuri Rya Mbere Umwana Yigiramo

Ishuri rya mbere umwana yigiramo ni imuhira. Amategeko y'imuhira ni yo atunganya imibereho y'umuntu. Iyo umwana amaze kugira imbaraga no kugwiza ibitekerezo ni bwo aba atangiye gukura ku buryo abasha kugira indi mirimo akora.

Umwana agomba kwigishwa gufasha se na nyina, kwitegeka, kunezeza abandi mbere yo kwinezeza. gufasha abavandimwe be na bagenzi be, kunganira abasaza n'abakecuru, no gufasha abarwayi n' abatishoboye. Igihe abantu bo mu rugo bafite umwuka wo kunganira abandi, ni ko n'abana bazawukurana.

Kwigishiriza umwana imuhira bikurikirwa no kwigira mu ishuri, aho yigira gukora no kwitanga. Gutera umwana umwuka wo kutihugiraho no gutuma bimumeramo, ni umurimo w'ababyeyi n'umwigisha. Umwuka wo gukunda gukora ukomoka mu ijuru, kandi umuhati wose wo kuwushyira imbere abamarayika bawutera inkunga. Mu kwigisha umwana Bibliya ni yo igomba kuba urufatiro rwo kwiga no kwigisha.

Umwana wese agomba kumenya urusengero Imana yamuhaye, n'amategeko yatuma urwo rusengero rutagira ikiruhungabanya. Abana bose bagomba kwigishwa inyigisho zose ziboneka mu mashami yose y'uburezi, kandi bagomba kwigishwa n'iby'imyuga. Ibyo kandi byakongerwaho kwigishwa no kumenyerezwa ibyo kubwiriza ubutumwa.

Mureke abasore bajye mbere vuba kandi bageze aho bifuza kugera mu byo gushaka ubwenge. Kandi uko biga, nabo bajye bigisha abandi. Kumara igihe kirekire wiga udakora uko ushoboye ngo utange icyo wabonye, kenshi biradindiza mu cyimbo cyo gufasha umuntu ngo akuze amajyambere. Icyo umuntu yaba yarahamagariwe gukora cyose, umwigishwa agomba kwiga no kwigisha igihe cyose akiri muzima. Ubwo ni bwo yahora ajya mbere, yisunga wa wundi ufite ubwenge bw'ikirenga.

Ni ikintu giteye ubwoba kubona mu mashuri menshi n’amakoleji higwiriyemo inyigisho zo kugoreka imico n'ibitekerezo ngo bive mu cyerekezo cy'imibereho myiza maze uburere bwiza bugatakara. Ku bwo kwanduzwa n'abahakanamana, n'abatwawe umutima no kwinezeza, n'abamaze kwangirika, abasore benshi batakaza imibereho

yabo iboneye, kwizera Imana no kwiyanga, za ngeso nziza bamenyerejwe n'ababyeyi babo b'abakristo. Benshi barundukira mu nvigisho zo kubahesha kuba abanyabwenge kabuhariwe no kubona icyubahiro cy'isi. Ubuzima bwabo bakabugurana kwihugiraho no gukurikirana iby'isi. Kenshi ugasanga bafashe ingeso zangiza imibereho yabo yo kuri iyi isi, kandi zikababuza no kuzatura mu isi izaza.

Ni nk'amategeko ko abagabo n'abagore bafite imico ishimishije itarangwamo inarijye ari ababyimenyereje bakiri bato. Urubanza ruheruka rutaragera ku Banyegiputa igihe cyo kwica abana b'imfura, Imana yari yategetse abantu bayo guteraniriza abana babo mu ngo zabo. Bategetswe gusiga amaraso ku nkomanizo za buri nzu, maze ngo umuntu uri muri iyo nzu abe afite ubwishingizi bw'uko ntacyo ashobora kuba. No muri iyi minsi ababyeyi bakwiriye kuba hamwe n'abana babo kugira ngo bubahirize ibyiza bakesha amaraso ya Kristo yabacunguye.

Dushobora guhabwa imigisha yadusezeranyije, turamutse twumviye amabwirizwa yahawe Abisirayeli ba kera yerekeye kurera no kwigisha abana babo. Kristo yabwiye abigishwa be ba mbere ati "Wabakunze ... nkuko wankunze." Yohana 17: 23.

Mbega amagambo atangaje! Imana ikunda abitangira kuyikorera, nkuko ikunda umwana wayo. Duhabwa ubuntu bwaya kuri urwa rugera rutangaje. Ibyiza byinshi yadusezeraniye mu bugingo buzaza, ntibiyibuza kuduha impano zitagira ingano muri ubu bugingo. Yifuza ko twishimira ikintu cyose cyadufasha, kikatwungura kandi kigatunganya imico yacu. Kristo ategereje guha abasore imbaraga yo gukora nkuko yakoraga, bayobora abantu mu nzira itunganye. Abantu bose bakorana n’Imana muri gahunda y'uburezi, izabaha ubuntu bwayo bwo kubakomeza, izabana na bo ibihe byose, kandi ibahe ibakomereshe imbaraga zayo.

Irabwira umuntu wese iti "Nuko komera ushikame; ntutinye, kandi ntukuke umutima, kuko Uwiteka Imana yawe iri kumwe nawe aho uzajya hose.” "Sinzagusiga, kandi sinzaguhana" Yoshuwa 1:9,5.

Abantu bose bo ku isi barahindanye, bakeneye guhinduka rwose. "Bazubaka ahasenyutse, bazubura amatongo yabanje Kubaho .... Abantu bazabita abagaragu b'Imana yacu." Yesaya 61:4-6. "Urubyaro rwabo ruzamenyekana mu mahanga, n' abana baba bazamenywa mu moko. Abazababona base bazemera ka ari urubyaro Uwiteka yahaye umugisha .... Umwami Imana izameza gukiranuka n'ishimwe imbere y' amahanga yose." Yesaya 61: 9-11.

## IGICE CYA 35

## UBWENGE BUKWIRIYE

Tubeshejwe hano mu isi no gukorera Imana, no guhinduka nka Yo mu mico, no kuyigaragariza ab'isi nkuko Umukiza wacu yabigenzaga.

Kumenya Imana ni rwo rufatiro rw'ubwenge bw'ukuri n’imirimo myiza yose. Ni bwo buryo bwonyine buriho bwo kuturinda ibishuko. Guhinduka mu mico, kugira imibereho iboneye, kumenya gukora umurimo ushinzwe, byose biterwa no kumenya Imana. "Kumenya Uwera ni ubuhanga." Imigani 9: 10.

Yesu yaravuze ati "Ubu ni bwo bugingo buhoraho, ko bakumenya. ko ari wowe Mana y'ukuri yonyine, bakamenya n'uwo watumye, ari we Yesu Kristo." Yohana 17:3.

"Umunyabwenge ye kwirata ubwenge bwe, n'intwari ye kwirata ubutwari bwayo, umutunzi ye kwirata ubutunzi bwe; ahubwo uwirata yirate ibi, yuko asobanukiwe, akamenya yuko ari jye Uwiteka, ugirira imbabazi no kutabera no gukiranuka mu isi." Yeremiya 9:23,24.

"Noneho iyuzuze na yo, ubone amahoro, ubwo ni bwo ibyiza bizakuzaho. Uzayisaba, na yo izakumvira .... Umucyo uzamurikira inzira zawe." Yobu 22:21,27,28.

Icyaha cyangije ubwiza bw'isi; leu bintu byose byo ku isi uhasanga ubukanda bw'ikibi. Ariko kandi haracyariho ikintu cyiza cyane. Ibyaremwe byerekana ko Imana ifite ubushobozi n'ubwiza n'urukundo ari yo yaremye isi ikayuzuzamo ibiflte ubugingo byose. Ibintu byose byerekana ukuboko k'urusha abahanzi n' abanyabukorikori bose.

Uhereye ku ijwi rikomeye ryo guhinda kw'inkuba n’imiraba ihorera y'inyanja, ukageza ku ndirimbo z'ibyishimo zumvikanira mu biti byo mu ishyamba, amajwi ibihumbi cumi yo mu byaremye ahimbaza Imana. Ibintu biboneka ku isi no mu nyanja no ku mu kirere, byaba iby’amabara atandukanye cyane cyangwa se ajya gusa, byose bitwereka icyubahiro cy'Imana. Imisozi iva aho iri ivuga iby'ubushobozi bw'Imana. Ibiti bihuhwa n'umuyaga igihe akazuba kabirasiyeho n'uburabyo bufite ubwiza butangaje byerekana Umuremyi wabyo. Ibyatsi bitoshye bishashe ku butaka nk'umuteguro w'isi byerekana uko Imana yita ku byaremya byoroheje hanyuma y'ibindi. Ibigobe by'inyanja n'indiba y'isi bihishura ubutunzi bw'Imana. Iyashyize imaragarita mu Nyanja n’amabuye atari amwe ameze nk'isarabwayi mu bitare, ikunda ibyiza.

Izuba rirasira mu ijuru ryerekana umurikira ibyo yaremye byose kandi akabibeshaho. Ubwiza bwose n'ibyiza bitatse isi n'ibimurikira ikirere bivuga iby'Imana. "Amanywa abwira andi manywa ibyayo, ijoro rimenyesha irindi joro, nta magambo cyangwa ururimi biriho, nta wumva ijwi ryabyo." Zaburi 19:2,3. Ibintu byose bivuga yuko Imana ari umubyeyi wita ku bana be, kandi akifuza kubanezeza.

Imbaraga ikomeye ikorera mu byaremwe byose ntabwo ari itegeko rikoresha imbaraga gusa. Imana ni Umwuka; nyamara ifite kamere yayo yihariye, kuko yigaragaje

ivuga iti "Uwiteka ni we Mana nyamana; ni Imana ihoraho n'umwami w'ibihe byose .... Izo bita imana zitaremye ijuru n'isi zizacibwa ku isi no munsi y'ijuru. Yeremiya 10:10,11.

Ukuboko kw’Imana kugaragarira mu byaremwe, si Imana ubwayo iba iri mu byaremwe. Ntabwo dukwiriye kwibwira ko ibyaremwe ari Imana. Ubuhanga bw'abanyabukorikori bivamo ibintu byiza, ibintu bigaragaza igitekerezo cy’uwabikoze; nyamara igikorwa ntabwo gihwanye n'uwagikoze. Icyo umuntu yaha ishimwe si igikorwa ahubwo ni uwagikoze. Igikwiriye gushyirwa hejuru si ibyaremwe ahubwo ni Imana yabiremye. "Yaremye inyenyeri za Kilimiya n’iza Oriyoni, ihindura igicucu cy’urupfu ikigira igitondo, ihindura n'amamwa umwijima wa nijoro." "Ihamagara amazi yo mu nyanja, ikayasuka ku isi: izina ryayo ni Uwiteka." Amose 5:8; 9:6.

Ubwenge bw' abantu ntibwasobanura umurimo wo kurema. Ni bwenge ki bushobora gusobanura amabanga yo muri ubu bugingo?

"Kwizera ni ko kutumenyesha yuko isi yaremwe n'ijambo ry’Imana., ni cyo cyatumye ibiboneka bitaremwa mu bigaragara.” Abaheburayo 11:3.

Imana irema isi, ntabwo yahereye ku bintu bisanzwe. "Yaravuze biraba, itegetse birakomera. Zaburi 33:9. Ijuru n'isi n'ibirimo byose byabayeho ku bw'umwuka wo mu kanwa k'Imana.

Imana yaremye umuntu ku ishusho yayo: Umuntu amaze kuremwa yari atunganye rwose, ariko nta bugingo yari yagira. Nuko Imana Ihoraho imuhumekeramo umwuka w'ubugingo, maze umuntu aba muzima, ikiremwa gifite ubwenge. Umutima, imitsi ijyana amaraso mu mubiri n'iyavana mu mubiri iyasubiza mu mutima, imitsi yumva, n'ibitekerezo byose bitangira gukora umurimo wabyo kandi ari ko bigendera

ku mategeko. Nguko uko umuntu yahindutse muzima, arangwa n'ubwenge n'imbaraga.

Imana yashatse yuko umuntu, waremwe ibindi biremwa byose bimaze kuremwa, yagaragaza ibitekerezo by'Imana, kandi akerekana icyubahiro cyayo. Umuntu ntagomba kwishyira mu mwanya w'Imana.

"Mumenye yuko Uwiteka ari we Mana; Ni we waturemye, natwe turi abe; turi ubwoko bwe, turi intama zo mu cyanya cye." Zaburi 100:3.

Imana ihora ishyigikira kandi igakoresha ibyo yaremye nk'ikoresha abagaragu bayo. Amategeko agenga ibyaremwe ntiyapfuye kubaho. Ibyaremwe bigaragaza yuko hariho imbaraga runaka ubwenge Ikoresha ibintu byose nkuko Ishaka.

Ntabwo ari imbaraga isanzwe ituma isi itanga umwero w'ibyiza byayo buri mwaka kandi ngo ikomeze kugenda izengumka izuba. Ukuboko kw'Imana ishoborabyose guhora kuyobora isi yayo. Imana ni yo ituma izuba rirasa. Ni yo ikingura amadirishya yo mu ijuru imvura ikagwa. Iyo irangumye ijwi, mu ijuru haba guhorera kw'amazi, ituma ibihu bizamuka biva ku mpera z'isi; iremera imirabyo kugusha imvura, izana umuyaga iwukuye mu bubiko bwayo." Yeremiya 10: 13. Imbaraga z'Imana nizo zituma ibimera birabya indabyo, indabyo zikumbura, n'imyumba ikazamo imbuto.

Imikorere y'umubiri w'umuntu ifite ubwiru bubera urujijo abanyabwenge kabuhariwe. Ntabwo ari gahunda yashyizweho rimwe gusa ngo ikomeze umurimo wayo umujyo umwe. Gutera kw'umutima, kwimisha kw'amaraso mu mitsi, n'agatsi kose kumva n'umuhore wose, bikoreshwa kandi bigakomerezwa muri gahunda n'imbaraga y'Imana ibera hose icyarimwe.

Imana ituye ahera hirengeye, si Imana idakora, cyangwa se icure igihunya ihore mu bwigunge. Ikoresha inzira ibihumbi bitabarika ivugana n'intumwa zayo z'aho itegeka hose. Imana ibera hose icyarimwe mu nzira z'Umwuka wayo. Ikorera abana b'abantu ibinyujije mu Mwuka wayo no mu bamarayika bayo.

Ibirangaza abantu byose byo ku isi ntibikura Imana mu byimbo. Nta kintu na kimwe ihishwa; kandi kubera ko ihoraho iteka, itegekesha ubushobozi bwayo ibyo ibona ko ari byiza.

"Wiringire Uwiteka n'umutima wawe wose, we kwishingikiriza ku buhanga bwawe; Uhore umwemera mu migendere yawe yose, na we azajya akuyobora inzira unyuramo." Imigani 3:5,6.

"Dore ijisho ry'Uwiteka riri ku bamwubaha, riri ku bategereza imbabazi ze, ngo akize ubugingo bwabo urupfu, abarinde mu nzara badapfa." Zaburi 33: 18,19.

"Uvugisha impundu ab'aho igitondo gitangariza n'ab'aho umugoroba ukubira .... Wambika umwaka kugira neza kwawe nk'ikamba, aho unyuze harangwa n'uburumbuke." Zaburi 65:8-11.

"Uwiteka aramira abagwa base, yemesha abahetamye base Upfumbatura igipfunsi cyawe, ugahaza kwifuza kw'ibibaho byose." Zaburi 145: 14-16.

## Imana Yigaragarije Muri Kristo

Imana yigaragarije mu mwana wayo. Yesu Umukiza w'ab'isi yaje mu "Ishusho ya kareme yayo" (Abaheburayo 1:3). Umukiza Yesu akorera mu bikari byo mu ijuru imbere y'intebe y'Imana umurimo wo guhuza abantu n'Imana.

Kristo yatwikiriye ubwiza bw'Imana, kugira ngo aze kubana n'abantu, bamenyerane n'Umuremyi wabo

badakongorwa n'ubwiza bwe. Kuva icyaha cyandukanya umuntu n'umuremyi we, nta muntu wigeze abona Imana uretse igihe Imana yigaragarizaga muri Kristo. Kristo yaravuze ati "Jye na Data turi umwe." Yohana 10:30.

Ibyaremwe byose byo mu ijuru, no ku isi,' no mu mazi yo mu nyanja, byerekana imbaraga z'Imana, ubwenge bwayo n'urukundo rwayo. Nyamara si ku nyenyeri cyangwa ku nyanja cyangwa ku masumo y'amazi dushobora kwigira ibya kamere y' Imana. Hari hakenewe ikirenze ibyaremwe cyo guhishurira abantu uko Imana iteye na kamere yayo. Yohereje umwana wayo kugira ngo yerekane imico na kamere by'Imana itagaragara.

Ubwo Kristo yari yegereje igihe cyo kugeragezwa, ari mu cyumba cyo hejuru mu ijoro ryabanjirije kubambwa kwe, yashatse gukomeza abigishwa be bari barindiriwe n'ibishuko n'ibigeragezo. Yaravuze ati "Ntimuhagarike imitima, mwizere Imana nanjye munyizere.... Ngiye kubategurira aho muzaba.... Nijye nzira n'ukuri n'ubugingo. Nta wujya aho Data ari ntamujyanye.,' Yohana 14:1-6.

Filipo yaravuze ati "Nyagasani, twereke Data wa twese biraba bihagije. Yesu aramusubiza ati nabanye namwe igihe kingana gityo none ntiwari wamenya Filipo we? Umbonye aba amaze kubona Data; none ubasha ute kuvuga ngo twereke Data wa twese? Ntiwizeye yuko ndi muri Data na Data akaba ari muri jye?" Yohana 14:8-10.

Abigishwa ba Kristo ntibari bazi isano afitanye n' Imana. Yifuje ko bamenya neza iby'Imana maze aravuga ati "igihe kizaza sinzavuganira namwe mu migani, ahubwo nzababwira ibya Data neruye." Yohana 16:25.

Ku munsi wa Pentekote, igihe Mwuka Muziranenge yasukwaga ku bigishwa, barushijeho gusobanukirwa. Nyamara kandi nubwo byagenze bityo ntibakiriye mu buryo burambuye

ibyo Kristo yabasezeraniye byose. Bakiriye ibyo babasha kwihanganira, ariko isezerano ryuzuye ry'uburyo Kristo yagombaga kubagaragariza ryari ritarasohora. Ni nako bimeze muri iki gihe. Ntabwo tuzi Imana mu buryo bwuzuye.Intambara nirangira, Kristo akemrira imbere ya Se ko yemeye abakozi bakiranuka, bamugaragarije abandi mu kuri, nibwo bazasobanukirwa neza n'ibimeze nk'ubwiru muri iki gihe.

Abakira Kristo abaha imbaraga yo guhinduka abana b'Imana, kugira ngo amaherezo Imana izabakire nk'abayo koko, kugirango babane nayo ibibe byose. Nibakiranuka, "bazabona mu maso bayo, izina ryayo ryandikwe mu ruhanga rwabo." Ibyahishuwe 22: 3. Mbese umunyabyaha wakijijwe ku bw'ubuntu hari umunezero yagira waruta kureba mu maso y'Imana no kumenya ko ari umwana wayo?

### Ubuhamya Bw'Ibyanditswe Byera Burasobanutse

Ibyanditswe bigaragaza neza imibereho yihariye y'Imana n'iya Kristo.

"Muri iyi minsi y'imperuka" Imana "yavuganiye natwe mu kanwa k'umwana wayo, ... kurabagiranak'ubwayo n'ishusho yakamere yayo, kandi akaba ari we uramiza byose ijambo ry'imbaraga ze, amaze kweza no gukuraho ibyaha byacu, yicara iburyo bw'ikomeye cyane yo mu ijuru .... Mbese ni nde wo mu bamarayika yigeze kubwira ati 'uri umwana wanjye, uyu munsi ndakubyaye'? Cyangwa se ni nde wo mu bamarayika yigeze kubwira iti 'nzaba se na we azaba umwana wanjye'?" Abaheburayo 1: 1-5.

Kamere ya Data wa twese n'iy'Umwana n'ubumwe bafitanye, bigaragazwa n'isengesho Kristo yasabiye abigishwa be agira ati "Sinsabira aba bonyine, ahubwo ndasabira n'abazanyizezwa n'ijambo ryabo, ngo bose babe umwe, nk'uko uri muri jye Data, nanjye nkaba muri wowe, ngo na bo babe

umwe muri twe, kugira ngo ab'isi bizere ko ari wowe wantumye." Yohana 17:20,21.

Ubumwe Kristo afitanye n' abigishwa be ntacyo butwara kamere yabo. Bahuje imigambi, n'ibitekerezo n'imico, ariko ntibahujije umubiri. Ubwo nibwo bum we Imana ifitanye na Kristo.

Kristo amaze gufata kamere. y'umuntu, yaje kubana n'abantu, ngo abone uko agaragariza abanyabyaha Data wa twese wo mu ijuru. Uwahoze ari ishusho y'Imana itagaragara kuva mbere na mbere, ni wenyine washoboraga kwereka abantu imico y'Imana. Yahindutse nk'abavandimwe muri byose. Yatungwaga n 'ibyokurya, akagarurwamo ubuyanja n'ibitotsi. Yabayeho nk'abantu, ariko aba umwana w’Imana utagira inenge. Yarageragejwe kandi ahura n'ibishuko nk'uko abagabo n'abagore bo muri iki gihe bahura nabyo, nyamara abaho imibereho itarangwamo icyaha. Yari Umuntu woroheje urangwa n'impuhwe n'imbabazi maze abantu bose bakamwitaho, yerekanye imico y'Imana, kandi agahora akorera Imana n' abantu.

"Uwiteka yansize amavuta ngo mbwirize abagwaneza ubutumwa bwiza, yantumye kuvura abafite imvune mu mutima, no kumenyesha imbohe ko zibohowc." Yesaya 61:1.

Aradutegeka ati "Mukunde abanzi banyu, musabire ababarenganya, nibwo muzaba abana ba so wo mu ijuru." Matayo 5:14,45. "Kuko agirira neza ababi n'indashima." Luka 6:35: "Kuko ategeka izuba rye kurasira ababi n'abeza, kandi abakiranuka nabakiranirwa abavubira imvura." Matayo 5:45. "Mugiririrane imbabazi, nk'uko So na we azigira." Luka 6:36.

Urukundo rw'Imana rwagaragarijwe cyane cyane ku musaraba. Ubusobanuro bwarwo bwimbitse nta rurimi rushobora kubivuga, nta karamu y'abanditsi ishobora kubyandika, nta n’ubwenge bushobora leubisobanukirwa.

Dushobora gusa kuvuga tuti "Imana yakunze abari mu isi cyane, bituma itanga Umwana wayo w'ikinege, kugira ngo umwizera atarimbuka, ahubwo aliabwe ubugingo buhoraho." Yohana3:16.

Kristo wababambwe, Kristo wazutse, Kristo wazamutse akajya mu ijuru, ni we bwenge buhesha abantu agakiza tugomba kwiga kandi tukigisha abandi. "Uwo nubwo yabanje kugira akamero k'Imana, ntivatekereje yuko guhwana n'Imana ari ikintu cyo kugundirwa; ahubwo yisiga ubusa, ajyana akamero k'umugaraga w'imbata, agira ishusho y’umuntu. Kandi amaze kuboneka afite ishusho y'umunlu, yicisha bugufi. araganduka, ntiyanga no gupfa, ndetse urupfu rwo ku musaraba." Abafilip.i 2:6-8.

"Ntidufite Umutambyi mulehru wananirwa kubabarana natwe mu ntege nke zacu, kuko yageragejwe uburyo bwose nkatwe, ariko ntiyigere akora icyaha." Abaheburayo 4:15.

Tubonera imigisha yose muri Kristo. Ururabyo rwose twaherewe kutunezeza turukesha iyo Mpano. Izuba n'ukwezi ni we wabiremye. Nta nyenyeri n'imwe itaremwe na we. Igitonyanga cyose cy'imvura kigwa leu butaka bw'isi yacu y'indashima cyerekana urukundo rw'Imana rwagaragarijwe muri Kristo. Umwana w'ikinege w’Imana yabambwe ku musaraba kugira ngo iyo migisha yose y'Imana igere ku bantu. "Abantu ntibigeze kumenya, cyangwa kumvisha amatwi no kurebesha amaso, indi mana igira icyo imarira uyitegereza, itari wowe." Yesaya 64:4.

## Ubumenyi Bwo Guhindura Umuntu

Ubumenyi bw'Imana bwagaragarijwe muri Kristo nibwo bumenyi abantu bakijijwe bose bakwiriye kugira. Iyo umuntu yakiriye ubwo bumenyi bwongera kumurema ku ishusho y'Imana, bukamuha imbaraga y'umwuka ariyo mbaraga y'Imana.

Umukiza yaravuze ati "Nitondeye amategeko ya Data." Yohana 15:10. "Mpora nkora ibyo ashima." Yohana 8:29. Uko Yesu yari ameze igihe yari afite kamere y'umuntu,ni ko Imana ishaka ko abayoboke bayo bamera. Mu mbaraga zayo ni ho dukwiriye kugirira imibereho yo kubonera n'ubupfura nk'imwe Umukiza yari afite.

"Nicyo gituma mfukamira Data wa twese Se w'Umwami Yesu Kristo, ... kugira ngo abahe Kristo ahore mu mitima yanyu ku bwo kwizera, kugira ngo ubwo mumaze gushorera imizi mu rukundo, mukaba mushikamye, mhhabwe imbaraga zo kumenyera hamwe n'abera bose ubugari, n'uburebure bw'umurambararo, ifuburebure bw'igihagararo, n'uburebure bw'ikijyepfo bwarwo ubwo ari bwo, mumenye n'urukundo rwa Kristo ruruta uko rumenywa." Abefeso 4:14-19.

Ubwo ni bwo bumenyi Imana iturarileira kwakira, kandi ubumenyi bwose butari ubwo, buba ari ubusa.

## IGICE CYA 36

## ICYUBAHIRO CY'IMANA NO GUKOMERA KWAYO

Ikibi kiruta ibibi byose leigendana no kugenzura ubumenyi bw'umuntu, ni ukubushyira hejuru bugasumba agaciro kabwo n'aho bugomba kugarukira. Benshi bagerageza kunegura Umuremyi n'ibyo yakoze bifashishije ubumenyi bwabo budashyitse. Bakagerageza kugenzura kamere y'Imana n'imico yayo bataretse no gukomera kwayo. Iyo bagenza batyo, baba baribata ubutaka bwabuzanijwe. Ubushakashatsi bwabo bubasha gukurikirwa no kurimbuka.

Kubwo gushakashaka kumenya ibyo Imana itashatse ko bamenya, ababyeyi bacu ba mbere babuze ibintu by'ingirakamaro byose bari bafite. Imana yajyaga kubaha ubumenyi bwo kubahesha umunezero w'ibihe byose. Kutumvira kwabo kwatumye bamenya icya'na n'ingaruka zacyo, maze abantu batandukana n'Imana y'urukundo.

Icyo ni icyigisho kuri twe. Satani akora uko ashoboye kugira ngo ageragereshe abagabo n'abagore kugenzura iby'Imana. Bityo agashaka kubabuza kwakira ubumenyi bw'Imana bwo kubahesha agakiza.

Inyigisho zihakana ko umuntu adapfa rwose zigishwa mu mashuri no mu matorero zibuza abantu batizera Imana n'ijambo ryayo. Kuvuga ko Imana ari nk'ikintu runaka kiboneka mu buzima bw'ikintu cyose ni ubushukanyi bubi cyane. Ibyo bigaragaza Imana uko itari kandi bigatesha agaciro gukomera kwayo. Kwishyiramo ibintu nk'ibyo n'ingaruka zo kubyemera ni byo bitera abantu kwitandukanya n' Imana no gukora ibyo kubarimbuza.

Imibereho yacu y'icyaha si yo twaremanywe, n'imbaraga yo kutuvugururura igomba kuba imbaraga isumbye iy'abantu. Hariho imbaraga imwe rukumbi ibasha guca abantu

ku bibi, kandi iyo mbaraga ikomoka ku Mana. Xmaraso y'uwabambwe ku musaraba ni yo yuhagira umuntu akamukuraho icyaha. Ubuntu bwe bwonyine ni bwo bushobora kuduhamburaho kamere y'umuntu waguye mu cyaha.

Kwizera imyuka y'abadayimoni bihindura ubusa ubuntu bwa Kristo. Niba Imana ari imbaraga iba mu byaremwe byose, ni cyo gituma ibasha no kuba mu bantu bose; kandi kugira ngo abantu batungane, icyo bagomba gukora gusa ni ugukuza imbaraga ibarimo.

**Kumenagura Abarinzi B'Umutima**

Izo nyigisho iyo zifatiwe imyanzuro bihwanye, byigizayo amaraso y'ihongerero, maze bigatuma umuntu yibwira ko abasha kwikiza. Abemera izo nyigisho baba bari mu kaga ko kwibwira ko Bibliya ari ibitekerezo by'ibihimbano. Bene abo iyo bamaze kwigizayo Imana bayambura icyubahiro cyayo, baba bashaka kwishingikiriza ku mbaraga z'abantu, zimwe zitagira icyo zimara zidafashijwe n'Imana. Umuntu atagize ikimufasba ntiyabona imbaraga zo kurwanya ibibi no kubitsinda. Iyo umuntu yanze kuyoborwa n'ijambo ry'Imana n'Umwuka wayo, yari gita mu bibi ku buryo tutabasha kubyiyumvisha.

"Umunyabyaha azafatwa no gukiranirwa kwe, kandi azakomezwa n'ingoyi z'icyaha cye." Imigani 5:22.

Dukwiriye gushaka gusobanukirwa n' Imana nkuko yigaragarije mu ijambo ryayo. Ariko ibirenze ibyo, nta byo dukwiriye kujyamo. Ubwenge bw'abantu ntibushobora gusobanukirwa na kamere y'Imana. Muri bene ibyo guceceka ni ko kwaba kugize icyo kuvuga. Imana ishobora byose irenze iby'umuntu abasha kujyaho impaka.

Abantu ntibarusha abana bato kumenya Imana, nicyo gituma dukwiriye kumenya Imana no kuyikunda nk'abana bato.

Mu cyimbo cyo guhugira mu byo kugenzura kamere y'Imana, mureke twite kuri aya magambo yayo avuga ngo: "Mbese wabasha kugenzura Imana ukayimenya? Wabasha kumenya Ishoborabyose ukarangiza? Biri hejuru nk'ijuru wabigira ute? Biri basi kuruta ikuzimu, wabimenyaute?" Yobu 11:7,8.

"Ariko Ubwenge bwo buzaboneka be? Cyangwa kumenya kuba be? Umuntu ntazi igiciro cyabwo; kandi ntibuboneka mu gihugu cy'abazima." Yobu 2S: 12, 13. Imana ni yo izi inzira vabwo .... Ni yo yabwiye umuntu iti "Dore kubaha Uwiteka ni bwo bwenge; kandi kuva mu byaha ni ko kujijuka." Yobu 28:23,28.

Ubwenge ntibuboneka mu byo gubaranira kwinjira mu byo kumenya ubwiru bw'imibereho y'Imana, ahubwo buboneka mu byo kwakira ibyo yishimiye kudusobanurira twicishije bugufi, kandi tukagira imibereho ihuje n'ibyo ishaka.

Abantu bafite ubwenge bw'ikircnga ntibashobora gusobanukirwa n'ubwiru bw'Imana buboneka mu byaremwe

Ubwenge bwacu bufite urubibi; ndetse no mu bintu bituzengurutse tubona buri munsi, hari byinshi birenze ibyo abantu basanzwe bashobora kumenya.

Ba mu dakurwakwijambo banga kwizera Imana kuko badashobora gusobanukirwa neza n' imbaraga y' Imana ikoresha igihe yigaragariza abantu. Nyamara Imana igomba kumenyekana birenze uko itigaragaza, ahubwo nk'ibidushyizwe imbere kugira ngo bidusobanukire. Haba mu byaremwe cyangwa se mu byo Imana yaduhishuriye byose birimo amabanga yo gutuma tuyizera. Tubasha guhora dushakashaka, kandi tugahora twiga, ariko iby'Imana biradutambutse.

"Ni nde wigeze kugenzura Umwuka w'Uwiteka, cyangwa akamuhugura nk'umugira inama?" Yesaya 40: 13.

Uwiteka aravuga ati "None se mwangererauya na nde, cyangwa se ni nde twahwana? Nimwubure amaso yanyu murebe hejuru. Ni nde waremye biriya agasohora ingabo zabyo mu mitwe, zose akazihamagara mu mazina? .... Nturabyumva? Imana ihoraho, Uwiteka Umuremyi w'impera z'isi, ntirambirwa, ntiruha. Ubwenge bwayo ntiburondoreka." Yesaya 40:25-23.

Duhereye ku byo Mwuka Muziranenge yahaye abahanuzi b'Imana, mureke twige gukomera kw'Imann yacu. Yesaya yaranditse ati "Mu mwaka umwami Uzziya yatanzemo, nabonye Umwami Imana yicaye ku ntebe y'ubwami ndende ishyizwe hejuru, igishura cyayo gikwira urusengero. Abaserafi bari bahagaze hejuru y'iyo ntebe. Umwe avuga ijwi rirenga abwira mugenzi we asingiza ati 'Uwiteka nyir'ingabo arera, arera, arera: isi yose yuzuye icyubahiro cye.' Maze ndavuga nti mbonye ishyano, ndapfuye we; kuko ndi umunyaminwa yanduye, kandi amaso yanjye akaba abonye Umwami Uwiteka nyir'ingabo.' Maze umwe mu baserafi araguruka, aza aho ndi, afite ikara mu ntoke ryaka, yakuye ku gicaniro arifatishije igifashi; arinkoza ku munwa, arambwira ati 'Dore iri rigukoze ku munwa; gukiranirwa kwawe kugukuweho, ibyaha byawe biratwikiriwe.'" Yesaya 6:1-7.

"Uwiteka warandondoye uramenya. Uzi imyicarire yanjye n'imihagurukire yanjye, umenyera kure ibyo nibwira. Ujya urondora imigendere yanjye n'imiryamire yanjye .... Kumenya ibikomeye bityo ni igitangaza kmanira. Kuransumba simbasha kukugeraho." Zaburi 139: 1-6.

"Ni nde wamenya iby'Uwiteka atekereza? Ni nde waba umujyanama we? Cyangwa ni nde wabanje kumuha ngo azamwiture?" Abaroma 11:34,35.

"Ikora ibikomeye tutabasha gusobanura. Kuko ibwira shelegi iti: Gwa ku isi; n'imvura yamagira na yo ikayibwira ityo, ndetse n'imvura n'umurindi." Yobu 37:5,7.

"Itwaza ibicu bya rukokoma amazi, isanza ibicu birimo umurabyo wayo. Kandi irabiyobora bigakomeza kubunga, kugira ngo bikore icyo ibitegetse cyose, biri hejuru y'isi ituwemo n'abantu." Yobu 37:11,12. "Kandi n'ubu abantu ntibareba umucyo urabagirana mu ijuru; ariko umuyaga urahita ukeyura ibicu. Ubwiza buhebuje bugatumka ikasikazi; Imana ifite ubwiza buteye ubwoba. Ishobora byose ntabwo twabasha kuyishyikira: ifite ububasha buhebuje; kandi igira imanza zitabera no gukiranuka kwinshi; ntabwo irenganya. Ni cyo gituma abantu bayubaha; ntabwo yita ku bantu bigize abanyabwenge." Yobu 37:21-24.

"Uwiteka arakomeye, ni uwo gushimwa cyane; gukomera kwe ntikurondoreka.’ Zaburi 145: 3.

## Icyo Gutinya Uwiteka No Guhindira Umushyitsi Imbere Ye Bisobanura

Uko turushaho kumenya Imana, ni ko tuzarushaho kuyubaha no guhindira umushitsi imbere yayo. Mureke tuburirwe n'ibyabaye ku bantu ba kera batinyutse ibyo Uwiteka yejeje. Igihe Abisirayeli bahangaraga gufungura isanduku y' amategeko y' Imana igihe bayikuraga mu gihugu cy' Abafirisitiya, kutubaha kwabo baraguhaniwe. Byongeye kandi no mu gihe cy'ingoma ya Dawidi igihe isandugu yajyamvaga i Yerusalemu. Uzza yarambuye ukuboko kugira ngo ayiramire. Kubwo kugerageza gukora ku gishushanya ko Uwiteka yari aho ngaho, yahise apfa ako kanya.

Ku gihum cyakaga kidakongoka, igihe Mose yamenyaga ko Imana ihari agashaka guhindukira ngo abyitegereze, yarategetswe ngo: "Aho hantu uhagaze harera ... Nuko Mose yipfuka mu maso. kuko atinye kureba Imana." Kuva 3:5,6.

"Yakobo ava i Beerisheba agenda yerekeje i Harani. Agera ahantu araharara .... Nuko ararota, abona urwego

rushinzwe hasi rukageza umutwe mu ijuru, abamarayika b'Imana baruzamukiraho bakanimanukiraho. Kandi Uwiteka yari ahagaze hejuru yarwo, aramubwira ati ndi Uwiteka Imana ya sogokuru Aburahamu, Imana ya Isaka .... Sinzagusiga ntarakora ibyo nakubwiye. Yakobo arakanguka, aravuga ati Ni ukuri Uwiteka ari aha hantu. Nta kindi aha hantu ni inzu y’Imana, aha ni ho rembo ry'ijuru." Itangiriro 28:10-13,15-17.

Mu buturo bwera bwo mu butayu no mu ngoro y'Imana byari igishushanyo cyo ku isi cyerekana aho Imana iba, harimo umwanya wera aho Imana yabaga. Umuntu wiyuhizaga akajya aho hantu hera yarapfaga. Ku mutemeri w'intebe y'ihongerero hari ubwiza bw'Uwera kuruta abanda bose, ubwiza umuntu atabashaga kureba ngo yongere kubaho. Ku munsi umwe mu mwaka wabaga warateganirijwe imirimo y'ahera cyane, umurambyi mukuru yahinjiraga igihe igicu cy'imibavu cyabaga kimeze nk'icyubahiro kihatwikiriye. Mu ngoro y'Imana habaga hatuje nta jwi na rimwe rihumvikana. Muri icyo gihe, cyose ababaga baje kuramya Imana babaga bubitse imitwe batuje basaba Imana imbabazi.

"Uwiteka ari mu rusengero rwe rwera, abantu bose nibagirire iruza imbere ye." Habakuki 2:20. "Isi yose yubahe Uwiteka, abari mu isi bose bamutinye." Zaburi 33:8.

Nta muntu ushobora kubona Imana kubera ubushakashatsi. Ntihakagire ugerageza gukoresha ukuboko kwe ngo akureho igitwikirizo gihishe icyubahiro cyayo. Nta muntu upfa ubasha kwinjira mu mabanga y'aho Imana ishobora byose iba n'aho ikorera imirimo yayo. Ibitekerezo by'umuntu bigomba kumenya ko hariho ubushobozi bubitambutse. Umuntu ufite umutima n'ubwenge buzima agomba kubaha Imana ikomeye.

## IGICE CYA 37

## UKURI N'lBINYOMA BIBONEKA MU BUREZI

Umubi akoresha ubuhendanyi bwe bukomeye kugira ngo yifatire ibitekerezo by'abantu. Avuga ko tudashobora kumva ijwi ry'Imana ivuga iti "iyi ni yo nzira mube ari yo mukomeza." Yesaya 30:21. Akoresha uburezi bwataye umurongo w'ukuri kugira ngo azimye umucyo wo mu ijuru.

Mu mashuri yo muri iki gihe hafatirwa imyanzuro ivuga ko abantu bigishijwe bageze ku byo ubushakashatsi bwa siyansi bwigisha, maze bakavuga ko niba abo bantu bari mu kuri, Bibliya yaba ati nta kuri igira. Ubuhakanyi butwara ibitekerezo by'abantu, kandi Satani akavomera imbuto yose yo gushidikanya... ibibwa mu mitima y'urubyiruko. Atuma iyo mbuto ikuru; maze bidatinze hagasarurwa ubugome butagira ingano.

Kubera ko umutima w'umuntu ubogamira ku bibi. ni akaga cyane gutera imbuto z'ubuhakanyi mu bitekerezo by'abana bakiri bato. Ikintu cyose gituma umuntu atizera Imana kiba kinyaze umuntu imbaraga yo gutsinda ibishuko. Dukeneye amashuri aho abasore bakwigishirizwa yuko gukomera guterwa no kubaha Imana mu buiyo bwo kugaragariza imico yayo mu mibereho ya buri munsi.

Abantu benshi bibwira ko kugira ngo umuntu abe umunyabwenge ari uko yatekereza ibifabo byanditswe n'abanditsi batemera Imana ari byo birimo ibitekerezo bizima. Nyamara kandi abo bantu ubwenge bafite babukomora Mana. Ni yo soko y'umucyo wose. Kuki twakwirushya duca mu mafuti dukurikirana ukuri gufitwe na bake, kandi ukuri kose ari two tukwifitiye? Bishoboka bite ko abantu barwanya ubutegetsi bw'Imana bagira ubwenge batwara nk'umurato rimwe na rimwe? Satani yigishirijwe mu bikari byo mu ijuru, ndetse azi ibyiza n'ibibi, Avangavanga ibyiza n'ibibi, kandi

ibyo bimuha imbaraga yo guhendana. Ariko se twamwakira nka Marayika w’umucyo? Umushukanyi afite abamukorera, bigishijwe nk'uko ashaka. Mbese twavuga ko bene abo ari bo dukwiriye gushakiraho ubwenge bukwiriye?

Iyaba igihe cyapfushwaga ubusa mu byo gushaka ibitekerezo by'abantu batubaha Imana, cyakoreshwaga mu kwiga ijambo ry'Imana, abantu ibihumbi byinshi bicaye mu mwijima muri iki gihe bakwishimira umucyo uhesha abantu ubugingo.

Ku bwo gutegura umurimo wa gikristo, abantu benshi batekereza ko ari byiza gushakinr ubumenyi bwisumbuye mu bitabo by'ibitskerezo by'isi no mu bitekerezo by'ab'isi by'iyobokamana. Nyamara iyo mihati yo kwiga ibitekerezo by'abantu igwabiza abantu mu byo umurimo wo kwamamaza ubutumwa. Igice cya gatandatu cy'ubutumwa bwa Yohana kitubwira ibimta ibiboneka mu bitabo byinshi by'ibitekerezo n'inyigisho z'iby'iyobokamana ryigishwa n'ab'isi. Kristo aravuga ati "Nijye mutsima w'ubugingo. Uza aho ndi ntazasonza na hato. "Ni jye mutsima muzima wavuye mu ijuru" ’Amagambo mbabwi -e ni yo mwuka, kandi n: yo bugingo." Yohana 6:35,51,63.

Hari ibitekerezo byiza abantu bagomba kwigishwa. Ibitekerezo bitunganve byigishirizwaga mu mashuri y' abahanuzi. Ni cyo gituma tugomba kwiga muri ibi bihe uko Imana igenza amahanga yo ku isi. Tugomba kurebera mu bitekerezo by'ibibaho uko ubuhanuzi bushohozwa ndetse tukareba n'iby'Imana ikora, no gusobanukirwa no kwitegereza uko amahanga yitegura intambara iheruka. Inyigisho nk’izo zituma abantu basobanukirwa n'iby'imibereho y'abantu. Bibasha kudufasha kugira ngo dushobanukirwe n'uko twese duhurijwe hamwe mu buvandimwe bukomeye bw'amahanga

yo ku isi, kandi ko akarengane k’umwe cyangwa se kudindira kw'umwe ari igihombo kuri bose.

Ariko ibitekerezo biga muri rusange, bivuga ibyo umuntu ageraho, uko anesha mu ntambara, n'uko ashobora kugira imbaraga no gukomera. Bakeya gusa no bo babona ko imigambi y’Imana igaragarira kujya mbere kw'amahangwa no kugwa kwayo.

Kandi ku ruhande runini, uko teologiya uko yigwa n'uko yigishwa "bvangiza inama bikoresheje amagambo atarimo ubwenge.” Yobu 38:2. Kenshi cyane kugwiza ibitabo si ko kugaburira umutima nk'uko bagenda mu gihe werekana ubukristo mu magambo n'inama by'abigishijwe.

Ibitabo byose byanditswe si ko bishobora kugera ku migambi wo kugira imbereho itunganye. Umwigisha mukuru yaravuze ati "Nimunyigireho." "Mwige ubugwaneza bwanjye no kwiyoroshya. Igihe musoma ibitabo, muba mubishyira mu mwanya wo kwimenyereza inyigisho zituruka kuri Kristo. Akanya gato gaca umuntu intege ari mu bushakashatsi, kashoboza umuntu kugeza agakiza ku bandi. Mu nyigisho z'Umukiza yakoresheje amagambo yoroheje n'ingero zisobanutse. "Abantu benshi bamutegaga amatwi banezerewe. Mariko 12:37. Abantu bunganira bagenzi babo bakeneye kurya ku mutsima w'ubugingo. Ibyo ni byo byabaha imbaraga z'Umwuka zo kunganira abantu bose.

Muri za koleji na kaminuza, abasore benshi cyane biga ibitekerezo bya gipagani, ibitekerezo by'imihango byuzuyemo ububi. ubwicanyi n'irari rya kamere. Icyarushaho kuba cyiza ni uko abantu bakwamagana ubwenge nk'ubwo. "Ni nde wabasha kuvana igitunganye mu kintu cyanduye?" Yobu 14:4. Mbese twashobora dute kwibwira ko abasore bashobora kugira imico

ya gikristo kandi bigishirizwa mu mashuri yahindanijwe n’inyigisho z'abantu bahakana amategeko y'Imana?

## Uko Satani Akoresha Icapiro

Haba igihe kumenya ikigiriki n'ikilatini bikenerwa. Nyamara umuntu ashobora kubimenya kugira ngo bimwunganire atagombye kubyigira mu bitabo bibi. Kandi byaba ari ubupfapfa abigishwa baramutse bashyize igihe cyabo cyose mu gushakira ubumenyi mu bitabo ibyo ari byo byose kandi birengagiza kwimenyereza gukora ibikwiriye mu mibereho yabo.

Iyo abigishwa bavuye mu ishuri batahana iki? Mbese babasha guhagararira imiryango yabo nk' abigisha b' abahanga? Ubwenge bwiza kandi bufite agaciro ni ubutuma abantu basa na Kristo, kugira ngo babashe gukora ibyo bashinzwe mu mibereho yabo.

Ibitabo byinshi byabaye ikirangirire byuzuyemo ibitekerezo byigisha abasore gukora ibibi, kandi bikaba bibaganisha mu irimbukiro. Abana bato barundukira mu bibi basoma mu bitekerezo bitari ukuri. Mu bitekerezo byabo bigana ibyo babona cyangwa bumva kugeza ubwo baharanira kureba icyo bashobora gukora kugira ngo bagome babone uko basakirana n'ibihano. Imbuto zo kwica amategeko ziriho ziraterwa mu muyaga. Nta watangazwa no kubona ko ingaruka yabyo ari ugusarura ubugome.

Ibitekerezo by' ibihimbano bishishana, n' imigani y' imihimbano iteve ubwoba, bishobora guteza umusomyi umuvumo ku buryo runaka. Ubvandika abasha kwibwira ko hari icyo ashaka kwigisha- gifitanye isano n'ibitekerezo by'idini; nyamara kenshi usanga akamaro kabyo ari ugutwikira ubupfapfa.

## Kuki Gusoma Ibitekerezo By'Ibihimbano Ari Bibi?

Isi yuzuyemo ibitabo birangwa n'amafuti atagira ingano. Lbyo abasore bakira bibwira ko ari ukuri ni byo Bibliya ivuga ko ari ibinyoma, kandi bakihambira ku buyobe buganisha ku irimbukiro.

Hariho ibitekerezo bimwe byandikanywe umugambi wo kwigisha ukuri cyangwa se kwerekana ububi bukomeye. Hariho ibyagize ibyiza bigeraho, nyamara ibindi byazanye ibibi bitavugwa. Byerekana ishusho runaka yo kubyutsa ibitekerezo byuzuyemo ingorane cyane cyane ku basore. Ibitabo nk'ibyo ntacyo bimariye ubwenge bw'umuntu, ndetse bituma abantu bazinukwa Bibliya. Igihe ibitekerezo by'abantu byibanda ku bibi, bikabyutsa iraruramutima, maze amaherezo bigatera umuntu gukora icyaha.

Ndetse n'ibitekerezo by'ibihimbano bitarimo n'ijambo na rimwe ribi bironona. Bitera ingeso yo gupfa gusoma gusa no gusoma ibyejuru, bimwe byo gusoma igitekerezo gusa. Bityo bikaba byishe imbaraga ifitanye isano no gutekereza neza; bituma umuntu atita ku ngorane zikomeye z'imirimo ashinzwe n'ibyo yagenewe byo mu gihe kizaza.

Ku bwo guhugira mu mikino idafite akamaro, gusoma ibitekerezo by'ibihimbano bituma umuntu adakunda gukora. Kubihoramo bigwabiza imbaraga, kandi rimwe na rimwe bigatera indwara y'umutwe ndetse n'umubiri udasigaye.

Ibihe byinshi bavuga ko kugira ngo turinde abasore gutwarwa n'ibitabo by'amanjwe, ari uko twabaha ibitekerezo by'ibihimbano byiza. Ibyo bigasa no kugerageza kuvura umusinzi, mu cyimbo cyo kumuha Wisiki ukamuha inzoga yindi yoroshye. Uburyo bwiza bwo gufasha umusinzi ni

ukureka inzoga rwose. No ku muntu ukunda gusoma bene ibyo bitabo, iryo hame ni ukuri.

Ibitekerezo bisanzwe, imigani n'ibitekerezo by'ibihimbano bikoreshwa mu mashuri kandi biboneka mu ngo nyinshi. Bishoboka bite ko ababyeyi b'abakristo bekwemerera abana babo gukoresha ibitabo byuzuyemo ibinyoma? Iyo abana babajije ibitekerezo bifite ubusobanuro butandukanye n'ibyo ababyeyi babo babigisha, bababwira ko ibyo bitekerezo bitavuga ukuri; ariko kandi ibyo ntibikuraho ingaruka mbi ziterwa no kubikoresha. Ibyo bitabo bishyira mu buzima bw'umuntu ibitekerezo by'ibinyoma kandi bigatuma umuntu yifuza gukera ibidakwiriye.

Satani ashaka guteshura ibitekerezo by'abakuze n'abato ku ijambo ry'Imana, no ku murimo ukomeye wo kubaka imico y'umumu. Satani abona ko ubushukanyi bwe yuzuza ku isi buzatembana abasore bukabarimbuza.

Ntibikwiriye na rimwe guha abasore cyangwa abana ibitabo birimo inyigisho zigoreka ukuri. Igihe abantu bakuze badafite icyo bakoresha ibyo bitabo, bagira amahoro nabo ubwabo baoyitaje, kandi urugero batanga ntinvaruhanya igihe bashaka kuyobora abasore ngo batagwa mu bishuko.

### Hariho Isoko Y' Akataraboneka

Abafite inyota y'ubumenyi, ntibakeneye kujya ku masoko yanduye. Uwiteka aravuga ati "Umutima wawe ushishikarire kumenya ubwenge bwanjye; ... Kugira ngo ibyiringiro byawe bibe k'Uwiteka." Imigani 22: 17,19. Mbese sinakwandikiye ibyiza by'inama n'ibyo kumenya, kugira ngo nkwemeze amagambo y'ukuri, usubiraneyo ayo magambo ku bagutumye?" Imigani 22:20,21.

Kristo abasha guha umuntu ubumenyi bwamushoboza kugira ubuhanga bwo kuvumbura ikintu cyose. Yabasha gukingura amabanga yose yo mu bitekerezo by'abantu bo mu bihe byose kugeza ku mperuka y'ibihe. Nyamara nta gihe na gito yapfusha ubusa atigishije icy'agakiza. Yazanywe no gushaka no gukiza icyari cyazimiye, kandi nta cyamuvana ku cyo yagambiriye.

Kristo yatanze ubwenge bushobora gukoreshwa gusa. Ntabwo yashatse kumara abantu amatsiko yo kubaza ibibazo byo kwigiza nkana. Abari bafite ishyushyu ryo gusoroma ku matunda y'igiti cy'ubwenge bumenyekanisha icyiza n'ikibi, yabahaye amatunda y'igiti cy'ubugingo. Babonye inzira zose zifunzwe uretse inzira iganisha ku bugingo buhoraho.

Umukiza wacu ntabwo yigeze agira abo abwira kujya kwigira mu mashuri y' abatambyi yo mu gihe cye, kuko ubwenge bwabo bwari kwangizwa n'inyigisho basubiragamo buri gihe zivuga ngo "Baravuga ngo," cyangwa ngo "Byaravuzwe ngo." Kuki twakwemera inyigisho z'abantu kandi twifltiye ubwenge bukomeye?

Ibintu by'ibihe bidashira n'integenke z'umuntu niboneye, byankoze ku mutima. Sinabona icyatuma umuntu yakwihimbaza cyangwa se ngo ahimbaze abamu biringira ko bakomeye. Babasha guhakana Imana cyangwa se bakirengagiza ko ibaho, bitaba ibyo bakemera imbaraga zayo zikomeye.

Mureke duhitemo kwigishwa n'iyaremye ijuru n'isi!

## Abasore Bakwiriye Gukuza Ubushobozi Bwabo

Ni byiza ko abasore bagera ku rugero rwo hejuru rwo gukuza imbaraga zabo z'ubwenge. Ntidukwiriye gushyira urubibi ku bwenge kandi Imana itarabushyiriyeho umupaka. Ariko ibyo tumaranira kugeraho ntacyo byamara turamutse tutabigiriye guhesha Imana icyubahiro no kunganira abantu.'

Si byiza kunaniza ubwenge turundamo ibintu byo kubunaniza gusa kandi bidafite icyo bimarira imibereho y'abantu. Ubwenge nk'ubwo buca intege umunyeshuri ushaka kwiga bikamubuza kugera ku cyari gutuma aba ingirakamaro. Imyitozo y'ibyo umuntu akora ifite akamaro kuruta ibyo umuntu yigira mu bitabo gusa. Ndetse no kumenya byonyine ntibihagije. Tugomba kugira ubushobozi bwo gukoresha neza ibyo tuzi.

Ubwenge bwo mu mutima buruta cyane ubwenge bwigirwa mu bitabo. Tugomba kumenya ibintu bya ngombwa byo mu isi dutuyemo; ariko turamutse twirengagije ibyiza by'ibihe bidashira, dushobora gutsindwa tukagwa ubutabyuka. Umwigishwa utazi Imana, ntiyubahe amategeko agenga imibereho ye, akora ibyo kwirimbuza ubwe. Kubera ingeso mbi, ananirwa kwishimira ibyo ageraho, kandi akananirwa no kwitegeka. Ntashobora gutekereza neza ibintu bimwerekeyeho cyane. Ahinduka umuntu utagira icyo yitaho kandi ntagire imbaraga zo gutekereza gufata neza umubiri we n'ibitekerezo bye. Ku bwo kwirengagiza gukora ibikwiriye, abura umugabane ku by'iyi si, kandi akazabura n'umugabane mu isi izaza.

Abasore baramutse bashaka kwigishwa n'Imana, baba abanyabwenge mu by'Imana, kandi imibereho yabo ikerera iyi si imbuto z'umugisha.

## IGICE CYA 38

## UBUTUNZI BUTANGAJE BW'UBUMENYI NYAKURI

Dukwiriye kumenya ko turi mu ntambara ikomeye. Dukeneye gusobanukinva n'akamaro k'ukuri kw'ijambo ry'Imana, n'akaga kazanwa no kwemerera umushukanyi kuvana ubwenge bwacu mu by'ukuri.

Icyaha ni ikibi giteye ubwoba. Icyaha cyangiza ubwenge bw'umuntu, n'ibitekerezo bikononekara. Icyaha cyagajuye imbaraga z'ubwenge. Ibigeragezo biturutse hanze byakiranwa impuudu, maze ibirenge bigahindukira bikagana mu bibi.

Nk'uko twamaze kubona igitambo gishyitse, niko dukwirive no gucika ku cyaha mu buryo bushyitse. Ingero z'ubutumwa bwiza ntizigira urundi rugero rutari ukugira imico itunganye nk'iy'Imana. Imibereho ya Kristo ikwiriye kutubera urugero rwo kumvira no gukora. Imana ubwayo yonyine niyo ishobora kuvugururura umutima. "Imana niyo ibatera gukunda no gukora ibyo yishimira." Ariko dutegekwa "gusohoza agakiza kacu." Abafilipi 2: 13,12.

### Kwizera Gushaka Gutekereza

Umuntu atihase cyangwa se akore ubudatezuka ntashobora gucika ku bibi cyangwa se ngo atunganye imibereho ye. Kubaka imico si umurimo w'umunsi umwe cyangwa se w'umwaka umwe, ahubwo ni ibyo umuntu agomba gukora mu mibereho ye yose. Kurwana intambara yo gutsinda inarijye, n'iyo gutungana no kuzagera mu ijuru, ni intambara ndende y'imibereho y'umuntu yose.

Igihamya ko umuntu yaguye akagera kure, ni uko biruhije cyane kugira ngo agaruke aho yavuye. Kugaruka

byashoboka ari uko umuntu arwanye inkundura, akarwana abikuye ruhande, kandi akarwana buri gihe. Igikorwa gihubukiwe cy'akanya gato gipfa gukorwa gusa, kibasha kuturoha mu mutego w'umubi; kandi bigashaka ibirenze akanva gato kugira ngo duce imirunga ituboshye tubone kugera ku butungane. Byashaka umuruho, n'igihe kirekire, no kudatezuka no kwihangana.

Mu mibereho ya Paulo yose yarwanaga n'inarijye. Ubushake bwe n'ibyifuzo bye byahoraga birwana n'ubushake bw'Imana buri munsi. Ariko mu cyimbo cyo gukurikira ibyo yabogamiragamo, yakoraga iby'Imana ishaka, nubwo byaba ari ukubamba kamere ye. Mu ihererezo iy'imibereho ye yashoboye kuvuga ati "Narwanye intambara nziza, narangije urugendo, narinze ibyo twizera. "2 Timoteyo 4:7.

Imibereho ya gikristo ni intambara kandi ni urugendo. Mufi iyo ntambara ntawe usimbura undi. Iyo tugize imihati idatezuka bwo dutsinda ibigeragezo bya Satani. Kugira ngo umuntu abe ashyitse aba agomba kugira imigambi ihamye.

Nta n'umwe ushobora kubyutswa atabigizemo uruhare. Nta n'umwe ushobora kuturwanira intambara. Buri muntu wese muri twe agomba kurwana intambara ku giti cye.

Hariho ubwenge bwa gikristo bugombwa kwigwa - ubwenge busumbye ubwenge bwose bw'abantu nk'uko ijuru risumba isi. Ibitekerezo bigomba gushyirwa ku murongo utunganye, ingeso mbi umuntu yavukanye cyangwa se yimenyereje zigomba gutsindwa. Kenshi ubwenge bwo mu mibereho y'umuntu yose bugomba kujugunywa, kugira ngo abe umuntu wigishirizwa ku birenge bya Kristo. Tugomba gusobanukirwa amategeko y' Imana. Igikorwa cyose, n'ijambo

ryose n'icyo umuntu yibwira cyose bigomba gutegekwa na Kristo kandi bikamera nkuko ashaka

Impano nziza za Mwuka Muziranenge ntawuzikuza ngo zigere ku rugero rwo hejuru mu kanya gato. Ubutwari, gukomera, ubugwaneza, kwizera no kwiringira ko Imana ishobora gukiza, umuntu abigeraho amaze imyaka n'indi. Imibereho itunganye no kugira umuhati uhamye wo gushaka ukuri ni byo byatuma abana b'Imana bagera ku byiza Imana yabageneye.

**Nta Gihe Dufite Cyo Gupfusha Ubusa**

Dufite igihe kigufi cyane ku isi, kandi ntabwo tuzi igihe gisigaye ngo duhamagariwe kureka isi n'ibyayo byose. Ariko mu myaka mike, umuntu wese azabwirwa aya magambo ngo: "ukiranirwa agumye akiranirwe; uwanduye mu mutima agumye yandure; umukiranutsi agumye akiranuke; n’uwera agumye yezwe." Ibyahishuwe 22: 11.

Mbese turiteguye? Mbese tuzabasha kuvuga nkuko Kristo watubereye urugero yavuze igihe yagiraga ati "Narangije umurimo wampaye gukora… Namemyekanishije izina ryawe." Yohana 17:4-6.

Abamarayika barashaka kutuvana mu by'isi. Nyamuneka ntimugatume baruhira ubusa.

Umutima wahugiye ku bitekerezo bibi ukeneye guhinduka. "Nuko mukenyere mukomeje, mwirinde ibisindisha, mwiringire rwose impano y'ubuntu muzazanirwa, ubwo Yesu Kristo azahishurwa. Ibitekerezo bikwiriye kuganishwa ku Mana. Ikintu kimwe rukumbi cyatuma tubona ikamba ry’ubugingo ni uko twanesha nkuko Kristo yanesheje.

Imibereho ya kamere yacu itagosowe na Mwuka Muziranenge irimo imbuto z'urupfu ruzanwa no Kwica amategeko. Tutagiranye umushyikirano n'Imana, ntabwo dushobora na rimwe gutsinda inarijye n'ibishuko bitugusha mu cyaha. Kugira ngo Kristo adufashe, tugomba kubanza gusobanukirwa n'ubukene bwacu. Uwo Kristo ashobora gukiza ni umuntu wiyumvamo ko ari umunyabyaha.

Igihe umuntu atangiye imibereho ya gikristo si bwo aba agomba kurwanya inarijye gusa. Biba bigomba kuvugururwa igihe cyose ateye intambwe igana mu ijuru. Umuntu agomba kugira umutima uhora ushaka Imana, agahora yihana ibyaha, kandi ari ko yicisha bugufi imbere y'Imana.

Dukwiriye kwitandukanya n'ibintu byinshi biduhuza ndetse bigatwara igihe kandi bidafite akamaro. Ibintu by'ikubitiro bishaka imbaraga no kwitabwaho bimwe abantu bapfusha ubusa bahugira mu bintu bidafite agaciro. Dukwiriye kugaburira ubwenge bwacu ibyokurya byo gutunga ubuzima bw'iby'iyobokamana. "Utegere ubwenge amatwi, umutima uwuhugurire kujijuka .... Ushake ubwenge nk'ushaka ifeza, ubugenzure nk'ugenzura ubutunzi buhishwe; ni bwo uzamenva kubaha Uwiteka icyo ari cyo, ukabona kumenya Imana." Imigani 2:2-5.

Abantu b'impuguke birunduriye mu bwenge bw'isi bakoze uko bashoboye ariko bananirwa kubona Imana. Bakeneye kubaza bati "Ukuri kwadushoboza kubona agakiza ni ukuhe?"

Ikibazo kirusha ibindi agaciro ni iki ngo: "Ibya Kristo ubitekereza ute?" Abantu bose bakira Kristo ngo ababere Umukiza, abaha imbaraga yo guhinduka abana b'Imana. Buri

munsi dukeneye ko atwiyereka. Dukwiriye gukurikiza icyitegererezo cye cyo kwiyanga no kwigomwa.

Dukeneye inararibonye nk'iyo Paulo yari afite Igihe yavugaga ati "Nabambanywe na Kristo, ariko ndiho; nyamara si jye uriho, ahubwo ni Kristo uriho muri jye. Ibyo nkora byose nkiriho mu mubiri, mbikoreshwa no kwizera Umwana w'Imana wankunze, akanyitangira. Abagalatiya 2:20.

Kumenya Imana na Yesu kandi ukabigaragarisha imico yawe ni cyo kintu kiruta ibindi mu ijuru no mu isi umuntu yakwirata. Ni bwo bwenge buruta ubundi, kandi ni rwo rufunguzo rufungura imiryango y'umurwa wo mu ijuru.

## IGICE CYA 39

## UBUMENYI BW'IKIRENGA BUBONEKA MU IJAMBO RY'IMANA

Bibliya yose yerekana uko Imana yigaragarije muri Kristo. Iyo umuntu yizeye Bibliya kandi akayumvira, ihinduka igikoresho gikomeye cyo guhindura imico. Yunganira imbaraga z'umubiri n'iz'ibitekerezo n'iz'ubwenge, kandi ikayobora imibereho y'umuntu mu nzira itunganye.

Igituma abasore ndetse n'abantu bakuze bacumura hato na hato ni uko batiga ijambo ry'Imana. Kutagira imbaraga ihamye yo kumasha biterwa no kwirengagiza kwiga inyigisho zitunganye zo mu ijambo ry'Imana. Abasore n'abantu bakuze baramutse bishimiye Ijambo ry'Imana bashobora kubona imbaraga yo gutsinda ibishuko.

Imbaraga z'ubwoko zikwiriye kumenyerezwa kwiga ibitekerezo bikomoka ku Mana, aho kwiga ubwenge bukomoka ku bitekerezo by'abantu. Ubwenge buhugira ku by'isi ntibwishimira Ijambo ry'Imana; ariko ubwenge bwavuguruwe

nUmwuka w'Imana, butuma ahari hameze nk'ubutayu ku byerekeye ubwenge bw'isi hahinduka igihugu cy'imigezi idakama.

Kuva igihe abana bakiri bato cyane bakwiriye kumenyerezwa izina rya Yesu n'imibereho ye. Ikintu cy'ikubitiro bakwiriye kwigishwa ni ugukunda kumvira. Bakwiriye gusomerwa Ijambo iy'Imana mu migabane mito babasha kumva, kandi bigakoreshwa neza kugira ngo bibashimishe. Bakwiriye kwigishwa iby 'urukundo rw’Imana uko rwagaragarijwe muri Kristo.

Umusaraba ukwiriye kuba ubwenge bwigishwa mu nzego zose z'uburezi, kandi ukaba iremezo ry’inyigisho zose n'ibyo abantu bigishwa. Ubwo ni bwo Umukiza yabera abasore mugenzi wabo n'nshuti bahorana buri munsi. Bashobora kuvuga nk'intumwa Paulo bati "Ariko jyeweho sinkiratane ikindi, keretse umusaraba w'Umwami wacu Yesu Kristo, wateye ko iby'isi bimbera nk'ibibambwe, nanjye nkabera iby’isi nk'ubambwe." Abagalatiya 6: 14.

Bamenya Imana ku bwo kwizera mu buryo bwo kwimenyereza ibyo bazi. Bibonera ukuri kw'amasezerano y'Imana, maze bakamenya ko Uwiteka agira neza. Yohana ukunda yabihamije avuga aya magambo ati "Uwahozeho uhereye mbere na mbere, uwo twumvise, uwo twiboneye n'amaso yacu, kandi uwo twitegereje, intoke zacu zikamukoraho, ari we Jambo ry'Ubugingo ... ni we tubabwira." 1 Yohana 1: 1,3.

Ku bwo kuba inararibonye, umuntu wese ashobora kubihamya: "Nashatse ubufasha, maze mbubona muri Yesu. Yamaze inzara umutima wanjye. Ni Umukiza wanjye. Nizen

Bibliya kuko nasanze ko muri yo ari ho Imana ivuganira n'umutima wanjye."

## Bibliya Imurikira Ubwenge Bw'Isi

Uwamenye Imana n'ljambo ryayo kubera inararibonye yanyuzemo, aba yiteguye kugira icyo yigira ku byarcmwe. Icyaha kitaraza mu isi, Adamu na Eva bari bakikijwe n'umucyo w'Imana wamurikiraga ikintu cyose bahuraga na cyo. Nta kintu na kimwe cyababuzaga kwitegereza Imana n'ibyo yakoze. Ariko igihe batakazaga umwambaro w'ubutungane, babuze umucyo wamurikiraga ibyaremwe. Ntibongeye gusobanukirwa neza n'ibyaremwe.

No muri iki gihe ni ko bikimeze, umuntu ku giti cye ntiyashobora gusobanukirwa n'icyo ibyaremwe byigisha. Iyo umuntu adafashijwe n'Iniana, aha ibyaremwe icyubahiro kinita icyo aha Imana. Ngicyo igituma ubwenge bw'abantu bucisha ukubiri n'ijambo ry'Imana. Ariko abakira umucyo ukomoka kuri Kristo, kuri bo ibyaremwe byongera kumurikirwa, maze bakabasha gusobanura icyo byigisha.

Umuntu wabaye inararibonye mu byo kumenya Imana n' ijambo ryayo, yizera Imana ahishurirwa n'lbyanditswe Byera, maze akamenya ukuri kudashobora kwigambanira. Ntageragerersha Bibliya ubumenyi bw'abantu, ahubwo asuzumisha ibitekerezo byose ubwenge butabasha kuyoba. Ubumenyi nyakuri ntiburwanya Ijambo ry'Imana. Kubera ko ibyo byombi bikomoka hamwe, kuoimenya byombi bituma umuntu abona ko bidacishijc ukubiri. Ubumenyi bw'inyigisho zo ku isi bucisha ukubiri n'ijambo ry'Imana, buba ari uguicekeranya kw'abantu gusa.

Umwigishwa nk'uwo, ubush ikashatsi bw'ubumenyi bw'isi, bumukingurira ahantu hagari. Igihe yitegereza

ibyaremwe, yunguka ukuri gushya. Igitabo cy'ibyaremwe n'Ijambo ry'Imana ryandikiwe abantu biramurikirana. Ibyabaye ku Munyazaburi ni byo bibasha kuba ku bantu bose babonera mu ijambo ry'Imana no mu byo yabahishuriye:

"Kuko wo we Uwiteka, imirimo wakoze yanteye ibyishimo: nzavuza impundu kubera imirimo y'intoke zawe." Zaburi 92:4. "Hwejesha amaso yanjye, kugira ngo ndebe ibitangaza byo mu mategeko yawe. Nishimira ibyo wahamije, kuko ari byo bingira inama. Ijambo ryawe iyaravugutiwe cyane, ni cyo gituma umugaragu ndikunda. Indunduro y'ijambo ryawe yose ni ukuri; amateka yawe yo gukiranuka ahoraho iteka ryose, hadasigaye na rimwe. Abakunda amategeko yawe bagira amahoro menshi, nta kigusha bafite. Gushishurirwa amagambo yawe kuzana umucyo, guha abaswa ubwenge."

"Mfite ubwenge buruta ubw'abigisha banjye bose; kuko ibyo wahamije ari byo nibwira. Ndajijuka nkarusha abasaza, kuko njya nitondera amategeko wigishije. Amategeko wigishije ampesha guhitamo, ni cyo gituma nanga inzira z'ibinyoma zose." Zaburi 119:18,24,140,160,165,130,99,100,104.

## Tubasha Kwishimira Ibintu Bisobanutse Duhishurirwa N'Ukuri

Icyaha cyirabuje ibitekerezo byacu, gituma guhitamo kwacu gucura umwijima. Iyo umucyo w’icyubahiro cy'Imana urabagiranira mu maso ha Yesu Kristo ugeze mu mitima yacu, umurikira Ijambo ryayo maze ukagaragarira mu byaremwc, ukarushaho gutangaza ko "Uwiteka ari Imana y'ibambe n'imbabazi, itinda kurakara, ifite kugira neza kwinshi n'umurava mwinshi." Kuva 34:6. Mu mucyo wayo ni ho

tubonera umucyo, kugeza ubwo ibitekerezo n'umutima n’ubwenge bihindurwa bigasa n’ishusho yo kwera kwayo.

Abantu bagundira ubwishingizi bw'Ijambo ry'Imana, bahishuririrwa ibintu by'icyubahiro. Abantu bagenda biyoroheje kandi bumvira Imana, ni bo barushaho gusobanukirwa n'ubutungane bwayo.

Umwigishwa wese akwiriye kuyoborwa na Bibliya, no guhagarara mu kuri, kugira ngo abone uko agera ku rugero rwo hejuru. Kwizera guturuka ku Mana gutera umuntu imbaraga n' imico itunganye. Iyo umuntu ashikamye mu mpuhwe z'Imana no mu rukundo rwayo, nibwo amshaho gusobanukirwa neza n'amatiame y'ukuri, kandi uko arushaho kwifuza kugira umutima uboneye, ni ko arushaho kugira ibitekerezo bitaranganwa urujijo. Umutima urahinduka bitewe no gushyikirana n'Imana mu buryo bwo kwiga Ijambo ryayo. Ukuri kuragufse cyane, kugera kure cyane, kuramanuka kukagera no hasi cyane, kugeza ubwo gutuma umutima wuzurwamo n'urukundo no kwicisha bugufi.

Imbaraga za kamere ziriyongera. Ku bwo kwiga Ijambo ry’Imana,ibitekerezo biraguka, bikajya mbere kandi bigatungana. Iyo abigishwa b'ljambo ry'Imana bafite ibitekerezo biboneye ni bwo bagira ibitekerezo bikomeye. Baritegeka bakikubita agashyi kugira ngo abantu bose babone uko abagabo n'abagore bunze ubumwe n'Imana bagomba kumera.

Imirimo yacu dukora muri ubu buzima bwo ku isi ni imyiteguro y'ubugingo buhoraho. Ubwenge butangirira kuri iyi isi ntibuzarangirira muri ubu bugingo; buzakomeza kujya mbere ubuziraherezo. Ubwenge bw'Imana n'urukundo rwayo buzarushaho guhishuririrwa mu nama yo gucungurwa. Umukiza

azaha abantu be ubumenyi butarondoreka. Imbaraga z'Imana zigaragarira mu byo yaremwe no mu buryo ibeshejeho ibvo yaremye byose ni byo bizereka ubwenge bw'abantu ubwiza butagira impinduka. Iby'amabanga bizakurwaho, maze umuntu atangazwe no gusobanikirwa bitamugoye n'ibintu atigeze amenya mbere hose.

## IGICE CYA 40

## INKURU NZIZA IFITANYE ISANO N'IMIBEREHO YA BURI MUNSI

Imibereho ituje kandi idatezuka y'umukristo nyakuri iravuga kurusha amagambo. Uko umuntu amcze ni ko kureshya abantu kuruta icyo avuga. Impamvu ari nta muntu wigeze avuga nk'uko Yesu yavugaga ni uko ari nta wigeze agira imibereho nk'iye. Amaganbo ye yari afite imbaraga yo kwemeza abantu kuko yavaga mu mutima uboneye kandi utunganye, wuzuyemo urukundo n'ukuri.

Imico yacu niyo yerekana uko dushobora kugira icyo twemeza abandi. Kugira ngo twemeze abandi iby'ubuntu bwa Kristo, tugomba kubanza kumenya icyo bwamariye imibereho yacu. Ubutumwa bwo gukiza twamamaza bugomba kubanza kudukiza twebwe ubwacu. Niba tugomba kurohora umunyabyaha mu muvu umutembana, tugomba kubanza guhagarara ku rutare rutanyeganyega ari rwo Kristo Yesu.

Ikimenyetso cy'ubukristo si ikimenyetso bambara inyuma nk'umusaraba cyangwa ikamba; ahubwo ni imico yahindutse. Nta mbaraga n'imwe ishobora kwemeza umuntu yahwana n'imibereho itaranganwa kwikanyiza. Icyabasha kurwanirira ubutumwa kigatsinda ubugisha impaka kuruta ibindi byose ni umukristo ukunda kandi agakundwa n'abandi.

Kugira imibereho nk'iyo, no kugira bene uko kwemeza, bishaka imihati, kwitanga no kwitegeka. Ibyo abantu benshi ntibabyumva. Basaba kugira imico nk'iya Kristo, maze bakaba bishyize mu bintu bisa no gukorombereza umubi wo kubangamira kamere yabo. Ubwo bakaba bishyize aho bahangana n'ibishuko n'amagorwa kuruta mbere hose. Iyo bigenze bityo baribaza bati "Koko niba Imana ituyobora, kuki ibi byose byatubaho?"

## Ibishuko Bibasha Guhinduka Imigisha

Igituma ibyo byose biba ni uko Imana ibayobora. Ibishuko n'inkomyi ni ibintu Uwiteka atoranya kugira ngo bihwiture abantu, ni n'uburyo akoresha bwo gushoboza abantu kugira icyo bageraho. Uwiteka azi imico y'abagabo n'abagore kuruta uko bo ubwabo bayizi. Iyo abonye ko abantu bafite imbaraga runaka zishobora kugira icyo zigeraho mu murimo wayo ziramutse zikoreshejwe neza, abanyuza mu bintu runaka byo gutmna babona amafuti yabo batigeze bamenya no kuyakosora. Kenshi; arareka ikome ry'umubabaro rikabageraho kugira ngo ribaboneze.

Igituma Uwiteka areka tukagera mu bigeragezo ni uko aba yatubonvemo ikintu cy'agaciro yifuza ko cyakura ngo kigere ku rugero. Igihe abona ko ari nta kintu na kimwe turanganwa cyatuma izina rye rihabwa icyubahiro, ntiyakwiririrwa apfusha igihe ubusa aducisha mu ruganda. Ntabwo yigera ashyira mu itanura ibuye ridafite agaciro. Ibifite agaciro ni byo inyuza mu ruganda. Uwiteka areka abo yatoranijwe ngo banyure mu itanura ry'umubabaro kugira ngo arebe ko babasha gukora umurimo we.

Umubumbyi afata urwondo akarubumba. Ararukata akarurundarunda. Arutera amazi maze hanyuma akanika.

Arurekera hamwe ntarukorakore. Igihe rumaze kunoga neza umuntu abasha kuganisha aho ashaka, ni bwo arubumbamo icyo ashaka yarangiza akayotsa mu itanura. Nk'uko ibumba rimeze mu maboko y'umubumbyi, ni ko tugomba kumera turi mu biganza by'umutware ukomeye. Umugabane tugomba gukora gusa ni ukwemera akatugenza uko ashaka.

"Mwe gutangazwa n'ikome ryo kubagerageza riri hagati yanyu, ngo mumere nk'abagushije ishyano. Ahubwo. munezezwe n'uko mufatanije imibabaro ya Kristo." 1 Petero 4: 12,13.

Kumanywa y'ihangu igihe yumva andi majwi, ntabwo inyoni shebuja arerera mu kazu kayo ibasha kuririmba indirimbo ayigisha. Ifata ibi, igafata biriya, ariko ntiyigere ifata ijwi nk'uko riri. Ahubwo shebuja atwikira akazu k'iyo nyoni, - akayishyira aho yumva indirimbo igomba kuririmba gusa. Mu mwijima igerageza kuririmba, ikongera ikageragpza ibine byinshi kugeza ubwo imenya kuyiririmba. Nyuma y'icyo gihe inyoni ibasha kuririmba iyo ndirimbo neza n'ubwo yaba iri ahabona. Nguko uko Imana igenza abana bayo. Ifite indirimbo ishaka kutwigisha, kandi iyo tumaze kumenya kuyiririmbira mu gicucu cy'umubabaro, hanyuma dushobora kuyiririmba neza.

## Imana Iduhitiramo Icyo Tugomba Gukora

Hariho benshi batanyuzwe n'imirimo bakora. Bibwira ko bashobora gukora inshingano zisumbye izo bashinzwe. Ibihe byinshi ugasanga batishimiye ibyo bakora. Ugasanga iminsi yabo iri imbere idafite icyerekezo.

Mureke twibuke yuko n'ubwo umurimo dukora atari twe twawihitiyemo, nyamara ko dukwiriye kuwakira nk'uwo Imana yaduhitiyemo. N'ubwo waba ushimishije cyangwa se

udashimishije, tugomba gukora umurimo utwegereye. Imana ifite impamvu zatumye itwohereza ahantu turi. Birashoboka ko haba hari umuntu ukeneye ubufasha bwacu. Imana yohereje Filipo ku mujyanama w'Umwetiyopiya, ikohereza Petero ku mutegekajana w'Umuroma, na ka gakobwa k'Abisirayeli ku mu kapiteni w'Umusiriya, ni yo yohereza abagabo n'abagore ndetse n'abasore bo mu bihe byacu ku bakeneye ubufasha bwabo.

Kenshi imigambi yacu si yo migambi y' Imana. Ariko icyo tugomba kumenya neza ni iki: Imana iha umugisha kandi igakoresha abitanga kandi bagatanga ibyo bafite kugira ngo bayiheshe icyubahiro. Iyo ibonye ko ari byiza kutabaha ibyo bifuza, ibashinga undi murimo, kugira ngo ibereke ko ibakunda n'ubwo banga ibyo bahawe.

Kubera ko Imana idukunda kandi ikatwitaho, kenshi yanga kutwemerera kubona ibyo duharanira ku bwo gushaka kwihugiraho. Ntitwemerera kujya kure kandi dufite umurimo utunganye tugomba gukora imuhira. Kenshi utwo turimo tw'imuhira tutumenyereza gukora umurimo ukomeye! Kenshi imigambi yacu iratsindwa kugira ngo imigambi Imana idufitiye ikomere.

Ntabwo twigeze duhamagarirwa kwitangira Imana. Ahubwo itubaza gusa kureka ibitubuza gukomeza urugendo rujya mu ijuru. Ndetse n'ubwo twahamagarirwa kureka ibintu bigaragara ko ari byiza, tuba tugomba kumenya ko Imana idushakira ikintu kirushaho kuba cyiza.

Mu bihe bizaza, tuzasobanukirwa neza n'amabanga y'ibintu biturushya kandi bikatubabaza muri iki gihe. Tuzabona ko amasengesho yacu twibwira ko adasubizwa n'ibyo

twiringira kubona ntitubibone, ari byo bitubera imigisha ikomeye.

Tugomba kumenya ko umurimo wose Imana idushakira gukora utunganye, n'ubwo waba ari umurimo woroheje. Isengesho ryacu rya buri munsi rigomba kuba iri: "Nyagasani, umfashe kugira ngo nkore ibikwiriye byose. Mpa imbaraga zo gukora umurimo nshinzwe nezerewe. Nshoboza gukunda gukora umurimo wanjye. Nkurikiza icyitegererezo cy'Umukiza wanjye".

### Turebe Ku Mibereho Ya Mose

Nimurebe ibyabaye kuri Mose. Igihe yari muri Egiputa, yigishijwe neza nk'uzicara ku ntebe y'ubwami bw'icyo gihugu. Nta kintu na kimwe atigishijwe no kumuhindura umunyabwenge, nk'uko Abanyegiputa bari basobanukiwe n'ubwenge bwo mu gihe cyabo. Yigishijwe iby'amategeko y'igihugu n'ibya gisirikari. Yumvaga ko yiteguye mu buryo bwuzuye gucungura Abisirayeli. Ariko Imana yabirebye ukundi. Imana yabonye ko ari byiza ko Mose yahabwa imyaka mirongwine yo kuragira intama kugira ngo bigire icyo bimwigisha.

Ikintu cy'ingenzi cyarushije ibindi gutegura imib'ereho ya Mose ni ukuragira intama. Igihe Mose yari umuyobozi w'abasirikari kandi atonnye ku mwami no ku gihugu cyose yiringiye ko ubushobozi bwe bwamushoboza gucungura Abisirayeli. Nyamara igihe yaragira intama ku misozi no mu bibaya, yize kwizera, kwihangana, kwicisha bugufi no kwibagirwa inarijye. Yize kwita ku ntama zifite intege nke, gufata neza izirwaye, gushaka izazimiye, kwihanganira izirushya, gukemura intama, no kugaburira izishaje n'izitebye.

Uwo murimo watumye Mose aba hafi y'Umushumba ukomeye, Uwera w'Isirayeli. Ntabwo yongeye ukundi kugambirira gukora umurimo ukomeye. Yashatse gukora akiranutse umurimo wose ashinzwe.

Mose amaze kubona iyo mibereho y’inararibonye yumvise Imana yo mu ijuru imuhamagara ngo areke kuragira intama, maze ajye kuyobora Abisirayeli. Itegeko ry'Imana ryamugezeho atakiri umuntu wiyemera, ahubwo ari umuntu w'ikigwari kandi uvuga make. Yumvaga aremerewe n'ubushobozi buke, ariko yiringiye Imana muri byose. Imana yamuhaye umugisha kubera ko yayumviye, maze ahinduka umuntu uzi kuvuga neza, wiringirwa, witegeka kandi witeguye gushingwa umurimo ukomeye ularigeze gushingwa umuntu wese.

Ntukigere utekereza ko udahawe icyubahiro ukwiriye, cyangwa ko umurimo wawe ukomeye cyane. Kwibuka ibyo Kristo yihanganiye ku bwacu bitume utagira igitekerezo cyo kwitotomba. "Mbese urishakira ibikomeye? Ntukabishake." Yeremiya 45: 5. Uwiteka ntafite umwanya mu murimo we wo gukoresha abaharanira kwambara ikamba aho kwikorera umusaraba. Ashaka abagabo n' abagore bishimira gukora umurimo wabo aho gushaka kugororerwa.

Abantu bicisha bugufi ntibiyamamaza cyane nk'abuzuwemo no kwiyumvamo ko ari ingirakamaro, ahubwo umurimo wabo ni wo werekana uko bameze. Kenshi abagaragaza inarijye bitambika hagati y'Imana n'abantu, maze bakananirwa umurimo wabo.

Ku bwo kutifata no kutivugurura, benshi baca mu nzira mbi yo guhinduka imburamumaro. Ibyo ntibikwiriye. Bagomba 'gukora uko bashoboye kose kugira ngo bakore

umurimo mwiza, ni bwo babasha guhabwa agaciro k'icyo bakwiriye.

Haramutse hariho abakwiriye inshingano zo hejuru, Uwiteka sibo azakorera umutwaro bonyine, ahubwo n'ababagerageje, bakabatera umwete wo kujya mbere. Abahora bakora umurimo bashinzwe bakiranutse, igihe kizagera bumve Imana ibahamagaye maze ibabwrire iti "Nimuzamuke."

Igihe umukozi wicisha bugufi yita ku murimo we neza, ubamarayika bamuhagarara iruhande bakumva amagambo ye, maze hakandika uko akora umurimo we, ngo barebe ko ashobora gushingwa inshingano zirushijeho gukomera.

## Uko Imana Iha Agaciro Gukomera Nyakuri

Imana ntiha agaciro abagabo n'abagore kubera ubutunzi bwabo, amashuri cyangwa se imyaka yabo. Ibaha agaciro ikurikije kubonera kw'ibitekerezo byabo n'ubwiza bw'imico yabo. Ireba uko umwuka wayo bafite ungana, n'uko imibereho yabo igaragaza ishusho yayo. Kuba ukomeye mu bwami bw'Imana ni ukumera nk'umwana muto mu byo kwicisha bugufi, kwiyoroshya mu byo kwizera no kugira urukundo rutaranganwa uburyarya. Kristo yaravuze ati" Ushaka kuba mukuru muri mwe, ajye aba umugaragu wanyu." Matayo 20:26

Mu mpano zose Imana ishobora abagabo n'abagore, nta n'imwe yiringirwa kandi ihwanije icyubahiro gikomeye no kugirana umushyikirano na Kristo mu mibabaro ye. Yaba Enoki wajyanywe mu ijuru, cyangwa Eliya wazamuwe mu magare y'umuriro, nta n'umwe wahawe icyubahiro kiruta icya Yohana Mubatiza waguye mu nzu y'imbohe. "Kuko mutahawe

kwizera Kristo gusa, ahubwo mwahawe no kubabazwa ku bwe.” Abafilipi 1:29.

**Imigambi Y’Igihe Kizaza.**

Benshi ntibashobora gufata imigambi ihamye y’igihe kizaza. Ntibashobora gusobanura ingaruka z’ibyo bakora, maze ibyo bigatuma bahora bahagaritse umutima. Mureke twibuke ko atari twe tugomba gutegeka imibereho yacu y’igihe kizaza. Kristo ari ku isi nta na rimwe yigeze agira icyo agambirira gukora ku giti cye. Yemeraga imigambi Imana imufitiye. Ni ko natwe tugomba kwisunga Imana, kugira ngo tureke imibereho yacu yemere gukora ibyo Imana ishaka.

Mureke Imana ibe ariyo ibaha imigambi y’icyo mugomba gukora. Mumere nk’abana, maze mwiringire kuyoborwa n’Urinda ibirenge by’abakiranutsi be” 1 Samuel 2:9. Imana ntiyigera iyobora abana bayo aho badahitamo kujya, igihe cyose babasha kureba aho bajya bagitangira urugendo, no gusobanukirwa n’iby’imigambi basohoza nk’abakozi bakorana nayo.

Igihe Kristo yahamagaraga abigishwa be, ntiyigeze abasezeranira iby’ingororano zo ku isi bazabona, nabo ntibigeze babaza icyo bazahabwa. Umukiza yabwiye Matayo ati” Nkurikira. Nuko asiga byose, arahaguruka aramukurikira” Luka5:27,28. Matayo ntarakabaza igihembo gihwanye n’icyo yabonaga ku murimo yakoraga mbere. Yakurikiye Yesu nta kibazo na kimwe abajije Byari bimuhagije kwibanira n’umukiza, no gufatanya na We.

Igihe Yesu yahamagaraga Petero na bagenzi be, bahise basiga ubwato bwabo n’inshunduro zabo. Bamwe bari bafite inshuti zabo bagomba kwitaho; ariko igihe Umukiza yari abahamagaye, nta wigeze abaza ati” Nzafasha nte umuryango

wanjye?” Bari abantu bumvira, kandi hanyuma igihe Yesu yababazaga ati” Mbese ubwo nabatumaga mudafite impago zirimo amafaranga cyangwa imifuka, cyangwa inkweto, hari icyo mwabuze? Baramushubije bati nta cyo.” Luka 22:35

Muri iki gihe Umukiza aduhamagara nk’uko yahamagaye Matayo na Yohana na Petero. Igihe imitima yacu ikabakabwe n’urukundo rwe, ntabwo ikibazo gishengura ibitekerezo byacu cyaba icyo kubaza ibihembo. Ntabwo twatinya kwiringira uburinzi bwa Kristo. Imibereho yacu yategekwa n’imigambi ihamye, ibasha kudushyira hejuru tukarenga ibyo twibira byose.

**Imana Izaduha Ibyo Dukennye Bvose.**

Abantu benshi barihebye kandi bahagaritse umutima, kubera ko batinya kwiyegurira Imana. Ariko igihe cyose batariyegurira Imana, ntibishobora kubona amahoro.

Hariho abantu benshi bafite imitima ishengurwa n'imitwaro yo kwinvariaho kubera ko bashaka kugera ku rugero rw'isi. Bahisemo umurimo w'isi maze bigana imico yayo. Ibyo rero bigatuma bahagarika umutima. Guhora uhagaritse umutima bica intege imibereho y'umuntu. Umwami wacu aravuga ati "Kunkorera ntibiruhije n'umutwaro wanjye nturemereye." Matayo 11:30. Guhagarika umutima ni nk’ubuhumyi ntigushobora kwitegereza iby'igihe kizaza; ariko Yesu ahera ahatangira akamenya ibiri ku iherezo. Mu ngorane zose aba yiteguye inzira yo kuzibonera insinzi.

Data wa twese wo mu ijuru adufitiye inzira igihumbi tutazi zo kutugoboka. Abagira umurimo w’imana nyambere nta ngorane zizabahagarara imbere kandi nta gisitaza kizaba mu nzira banyuramo. Kwimenyereza neza imirimo y'uyu munsi, ni yo myiteguro myiza yo gusakirana n'ibigeragezo by’ejo.

Mureke tube abantu bafite ibyiringiro n'ubutwari. Kutagira ibyiringiro n'ubutwari mu murimo w'Imana ni icyaha n'ibitekerezo bike. Imana izi ibyo utikeneye byose. Imana yacu ikomeza isezerano, ni Umwami w'abami ushobora byose kandi akagira ubugwaneza nk'ubw'umwungeri w'intama ucisha make. Ifite uburyo bwose byo gukuraho ingorane zose zibasha kubangamira abayikorera. Yita ku bana bayo kuko ibakunda urukundo rutagira ingano.

Igihe uri mu minsi icuze umwijima, jya wizera Imana. Isohoza ibyo ishaka, kandi igakora ibintu byose neza mu cyimbo cy'abanm bayo. Izaha abagaragu bayo ubwenge buhuje n'ibintu bitari bimwe bakeneye.

Igihe Paulo yageragezwaga Imana yaramubwiye iti "Ubuntu bwanjye buraguhagije; kuko aho intege nke ziri, ari ho imbaraga zanjye zuzura." Paulo na we ni ko kuvuga ati "Nuko nzanezezwa cyane no kwirata intege nke zanjye, kugira ngo imbaraga za Kristo zinzeho." 2 Abakorinto 12:9.

## IGICE CYA 41

## KUBONANA N'ABANDI

Ku kintu cyose umuntu usakirana na cyo, agomba kwimenyereza kwitegeka, kwihangana, no kugira impuhwe. Burya abantu turatandukanye cyane, dutandukanije imbereho, ingeso, n'uburezi, ku buryo dushobora kureba ibintu mu buryo butandukanye. Ibigeragezo by’umuntu umwe si bye by'undi. Imirimo yoroheye uinwe, undi abona imukomereye.

Buiya kamere y’umuntu ikunda kwishuka, ni cyo gituma umuntu wese agomba kwitondera uko atekereza mugenzi we.

Abantu benshi bafite imitwaro mike bagahura n' imibabaro mike, ntibababasha kumenya umurimo ukorwa n'ufite umutwaro uremereye, nk'uko umwana atabasha gusobanukirwa n'imiruho n'imihati bishengura se ufite umutwaio uremereye. Ibitera se w'umwana ubwoba kandibikamuhagarika umutima, umwana abona ko bidakenewe. Ariro igihe na we azagera mu gihe cyo kwikorera iyo mitwaro, ni bwo azabyumva.

Umurimo w'uwikoreye umutwaro ntabwo benshi bawusobanukirwa cyangwa se ngo bawishimire urupfu rutaramurambika hasi ngo abandi bahure n'ingorane yahuye na zo Inararibonye ibigisha kugirira abandi impuhwe. Imana yemera ko abantu bashyirwa mu myanya y'inshingano zo hejuru. Dukwiriye kwitondera kwiha umurimo wo guciraho iteka iby'Imana.

Uko Dawidi yabigenje kuri Sauli bifite icyo byigisha. Uwiteka yari yaravuze yuko Sauli agomba kwamburwa ubwami kubera kutumvira; nyamara Dawidi yamwitondeye bitangaje! Sauli yinjiye mu buvumo ashaka kwica Dawidi, amusanze aho yari yihishe we n' abantu bari kumwe na we. Dawidi yaravuze ati "Uwiteka andinde kugira icyo mutwara, kuko yamwimikishije amavuta." 1 Samuel 24:6.

Ntidukwiriye kurakazwa n'uko twagiriwe nabi koko cyangwa se kubyibwira gusa. Inarijye ni yo mwanzi ukomeye dukwiriye gutinya. Nta kunesha gukomeye kwahwana no kunesha inarijye.

Tubereyeho guhesha abandi agakiza. Igihe twita ku byo gukizaabandi, turekeraho kwita ku mpamvu z' amanjwe zidutandukanya n'abandi. Iby'abandi badutekerezaho ntibikwiriye kugira icyo bitwara ubumwe dufitanye na Kristo.

## Kwihanganira Gufatwa Nabi

Ntimugahore inzigo. Mujye mukora ibyo, mushoboye mutishe amategeko ababuza kwihorera. Igihe hagize abakuvuga nabi, ntukamere nka bo ngo ubasubize nk'ibyo bavuze. "Gusubizanya ineza bihosha uburakari." Imigani 15:1. Rimwe na rimwe'amagambo abwiwe umuntu urakaye amwongerera uburakari gusa. Ariko iyo wihoreye umuntu urakaye, uburakari bwe ntibutinda gushira. Kwicecekera bifite imbaraga itangaje.

Igihe ubwiwe amagambo aryana yo kukunegura, ujye ukomeza utekereze ijambo ry'Imana gusa. Igihe ugiriwe nabi, ujye wibwira amasezerano meza avuga ngo: "Ikoreze Uwiteka urugendo rwawe rwose, abe ari we wiringira, na we azabisohoza. Kandi azerekana gukiranuka kwawe nk'umucyo, n'ukuri k'urubanza rwawe nk' amanywa y'ihangu." Zaburi 37:5,6. Wahaye abantu kudukandagiza amafarashi abahetse, twanvuze mi: muriro no mu mazi; maze udukuramo udushyira ahantu h’uburumbuke." Zaburi 66:12.

Kubera impuhwe z'Imana, kenshi irareka abo twiringira bakadutetereza, kugira ngo turebe ubupfapfa bwo kwiringira umuntu. Ujye wiringira Imana byuzuye, kandi ubikore wicishije bugufi. Izi intimba ziaushengura, ndetse zimwe tudashobora kuvuga. Wibuke amagambo Kxisto yavuze agira ati "Ibyo nkora ubu ntubizi, ariko uzabimenya hanyuma." Yohana 13:7.

Jya wiga igitekerezo cya Yosefu n'icya Daniel. Uwiteka ntarakabuza abantu bagize imigambi yo kubagirira nabi; ahubwo imigambi yabo yayihinduye iyo kugirira ibyiza abagaragu bayo. Igihe cyose tukiri mu isi, ntituzabura guhura n'abatwendereza ngo baturakaze. Kristo jnaguma muri twe,

tuzihangana kandi tunezerwe mugihe bazaba badushotora. Buri munsi tuzahora dutsinda inarijye, maze tukurire mu butwari butagira amakemwa. Uwo ni wo murimo twahawe gukora, nyamara kandi ntitubasha kuwurangiza tutabonye ubufasha dukomora kuri Yesu, dukesha umugambi uhamye no gusenga ubudahwema. Umuntu wese afite intambara yihariye agomba kurwana. Abantu bose bemera kuvirira urugamba, babura imbaraga n'umunezero byo kunesha.

Ntidukeneye kubika ngo duhore twibuka ibigeragezo n'imibabaro twahuye na byo. Ibyo byose byandikwa mu bitabo maze abo mu ijuru bakabibika. Turamutse duhugiye ku bintu bidashimishije, ibyiza byinshi twabyibagirwa. Nk'ubugiraneza bw'Imana buduhora iruhande, n'urukundo abamarayika batangarira, rwa rundi rwatumye Imana itanga umwana wayo ngo adupfire. Igihe wumva ko urusha abantu bose ibigeragezo bikomeye, ujye wibuka ko ufite amahoro atazwi na ba bandi banga kwikorera iyo mitwaro.

Igihe wumva ko udakeye ku mutima kandi ntube ufite umunezero, ntukagamre ibyo wibwira. Ntugashyire abandi mu mubabaro. Idini ikonje, itaranganwa agashyuhe k'izuba ituma abantu bimura Kristo. Mu cyimbo cyo gutekereza iby'ingorane zawejya utekereza ibintu byinshi bihamya ko Imana igukunda cyane. Kwizera gutuma umuntu yihanganira ibigeragezo. Yesu ni we mucamanza utuburanira. Ni umuhuza uduhesha ibyacu byose.

Kristo aha agaciro abantu bose bafite imibereho yo kumwiyegurira. Agenderera abantu bose bari mu ngorane no mu bigeragezo, nk'igihe yasuraga Yohana ubwo yari ari aho yaciriwe. Imana ntizagira ubwo ireka umuntu uyikorera ngo ameneke umutima arwana n'amagorwa wenyine laigeza ubwo

atsindwa.Yita ku muntu wese nk'uwita ku ibuye ry'igidro cyinshi.

Jya uvuga iby'amasezerano; jya uvuga iby'uko Yesu ahora yiteguye gutanga umugisha. Ntabwo ajya atwibagirwa n’akanya na gato. Igihe tugumye mu rukundo rwe, kubana na we ni byo bizatura ituze n'umunezero. Kristo yivuzeho aya magambo ati "Uwantumye turi kumwe, Data ntiyansize jyenyine. 1 Yohana 8:29.

Kristo yari kumwe na Se, nta kintu na kimwe yabuze mu byo Imana yageneye guhesha isi umugisha. Isoko y'imbaraga zamukomezaga ntituyibuze. Ufite Umwuka waKristo agumamuri we. Nta kintu na kimwe kibasha kumukoraho Uwiteka atabyemeye.

Imibabaro yacu yose, n'ibigeragezo byacu byose, n'ibitotezo byacu byose kimwe n'ibyo twigomwa, byose bifataniriza hamwe kutuzanira ibyiza. Imibereho y'inararibonye yose n'ibyo umuntu ahura na byo byose, ni byo Iniana ikoresha kugira ngo biduheshe ibyiza.

## Ubwiza Bw'Umushyikirano Nyawo

Igihe tuzirikana uko Imana itwihanganira, ntitwabasha guciraho abandi urubanza, cyangwa kubarega. Mbega ukuntu abakorana na Kristo batangara baramutse bagize ijambo bamwumvana ryo gushinja abanda amakosa cyangwa se knbavuga nabi! Abakunda Kristo bagomba kugira imico nk'iye.

Umwami wacu adusaba kumenya ukuri gukwiriye umuntu wcse. Abantu bose bakwiriye gufatwa neza mu buryo bukwiriye, nk'abana b'Imana.

Ubukristo buhindura umuntu umunyacyubahiro. Kristo yerekanye ubugwaneza, ndetse no ku bamurenganyaga.

Abamukurikira bagomba kugira umutima nk'uwo. Ubutumwa bwiza ntibwigisha abantu kugira ikinyabupfura nk'icy'ab'isi, ahubwo kugira ubugwaneza buturuka mu mutima wuzuye ubugiraneza.

Kwitondera ibigaragara ntibihagije kugira ngo birandurane n'imizi gucira abandi ho iteka no kuvuga amagambo mabi. Igihe cyose inarijye ihawe intebe, ntabwo umuntu abasha gutungana. Umukristo abasha kugira imirimo myiza iyo afite ukunda Shebuja. Iyo gukunda Kristo bishoreye imizi mu mutima we, ni bwo muri uwo mutima hashibuka urukundo rutikanyiza rwo gukunda bagenzi be. Urukundo ruhesha nyirarwo ubuntu n'imyifatire myiza; rutunganya imibereho ye no kumukuza kugira ngo agere ku rugero rukwiriye.

Imibereho y'umuntu igizwe n'utuntu duto duto. Mu tuntu duto cyane tutagaragara; tumwe abantu batitaho, ni two nkuruzi y'ibintu bikomeye byiza cyangwa se bibi biboneka mu mibereho yacu. Kubera kunanirwa kwihanganira ibigeragezo bite binyura mu tuntu duto tuboneka mu ngcso z'abantu, bituma umuntu agira imico mibi, maze ibigeragezo ibikomeye byaza bigasanga atiteguyc. Ku bwo gukurikiza amategeko mu gihe duhura n'ibigeragezo biboneka mu mibereho ya buri munsi, tubona imbaraga zo kudushoboza guhagarara dukiranutse no mu bintu bikomeye.

Ntabwo turi twenyine. Aho waba uri hose, n'icyo waba ukora cyose, Imana iba ihari. Nta kintu na kimwe Imana isobwa. Uri igikomangoma, umwana w'Umwami wo mu ijuru. Ntukagire ijambo uvuga cyangwa ikintu ukora cyo gukoza isoni "izina ryiza mwitirirwa". Yakobo 2:7. Jya uhora wibaza uti mbese Yesu yakora iki aramutse ari mu mwanya wanjye? Ntugapfe kwivanga n'abantu bashobora kugwabiza umugambi

wawe wo gukora ibitunganye. Ntukagire ubwo ukorera mu batizera ikintu gisa n'ikibi cyose. Buri munsi uteze imbere kandi ufate neza imibereho Kristo yaguze amaraso Ye.

## Uburyo Bwo Guhindura Imibereho Idashimishije

Ibihe byose mujye mukora ibikwiriye, atari ugupfa gukora ibibajemo gusa. Gukoresha ubukana mubihoshe ahubwo mubisimbuze kwiyoroshya.Ntimukagire ubwo mwemera ko amagambo yo kunegurana abasohoka mu kanwa. Ndetse n'ibitekereza mukwiriye kubigandurira Kristo kugira ngo abe ari we byumvira. Ubuntu bwe buzabiboneza.

Ikintu kimwe rukumbi cyahesha umuntu amahoro, ni ugutekereza neza. Burya uko umuntu atekereza ku mutima ni ko aba ari. Imigani 23:7. Kwitegeka ni ikintu umuntu yimenyereza. Gusubira mu bitekerezo no mu bikorwa ibihe byinshi bituma bihinduka ingeso. Turamutse tubishatse, tubasha kuva mu bintu bidafite agaciro byo hasi maze tukazamuka tukagera ku rugero rwo hejuru.

Mwimenyereze kugira ingeso yo kuvuga neza abo mukorana. Mujye mukora uko mushoboye kose kugira ngo mwe guhoza amaso ku bibatsinda. Igihe ugize ikigeragezo cyo kugira uwo witotombera ujye ugira ikintu ushima cyo mu mibereho ye cyangwa se cyo mu mico. Mujye mwimenyereza gushima. Mujye muzirikana iby'ubuntu bw’Imana n'urukundo rwayo rutagira akagero.

Ntidushobora gutungwa n'ibishishwa by’ibyo abandi bananiwe. Kuvuga nabi ni umuvumo w'inkubirane, uvuna cyane kandi ukaremerera uvuga nabi kuruta ubwirwa nabi. Ubiba imbuto z' p.macakubiri as arura mu mutima we ububore. Kurebuza ibibi mu bandi bitera ububi ababirebuza. Kwibanda ku mafuti y'abandi byatuma duhinduka nka bo. Ariko kugarura

iby'urukundo rwa Yesu n'ubutungane bwe byatuma duhinduka nka we.

Buiya twese turatandukanye nta wuhwanye n'undi. Twirengagiza yuko bagenzi bacu dukorana nabo bakeneye imbaraga no kunezerwa. Nyamuneka mujye mureka tubasabire kandi tubereke ko tubitayeho.

Abavuga ko bakorera Kristo, si ko bose ari abigishwa nyakuri. Bamwe ntabwo batwarwa n'amategeko ye. Kenshi nsanga bene abo baca intege abakiri bato mu mibereho ya gikristo. Ariko nta wukwiriye kuyoba. Kristo yaduhaye urugero rutagira amakemwa. Adutegeka kumurikira.

## Uko Twabasha Gufatanya N'Umukiza Kugira Uwo Tugeza Ku Gakiza

Kugeza ku mpemka y'ibihe, urukungu ruzakomeza kuboneka mu masaka. Igihe abakozi bakoraga mu murima wa shebuja bamubazaga kubemerera kurandura urukungu, shebuja yarabashubije ati "Nimurandura urukungu muraruranduranan'amasaka. Mureke bikurane byombi bigeze igihe cyo gusaruiwa." Matayo 13:29,30.

Imana yihanganira abafite imitima igoranye n' abanyabinyoma. Mu bigishwa ba Kristo harimo Yuda w'umugambanyi. Niba yarihanganiye umugambanyi, ' ntitwarushaho kwihanganira abanyamafuti!

Ntabwo ari ibyo gusa, ahubwo n'abagaragara ko bafite amafuti akabije, bameze nka Yuda. Petero wahutiragaho kandi wari warabaswe n'inarijye no kwiyemera, ibihe byinshi yagaragaraga ko arusha Yuda kuba umuntu utagize icyo amaze. Ibihe byinshi Umukiza yagiye amukangara. Nyamara se imibereho ntigaragaza imbaraga itangaje y'ubuntu bw'Imana!

Igihe umuntu avuye mu byaha agakora ibyo gukiranuka, abamarayika baranezerwa. Mbese abamarayika b'Imana banezezwa no kubona abantu bashinzwe kurinda batabitaho kandi biyita ko ari abakristo? Mwibuke ko mutazi igituma ibintu runaka bikorwa, bimwe mubona ko atari byiza. Hariho benshi batashoboye kwiga bihagije ngo babashe kumenya ubwenge bw'ukuri; imico yabo ifurebye mu bintu runaka, kandi bigaragara ko ari mibi mu buryo bwose. Nyamara ubuntu bwa Kristo bushobora kubahindura.Ntimukagire uwo mwirukana ngo mumuce intege mumubwira muti "warantetereje, simbasha kukunganira. " Amagambo make gusa tuvuze turakaye - amwe tubwira abantu twibwira ko ari ko bakwiriye kubwirwa - abasha guca imirunga y'ubumwe yajyaga gutuma tugirana na bo ubwumvikane.

Igihe wagize amahiwe abandi batabashije kugira, ujye uzirikana ibyo, maze ube umwigisha w'umunyabwenge kandi wiyoroshya. Kuba umukristo uhora wunganira abandi ni byo bigaragaza imbaraga z'imibereho nk'iyo, byashoboka kandi igihe uharanira kwisunga imico ya Kristo. Jya wunganira abagwa mu mafuti, ubabwira ibyakugiriye akamaro mu mibereho yawe yo kuba inararibonye. Ubereke ko igihe wagwaga mu mafuti akomeye wunganiwe kandi ugaterwa ibyiringiro na bagenzi bawe kubera ubugwaneza bwabo no kukugoboka.

Kugeza muri cya gihe cy'urubanza ntimushobora kumenya akamaro gatangaje ko kunganira umuntu mubi udafite ibitekerezo bizima. Iyo tubonye abagambanira ukuri tubarebana umunya. Ibyo ni byo abanyagicumuro bahora biteze. Ariko kandi kubihanganira byarushaho kubatangaza, ndetse ibihe byinshi bikaba byabatera kwifuza kugira imibereho myiza.

"Bavandimwe, umuntu nagwa mu cyaha, mwebwe abayoborwa n'Umwuka w'Imana mumugaruze ubugwaneza; ariko umuntu wese yirinde kugira na we adashukwa." Abagalatiya 6: 1.

Abantu bose bavuga ko ari abana b'Imana bagomba guhura n'abantu b'uburyo butari bumwe: abantu boroheje n'indakoreka. abicisha bugufi n'abanyagasuzuguro, abemera Imana n'ibinaniramana, abantu bigishijwe n'injiji, n'abakire n'abakene. Abo bose bakeneye ubugwaneza. Guhura n'abantu batari bamwe bituma imibereho yacu ibonera kandi igatungana.

Kubera imishyikirano abakristo bagirana n'abantu, bituma bamenya uko isi iteye. Ubushobozi bwo gushyikirana n'abandi, iyo butunganijwe n'Umwuka wa Kristo, burushaho gukomera iyo buyobora abantu ku Mukiza. Tugomba kugira Kristo muri twe, akatubamo nk'isoko y'amazi adakama, atuma abo duhura nabo bose bagarura ubuyanja.

## IGICE CYA 42

## KWISUB1RAHO, KWIYANGA, NO GUKORA

Imibereho ya gikristo irenze uko benshi babitekereza. Ntabwo igizwe no kwihangana n' ubugwaneza n' ubugiraneza byonyine. Ahubwo n'ubutwari, n'imbaraga no kudatezuka birakenewe. Kunyura mu nzira Kristo atwereka no gutwarana uca mu magorwa no mu birushya, bishaka abagabo n' abagore bakomeye.

Abantu b' intarumikwa barakenewe; abantu batarindira ko aho banyura hagomba kubanza guharurwa ngo inkomyi yose ibanze ivanweho; abantu babasha kunganira abakozi batentebutse.

Abantu bamwe mu bakora umurimo wa gikristo ni abantu batagira umwuka w'Imana, bacibwa intege n'ubusa. Babuze umwuka w’imbaraga wo kubatera akanyabugabo. Abantu bashaka gutsinda ntibagomba kwimenyereza kugira ingeso yo kudatezuka gusa, ahubwo bagomba no kwimenyereza kugira ingeso yo gukorana umwete.

Bamwe ntibafite imico ihaniye Intego zabo n'imigambi yabo ntibihamye bihora bihindagurika. Izo ntege nke no guhora mu rungabangabo bikwiriye kurekwa. Imico ya gikristo ikwiriye kuba imico irangwa n'ukuri guhamye, n'umunwa udahindurwa n' uburyarya, impongano cyangwa se gukangishwa.

Abantu benshi bagera kuri bike kubera ko bagerageza bike. Ibyo biterwa n’impamvu imwe, ari yo "kwisuzugura" Kristo yadutanzeho igiciro gikomeye, kandi kubera icyo giciro gikomeye yifuza ko twakiha agaciro. Ntimukanyurwe no kugera ku rugero rwo hasi. Imana yaduhaye imbaraga zo gutekereza tugomba gukuza ngo zigere hejuru, zitunganywe, zibonezwe, zinozwe, kandi ngo zikoreshwe mu byo guteza imbere umwami Bwe.

**Kwiga Icyigisho Cyo Kwihesha Icyubahiro**

Nta muntu n'umwe ukwiriye kumera nk'imashini, ngo akoreshwe n'ibitekerezo by'undi muntu. Imana yaduhaye ububasha bwo gutekereza no gukora. Ku bwo gusaba Imana ubwenge, mubasha gushobora kwikorera imitwaro yanyu. Mukomere ku gaciro Imana yabahaye.

Ntimugakoreshe ibitekerezo by'abandi gusa. Ntimugatekereza ko mwigishijwe bihagije. Mugomba kwiga buri munsi kandi mukimenyereza gukoresha ubumenyi mwungutse. Icyo waba ukora cyose, ugikore neza, ushyizeho

umwete; utsinde kamere yo gushaka gukora ibintu byoroshye gusa.

Abantu bifuza gukora ibintu runaka gusa no guhembwa igihembo runaka gusa, bamwe bibwira ko bashobora gukora neza umurimo uwo ari wo wose batagombye kwigishwa, si bo Imana ihamagarira gukora umurimo wayo. Inyungu zabo bwite ni zo bahozaho umutima. Abantu bashaka gukorera ijisho, kandi bagakora gusa umurimo bahawe wonyine, ntabwo ari bo bazabwirwa ya magambo ngo: "Nuko nuko mugaragu mwiza ukiranuka." Hakenewe abakozi b’abanyambaraga, bafite umurava kandi bakorana umwete, abakozi babasha gukora igikwiriye gukorwa cyose.

Ibintu duhura na byo ntibikwiriye kuduhindura. Ntidukwiriye kubyemerera kudutegeka. Abagabo n'abagore bafite imbaraga nyazo ni abahuye n'ibibabangamira, bakarwana kandi bakajya mbere. Ingorane bahura na zo zibahindukira imigisha. Ingorane n'intambara bituma umuntu yiringira Imana kandi agashima maze bigatuma arushaho kugira imbaraga.

Kristo ntiyigeze akora umurimo udashyitse. Amanywa yose yarakoraga akaruha, maze amajoro akayakesha asenga Imana kugira ngo abone ubuntu bw'Imana kandi abashe kwihangana. Yatakambiraga Imana yo mu ijuru aboroga kandi abogoza amarira, kugira ngo akomere kandi ahabwe imbaraga yo kurangiza umurimo we wo gushyira hejuru ikiremwamuntu. Yaravuze ati "Mbahaye icyitegererezo kugira ngo mukore nk'uko mbakoreye." Yohana 13: 15.

## Uko Umuntu yakwiga Impimbaza Nyakuri

Paulo yaravuze ati "Urukundo rwa Kristo ruraduhata." 2 Abakorinto 5: 14. Icyo ni cyo cyamuteraga imbaraga. Niba hari igihe yigeze gutentebuka, yarebye ku musaraba rimwe bituma akomeza kujya mbere mu nzira yo kwiyanga. Yishingikirije cyane ku rukundo rw'Imana rwagaragarijwe mu gitambo cya Kristo, igitambo cyongera imbaraga mu bantu. Yavuze amagambo akabakaba ku mutima agira ati "Kuko muzi ubuntu bw'Umwami wacu Yesu Kristo, ukuntu yari umutunzi maze agahinduka umukene ku bwanyu." 2 Abakorinto 8:9. Muziko yari ari hejuru cyane maze agaca bugufi, akamanuka cyane akagera hasi yicisha bugufi. Nta gihe yigeze aruhuka kuva yava ku ntebe y'umwami yo mu ijuru, kugeza ubwo yarinze abambwa ku musaraba.

Paulo aduha inama agira ati "Mugire wa mutima wari Kristo Yesu. Uwo n’ubwo yabanje kugira kamere y' Imana, ntiyatekereje yuko guhwana n'Imana ari ikintu cyo kugundirwa; ahubwo yisize ubusa, ajyana kamere y'umugaragu w’imbata, agira ishusho y'umuntu. Kandi amaze kuboneka afite ishusho y'umuntu, yicisha bugufi, araganduka, ntiyanga no gupfa, ndetse urupfu rwo ku musaraba." Abafilipi 2:5-8.

Paulo yari azi neza yuko abantu baramutse bitaye ku gjtambo gitangaje cyatanzwe n'lgikomangoma cyo mu ijuru, inarijye ibasha gutsembwa mu mutima burundu. Intuma Paulo yakomeze gusobanura ingingo ku ngingo yuko dukwiriye gusobanukirwa cyane n'ukuntu Umukiza yamanutse cyane akicisha bugufi. Yabanje kudusobanurira umwanya Kristo yari afite mu ijuru; yagaragaje ukuntu yiyambuye icyubahiro cye, akicisha bugufi cyane agafata imibereho y'umuntu, akaganduka cyane kugeza ubwo yemeye gupfa, urupfu rw'abagome, urupfu rurusha izindi kubabaza - ari rwo rupfu rwo ku musaraba.

Mbese twatekereza iby'urwo rupfu tukabura kunezerwa, kandi tukibaza cyane ukuntu tutari abacu bwite ngo twigenge? Umukiza nkuwo ntiwamukorera uhina amaboko cyangwa se nk'umudehera kubera inarijye. Kwisunga Imana kwe, kwicisha bugufi no kuyoborwa n'ijambo ry'Imana byari muri we, ni byo bigomba kugaragara mu bigishwa be bose.

Umugaragu w'Imana ukiranuka akora neza uko ashoboye kose, kuko iyo agenje atyo ari ho ahesha icyubahiro Umukiza we. Akora uko ashoboye kose kugira ngo yunguke ubwenge. Agira icyifuzo kimwe gusa, ari cyo "guhesha Kristo ikuzo no kumukorera atizigamye." Umwana w'Imana nyawe ajya aho atumwe hose, agatsinda inarijye, kandi akagira icyo yigomwa, kugira ngo agire icyo akorera Umucunguzi we.

## IGICE CYA 43

## IBYIZA BY’ AGAHEBUZO BIRADUTEGEREJE

Kugira amajyambere y'ubumenyi n'imibereho myiza ni byo Imana itwifuriza. Amategeko yayo ntacisha ukubiri n'ibyo ivuga igihe iturarika iti "Kura ujya ejuru!" Buri munsi tugomba kujya mbere mu byo kugira imibereho itunganye.

Abantu benshi bo mu muryango ukomeye w'Imana barebana ibirorirori ubwiza bwa Kristo maze imitima ikuzura umunezero. Bifuza kumenya bimseho.iby'urukundo rw'Umukiza. Mureke bene abo bashake Imana. Umwuka w'Imana ahumura imitima y'ababyifuza. Mujye mwimenyereza kugira ibitekerezo byuzuye kumenya Imana kandi mugirane umushyikirano na Yo. Icyo mwamaze kubona gusa ni umuseke wa mbere w'icyubahiro cyayo.

Kristo yaravuze ati "ibyo mbibabwiriye kugira ngo umunezero wanjye ube muri mwe, kandi n'umunezero wanyu ube wuzuye." Yohana 15:11.

Igihe Kristo yari ari ku isi, afite imibereho yuzuye umuruho no kwitanga, yanezezwaga no gutekereza yuko ataruhira ubusa. Yashakaga kugarura ishusho y' Imana mu bantu. Yashakaga kuduterura atuvana ku cyavu ngo aduhe imico y'agahebuzo ihwanye n'icyubahiro cye.

Kristo yitegereje ibyiza by'ibihe bidashira, maze abona umunezero w'abazaragwa ubugingo buhoraho kubera kwicisha bugufi kwe. Yumvise abacunguwe baririmba indirimbo z'ibyishimo. Yumvise abakijijwe baririmba indirimbo yo Mose n'iy'Umwana w'intama. N'ubwo Kristo yashengurwaga n'akaga katavugwa, yahisemo kwihanganira umusaraba ndetse no gukorwa n'isoni ntiyabyitaho, kubera ibyishimo yarebaga azagira hanyuma.

Abamukurikira bose bagomba gusangira na We ibyo byishimo. Ndetse n'igihe tukiri ku isi tugomba kwinjira muri ibyo byishimo by'Umukiza ku bwo kwizera. Ubu itorero ry'Imana riri ku rugamba. Ariko igihe kiri hafi intambara ikarangira itorero rigatsinda. Amahanga y' abazaragwa agakiza nta yandi mategeko bazamenya atari amategeko yo mu ijuru. Abakijijwe bose bazibumbira mu muryango umwe bishimiye kwambikwa umwambaro mwiza ari wo gukiranuka kwa Kristo. Ibyaremwe byose bimaze kwambikwa ubwiza bw'ihozo bizaturagara biture Imana indirimbo yo kuyihimbaza. Isi yose izaba irangwa n'umucyo wo mu ijuru. Umucyo w'ukwezi uzaba uhwanye n'uw'izuba, kandi icyo gihe izuba rizaba rifite umucyo uhwanye n'uwo rifite ubu uwukubye karindwi. Imyaka izajya ihita abantu bafite ibyishimo gusa. Imana na Kristo

bazafataniriza hamwe kuvuga bati "icyaha ntikizabaho ukundi, ndetse n'urupfu ntiruzongera kubaho. "

**Uko Dushobora Kugira Uruhare Ku Munezero Wa Kristo**

Sa nk'uhagarara mu muryango w'ibihe bidashira, maze wiyumvire amagambo meza, yo kwakira abemeye gufatanya na Kristo muri ubu bugingo kandi bakabona ko kubabazwa ku bwe ari umugisha. Icyo gihe abakijijwe bazaramutsa ababagejeje ku Mukiza. Bazafataniriza hamwe guhimbaza uwabapfiriye yifuza ko abantu bose bagira imibereho y'ubuziraherezo nk'iy'Imana. Intambara izaba irangiye. Indirimbo zo kunesha zizaba ari urufaya mu ijuru. Abacunguwe bazarangururira icyarimwe bati "Harakabaho Umwana w'intama watambwe" akaducungurira kuba ab'Imana.

"Nitegereje mbona abantu benshi umuntu atabasha kubara, bo mu mahanga yose n'imiryango yose n'amoko yose n'indimi zose, bahagaze imbere ya ya ntebe y'Umwana w'intama .... Abo ni abavuye muri wa mubabaro mwinshi, kandi bameshe imyenda yabo, bayejesha amaraso y'Umwana w'intama .... Ntibazicwa n' inzara, kandi ntibazagira inyota ukundi .... Umwana w'intama uri hagati y'intebe y'ubwami azabara'gira kandi abuhire ku masoko y'amazi y'ubugingo. Kandi Imana izahanagura amarira yose ku maso yabo." Ibyahishuwe 7:9,1417.

Dukwiriye guhora tuzirikana iryo yerekwa ry'ibitagaragaragara. Bityo tubashe guha agaciro k'ukuri ibintu by!ibihe byose n'ibintu bihuje n'igihe cyabyo, Ibyo bizadutera imbaraga yo kwemeza abandi kugira imibereho myiza.

## Amahirwe Yo Gusenga

Imana iradutegeka iti "zamuka unsange ku musozi." Mbere y'uko Mose akoreshwa n'Imana ngo acungure Abisirayeli, yatoranirijwe kumarana na yo imyaka mirongwine ari ku musozi wenyine. Atarajyana ubutumwa bw'Imana kuri Farao, yavuganye na marayika wari mu gihuru cyaka kidakongoka. Atarakira amategeko y'Imana, yahamagariwe kujya ku musozi ngo yitegereze icyubahiro cy’Imana.

Abigishwa ba Yesu bataratangira umurimo wabo yarabahamagaye ngo bajyane ku niusozi. Mbere y'imbaraga ya Pentekoti, habayeho ijoro ryo gushyikirana n'Umukiza, guhurira na we ku musozi w'i Galilaya, gutandukanira na we ku musozi wa Elayono, no kumara iminsi basengera mu cyumba cyo hejuru.

Iyo Yesu yabaga ari hafi yo gukora igikorwa gikomeye, yajyaga ku misozi agakesha ijoro yambaza Se. Mbere y'uko atoranya intumwa, mbere y'uko abwiriza ikibwirizwa cyo ku musozi, mbere y'uko ahinduka ishusho irabagirana, mbere y'uko agirira agahinda muri cya cyumba yarimo acirwa urubanza, mbere y'uko abambwa ku musaraba, na mbere y'uko azukana ubwiza buhebuje, yabanje kwihererana Imana nijoro ayitakambira.

Natwe rero, dukwiriye gutoranya ibihe runaka byo kwiyegereza Imana no kuyisenga. Gusenga no kwizera bibasha gukora ibitabasha gukorwa n'imbaraga iyo ari yo yose yo ku isi. Dukwiriye guhora tumurikirwa n'Imana.

Kristo ahora yoherereza ubutumwa abifuza kumva ijwi rye. Igihe Yesu yari muri Getsemani, ba bigishwa bari basinziriye ntibumvise ijwi rye. Kubera ibitotsi no guhunikira ntibarakabasha kubona icyo kubatera imbaraga yo kubakomeza

mu ngorane zari zibari imbere. Ni ko bimeze no muri ibi bihe, abantu benshi bakeneye inyigisho z'Imana, kenshi ntibashobora kuzibona kubera ko batagira igihe cyo kugirana umushikirano n'abo mu ijuru.

Igihe abantu basakirana n'ibigeragezo, ni ngombwa gusenga. Abantu bashaka kuvana abandi mu kaga, burya.baba basa n'abigerezaho. Abantu bahora barwanya umubi, bakeneye kwisunga Imana cyane, kugira ngo na bo ubwabo batandura. Kugira ngo umuntu ave mibereho y'ubutungane asubire hasi, ntabwo ari ibintu bitwara igihe kirekire cyangwa se ngo bibe birushya. Mu kanya gato cyane umuntu abasha guhitamo ibyatuma arimbuka buheriheri. Iyo umuntu atsinzwe rimwe gusa, asigara atakigira kirengera. Ingeso mbi imwe gusa irakomera igahinduka iminyururu y'icyuma.

Igihe twemeye gucana "umushyikirano n'Imana, tuba tutakigira uturengera. Imigambi myiza yose mugira ntishobora gutuma mutsinda umubi. Icya ngombwa gusa nuuko mukwiriye kuba abagabo n'abagore bakunda gusenga. Kwinginga kwanyu ntigukwiriye gucongora cyangwa se ngo mube abantu basenga rimwe na rimwe gusa, ahubwo mukwiriye guhora musenga mushishikaye. Si ngombwa ko ibihe byose mwajya musenga mupfukamye. Mujye muvugana n 'Umukiza wanyu igihe muri mwenyine, igihe mugenda mu nzira, n'igihe mukora imirimo yanyu ya buri munsi. Mujye muhora musengera mu mutima ubudahwema. Mbese mu gihe cyose mwitsa umwuka muhumeka, mube ari ko muba musenga.

## Amahoro Yacu: Ni Kristo Mu Mitima Yacu No Mibereho Yacu

Igihe dushyize ibitekerezo byacu kuri Kristo umeze nk'igabo twikingira, ibibi bidukikije ntibishobora gutera ikizinga imyambaro yacu. Igihe duhihibikana dukiza abari hafi yo kurimbuka, nta gihe na kimwe twabasha kuzakorwa n'isoni tubaye twiringiye Imana. Iyo Kristo ari mu mutima atuma umuntu yanga icyaha. Twunga ubumwe na We mu bitekerezo no mu migambi.

Ku bwo kwizera no gusenga, Yakobo wa muntu w'umunyantege nke kandi w'umunyabyaha, yahindutse igikomangoma cy'Imana. Uko ni ko namwe mubasha guhinduka abagabo n’abagore bafite imigambi yo hejuru ihamye, batabasha guteshuka ngo bave mu kuri no mu bitunganye. Uko murushaho kugera mu makuba n'imitwaro yanyu ikarushaho kubaremerera, ni ko mukwiriye kurushaho gukenera Yesu. Abarwaje umurwayi w'indembe, ibihe byinshi ntibababasha kubona amahirwe yo kujya mu rusengero aho abandi basenga Imana, ariko kundi ntabwo bakwiriye gusiba kuramya Imana. Umurimo wo kunganira umurwayi ari wo uruta indi mirimo y'isi, ushoborwa n'umuntu witanze kandi utihugiraho. Mushobora kurusha abantu bose guhagarikwa umutima no gushaka ubufasha bw'Umwuka w'Imana, kuko umurime mushinzwe urusha agaciro uw' abandi bashinzwe.

Nta kintu na kimwe gikenewe cyahwana no kugira akamenyero ko kugirana umushyikirano n'Imana. Amahoro y'Umukiza yuzuye umutima ni yo asesekara akagaragrrira mu maso. Azatuma umuntu avugana imbaraga yo kwemeza abandi. Abantu bazabona ko twahoranye na Yesu. Nta muntu n'umwe ukwiriye kwibuza kugira iyo mbaraga Dukwiriye kugira imibereho yo kwimenyereza imirimo no gukunda.

gusenga. Iyo umuntu abonye imbaraga ikomoka mu gushyikirana n’Imana kandi ikaba ifatanije no kumenyereza ubwenge gutekereza neza, bituma ashobora imirimo ya buri munsi, kandi ntahagarikwe n'ibyo ahura na bvo byose.

**Aho Ushobora Kubona Ubufasha**

Iyo abantu benshi bageze mu kaga, bibwira ko bakwiriye kugira uwo batakira wo mu nshuti zabo zo ku isi, ngo bamubwire amagorwa yabo. Nvamara Umujyanama ukomeve uhoraho ibihc byose aba abahagaze, abararikira kuba ari we biringira.

Yesu, Umwikorezi w'imitwaro ikomeye aravuga ati "Nimuze aho ndi mbaruhure."

N'ubwo waba warahawe ubwenge buruta ubw’abantu bose, ntibwagushoboza gukora umurimo ushinzwe. Databuja kandi ari we Mukiza wacu aravuga ati "Nta cyo mubasha gukora mutamfite." Yobana 15:5. Mu bye waba ukora byose, u'igihe cyose waba uruhuka ndetse n'igihe waba ugira icyo ukora cyose cyo kurengera ubuzima, ibyo ukora byose ujye ubikorana amasengesho yo kwicisha bugufi. Ubwo ni bwo uzahesha Imana ikuzo na Yo ikaguhesha icyubahiro. Igihe ucika intege, jya ushinyiriza; ariko byose ubibwire Yesu. Usabe kwicisha bugufi, ubwenge, ubutwari, no kongererwa kwizera kugira ngo bamurikirwe n'umucyo w'Imana kandi bishimire mu rukundo rwayo.

Iyo twicishije bugufi kandi tukiyoroshya, tuba tuhagaze aho Imana ibasha kutwiyereka. Imana inezezwa no kubona twishimira imigisha yaduhaye mu gihe gishize, kandi ni cyo gituma ibasha kuduha imigisha myinshi. Ikora ibirenze guha abantu bayo ibyo biteze byose.

Uwiteka azi ibyo abana be bakennye byose, kandi aduha ibintu byose dushobora gufashisha abandi n'ibyo kudukungahaza byose.

Dukwiriye kwiringira ibyo Uwiteka ashobora kudukorera n'ibyo ashobora kudukoresha byose. Umurimo mukora si uwanyu bwite; umurimo mukora ni uw'Imana. Muyegurire ubushake bwanyu n'inzira zanyu. Ntimukagire ubwo mwemera gutegekwa n'inarijye. Mumenye uko kuba uw'umudendezo muri Kristo bisobanurwa.

Gutega amatwi ibibwirizwa no guhora dusoma Bibliya tukayirangiza nta cyo byatumarira, turamutse tutagize imibereho ihwanye nkuko Bibliya yigisha. Gusobanukirwa kwacu, ubumenyi bwacu n'urukundo rwacu bikwiriye gutegekwa n'ijambo ry'Imana. Bityo ku bw'umurimo w'Umwuka w'Imana, amategeko y'ijambo ry'Imana azahinduka amahame agenga imibereho yacu.

Uko musaba Uwiteka ngo abafashe, mujye muhesha Umukiza ikuzo kwizera yuko mwakiriye imigisha Ye. Imbaraga zose n'ubwenge bwose turabyifitiye.

### Kumanywa Na Nijoro Mujve Musaba Kugira Imico Nk'Iya Kristo

Mujye muhora mugendera mu mucyo w'Imana. Kumanywa na nijoro mujye muyisaba kugira imico nk'iyayo. Ni bwo imitima yanyu izashyushywa n'urukundo rwayo. Muzashyirwa hejuru nk'abateruwe n'amaboko y'Imana ihoraho. Kubera umucyo utangwa n'Imana, mushobora gusobanukirwa ho gushobora gukora ibirenze n'ibyo mutigeze munarota ko bishoboka.

Kristo aratwihanangiriza ati "Nk'uko ishami ritabasha kwera imbuto ubwaryo ritagumye mu muzabibu, ni ko namwe mutabibasha muramutse mutagumye muri jye .... Nimuguma muri jye n'amagambo yanjye akaguma muri mwe, musabe icyo mushaka cyose kandi muzagihabwa. Si mwe mwantoranije ahubwo nijye wabatoranije kandi mbashyiriraho kugira ngo mugende mwere imbuto, kandi ngo imbuto zanyu zigumeho." Yohana 15:4-7,16.

"Unesha, ... nzamuha inyenyeri yo mu ruturuturu." Ibyahishuwe 2:26-28. "Nzamwandikaho izina ry'Imana yanjye n'iry'ururembo rw'Imana yanjye ... kandi nzamwandikaho izina ryanjye rishya. Ibyahishuwe 3:12.

Uwiringira Imana azavuga ati "Nshobozwa byose na Kristo umpa imbaraga". Abafilipi 4:13. N'ubwo twaba twaragize ibidutsinda mu gihe cyashize, ku bwo gufashwa n'Imana dushobora kubitsinda, maze "tukibagirwa ibiri inyuma tugasingira ibiri imbere." Dushobora kumaranira kugera aho dutanguranwa ngo duhabwe ingororano zo guhamagara kw'Imana kwavuye mu ijuru tukakubonera muri Kristo Yesu." Abafilipi 3:13,14.